

IKINYARWANDA

IGITABO CY'UMWARIMU

Umwaka wa kabiri - Amashuri yisumbuye

Experimental version

Kigali, 2022

© 2022 *Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze,*

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y' u Rwanda

*Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Urwego rw'Igihugu
rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB)*

Ishakiro

Ijambo ry'ibazze

Mwarimu murezi,

Iki gitabo cy'umwarimu mu mwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye ni wowe kigenewe kugira ngo kigufashe nk'imwe mu mfashanyigisho uzakenera. Cyanditswe hakurikijwe imbonezamasomo iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye nk'uko bisabwa mu nteganyanyigisho nshya yateguve n'Urwego rw'Ighugu Rushinzwe Uburezi bw'Ibanze mu Rwanda (REB) muri 2015 ishyira mu bikorwa intego ndetse n'ibyifuzo by'Ighugu cyanecyane mu byerekeranye no gushimangira ubunyarwanda hashyirwa mu bikorwa imyigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri.

Iki gitabo kizagufasha kuyobora abanyeshuri kugira ngo bashobore gushungura uko bikwiye ibitekerezo bumvise cyangwa basomye, bagaragaza ko basobanukiwe n'ubutumwa mu buryo bukurikira:

- Kuvuga badategwa, batanga ibitekerezo bigaragaza uko bumva ibintu kandi batanga ingingo zishygikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye.
- Gusoma badategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi twakoreshejwe.
- Kwandika ibitekerezo byabo ku buryo bufututse.
- Guhangi imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe bakurikiranya neza ibitekerezo kandi bigana ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo.
- Gusesengura no gutandukanya imyandiko, kumva imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda kigabanyijwemo imitwe ikenda ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga ku bidukikije, kwidagadura, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubuzima, umuco nyarwanda, ikoranabuhanga, umuco w'amahoro, ibiyobyabwenge mu mashuri n'iterambere.

Iki gitabo gihera ku ngingo zishingiye kuri izo nsanganyamatsiko kikagenda kerekana amasomo akurikizza kugira ngo umwarimu ayobore abanyeshuri mu kwiga amasomo ateganywa n'integanyanyigisho. Ayo masomo yigishwa ahereye ku mwandiko ugaragaramo ingingo zisabwa mu nteganyanyigisho. Ayo masomo ni yo afasha umwarimu kuyobora abanyeshuri mu kumva no gusesengura imyandiko, ndetse no kwiga ikibonezamvugo n'ubuvanganzo buteganyijwe mu nteganyanyigisho. Nyuma ya buri kigwa nanyuma ya buri

mutwe hari imyitozo n'ibisubizo byayo bigufasha gusuzuma uko intego z'isomo zagezweho n'intera abanyeshuri bagezeho. Usibye ubushobozi rusange bugamijwe mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatanu, iki gitabo kizagufasha kugeza ku banyeshuri ubundi bushobozi bukenewe mu buzima, nko kwikemurira ibibazo, guhangga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana, kugirana ubufatanye n'abandi, ndetse no kwiyigisha bo ubwabo no guhora bihugura. Ubu bushobozi bugenda bugaragazwa n'imyitozo cyangwa ibikorwa abanyeshuri bakora.

Muri iki gitabo, hari imbonerahamwe ifasha umwarimu kumenya ibigwa n'amasono ari muri buri mutwe.

Ibisobanuro by'amagambo ashobora gukomerera abanyeshuri byashyizwe mu gice cyo gusoma no gusobanura umwandiko. Hanateganijwe kandi urutonde rw'ayo magambo ku mpera y'igitabo aho atondetse akurikije itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda kugira ngo bigufashe kubona vuba ijambu wifuza.

Iki gitabo ni ingenzi cyane ku mwarimu kuko kimwereka uko yakwigisha amasono y'Ikinyarwanda yifashishije igitabo cy'umunyeshuri. Gikangurira umwarimu kwita ku banyeshuri bose hibandwa ku bafite ibibazo byihariye mu myigire kugira ngo bajyane n'abandi.

Nubwo imyitozo yatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri igiye igira ibisubizo muri iki gitabo, ibyo bisubizo si byo kamara ahubwo ni urugero umwarimu yakwifashisha. Ikindi kandi, iyo myitozo nubwo twayiguteguriye dushingiye ku bikorwa umunyeshuri asabwa gukora biri mu nteganyanyigisho, umwarimu ashobora kubategurira indi ariko ijyanye n'intego z'isomo ndetse n'ibikorwa by'umunyeshuri bigaragazwa n'integanyanyigisho.

Muri make, turizera ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda mu mwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye no kugikundisha abanyeshuri kugira ngo barusheho kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda.

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson
Umuyobozi Mukuru wa REB**

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ntabwo iyi nteganyayigisho yashoboraga gukorwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi ndetse n'abaterankunga. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kuvugurura integanyanyigisho no kuyihuza n'Iteka rya Minisitiri n° 002/MINEDUC/2021 ryo ku wa 20/10/2021 rishyiraho integanyanyigisho mu mashuri y'uburezi bw'ibanze bw'inyigisho rusange, mbonezamwuga n'iz'imyuga n'ubumenyi ngiro.

Ndashimira kandi abarimu bigisha mu mashuri abanza n'ayisumbuye bitanze batizigamye kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore gusubirwamo. Iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bya buri wese mu bitabiriye iki gikorwa.

MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

Intangiriro

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Imbonezamasomo muri iki gitabo igusaba guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo. Ikuyobora mu kwigisha udafata umunyeshuri nk'aho ari icupa rrimo ubusa ugomba gutsindagiramo ubumenyi. Igusaba kandi guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, ukamufasha kuvumbura ibindi atari azi.

Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zижане n'ikigero cy'abanyeshuri. Kigenda kikwereka zimwe mu ngero z'izo mfashanyigisho zifatika. Ubu buryo bw'imyigishirize busaba umunyeshuri uruhare

runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

Imiterere y'iki gitabo n'imikoreshereze yacyo.

a) Imbonerahamwe igararagaza ibikubiye muri buri mutwe n'ubushobozi bw'ingenzi buteganyijwe kugerwaho.

Iyo mbonerahamwe itanga ishusho y'igitabo n'ibigikubiyemo. Igaragaza buri mutwe n'ibiwukubiyemo, n'imyitozo igomba gukorwa kuri buri kigwa kugira ngo umunyeshuri agende yiyyubakamo ubushobozi uko atera intambwe n'uko ava ku mutwe ajya ku wundi. Iki gitabo kigabanyijemo imitwe itandatu kandi buri mutwe ufite umubare w'amasono agomba kwigwa. Muri iki gitabo tukwereka uburyo wakwigisha isomo ku rindi, hashingiwe ku ngingo ziteganyijwe zisabwa mu nteganyanyigisho.

Izo ntera ni izi zikurikira:

1. Igice cya mbere: Gusoma n'inyunguramagambo

1.1. Ibikorwa by'umunyeshuri

Muri iki gice ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasobanura amagambo atari asobanukiwe, bagakora umwitoto w'inyunguramagambo. Imbonezamasomo muri iki gice cyo gusoma no gusobanura umwandiko, umwarimu ayiyobora mu byiciro bitatu: intangiriro, gusoma umwandiko bucece no gusomera mu matsinda bagerageza gushaka ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe.

1.2. Intangiriro

Muri iki kiciro k'intangiriro, umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko cyangwa se akifashisha izindi mfashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri kobagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

1.3. Gusoma

Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu byiciro bibiri ari byo: gusoma bucece no gusoma baranguruye

1.3.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni ibibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

1.3.2. Gusoma baranguruye

Muri iki gitabo, imbonezamasomo ijyanye no gusoma baranguruye, igusaba kubwira abanyeshuri gusoma baranguruye badategwa, bagaragaza isesekaza banubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo. Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri aho badasoma neza. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma agenda anagenzura ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Ni ngombwa gukora ku buryo buri munyeshuri agira umwanya wo gusoma, ari abitabira gutera urutoki cyangwa abatabyitabira. Iyo umwandiko urangiye bose batabashije gusoma ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo buri wese ashobore gusoma. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza bumvikanisha ibitekerezo byabo batajijinganya. Agomba kandi kubibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe.

1.4. Gukorera mu matsinda

Iyo gusoma baranguruye birangiye, umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda. Amatsinda meza ni amatsinda atarengeje abanyeshuri batanu. Ayo matsinda kandi ntagomba kuba ari amwe buri gihe. Agomba kuba arimo abanyeshuri batandukanye; abahungu n'abakobwa, ab'intege nke n'abafata vuba ibyo bigishwa. Iyo abanyeshuri

bakorera mu matsinda bishakamo umuyobozi w'itsinda wandika ibyo bumvikanyeho mu matsinda akaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Uwo kandi ntagomba guhora ari umwe umwarimu abafasha guhinduranya abayobozi b'amatsinda ku buryo buri munyeshuri bimugeraho. Iyo bari mu matsinda umwarimu agenzura imikorere yabo abakeneye ubufasha akabubaha.

1.5. Ibikorerwa mu matsinda

1.5.1. Inyunguramagambo

Mu matsinda abanyeshuri bongera gusoma umwandiko bakagerageza gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe banditse. Babishakisha bahereye ku bivugwa mu mwandiko, byabananira bakifashisha inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cyo kwiyungura amagambo. Muri icyo gihe, umwarimu akomeza gukurikirana ibikorerwa mu matsinda, ndetse abanyeshuri bakaba bamubaza ibibazo ku byo batumva neza cyangwa bakamugisha inama. Icyo gikorwa gikurikirwa no guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda ku kibaho. Bitangwa n'abanyeshuri, umwarimu akabafasha kubinonosora. Iyo hari amagambo batashoboye kubonera inyito umwarimu abatoza gukoresha inkoranyamagambo bashakisha ibyo bisobanuro byaba ngombwa akabunganira.

1.5.2 Umwitozo w'inyunguramagambo

Iyo abanyeshuri barangije kubona ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe, umwarimu abasaba kongera kujya mu matsinda kugira ngo bakore imyitoto y'inyunguramagambo iteganijwe mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo igihe cyateganijwe kigeze bongera guhuriza hamwe ibisubizo bayobowe n'umwarimu.

2. Igice cya kabiri : Gusoma no kumva umwandiko

Imbonezamasomo iri muri iki gitabo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye amatsinda nk'abirirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo.

Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umuyobozi w'itsinda agaragaza ibisubizo byakorewe mu itsinda rye. Uko bamurika ibyakorewe mu matsinda Umuyobozi w'itsinda ajya imbere akandika cyangwa akavuga ibyo bakoreye mu itsinda ryabo. Igisubizo gitanzwe n'itsinda rya mbere iyo kinonosowe cyandikwa ku kibaho. Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kugaragaza ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanya n'abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo iyo bibaye ngombwa. Nko ku nyunguramagambo, amagambo yasobantuwe n'itsinda ryabanje andi matsinda ntiyorgera kuyagarukaho ahubwo asobanura amagambo atatanzwe n'itsinda ryabanje. Ni ukuvuga ko igisubizo cyatanzwe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi

matsinda atagisubiraho. Ubu kandi ni na bwo buryo bukoreshwa no mu yindi myitoto yo mu zindi ntera, ikorewa mu matsinda.

3. Igice cya gatatu: Kwitoza gusoma

Kwitoza gusoma bikorwa harebwa imisomere ya buri munyeshuri ukwe. Bisaba rero ko buri munyeshuri ahabwa umwanya wo gusoma, akayoborwa kandi agakosorwa mu buryo bwo gusoma adategwa, atagemura amagambo, yubariza utwatuzo n'iyitsa, asesekaza. Uyu mwitoto ugomba kwibandwaho cyane mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa gatandatu, kugira ngo ubushobozi bwo gusoma bwagezweho mu myaka itatu ibanza bushimangirwe. Mu gihe bigaragaye ko abanyeshuri bose bamaze kubikeneka, uyu mwitoto wagenda uza rimwe na rimwe, kandi umwarimu akibanda cyane ku bagifite ingorane mu gusoma uko bikwiye.

4. Igice cya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko

Gusesengura umwandiko mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, byibanda cyanecyane ku kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ari na zo baheraho bakora inshamake yawo haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko. Nyamara bagomba no kumenya imiterere ya buri mwandiko mu yo biga, bakamenya ibice by'ingenzi biwugize n'uturango twawo.

5. Igice cya gatanu: Ubumenyi ngiro

Kuri buri bwoko bw'umwandiko bize, abanyeshuri bakwiye guhambwa imyitoto y'ubumenyi ngiro itandukanye hashingiwe ku bikorwa biteganyijwe mu nteganyanyigisho. Hagenda hasimburana ibikorwa bikurikira: guhang, gukina, gusoma umwandiko, kungurana ibitekerezo, gukora inshamake... Abanyeshuri bahabwa umukoro bakazagaruka barawukoze hanyuma bagahabwa umwanya wo gusangiza bagenzi babo ibyo bakoze.

6. Igice cya gatandatu: Ikibonezamvugo

Ikibonezamvugo giteganyijwe muri iyi nteganyanyigisho, mu rwego rwo gufasha umunyeshuri kumenya amahame agenderaho anoza imvugo n'inyandiko bye. Arikorero bigomba kumvikana neza ko amategeko y'ikibonezamvugo atagomba gufatwa mu mutwe nkamasengesho, ahubwo agomba gutahurwa n'abanyeshuri ubwabo bahereye ku mwandiko cyangwa interuro yakoreshejwemo.

7. Isuzuma

Amasuzuma agomba gukorwa kenshi haba mu gutanga isomo, cyangwa kubaza abanyeshuri ibyo baheruka kwiga, ndetse no kubabaza icyo bungutse nyuma ya buri somo. Ku buryo bw'umwihariko, hateganyijwe isuzuma rusange risoza buri mutwe, kugira ngo umwarimu asuzume niba koko abanyeshuri bageze ku bushobozi bwa ngombwa buteganyijwe. Iyo bigaragaye ko ibyo bitagezweho, umwarimu agomba

guteganya indi myitoto nshimangirabushobozi ya ngombwa, kugira ngo adakomereza ku bindi kandi ibibibanziriza batarabikeneka.

8. Uburyo bwo kwimakaza insanganyamatsiko nsanganyamasomo

Muri iki gitabo insanganyamatsiko nsanganyamasomo ntizirengagijwe. Zibandwaho mu myitoto inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo cyane ko n'abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe.

9. Uburyo bwhariye bwo kwita ku myigire y'abanyeshuri

Iki gitabo cyanditse ku buryo gifasha umwarimu gufasha umunyeshuri mu buryo bwhariye kugira ngo atere imbere mu kunguka amagambo, mu gusoma no mu kwandika. Mu rwego rwo kugira ngo yiungure amagambo, iki gitabo kibimufashamo by'umwihariko kubera ko gikubiyemo imyitoto n'ibisubizo bituma umunyeshuri yiungura amagambo nk'imyitoto yo kuzuza amagambo mu nteruro, guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo akoresheje akambi, gushaka amagambo mu kinyatuzu, gukoresha amashusho agaragaza ibyo asoma, kugaragaza neza amagambo yabugenewe atsindagirwa no kwirinda gukoresha amagambo menshi atamenyerewe.

Muri iki gitabo kandi harimo imyitoto ifasha umunyeshuri kumva ibyo asoma n'ibyo asabwa gukora kuko abanza guhabwa urugero rw'ibyo asabwa gusubiza, guhuza amafoto n'amagambo... Byongeye kandi iki gitabo giteguwe ku buryo hagenda hakoreshwamo uburyo bw'imbonezamasomo bunuranye; gukorera mu matsinda manini y'abanyeshuri nka bane, gukorera mu matsinda ya babiribabiri, gukora umuntu ku giti ke, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, gukora ubushakashatsi kuri murandasi, gukorera hamwe ishuri ryose...

IGICE CYA GATATU: IMYIGISHIRIZE YA BURI MUTWE

UMUTWE WA MBERE: IBIDUKIKIJE

I.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imyandiko ivuga ku bidukikije.
- Gutanga ibitekerezo bye abikurikiranya neza mu mvugo iboneye.
- Kwandika yubahiriza imikoreshereze iboneye y'utwatuzo.
- Gukoresha inshinga zitondaguye mu bihe bikuru byazo.

I.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Amazi n'akamaro kayo (Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange).
- Inyamaswa zo mu mazi (Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange).
- Utwatuzo tw'ibanze (umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye).
- Ikiganiro mpaka (Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange).
- Ikeshamvugo (Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza).
- Inshinga y'Ikinyarwanda(Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza).

I.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Kwita ku bidukikije bimaze gutera imbere. Sobanura mu magambo yawe bwite uruhare rwa muntu mu kubungabunga ibidukikije utanga ingero zifatika.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku bidukikije akabafasha kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibisubizo:

Ikigomba gukorwa ni ugufata neza ibidukikije bigaragara hirya no hino. Buri muntu wese aho ava akagera yaba Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, umwana cyangwa umukuru agomba kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije yirinda kwangiza ibiti, ibyatsi, kwanduza amazi, gukoresha ibihumanya ikirere n'ibindi.

I.4. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe yagenewe

Umutwe wa mbere: Ibidakikije		Umubare w'amasomo: 26
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Akamaro k'amashyamba		

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya kane: Umwitotozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1

Amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda: Utwatuzo twungirije

Isomo rya gatanu: utwatuzo twungirije.	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza inshoza n'ibimenyetso biranga utwatuzo. - Gukoresha utwatuzo mu nteruro mbonezamvugo. 	Isomo 1
Isomo rya gatandatu: utwatuzo twungirije.	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza inshoza n'ibimenyetso biranga utwatuzo. - Gukoresha utwatuzo mu nteruro mbonezamvugo. 	Amasomo 2

Umwandiko: Ibyanya by'Inyamaswa

Isomo rya karindwi: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya munani: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva no umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya kenda: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi: Umwitotozo w'ubumenyi ngiro: Kujya impaka	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1

Ikeshamvugo

Isomo rya cumi na rimwe: Ikeshamvugo ku ntaho z'inyamaswa.	Gukoresha amagambo yabugenewe ku ntaho mu nteruro mbonezamvugo.	Isomo 1
Isomo rya cumi na kabiri: Ikeshamvugo ku matsinda no ku rusaku.	Gukoresha amagambo yabugenewe ku matsinda no ku rusakumu nteruro mbonezamvugo	Amasomo 2

Ikiganiro nyunguranabitekerezo

Isomo rya cumi na gatatu: Inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo	Kugaragaza inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo	Isomo 1
Isomo rya cumi na kane: Impamvu z'ikiganiro nyunguranabitekerezo n'abagize ikiganiro nyunguranabitekerezo	- Gutegura ikiganiro nyunguranabitekerezo - Kungurana ibitekerezo hubahirizwa imitegurire y'ikiganiro nyunguranabitekerezo n'uko gikorwa.	Amasomo 2

Umwandiko: Zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda

Isomo rya cumi na gatanu: Gusoma no gusobanura umwandiko.	- Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.	Isomo 1
Isomo rya cumi na gatandatu: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva no umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi na karindwi: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi n'umunani: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Guhangamwe umwandiko	Guhanga umwandiko ahereye ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1

Itondaguranshinga: Ibihe bikuru by'inshinga

Isomo rya cumi n'ikenda: Ibihe bikuru by'inshinga	Kuvuga no kwandika akoresha neza ibihe bikuru by'inshinga.	Amasomo 2
Isomo rya makumyabiri: Isuzuma risoza umutwe wa mbere		Amasomo 2
Isomo rya makumyabiri na rimwe: Imyitoto nzamurabushobozi na nyagurabushobozi		Isomo 1

1.4.1. Umwandiko: Akamaro k'amashyamba

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "**Akamaro k'amashyamba**" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho abanjirije uyu mwandiko?

Ishyamba hasi hari ibikoresho bikorwa mu biti (ameza, intebi, igitanda,...)

b) Ese ibiti n'amashyamba byaba bidufitiye akamaro?

Yego, ibiti n'amashyamba bidufitiye akamaro.

c) Muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki ?

Uyu mwandiko uraza kuvuga ku kamaro k'amashyamba.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1) Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?

Akamaro k'amashyamba.

2) Ni iki kivugwa mu mwandiko?

Imimaro itandukanye y'amashyamba haba mu bukungu, mu buzima, mu mibereho myiza y'abatuye isi...

3) Mu mwandiko bavuze ko amashyamba atumariye iki?

Avamo inkwi dutekesha, atanga umwuka duhumeka, akorwamo ibikoresho binyuranye...

4) Ni nde watubwira muri make ibivugwa muri uyu mwandiko?

Amashyamba afite akamaro kanini. Akora umwuka mwiza, arwanya isuri,... Ni ubukungu ariko amashyamba adacunzwe neza akangizwa isi yaba ubutayu.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Akamaro k'amashyamba" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Isuri:** umuvu w'imvura usakuma ubutaka ukabutwara mu mibande.
- b) **Inkangu:** gucika k'umurima cyangwa umusozzi bitewe n'isuri.
- c) **Amafu:** ubukonje bukeya buba ho izuba ritararasa, riciwemo igihu.
- d) **Gukukumba:** kumaraho ibintu byasigaye ahari ibindi.
- e) **Gututira:** gutema ku bwinshi.

Imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku gitiki. Kosorera hamwe n'abanyeshuri imyitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

Ingero z'interuro ngufi zishobora kuboneka:

1) Koresha aya magambo mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

a) Isuri

Ibyatsi n'ibiti birwanya **isuri** ubutaka ntibutwarwe n'imvura.

b) Inkangu

Ishyamba rituma hatabaho **inkangu** kubera ko imizi y'ibiti ifata ubutaka.

c) Amafu

Ibiti bituma ikirere kigira **amafu** abantu bakaruhuka neza.

2) Kuzuza interuro ukoreshheje amagambo wungutse mu mwandiko:

a) Iyo umuyaga w'uje, ishyamba rirawukumira ntiwangize byinshi.

Iyo umuyaga w' **ishuheri** uje, ishyamba rirawukumira ntiwangize byinshi.

b) Ahatari ibi, umuvu uratemba ubutaka bwose ukamaraho.

Ahatari ibi, umuvu uratemba **ugakukumba** ubutaka bwose ukamaraho.

c) Ntawashygikira ko umuntu ibiti akamaraho kandi n'ejo tuzabikenera.

Ntawashygikira ko umuntu **atutira** ibiti akamaraho kandi n'ejo tuzabikenera.

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumbavabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?

Uwo mwandiko witwa "akamaro k'amashyamba".

b) Amashyamba adufitiye akahe kamaro?

Amashyamba afite akamaro ko kurwanya isuri, gutanga umwuka mwiza, gukorwamo ibikoresho n'ibindi.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Akamaro k'amashyamba" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1) Rondora nibura imimaro itatu y'amashyamba yavuzwe mu mwandiko.

Iyo mimaro ni ukurwanya isuri, kuzana umwuka mwiza abantu bahumeka, kuvamo ibikoresho dukenera

2) Vuga abiri mu moko y'ibiti byiza yavuzwe mu mwandiko.

Ayo moko ni muvura, imisave, ribuyu,...

3) Abantu bahumeka umwuka bakuye he?

Umwuka abantu bahumeka uva mu mababi y'ibimera

4) Vuga ingaruka ebyiri z'isuri ku mibereho y'abatuye isi.

Ubutaka bwiza butwarwa n'isuri, isuri yangiza imyaka, isuri ishobora kwica abantu,...

5) Ni gute umwanditsi yasobanuye ko amashyamba arwanya isuri?

Ibibabi by'ibiti bigabanya ubukana bw'imvura ikagera hasi yagabanyije umuvuduko. Imizi ifata ubutaka.

6) Uretse gutera amashyamba, vuga ukundi bashobora kurwanya isuri.

Gufata amazi y'imvura, gutera ibyatsi ku mirwanyasuri, gukora amaterasi y'indinganire...

7) Garagaza ibyo ubona bishobora gukorwa kugira ngo amashyamba adakomeza gutemwa no kwangizwa ku bwinshi.

Ibihobora gukorwa kugira ngo amashyamba adakomeza gutemwa ku bwinshi ni ugukoresha amashyiga arondereza inkwi, gukoresha ibindi bicanwa bitari inkwi, gukoresha ibikoresho bikoze mu byuma bigasimbura ibikozwe mu biti, gukoresha ibisigazwa by'ibiti nk'ibarizo cyangwa umurama.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gutahura isomo ry'ingenzi rikubiye mu mwandiko
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko bameruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni "Akamaro k'amashyamba".

b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uwo mwandiko wavugaga ku kubungabunga ibiti n'amashyamba.

c) Tanga ingero eshatu z'akamaro k'amashyamba.

Amashyamba akurura umwuka mwiza duhumeka, amashyamba ni intaho y'inyamaswa, ibiguruka n'ibikururanda, amashyamba akurura imvura, ibiti by'amashyamba bivamo ibikoresho binyuranye n'ibindi.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Akamaro k'amashyamba" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1) Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

Izo ngingo z'ingenzi ziri mu mwandiko: ishyamba ni intaho y'inyamaswa, amashyamba arwanya isuri, akorwamo ibikoresho, ni yo ducana, arwanya ubutayu...

Ingingo z'ingereka ni: ukwinjiza amadovize, ibisenge byinshi byubakishijwe ibiti,...

2) Ngo "amahanga arunguka tugahomba" Byaba bisobanuye iki ukurikije ibivugwa mu mwandiko?

Ibyo byaba bisobanura ko ubutaka bwakatugiriye akamaro butwarwa n'isuri maze imigezi ikabujyana mu bindi bihugu twe tugasigara ku gasi.

3) Umaze gusoma uyu mwandiko, ni iki wumva wabwira bagenzi bawe?

Icyo nababwira ni ukwita ku mashyamba n'ibindi bimera, bagasobanukirwa n'uko amashyamba afite akamaro kanini bityo tukaba tugomba kuyabungabunga.

Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.

- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1) Amashyamba afite akamaro ki?

Amashyamba arwanya isuri, akorwamo ibikoresho, ...

2) Ni iki mubona gituma ibidukikije byangirika?

Igituma ibidukikije byangirika ni icukurwa ry'amabuye, gutema amashyamba, isuri, ...

3) Ni iki cyakorwa ngo amashyamba adakomeza kwangirika?

Ni ugushaka ibyakunganira inkwi, gutura mu midugudu, kubaka ku buso buto...

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda , mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawwe mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda.

Insanganyamatsiko:

“Ni iki cyakorwa ngo amashyamba abungabungwe?” Garagaza uruhare rwa Leta, uruhare rw’ababyeyi n’uruhare rw’urubyiruko rukiri mu mashuri.

Gabanya amatsinda ibibazo ku buryo buri cyose kigira abagikoraho.

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n’abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Urugero rw’ ibitekerezo byatangwa:

- Uruhare rwa Leta ni ugushyiraho gahunda ihamye yo kubungabunga amashyamba (Kuyatera, kuyarinda no kuyasarura yeze neza).
- Uruhare rw’ababyeyi ni ukubahiriza gahunda za Leta, gutoza abana kwita ku bidukikije batonona amashyamba, korondereza ibicanwa, kubaka ku buso buto...
- Uruhare rw’abana ni ukumvira ababyeyi n’abarezi, gukurana umuco wo kwita ku bidukikije n’amashyamba by’umwihariko, kutangiza ibiti haba mu busitani cyangwa ku nzira aho tunyura.

1.4.2. Utwatuzo

Isomo rya gatanu: Utwatuzo twungirije

Intego zihariye
Nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kwandika neza yubahiriza imikoreshereze iboneye y’utwatuzo. - Gukosora inyandiko zifite imikoreshereze y’utwatuzo itanoze.
Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, ibitabo by’ikibonezamvugo n’ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n’imikoreshereze y’utwatuzo.

Igikorwa

Itegereze izi nteruro zikurikira nurangiza urondore ibimenyetso by'utwatuzo biri mu ibara byakoreshejwemo .

- a) Abantu bayabungabunga binjiza amadovize (**amafaranga y'amahanga**) atangwa na ba mukerarugendo.
- b) Abantu bakeneye amashyamba mu mirimo myinshi inyuranye aho batuye; benshi bifashisha inkwi mu gihe cyo gutegura amafunguro, bakarara ku bitanda bikozwe mu biti...
- c) Hari abagira bati: "Igit ni idorari"

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Muri izi nteruro utwatuzo twakoreshejwemo turi mu ibara ni utu dukurikira nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Interuro	Ikimenyetso cy'akatuzo	Izina ry'akatuzo
a) Abantu bayabungabunga binjiza amadovize (amafaranga y'amahanga) atangwa na ba mukerarugendo.	()	Udukubo
b) Abantu bakeneye amashyamba mu mirimo myinshi inyuranye aho batuye; benshi bifashisha inkwi mu gihe cyo gutegura amafunguro, bakarara ku bitanda bikozwe mu biti...	;	Akabago n'akitsso
	...	Uturegeka
c) Hari abagira bati: "Igit ni idorari"	:	Utudomo tubiri
	" "	Utwuguruzo n'utwugarizo

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga utwatuzo twungirije.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'imikoreshereze iboneye y'utwatuzo twungirije banadukoreshe mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa.

Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'imikoreshereze y'utwatuzo twungirije utange ingero z'interuro twakoreshejwemo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

a) Inshoza y'utwatuzo twungirije

Utwatuzo twungirije ni utwatuzo tudafite agaciro nk'ak'utwatuzo tw'ibanze. Iyo tubuze mu nteruro kandi twagombaga kubonekamo ishobora gukomeza kumvikana n'ubwo iba itaboneye.

Mu Kinyarwanda hari utwatuzo twungirije dukurikira: *akabago n'akitsso, akanyerezo, utubago tubiri, udukubo, utwuguruzo n'utwugarizo, akuguruzo n'akugarizo kamwe kamwe, uturegeka udusodeko, agakoni kaberamye n'agakato.*

b) Imikoreshereze y'utwatuzo twungirije

Akabago n'akitsso (;

a) Akabago n'akitsso bikoreshwa mu nteruro y'inyunge mu gutandukanya inyangingo ebyiri zivuga ibitekerezo bibangikanye kandi byuzuzanya.

Urugero: Gusoma neza si ugusukiranya amagambo ; gusoma neza ni no kumva ibyo usoma.

b) Akabago n'akitsso bikoreshwa n'inyuma y'amagambo cyangwa interuro ku rutonde rw'ibirondorwa bifitanye isano iyo bitararangira.

Urugero: Ku murongo w'ibiyigwa hari iningo zikurikira:

- Umutekano;
- Isuku;
- Imyigire y'abana;
- Ibindi.

Akanyerezo (-)

a) Akanyerezo gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanya wa cyangwa iyakuranwa ry'amagambo.

Urugero:

- Ese mukunda iki?
- Kwiga.
- Bizabafasha iki?
- Kwiteza imbere.

b) Akanyerezo gakoreshwa mu kwandika amatariki.

Urugero: Uyu munsi ni ni tariki ya 30-10-2021

c) Akanyerezo gakoreshwa kandi bakata ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo, bikurikije imiterere y'umugemo.

Urugero: Semarinyota yansabye ko **tuzajya-**

na i Rukoma, ariko sinzamwemerera.

d) Akanyerezo gakoreshwa nanone imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

Ingero:

Ejo nzajya mu misa – sinzi niba wari uzi ko nsigaye njyayo – ntuzantegereze mbere ya saa sita.

Ejo tuzajyane kwifotoza-ushobora kuba uzi ubusitani bwiza- ni umunsi w'ikiruhuko nta masomo ahari.

e) Akanyerezo kanakoreshwa mu kunga amagambo cyangwa imibare, kagasimbura amagambo "kuva...kugera ..." mu kwerekana intera iri hagati y'ibintu bibiri.

Ingero:

- Sobanura imikarago **15-20**.
- Umwami Mutara III Rudahigwa (**1931-1959**) yashyizwe mu Ntwari z'u Rwanda.
- Mwandike inyuguti kuva kuri **A-N**.
- Umuhanda **Kigali-Muhanga-Nyanza-Huye-Akanyaru** uragendwa cyane.

f) Akanyerezo kanakoreshwa mu gutondekanya ingingo, ingeri cyangwa ibiron dorwa.

Urugero: Bimwe mu biningwa ngengabukungu biba mu Rwanda ni:

- icyayi;
- ikawa;
- ibireti;
- indabo.

Udukubo (())

a) Udukubo dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuza mu nteruro.

Ingero:

- Umuyobozi w'Akarere yabwiye abaturage ko kugira ngo barwanye inzara, bagomba gushoka ibishanga (**Impeshyi yari yabaye ndende**) kandi kwirirwa banya bakabifasha hasi.

- Inyuguti ya (**L**) ikwiye kuva mu itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda.

b) Banadukoresha iyo bashaka kwerekana uko amazina bwite y'amanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandika mu ndimi akomokamo.

Ingero: Bisimariki (**Bismarck**)

Koreya (**Korea**)

Kamboje (**Cambodge**)

c) Dukikiza kandi umubare wanditse mu mibarwa mu nteruro iyo uwo mubare wabanje kwandikwa mu nyuguti.

Urugero: Igihembo twumvikanyeho ni amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (**500.000 FRW**)

d) Tunakoreshwa kandi aho bashaka kugaragaza impindurantego y'ijambo.

Ingero: - Nijoro (**ninjoro**)

- Urutoki (**urutoke**)

e) Mu ikinamico, udukubo dukikiza amagambo asobanura uko umukino ugenda. Yandikwa ku ntangiriro y'icyiciro, agakino, inyuma y'izina ry'umukinankuru cyangwa hagati y'ibiganiro. Dukoreshwa mu kwandukura ibyavuzwe, tugakikiza amagambo utunganya inyandiko yongeramo agaragaza amarangamutima, ibitwenge cyangwa ibikorwa by'uvuga bifite icyo bihishura ku byo avuga.

Ingero:

- Matama: (**agatwenge**) Mubyara wange harya! Va mu nzozi ma... Ibi ntibikiri ibihe byo kurota. Warakererewe.

- A : Watubwira imyidagaduro ukunda mu buzima bwawe busanzwe ?

 B : Nakubwira iki se? (**Acecke gato**) Nkunda kubyina imbyino gakondo.

Utubago tubiri (:)

a) Utubago tubiri dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa.

Urugero: Burya habaho imirimbo myinshi: guhinga, kubaka, kubaza n'ibindi.

b) Utubago tubiri dukoreshwa iyo hagiye gusobanurwa ingingo runaka.

Urugero: Kubungabunga amashyamba: kurengera amashyamba.

c) Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga “**-ti**”, “**-tya**” n'ijambo “**ngo**” ” iyo bikurikiwe n'imvugo isubirwamo.

Ingero:

- Mariya ati: “Ibyo uvuze bingirirweho”.
- Mu Kinyarwanda baravuga ngo: “Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge”.
- Umuyobozi yabivuze atya: “Ntimuzongere gukererwa.”

Umwitoto ku twatuzo twungirije

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitoto uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitoto:

Kosora interuro zikurikira ushyira utwatuzo ahabugenewe:

1) Burya habaho ibiti byinshi imisave, muvura, ribuyu

Burya habaho ibiti byinshi : imisave, muvura, ribuyu ...

2) Abantu bati “Igit ni idorari.”

Abantu bati: “Igit ni idorari.”

3) Kongo Congo ibonekamo amashyamba kimeza menshi.

Kongo (Congo) ibonekamo amashyamba kimeza menshi.

4) Kubyaza ishyamba umusaruro si ukurihurisha kuribyaza umusaruro ni ukurikorera no kuritunganya riknjiza amafaranga.

Kubyaza ishyamba umusaruro si ukurihurisha ; kuribyaza umusaruro ni ukurikorera no kuritunganya riknjiza amafaranga.

Isomo rya gatandatu: Utwatuzo twungirije (ibikurikira)

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kwandika neza yubahiriza imikoreshereze iboneye y'utwatuzo. - Gukosora inyandiko zifite imikoreshereze y'utwatuzo itanoze.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo

by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'utwatuzo twungirije baheruka kwiga akababazaho ibibazo by'isubiramo bibafasha gukomereza ku tundi twatuzo twungirije tutizwe mu isomo riheruka.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Utwatuzo duheruka kwiga turi mu buhe bwoko"

Utwatuzo duheruka kwiga turi mu bwoko bw'utwatuzo twungirije.

b) Utwatuzo twungirije ni iki?

Utwatuzo twungirije ni utwatuzo tudafite agaciro nk'ak'utwatuzo tw'ibanze. Iyo tubuze mu nteruro kandi twagombaga kubonekamo ishobora gukomeza kumvikana n'ubwo iba itaboneye.

c) Ni utuhe twatuzo twungirije duheruka kwiga?

Utwatuzo twungirije duheruka kwiga ni akabago n'akitso, akanyerezo, utubago tubiri n'udukubo.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura utundi utwatuzo twungirije n'imikoreshereze iboneye yatwo banadukoreshe mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure utundi twatuzo twungirije n'imikoreshereze yatwo utange ingero z'interuro twakoreshejwemo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Imikoreshereze y'utwatuzo twungirije

Utwuguruzo n'utwugarizo (" ")

a) Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo y'undi asubirwamo.

Urugero: Igikeri kirarikocora kit: "Kuba mu bibuba si ko guhunika ibigega."

b) Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza imvugo itandukanye n'imvugo isanzwe cyangwa ingingo igomba kwitabwaho.

Urugero: Nuko ya "**nyamaswa**" iravumbuka maze havamo umusore mwiza.

c) Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo yamatirano atamenyerewe mu Kinyarwanda.

Urugero: Umukino w'intoki wa "**Volley ball**".

d) Utwuguruzo n'utwugarizo dukoreshwa nanone ku magambo afite inyito itari iyo asanganywe amazina nteruro akabije kuba maremare.

Ingero:

- Ubwo « **Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica** » aba arahashinze.

- Nuko "**Ca amakoma dupfuke intama y'umuturanyi itavira hasi urwangano rukava aho**" ihamagara izindi mpyisi.

- Uyu mwami ni "**Nyamuratwa n'abagabo wa Rutaganira**" urugamba ntarugiraho inenge.

Akuguruzo n'akugarizo kamwe kamwe (')

Utu twatuzo dukoreshwa iyo utwuguruzo n'utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro.

Ingero:

- Nuko aravuga ati: "Mwitabire umukino wa '**Volley ball**'; ni mwiza."

- Arabibutsa ati: "Nyiratunga yaravuze ngo: '**abato ntibagapfe**', duhore tubizirikana."

Uturegeka (...)

a) *Uturegeka* dukoreshwa iyo berekana irondora ritarangiye cyangwa interuro barogoye

Urugero : Ibiti bivamo ibikoresho byinshi: ibitanda, inzugi, ibyansi, isekuru, imitako...

b) *Uturegeka* dukoreshwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

Urugero: Baragenda ngo bagere ku Ruyenzi bahahurira na mwene... simuvuze nzamuvumba!

Udusodeko ([])

a) Udusodeko dukikiza intekerezo cyangwa insobanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo y'undi.

Urugero: Yaravuze ati: "Sinshobora kurara ntariye inkoko [ayo yari amirariro], keretse narwaye".

b) Dukoreshwa kandi berekana ibyo banenga mu magambo y'undi cyangwa ibyo bayakosoye.

Urugero :Yaranditse ati: "Ikinyarwanda ni ururimi ruvugwa n'abanu [ikosa] benshi muri Afurika yo hagati".

c) Tunakoreshwa mu magambo y'undi mu kugaragaraza ko hari ayavanywemo cyangwa yasimbutswe.

Urugero: Aravuga ati: "Nimureke abana bato bansange, [...] kuko abameze batyo ubwami bw'Imana ari ubwabo."

d) Dukoreshwa kandi mu mwanya w'udukubo kugira ngo udukubo tutinjira mu tundi.

Urugero : *Indyoheshabirayi* (igitabo cya Kagame Alexis [1912-1981] cyanditswe mu wa 1949), ni kimwe mu bitabo by'ubuvanganzo nyarwanda byakunzwe kurusha ibindi.

Agakoni kaberamye (/)

a) Agakoni kaberamye gakoreshwa mu kwandika amatariki.

Urugero: Kigali, ku wa 15/10/2012

b) Agakoni kaberamye gakoreshwa mu kwandika inomero z'amategeko

Urugero: Itegeko N° 01/2010 ryo ku wa 29/01/2010

c) Agakoni kaberamye gakoreshwa no mu guhitamo.

Urugero: Koresha « yego » / « oya » mu gusubiza ibibazo bikurikira.

Agakato (')

Agakato ni akamenyetso gakoreshwa mu gukata inyajwi zisoza **ibinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka"** bikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi.

Ingero:

- Imimaro y'amashyamba ni intarondoreka.
- Ibiti biduha umwuka duhumeka n'ibikoresho binyuranye.
- ishyamba rikomye nk'irya kimeza risurwa n'abakerarugendo benshi.

Imyitozo ku twatuzo twungirije

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1) Vuga mu magambo make nibura imimaro ibiri y'utwatuzo mu nteruro.

Utwatuzo dutuma twitsa ahabugenewe iyo dusoma, dutuma kandi interuro yumvikana neza.

2) (" ") Ibi bimenyetso biri mu dukubo byitwa ngo iki?

Byitwa utwuguruzo n'utwugarizo.

3) Rondora ahantu hatatu hashobora gukoreshwa ibyo bimenyetso bigaragajwe haruguru.

Dukikiza amagambo y'undi asubirwamo, imvugo itandukanye n'imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho. Dukikiza amagambo ateruwe n'ingirwanshinga "-ti", "-tya", "-tyo" n"ijambo "ngo". Dukoreshwa nanone iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazina nteruro n'amazina y'inyunge agizwe n'amagambo arenze ane.

3) Sobanura impamvu agakubo kakoreshejwe muri iyi nteruro ukurikira:

Bagomba gushoka ibishanga (impeshyi yari yabaye ndende) kandi kwirirwa banya bakabifasha hasi.

Kakoreshejwe kubera ko hari cyo bashaka gusobanura. Hano barasobanurako impeshyi irangiye, abantu bagomba kujya guhinga mu bishanga.

4) Kwitoza kwandika:

Mwandukure umwandiko ukurikira, musimbuba akatuzo gakwiye ahari uturegeka turi mu dukubo: (akabago n'akitsa, udukubo, utunyerezo, uturegeka, utubago tubiri). Murasabwa kandi kubahiriza imyandikire yemewe muri rusange.

Twite ku bidukikije

Uwimana na musaza we barakundana cyane ahantu hose baba bari kumwe. Umunsi umwe bari mu muhanda batembera babona umwana arimo gutashya inkwi. Baramwitegerezza babona arakora ibidakwiye (...) yari yaranduye ibiti byose byatewe ku muhanda. Bimwe muri byo ni ibi (...) ibiti by'imikindo, gereveriya, indabo zose z'umurimbo ndetse na (...) (nibagiwe uko icyo giti kitwa) bakunda kubitera ku muhanda. Byose ngo agiye kubicana. Dore amwe mu magambo baganiriye:

(...)Yewe mwa, witwa nde?

(...)Nitwa Kamana

(...)None se ko urimo kwangiza?

(...)Wimbeshyera. Nangije iki ko ndimo gutashya inkwi?

(...)Izo si inkwi ahubwo ni ibiti wangije.

(...)Ariko n'ubundi nta cyo byari bimaze bino biti ni ibya Leta.

(...)Ugomba guhindura imyumvire. Umutungo wa Leta ni uwacu twese, tugomba kuwubungabunga.

Barakomeje bamugira inama ataha yiyemeje kutazongera kwangiza ibidukikije.

Igisubizo:

Uwimana na musaza we barakundana cyane ahantu hose baba bari kumwe. Umunsi umwe bari mu muhanda batembera babona umwana arimo gutashya inkwi. Baramwitegereza babona arakora ibidakwiye; yari yaranduye ibiti byose byatewe ku muhanda. Bimwe muri byo ni ibi: ibiti by'imikindo, gereveriya, indabo zose z'umurimbo... na - nibagiwe uko icyo giti kitwa- bakunda kubitera ku muhanda.Byose ngo agiye kubicana. Dore amwe mu magambo baganiriye:

- Yewe mwa, witwa nde?
- Nitwa Kamana.
- None se ko urimo kwangiza?
- Wimbeshyera. Nangije iki ko ndimo gutashya inkwi?
- Izo si inkwi ahubwo ni ibiti wangije.
- Ariko n'ubundi nta cyo byari bimaze bino biti ni ibya Leta.
- Ugomba guhindura imyumvire. Umutungo wa Leta ni uwacu twese, tugomba kuwubungabunga.

Barakomeje bamugira inama ataha yiyemeje kutazongera kwangiza ibidukikije.

1.4.3. Umwandiko: Ibyanya by'inyamaswa

Isomo rya karindwi: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri arabu ashobora:

- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko “**Ibyanya by'inyamaswa**” bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

1) Izi nyamaswa ziri kuri aya mashusho zitwa ngo iki?

Izi nyamaswa ziri kuri aya mashusho ni ingagi, imparage, impala na twiga(Agasumbashyamba)

2) Uhereye kuri aya mashusho, ni iki utekereza ko kiri kuvugwa mu mwandiko?

Baravuga kubyerekeye inyamaswa n'aho ziba.

3)Ese inyamaswa ziba ahbonetse hose?

Akensi inyamaswa ziba ahantu hakomye nko muri pariki n'ahandi.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1) Umutwe w'uyu mwandiko uravuga ngo iki?

Ibyanya by'inyamaswa.

2) Ni ibiki bivugwa mu mwandiko?

Baravuga iby'icyanya cy'Akagera, inyamaswa zibamo

3) Aha hantu havugwa mu mwandiko ni he?

Aha hantu havugwa ni mu Gihugu cyacu cy'u Rwanda.

4) Rondora amazina y'inyamaswa zivugwa mu mwandiko.

Mu mwandiko baravugamo:Twiga,intare,impyisi,imbogo,amasatura,impala, imparage,imvubu n' ingona.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ibyanya by'inyamaswa" usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

1) Subiza yego cyangwa oya ukurikije ibisobanuro by'aya magambo cyangwa itsinda ry'amagambo dusanga mu mwandiko:

- a) Rushimusi y"abandi akaniba ibyo batunze. (**Oya**)
- b) Amasenga ni agantu ibisimba nk"impyisi birara. (**Yego**)
- c) Imbuga ni ahantu abantu bakinira bakidagadura. (**Oya**)
- d) Kubungabunga ni ukuzerereza ikintu hirya no hino wabuze uwakigura. (**Oya**)
- e) Bikanahuruza imbagaa: Bigatuma abantu baturuka impande zose baje kureba. (**Yego**)

2) Tanga imbusane z'aya magambo:

- a) Zaziranaga ≠ zakundanaga
- b) Zabangirije ≠ zabatunganyirije
- c) Rwihihwa ≠ habona, ku mugaragaro

3) Garagaza ijambo riri mu mwandiko risobanura kimwe n'iri:

- a) Abagashize: **abifite**
- b) Zisa neza cyane: **ziteye amabengeza**
- c) Ntiyabirondora byose: **ntiyabiva imuzingo**

Imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora imyitozo bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri imyitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1) Koresha aya magambo wungutse mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

a) Rushimusi

Ba **rushimusi** bangiza umutungo kamere w'Ighugu.

b) Amasenga

Inyamaswa nyinshi zibera mu **masenga**.

c) Kubungabunga

Dukwiriye **kubungabunga** umutungo kamere w'Ighugu.

2) Uzuza izi nteruro wifashishije amwe mu magambo ari mu mwandiko:

a) Si impyisi gusa zibera mu...kuko n'izindi nyamaswa nyinshi ari ho ziba.

Si impyisi gusa zibera mu **isenga** kuko n'izindi nyamaswa nyinshi ari ho ziba.

Si impyisi gusa zibera mu **masenga** kuko n'izindi nyamaswa nyinshi ari ho ziba.

b) Utunyamaswa duteye....turasurwa cyane muri pariki.

Utunyamaswa duteye **amabengeza** turasurwa cyane muri pariki

Isomo rya munani: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

1) Umwandiko uheruka kwiga witwa ngo iki?

Ibyanya by'inyamaswa

2) Ni iki kivugwa mu mwandiko?

Haravugwamo iby'icyanya cy'Akagera. Imiterere y'icyo cyanya n'ibibamo.

3) Uretse icyanya cy'Akagera, haba hari ibindi byanya bikomye biri mu Rwanda?

Yego birahri. Twavuga nk'icyanya k'Ibirunga, icyanya cya Nyungwe, icyanya cya Mukura Gishwati n'ibindi.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora ico gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ibyanya by'inyamaswa" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1) Vuga akamaro k'ibyanya by'inyamaswa mu rwego rw'ubukungu bw' Ighugu.

Ibyanya bigira akamaro kanini cyane mu kwinjiza amafaranga n'amadovize azanywe na ba mukerarugendo no kwinjiriza Ighugu amafaranga aturuka ku misoro y'uburiro n'amazu acumbikira amagenzi, ni umutungo kamere...Bituma haboneka akazi ku babituriye.

2) Uretse icyanya cy'Akagera, haba hari ikindi uzi? Kivuge.

Uretse Icyanya cy'Akagera, hari icyanya k'ibirunga n'ishyamba kimeza rya Nyungwe.

3) Vuga izina ry'umugezi wambukiranya icyanya cy'Akagera.

Umugezi wambukiranya icyanya cy'Akagera ni uruzi rwitwa Akagera.

4) Icyanya cy'Akagera giherereye mubihugu bingahe? Bivuge.

Icyanya cy'Akagera gikora ku bihugu bibiri ari byo u Rwanda na Tanzaniya

5) Izina "Akagera" ryitiriwe icyo cyanya rikomoka he?

Izina akagera rikomoka ku mugezi wambukiranya icyo cyanya.

6) Rondora amoko atanu y'inyamaswa ziboneka mu cyanya cy'Akagera.

Zimwe mu nyamaswa ziboneka mu Kagera ni imbogo, impongo, impara, imparage, intare, isha, Twiga...

7) Ni ubuhe buryo bwashyizweho bwo gukumira inyamaswa zonera abantu?

Uburyo bwashyizweho ni ubwo kubaka urukuta rw'amashanyarazi no kongera umubare w'abarinzi.

Isomo rya kenda: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni "Ibyanya by'inyamaswa".

b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uwo mwandiko wavugaga ku kubungabunga inyamaswa n'ibanya zibamo.

c) Ni izihe ngamba Leta yafashe mu rwego rwo kubungabunga icyanya cy'Akagera?

Leta yafashe ingamba zirimo gukora ubukangurambaga buhoraho, kongera umubare w'abarinzi, kongera umubare w'abarinzi, gushyiraho ibihano no kubaka urukuta rw'amashanyarazi ruzengurutse icyo cyanya.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ibyanya by'inyamaswa" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1) Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi:

- Icyanya cy'Akagera gihuza ibihugu bibiri ari byo u Rwanda na Tanzaniya, habamo inyamaswa z'inkazi zitakiboneka henshi ku isi.
- Uruzi rw'Akagera rwambukiranya icyo cyanya kuva mu magepfo kugera mu majyaruguru.
- Icyanya cy'Akagera kibangamiwe n'ubwiyongere bw'abaturage bashaka aho gutura bagatema amashyamba ndetse na ba rushimusi batwara amahembe y'inzovu,
- Hafashwe ingamba zikarishye zo kubungabunga iyi Pariki.

Ingingo z'ingereka:

- Ibyanya byashyizweho kubera ko ibikorwa bya muntu bibangamiye inyamaswa.
- Icyanya cy'Akagera cyaramamaye cyane, harimo inyamaswa ziteye amabengeza.

2) Ushingiye ku bivugwa mu mwandiko n'ibyo usanzwe ubona aho utuye,

Sobanura kandi ugaragaze ububi bwa ba rushimusi.

Ibibi byabo ni uko bahombya abaturage na Leta biba, bangiza, banica inyamaswa.

3) Wahuza gute “ubwiyongere bw’abaturage” n’iyangirika ry’ibidukikije birimo amashyamba n’ibyanyaby’inyamaswa?

Uko abaturage biyongera ni ko bashaka n’aho gutura cyangwa bagakenera ibikoresho bikozwe mu bikomoka ku bidukikije nk’amashyamba. Uko babikenera ni na ko biba bigabanuka...

Isomo rya cumi: Umwitotozo w’ubumenyi ngiro: Kujya impaka

Intego zihariye

Nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kujya impaka ku nsanganyamatsiko yatazwe mu bwubuhane.
- Gutanga ibitekerezo bifite ireme no kujora iby’abandi kandi bafatira hamwe umwanzuro.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n’insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo:

1) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?

Ibyanya by’inyamaswa.

2) Icyanya cy’Akagera giherere yihe Ntara y’u Rwanda.

Icyanya cy’Akagera giherereye mu Ntara y’Iburasirazuba.

3) Umwandiko “Ibyanya by’inyamaswa” wakwigishije iki?

Umwandiko “Ibyanya by’inyamaswa” wanyigishe ibyiza byo kubungabunga ibidukikije birimo inyamaswa, ahantu hakomye n’ibindi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda y’impande ebyiri, ni ukuvuga uruhande rwemeza insanganyamatsiko n’uruhande ruyihakana. Basabe gukora igikorwa cyo kujya impaka kigaragara mu gitabo cyabo. Bafashe kwishakamo umuyobozi w’ikiganiro mpaka ugenda utanga umwanya kuri buri ruhande ku buryo nta rusaku cyangwa impaka za ngo turwane ndetse n’abakemurampaka bagaragaza uruhare rwatsinze. Buri ruhande rutanga ibitekerezo bishyigikira icyo batsimbarayeho.

Igikorwa

Mu matsinda, nimuge impaka ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza imitegurire, uko bikorwa n'andi mategeko agenga ikiganiro mpaka hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezecho mu matsinda.

Insanganyamatsiko:

"Urukuta rw'amashanyarazi rwubatswe mu rwego rwo gukumira inyamaswa ngo zitonera abantu." Abantu bamwe babona ko atari ngombwa kubera ingaruka mbi zarwo, abandi bakabona rwarakemuye byinshi. Tanga ibitekerezo byawe bigaragaza uruhande ubogamiyeho.

Gabanya abanyeshuri mu matsinda ukurikije abagira uruhare mu kiganiro mpaka.

Mu gihe bajya impaka bashyigikira uruhande babogamiyeho, tega amatwi unagenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba umuyobozi w'ikiganiro mpaka n'abamwungirije, abakemurampaka n' impande ebyiri zijya impaka gukora ikiganiro mpaka bamurika ibitekerezo bashyigikira uruhande babogamiyeho uze kubafasha kunoza ibyo bagiyeho impaka hanyuma ibitekerezo by'ingenzi byandikwe ku kibaho maze abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

Ibitekerezo byatagwa biri mu bice bibiri:

Ku ruhande rushyigikira: Urwo rukuta ruzatangira inyamaswa ntizipfe kugenda uko zibonye; ba rushimusi na bo ntibazegera urwo rukuta; abarinzi na bo bazaba boroherejwe akazi.

Ku ruhande ruhakana insanganyamatsiko: Urukuta rumara umuriro, rwica abantu n'inyamaswa kandi ari zo zinjiza amafaranga. Ba rushimusi bashobora kurutobora bakabona icyuho kandi abarinzi bizeye ko harinzwe.

1.4.4. Ikeshamvugo

Isomo rya cumi na rimwe: Ikeshamvugo ku ntaho z'inyamaswa.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kugaragaza inshoza y'ikeshamvugo.
- Gutahura intaho z'inyamaswa mu nteruro cyangwa mu mwandiko.
- Gukoresha amagambo yabugene we ku ntaho mu nteruro mbonezamvugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikeshamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo by'igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'ikeshamvugo ku ntaho.

Igikorwa

Subiza ibibazo bikurikira:

- 1) Aho inyoni zitaha bahita ngo iki?
- 2) Impyisi zitaha he?
- 3) Inyana zitaha he?
- 4) Inkoko zitaha he?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

- 1) Inyoni zitaha mu byari.
- 2) Impyisi zitaha mu masenga.
- 3) Inyana zitaha mu ruhongore.
- 4) Inkoko zitaha mu kibuti.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikeshamvugo ku ntaho z'inyamaswa.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza y'ikeshamvugo, amagambo yabugene we ku ntaho z'inyamaswa banashake ingero zayo banayakoreshe mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'ikeshamvugo n'amagambo yabugenewe ku ntaho z'inyamaswa utange ingero zayo unayakoreshe mu nteruro ziboneye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:
Inshoza y' ikeshamvugo**

Ikeshamvugo ni uburyo bwo kunoza imvugo hakoreshejwe amagambo yabugenewe ku kintu runaka no mu gihe runaka. Bitewe n'igihe cyangwa ahantu uri, amagambo akoreshwa ku bintu cyangwa imvugo ashobora guhinduka. Rimwe na rimwe hagakoreshwa amagambo yabugenewe, aribyo bita "**ikeshamvugo**".

Intaho z'inyamaswa

Ingero z'amagambo yabugenewe (ikeshamvugo) ku ntaho:

Inyoni zitaha mu **cyari**
Imbeba zigataha mu **muheno**
Inyana zikarara mu **ruhongore**,
Inka zirara mu **kiraro**
Inkoko zitaha mu **kibûuti**
Inkwavu zitaha mu **kibûuti**
Impyisi zitaha mu **isenga**
Intozi zitaha mu **mwobo**
Inzuki ziba mu **mutiba (umuzinga/ikima)**
Ifuku, inzoka...zitaha mu **mwobo**.
Umwami ataha mu **ngoro**.

Imyitozo ku ntaho z'inyamaswa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1. Koresha aya magambo yabugenewe mu nteruro ngufi kandi iboneye:

a) Icyari

Agafundi kubatse **icyari** muri kiriya giti.

b) Umutiba

Umutiba we yari yaregetse mu ishyamba imvura yarawunyagiye.

c) Ikibuti

Yahembewe kororera inkoko mu **bibuti** bigezweho.

d) Umuheno

Iriya mbeba y'ifigi itaha mu **muheno** uri hafi y'urugo.

2. Rondora ibintu nibura bibiri bibiri waba uzi bitaha aha hakurikira:

a) Umwobo: inzoka, ifuku, umuserabanya...

b) Isenga: impyisi, ibirura...

c) Ikibuti: inkwavu, inkoko ...

d) Amazi: amafi, ingona...

Isomo rya cumi na kabiri: Ikeshamvugo ku matsinda n'urusaku

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura amagambo yabugenewe ku matsinda n'urusaku by'inyamaswa mu nteruro cyangwa mu mwandiko.

- Gukoresha amagambo yabugenewe ku matsinda n'urusaku by'inyamaswa mu nteruro mbonezamvugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikeshamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'ikeshamvugo ku ntaho z'inyamaswa bameruka kwiga akababazaho ibibazo by'isubiramo bibafasha gukomereza ku ikeshamvugo ku matsinda n'urusaku.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni irihe keshamvugo duheruka kwiga?

Duheruka kwiga ikeshamvugo ku ntaho z'inyamaswa.

b) Intaho z'inyamaswa ni iki?

Intaho z'inyamaswa ni ahantu hihariye inyamaswa ziba kandi hafite amagambo yabugenewe akeshwala.

c) Tandukanya intaho y'inyana n'intaho y'inyoni.

Intaho y'inyana ni ikiraro naho intaho y'inyoni ni icyari.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura amagambo yabugenewe ku matsinda n'urusaku by'inyamaswa banashake ingero zayo banazikoreshe mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure amagambo yabugenewe ku matsinda n'urusaku by'inyamaswa utange ingero zayo unayakoreshe mu nteruro ziboneye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Ikeshamvugo ku matsinda/ikirundo

Ingero z'amagambo yabugenewe (ikeshamvugo) ku matsinda/ikirundo:

Ikiguri ni ik'intozi

Irumbo ry'inzuki

Ishyo ni iry'inka

Amashyo (umwikubo w'ishyo rirenze rimwe)

Umukumbi ni uw'intama n' ihene

Umagana w'imbwa

Umagana w'ingurube.

Uruhuri rw'inyoni

Umukeri w'ibikeri

Icukiro ni iry'amase.

Urvunganzoka ni urw' imodoka

Impugukirwa:

Ingero z'amagambo yabugenewe ku bwinshi

Abantu benshi: **imbaga**

Amashyi menshi :**Urufaya** rw'amashyi

Indirimbo nyinshi :**Urwunge** rw'indirimbo

Amajwi menshi :**Urwunge** rw'amajwi
Impundu nyinshi : **Urwanaga**
Itsinda ry'intozi : **ikiguri** k'intozi
Itsinda ry'inzuki : **irumbo** ry'inzuki
Itsinda ry'ibikeri: **umukeri**
Itsinda ry'inyoni: **uruhuri** rw'inyoni
Itsinda ry'abarinbyi: **korari**
Urusaku rutewe n'ibyishimo:**ikôobê**
Itsinda ry'imibu: **uruhunduguru**
Inama nyinshi: **inama**
Ubukwe bwinshi: **ubukwe**
Urugo: **ingo**

Ikeshamvugo ku rusaku

Ingero z'amagambo yabugenewe (ikeshamvugo) ku rusaku:

Umuntu **aravuga**
Inyoni **zirajwigira/ziraririmba**
Ingoma **ziravuga**
Inka **zirabira**
Imbyeyi **ziravumera**
Intama **ziratama**
Impongo **zirakorora**
Igikeri **kiragonga**
Ingurube **iratontoma**
Impyisi **irahuma**
Inuma **iraguguza**
Umusambi **urahiga**
Imbwia **iramoka**
Imbeba **irajwigira**
Ihene **irahebeba**
Imfizi **irivuga**
Intare **irivuga**
Ingwe **irahora**
Imvura **irahinda**
Imodoka **irahinda**
Umuriro **urahinda/uragurumana**
Umugezi **urasuma**
Isuka **irarangira**
Injangwe **irahirita/iranyawuza**

Indege **irahinda**
Inkokokazi **irateteza**
Inkokokazi **irakurakuza** iyo irarira
Inkoko **ihamagara** imishwi
Isake **irabika**
Inkotsa **zirakotsora**
Icyanira **kiranira**
Ijeri **rirajerera**

Imyitozo ku mastinda n'urusaku by'inyamaswa

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1. Koresha aya magambo yabugenewe mu nteruro ngufi kandi iboneye.

a) Irakorora

Impongo **irakorora** nk'abantu.

b) Ziratontoma

Intare **zatontomye** abantu barikanga.

c) Irahirita

Numvise injangwe **ihirita**.

d) Iramoka

Imbwa **yamotse** ndikanga.

e) Irivuga

Imfizi y'iwacu **irivuga** bikabangamira uduhinja.

f) Iravumera

Iyo imbyeyi ishaka iyayo **iravumera**.

2. Rondora ibintu nibura bibiribibiri waba uzi bikora ibi bikurikira:

a) Kurangira

Kurangira: isuka, ijwi

b) Guhamagara

Guhamagara: inkoko, abantu

c) Kurarira:

Kurarira: inkoko, inyoni

d) Gukorora

Gukorora: umuntu, impongo

1.4.5. Ikiganiro nyunguranabitekerezo

Isomo rya cumi na gatatu: Inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kugaragaza inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biri mu bitabo byabo byabajijwe ku mwandiko "*Ikiganiro ku icukurwa ry'amabuye y'agaciro ritangiza ibidukikije*".

Igikorwa

Mu matsinda, musome ikiganiro bucece mugerageza gusubiza ibibazo byawubajijweho, hanyuma muze guhuriza hamwe ibyo mwagezeho.

Subiza ibibazo bikurikira:

1. Aba bantu barimo kuganira ku yihe nsanganyamatsiko?
2. Ni ikihe kibazo k'ingutu cyugarije abatuye kariya gace kavugwa mu mwandiko?
3. Ni iyihe nama bagiriye uriya mugabo utuye muri kariya gace?
4. Wowe ubona cyakemuka gite?
5. Uyu mwandiko urabona ari bwoko ki?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

1) Aba bantu barimo kuganira ku yihe nsanganyamatsiko?

Bari kuganira ku nsanganyamatsiko y'icukurwa ry'amabuye y'agaciro

2) Ni ikihe kibazo k'ingutu cyugarije abatuye kariya gace kavugwa mu mwandiko?

Amashyamba barayarimbaguye n'imisozi yabaye imikokwe.

3) Ni iyihe nama bagiriye uriya mugabo utuye muri kariya gace?

Yagiriwe inama yo gusubiranya aho batengaguye bahatera ibyatsi n'amashyamba, bakibumbira mu mashyirahamwe kandi bakifashisha inzobere.

4) Wowe ubona cyakemuka gite?

Gushyira amabwiriza agenga icukurwa ry'amabuye y'agaciro kandi agakurikizwa n'abarebwa na yo.

5) Uyu mwandiko urabona ari bwoko ki?

Ni ikiganiro.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikiganiro nyunguranabitekerezo.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo

Ikiganiro nyunguranabitekerezo ni ikiganiro gifite intego yo gukusanya ibitekerezo ku ngingo iyi n'iyi ihangayikishije abantu. Utugura ikiganiro nyunguranabitekerezo atumira inzobere n'inrararibonye akaziha umurongo ku byo yifuza ko zimuhaho ibitekerezo. Iyo ibitekerezo bibonetse, bituma hafatwa ingamba n'umurongo wo gukemura icyo kibazo. Hari n'ubwo ibyo baganiraho aba atari ibyo kwiga ku bibazo ahubwo ari ugushakisha umurongo mwiza w'imikorere.

Umwitozo ku kiganiro nyunguranabitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:

Subiza yego/oya

1. Ikiganiro nyunguranabitekerezo kigira intego yo gukusanya ibitekerezo. Yego
2. Inzobere n'inrararibonye ntibashobora kuba abatumirwa mu kinganiro nyunguranabitekerezo. Oya
3. Buri gihe ikiganiro nyunguranabitekerezo gitegurwa ari uko hari ikibazo. Oya
4. Umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo aha umurongo abatumirwa ku byo yifuza ko batangaho ibitekerezo. Yego

Isomo rya cumi na kane: Impamvu z'ikiganiro nyunguranabitekerezo n'abagize ikiganiro nyunguranabitekerezo

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutegura ikiganiro nyunguranabitekerezo.
- Kungurana ibitekerezo hubahirizwa imitegurire y'ikiganiro nyunguranabitekerezo n'uko gikorwa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo bameruka kwiga akababazaho ibibazo by'isubiramo bibafasha gukomereza ku mpamvu z'ikiganiro nyunguranabitekerezo n'abakigize.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni uwuhe mutwe w'isomo duheruka kwiga"

Duheruka kwiga ikiganiro nyunguranabitekerezo.

b) Utwatuzo twungirije ni iki twize mu kiganiro nyunguranabitekerezo?

Twize inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo.

c) Twize ko ikiganiro nyunguranabitekerezo ari iki?

Twize ko ikiganiro nyungurabitekerezo ari ikiganiro kigamije gukusanya ibitekerezo bituma hafatwa ingamba zo gukemura ikibazo runaka cyangwa haashakishwa umurongo mwiza w'imikorere.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura impamvu ikiganiro nyunguranabitekerezo gikorwa, abakigize n'inshingano zabo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure impamvu ikiganiro nyunguranabitekerezo gikorwa, abakigize n'inshingano zabo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Impamvu z' ibiganiro nyunguranabitekerezo?

Impamvu y'ingenzi ishobora gutuma habaho ibiganiro nyunguranabitekerezo ni uko abantu bicara bakabona ibyariho bitabanogeye kandi bifusa ko byagenda neza kurushaho. Icyo gihe hateganywa kubinoza hakozwe ikusanya ry'ibitekerezo byaturutse ku nzobere n'inararibonye zinyuranye.

Abagize ibiganiro nyunguranabitekerezo

1. Umuyobozi w'ibiganiro

Mu biganiro nyunguranabitekerezo, umuhuza wabyo akwiye kuba afite ubunraribonye mu kuyobora ibiganiro. Akensi bene ibyo biganiro iyo biri ku rwego rw'igihugu bikunze kuyoborwa n'abanyamakuru. Biyoborwa kandi n'abirimu iyo byabereye mu bigo by'amashuri. Uyobora ibiganiro kandi akwiriye kuba afite amakuru ahagije ku nsanganyamatsiko. Iyo ari imyitozo irimo kubera mu mashuri, abanyeshuri bashobora kwitoramo abayobora ibiganiro nyunguranabitekerezo.

2. Abatumirwa baganira ku nsanganyamatsiko

Mu biganiro nyunguranabitekerezo hatumirwamo inzobere ndetse n'inararibonye zungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko. Ni abantu baba bizewe kandi bazwiho kugira ibitekerezo byubaka. Hari n'ubwo hatumirwa abagize uruhare mu guhangana n'ibibazo runaka bagatanga ubuhamya ku bibazo bagize, bakanavuga uko babyikuyemo.

Urugero:

Nk'ubu haramutse hateguwe ikiganiro ku ikoranabuhanga, abize ibya mudasobwa baza ku isonga mu gutumirwa. Ariko rero n'abandi bose bakoresha ikoranabuhanga mu buzima bwabo bashobora gutanga ibitekerezo byabo. Hateguwe ikiganiro ku mashyamba, abaza ku isonga mu gutumirwa ni inzobere mu buhinzi n'abagoronomo.

3. Indorerezi

Abandi bose baba bifuje gukurikira no gutanga ibitekerezo byabo ndetse no kubaza ibibazo ku nsanganyamatsiko yatanzwe. Iki kiciro kibarizwamo abantu bose nta vangura. Nk'ijo kuri radiyo cyangwa kuri tereviziyo hahise ikiganiro nyunguranabitekerezo, abantu b'ingeri zitandukanye na bo batanga ibitekerezo.

Imyitozo ku kiganiro nyunguranabitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Igikorwa

Mu matsinda mutegure ikiganiro nyunguranabitekerezo kuri izi nsanganyamatsiko zikurikira mwubahiriza uko gikorwa.

Insanganyamatsiko:

- a) Amabuye y'agaciro ashobora gucukurwa hatangijwe ibidukikije.
- b) Kwamagana no kurwanya imirimo ivunanye ikoreshwa abana nko muri za kariyeri.

Gabanya amatsinda ibibazo ku buryo buri cyose kigira abagikoraho.

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

- a) Amabuye y'agaciro ashobora gucukurwa hatangijwe ibidukikije.
- b) Kwamagana no kurwanya imirimo ivunanye ikoreshwa abana nko muri za kariyeri.

1.4.6. Umwandiko: Zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda

Isomo rya cumi na gatanu: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Zimwe muri za kariye ziboneka mu Rwanda" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

1) Ni ibiki mubona kuri aya mashusho abanjirije umwandiko?

Ahantu hasa n'ahantu hari ikirombe. Imodoka ya kateripurari irimo gupakira indi modoka umucanga.

2) Murabona bariya bantu barimo gukora iki?

Bamwe barimo gucukura, undi umwe arasunika ingorofani, naho undi umwe ni umushoferi.

3) Hari aho mwaba mwarabonye bakora ibintu nk'ibi?

Yego.

4) Mutekereza ko uyu mwandiko uvuga iki?

Ibijyanye n'icukurwa ry'umutungo kamere uba mu butaka.(amabuye, umucanga, imisenyi...)

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1) Ese ahantu hose mu Rwanda hatangiye kubyazwa umusaruro?

Oya hari ahataratangira kubyazwa umusaruro.

2) Mu mwandiko bavuze ko nyiramugengeri ibaye nyinshi yagira akahe kamaro?

Yagabanya umuvuduko w'itemwa ry'amashyamba.

3) Uretse mu bwubatsi ahandi ishwagara igira umumaro ni he?

Ni mu buhinzi.

4) Ubucukuzi bw'amabuye iyo bukozwe nabi bugira iyihe ngaruka?

Bwangiza ibidukikije.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

Sobanura aya magambo yakoreshwejwe mu mwandiko:

- a) Kariyeri:** Ahacukurwa umutungo kamere nk'amabuye, umucanga n'ibindi.
- b) Kwikenura:** Kwigurira icyo ukeneye, kwiteza imbere...
- c) Amakoro:** Ubwoko bw'amabuye akomoka ku iruka ry'ibirunga.
- d) Utwungo:** Udukono duto dukoze mu ibumba
- e) Amasangano:** Aho inzuzi n'imigezi bihurira.
- f) Imikokwe:** Ahantu hacukutse kubera amazi menshi n'isuri.

Imyitoto wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku gitiki. Kosorerera hamwe n'abanyeshuri umwitoto, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'umwitoto n'ibisubizo byawo:

1. Kora interuro ngufi kandi ziboneye wifashishije amagambo akurikira:

a) Kwikenura

Abafashe neza amashyamba babasha **kwikenura** iyo bayasaruye.

b) Amakoro

Mu **makoro** harera cyane.

c) Utwungo

Imboga zitetse mu **twungo** ziraryoha.

d) Amasangano

Nasuye **amasangano** ya Nyabarongo n'akanyaru nsanga ari heza.

e) Umwura

Umwura wifashishwa mubwubatsi.

2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwerimwe muri aya magambo wungutse mu mwandiko (ingamba, verini, urubogobogo, umwura)

a) Hari amabuye akorwamo dusiga ku nzara hakaba n'andi avamo umwura dusiga ku bitsike.

Hari amabuye akorwamo **verini** dusiga ku nzara hakaba n'andi avamo umwura dusiga ku bitsike.

b) Hakwiye gufatwazihamye zo kwita kuri uwo mutungo kamere.

Hakwiye gufatwa **ingamba** zihamye zo kwita kuri uwo mutungo kamere.

c) Amazi meza ba asa n'.....

Amazi meza ba asa n'**urubogobogo**.

3. Tahura amazina y'amabuye n'ibindi bicukurwa muri kariyeri waba uzi byose biboneka muri kino kinyatuzu. Usome umanuka, uzamuka cyangwa utambika.

		U	M	U	S	E	N	Y	I
		U	M	W	U	R	A		
K	A	B	U	R	I	M	B	O	
U	M	U	C	A	N	G	A	D	
I	S	A	R	A	B	W	A	Y	I
Z		K		N	M				Y
M		O		G	U	C	U	R	A
A		R		A	B				M
I	M	O	N	Y	I	N	G	W	A

Amabuye mbonyemo ni:....isarabwayi, diyama.

Ibindi bicukurwa ni:...umucanga, imonyi, ingwa, umwura, umusenyi

Isomo rya cumi na gatandatu: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.</p>
<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko bameruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

1. Ni uwuhe mwandiko duherutse kwiga?

Ni "zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda"

2. Muwibukamo iki muri rusange?

Twibuka ko mu Rwanda hari amabuye y'agaciro ishwagara, umusenyi n'amabuye asanzwe yatubyarira ubukungu bukomeye tuyitayeho.

3. Ni iki se twabonye kijyanye no kubungabunga ibidukikije?

Twabonyemo ko ubucukuzi bw'ibyo byose bugomba gukoranwa ubwitonzi kugira ngo gukurikira amafaranga bibyara bitavamo kwangiza ibidukikije.

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Rondora nibura amazina ane y'amabuye aboneka mu Rwanda yavuzwe mu mwandiko.

Koruta, Gasegereti, Wolufuramu, amasarabwayi...

2. Vuga gusa amazina ya za kariyeri eshatu zivugwa mu mwandiko.

Mu kanyaru no mu Kagera no mu Rugezi, ahacukurwa ishwagara mu masangano ya Mpatse na Mashyuza.

3. Ni ibiki bivugwa ko bicukurwa mu bishanga bya Rugezi, Gishoma mu kanyaru n'ahandi? Ni nyiramugengeri.

4. Rondora imimaro itatu y'ishwagara uko yavuzwe mu mwandiko.

Ikorwamo ifumbire, ikoreshwa mu isukura ry'amazi no mu bwubatsi.

5. Ni he havuzwe ko hacukurwa ishwagara?

Mpatse na Mashyuza

6. Ni gute icukurwa ry'amabuye y'agaciro ryakwangiza ibidukikije?

Kudatera amashyamba aho bacukura, kwangiza amazi barongeramo amabuye y'agaciro, gutengura imisozi ntibasubiranye ubutaka hagasigara imikokwe n'imyobo n'ibimeze nk'ubuvumo...

7. Ni izihe ngaruka zaba ku gihugu igihe icukurwa ry'amabuye ryakorwa mu kajagari?

Abaturage bashobora kubura ubuzima bwabo, kunyereza imisoro, kwangiza ibidukikije.

Isomo rya cumi na karindwi: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku ki?

Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku mabuye y'agaciro na za kariyeri ziboneka mu Rwanda.

b) Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukozwe mu kajagari bushobora kwangiza ibidukikije?

Yego.

c) Tanga ingero eshatu z'amabuye y'agaciro aboneka mu Rwanda.

Ingero eshatu z'amabuye y'agaciro aboneka mu Rwanda ni zahabu, koruta, worufaramu n'andi.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi:

Ibishanga bibonekamo nyiramugengeri nyinshi; akamaro k'ishwagara ni kanini; hari ubwoko bwinshi bw'ibicukurwa; icukurwa rikozwe nabi ryangiza ibidukikije; ahamaze gucukurwa hakwiriye kujya haterwa amashyamba.

Ingingo z'ingereka:

Nyiramugengeri icukurwa iracyari nke; Leta yubatse urundi ruganda rwa Sima.

2. “Hari amabuye menshi yandagaye henshi mu mirima aho mutuye” ni iki mwakora ngo muyabyaze umusaruro?

Amabuye yakubakishwa amazu n'imihanda, yashakirwa isoko aho bafite make, yatunganywa agakorwamo ibindi bikenerwa nk'amakaro, ibirahure...

Isomo rya cumi n'umunani: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Guhangamwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:
Guhangamwandiko aherye ku nsanganyamatsiko bahawe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni nde watubwira icyo bavugaga mu mwandiko duheruka kwiga? Bavugaga ibijyanye na za kariyeri ziboneka mu Rwanda

2. Ibyo bacukura muri za kariyeri bimariye iki Abanyarwanda?

Bibazanira ubukungu ndetse bibafasha mu mirimo inyuranye harimo nk'ubwubatsi.

3. Ese ubucukuzi bukozwe nabi hari ingaruka bwagira? Bwagira ingaruka mbi nyinshi ku bidukikije.

II. Uko isomo ryigishwa

Tanga umukoro ku bijyanye n' igikorwa cyo guhangamwandiko kigaragara mu gitabo cyabo. Buri munyeshuri ku giti ke akore umukoro wo guhangamwandiko yandika. Ibutsa abanyeshuri kubahariza amabwiriza agenga ihangamwandiko unabashishikariza guhangamwandiko yabo iningo zigaruka ku nsanganyamatsiko bahawe.

Igikorwa

Hanga umwandiko utarengeje interuro makumyabiri n'eshanu, uvuge uko icukurwa ry'amabuye ryakorwa ritangije ibidukikije.

Mbere yo gukosorera hamwe, umwarimu abanza kugenzura uko abanyeshuri bakoze umukoro agenzura kandi ko buri munyeshuri yabashije guhangga umwandiko yubahiriza amabwiriza yahawe.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

- Hagomba kubaho gahunda igenga icukurwa kandi ikubahirizwa kuko ahantu habonetse hose siko hashobora gucukurwa.
- Abacukura ibirombe binyuranye bagomba kuba babifitiye uburenganzira bahabwa n'ubuyobozi bubishinzwe.
- Ahacukurwa hagomba gusubiranywa haterwa ibyatsi n'amashyamba
- Abacukura bagomba kujya bitabaza inzobere zikoresha ibikoresho byabugenewe kugira ngo badapfa gucukura aho babonye hose.

1.4.7. Itondaguranshinga

Isomo rya cumi n'ikenda: Ibihe bikuru by'inshinga

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutandukanya ibihe by'inshinga yifashishije ingero zitandukanye. - Gukoresha inshinga mu mvugo no mu nyandiko yubahiriza ibihe n'uburyo byayo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu aha abanyeshuri interuro bitegereza maze ababaze ibibazo bibafasha gutahura isomo rigiye kwigwa.

Igikorwa

Itegereze izi nteruro zikurikira n'amagambo ari mu ibara maze ugaragaze niba ibivugwa biri kuba, byarabaye cyangwa bitaraba.

- a) **Hari** amashwagara yo mu masangano ya Mpatse na Mashyuza **azavamo** isima izakoreshwa mu gihugu.
- b) Amabumba yo mu bishanga byacu **avamo** inkono, amatafari....
- c) Mu minsi izaza, ayo mabumba **azatuma** hubakwa inganda zikora ibindi bintu.
- d) Ishyamba rya Nyungwe **ryamenyekanye** cyane kubera zahabu icukurwamo.
- e)Diyama **irakunzwe** cyane ku isi hose.
- f) U Rwanda **rwabaye** ikitegererezo ku miyoborere myiza.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Izi nteruro ziri haruguru, usanga zimwe zitanga amakuru ku **byabaye** kera, izindi zikavuga ibrimo kuba muri **iki gihe**. Hari n'izindi nteruro zivuga ibiteganyijwe kuba **mu gihe kizaza**.

- **Interuro zigaragaramo ibikorwa byarangije kuba ni iya: d na f.**
 - d) Ishyamba rya Nyungwe **ryamenyekanye** cyane kubera zahabu icukurwamo
 - f) U Rwanda **rwabaye** ikitegererezo ku miyoborere myiza.
- **Interuro zigaragaramo ibiteganyijwe kuba mu gihe kizaza iya: a na c.**
 - a) Hari amashwagara yo mu masangano ya Mpatse na Mashyuza **azavamo** isima izakoreshwa mu gihugu.
 - c) Mu minsi izaza, ayo mabumba **azatuma** hubakwa inganda zikora ibindi bintu
- **Ni izihe nteruro zigaragaramo ibikorwa biri kuba nonaha ni iya a, b na e.**
 - a) **Hari** amashwagara yo mu masangano ya Mpatse na Mashyuza azavamo isima izakoreshwa mu gihugu.
 - b) Amabumba yo mu bishanga byacu **avamo** inkono, amatafari....
 - e)Diyama **irakunzwe** cyane ku isi hose.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ibihe bikuru by'inshinga.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura ibihe bikuru by'inshinga, bashake n'ingero zinyuranye byakoreshejwemo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure ibihe bikuru by'inshinga n'ingero zinyuranye byakoreshejwemo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Ibihe bikuru by'inshinga itondaguye mu Kinyarwanda ni bitatu:

1. Indagihe

Inshinga iba itondaguye mu ndagihe iyo igikorwa kiba kibera rimwe n'igihe uvuga avugije.

Ingero:

Amabumba yo mu bishanga byacu **avamo** inkono.

Diyama **irakunzwe** cyane ku isi yose.

Uyu munsi **turiga** Ikinyarwanda

Indagihe igaragaramo ibindi bihe bine bitewe n' inkuru ibarwa igehe yabereye cyangwa uburyo igikorwa gikorwamo.

Indagihe y'ako kanya:

Ivuga ibihuriranye n'igihe umuntu avuga. Indagihe y'ako kanya ni indagihe y'ubu.

Ingero:

Hari amabuye **yandagaye** aho iwacu ku misozi

Zahabu na Diyama ni amabuye y'agaciro. **Arakunzwe** cyane ku isi.

Indagihe y'ubusanzwe:

Ivuga ibantu biba buri gihe. Ibivugwa biba ari ukuri kutavuguruzwa cyangwa byarafashwe nk'ihamwe.

Ingero:

Amabuye **akoreshwa** mu bwubatsi bw'amazu.

Amabuye acukuwe nabi **yangiza** ibidukikije

Indagihe y'igikomezo

Igikorwa kiba cyarabaye ariko kikaba kigikomeza. Ni ukuvuga ko igikorwa kiba gikomeje cyangwa cyarabaye ariko gishobora kongera.

Ingero:

Kugeza n'ubu Nyiramugengeri ziri mu Rwanda **ziracyatanga** umusaruro udahagije.

Ibirombe **biracyatanga** umusaruro muke.

Indagihe mbarankuru:

Indagihe mbarankuru ivuga ibyabaye kera nk'aho birimo kuba ubu.

Ingero:

Nuko **baragenda** bagera aho bacukura amabuye.

abantu bamwe **bitwikira ijoro baracukura** maze ikirombe **kibagwa** hejuru.

2. Impitagihe

Impitagihe igaragaramo ibikorwa byabaye cyangwa byari biteganyijwe kuba mu gihe cyashize.

Ingero:

Twacukuye amabuye y'agaciro none **yashize** ku gasozi k'iwacu.

Icukurwa ry'amabuye **ryinjije** amafaranga menshi mu myaka mike ishize.

Impitagihe igaragaramo ibihe bindi bibiri bito ari byo **impitakare n'impitakera**.

Impitakare:

Ivuga ibimaze kuba mu mwanya ushize cyangwa ibyabaye kare.

Ingero:

Bavuze ko hari imisenyi n'imicanga ishobora gukorwamo ibirahure.

Mu gitondo **twinjiye** tudatonze umurongo.

Impitakera:

Inkuru zivugwa mu mpitakera, ziba zarabaye hashize igithe kirekire.

Ingero:

U Rwanda **rwagaragaje** ko rukungahaye ku mabuye n'indi mitungo kamere.

Icukurwa **ry'amabuye** y'agaciro ryangije ibidukikije ku buryo bukabije

Inzagihé

Inzagihé ni igithe kigaragaramo ibikorwa biteganyijwe kuba mu gihe kizaza.

Ingero:

Amashanyarazi **azunganira** inkwi.

Umwaka utaha **tuzacana** nyiramugengeri.

Inzagihé igaragaramo ibihe bindi bibiri bito ari byo **inzahato n'inzakera**.

Inzahato

Inzahato ivuga ibiri bube nyuma yo kuvuga ariko ntibifatire undi munsi.

Ingero

Ku gicamunsi **uratera** ibiti.

Mu kanya **uramperekeza** tuge kugura impeta ikozwe muri zahabu.

Araza kukubwira igikenewe.

Inzakera

Inzakera ivuga ibizaba ejo cyangwa mu bihe bizakurikiraho.

Ingero

Tuzashora imari mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Muzabungabunga ibyanya by'inyamaswa.

Tuzajya gukora ubushakashatsi ku moko y'ibiti.

Imwitozo ku bihe by'inshinga

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitoto iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitoto:

1. Tanga urugero rw'interuro irimo inshinga itondagye:

a) Mu ndagihe y'ubusanzwe

Umwarimu yigisha neza isomo ry'ibidukikije.

b) Mu mpitagihe y'impitakera

Abatwitse amashyamba adakuze barabihaniwe.

c) Mu nzagihe y'inzavuba

Mu kanya turatera ibiti.

2. Hindura interuro zikurikira ukurikije ibihe byashyizwe mu dukubo:

a) Abanyarwanda babungabunga ibidukikije (Inzagihhe y'inzakera).

Abanyarwanda bazabungabunga ibidukikije.

b) Twarwanyije isuri dUTERA ibiti (Indagihe y'ubusanzwe).

Twarwanya isuri dutera ibiti.

c) Leta izashora imari mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro (Impitagihe y'impitakera).

Leta yashoye imari mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

3. Garagaza ibihe by'inshinga zagaragajwe mu ibara:

a) Yagiye gusura inyamaswa nuko **ahura n'imparage arishima.**

Ahura: indagihe y'ibarankuru.

b) Muracyakora imyitoto?

Muracyakora: indagihe y'igikomezo.

c) Azatsinda neza.

Azatsinda: inzagihhe y'inzakera.

1.5. Isuzuma risoza umutwe wa mbere

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:

- *Gusesengura umwandiko;*
- *Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo;*
- *Gusoma no kwandika yubahiriza utwatuzo;*
- *Gukoresha ikeshamvugo rishingiye ku rusaku, amatsinda n'intaho by'inyamaswa;*
- *Gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo;*
- *Kugaragaza no gukoresha ibihe bikuru by'inshinga.*

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko:

1. Rondora imimaro itatu y'ibiti uko ivugwa mu mwandiko.

Ibiti byera imbuto turya; bikurura umwuka mwiza; ni intaho y'inyamaswa

2. Ni ibihe byanya by'inyamaswa bivugwa mu mwandiko biba mu Rwanda.

Akagera , nyungwe n'ibirunga

3. Uyu mwanditsi hari urubuto yashatse gukundisha abantu cyane. Ni uruhe?

Ni ipapayi.

4. Ni iki gituma ibidukikije bikomeje kwangirika? Garagaza nibura ibintu bitatu bivugwa mu mwandiko.

Ibikorwa bya muntu ashaka aho gutura, yubaka, ashaka ibikoresho bitandukanye, ...

5. Ukurikije ibivugwa mu mwandiko ni izihe ngaruka twagira ibidukikije bikomeje kwangizwa?

Ibyanya by'inyamaswa ntibyaboneka, umwuka mwiza duhumeka ntitwawubona,imvura ntitwayibona,...

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo akurikira ari mu mwandiko wasomye:

a) **Aratutira:** aratema akamaraho

b) **Imburabuturo:** ahantu hataturwa rwose.

c) **Bizamugoboke:** bizamurwaneho, azabyifashishe

2. Garagaza amagambo adahuje inyito n'aya amagambo akurikira:

- a) **Akaga** ≠ umugisha
- b) **Kwangizwa** ≠ kubungabungwa
- c) **Gutura** ≠ kwimuka

2. Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje inyito n'aya akurikira:

- a) **Kwita ku:** kubungabunga
- b) **Byanejeje cyane:** byahogoje

III. Ikibonezamvugo

1. Himba interuro iboneye iri mu mpitakera

Nateye ishyamba ku musozi uhanamye

2. Shyira izi nshinga zagaragajwe mu ibara mu gihe kizaza:

Amabuye amwe **akorwamo** ibikoresho **bidufasha** mu iterambere

Amabuye amwe **azakorwamo** ibikoresho **bizadufasha** mu iterambere.

3. Izi nshinga zitondaguwe mu bihe bihe?

- a) Kwangiza no gusesagura umutungo kamere **bihanwa** n'amategeko.

Indagihe

- b) Mu Rwanda **hatangijwe** gahunda n'ubukangurambaga mu kubungabunga igit.
Impitagije

IV. Ubuvanganzo, ubumenyi bw'ururimi n'ikeshamvugo

1. Ni ku ki habaho ibiganiro nyunguranabitekerezo?

Ibiganiro nyunguranabitekerezo bibaho kugira ngo hakemurwe ikibazo runaka cyangwa hashakwe umurongo uboneye

2. Sobanura iyi mvugo “kugenda nka Nyomberi”

Kugenda ugahera ntugaruke.

3. Uzuza iyi migani migufi:

- a) **Isuri..... igasohoza bike.**

Isuri **isambira byinshi** igasohoza bike.

- b) **Igit kimwe si.....**

Igit kimwe si **ishyamba**.

4. Kosora izi nteruro wubahiriza ikeshamvugo:

- a) **Mu cyanya cy'Akagera impyisi ziratontoma n'inyoni zikavugiriza.**

Mu cyanya cy'Akagera impyisi **zirahuma** n'inyoni **zikaririmba**

- b) **Inyana ziva mu kiraro hamaze gucyia.**

- Inyana ziva **mu ruhongore** hamaze gucyा.
- c) **Ibyobo birebire bacukuramo zahabu n'andi mabuye byararidutse.**
Ibirombe birebire bacukuramo zahabu n'andi mabuye byararidutse.

5. Uzurisha amagambo yabugenewe

- a) **Bavuga.... ntibavuga umukumbi w'inka.**
Bavuga **ishyo** ntibavuga umukumbi w'inka.
- b) **Inzu y'inka yitwa.....**
Inzu y'inka yitwa **ikiraro**.

6. (;) Iki kimenyetso cy'utwatuzo kiri mu dukubo kitwa ngo iki? Tanga urugero rw'interuro iboneye gikoreshejwemo.

Kitwa akabago n'akitsо.

Urugero: Kubaka si ugusenya; kubaka ni ukugereka ibuye ku rindi.

7. ("") ibi bimenyetso biri mu dukubo byitwa ngo iki? Tanga urugero rw'interuro byakoreshejwemo?

Byitwa "utwuguruzo n'utwugarizo".

Urugero: Ahora avuga ati: "Mwite ku bidukikije, ni bwo buzima bwanyu."

V. Ihimbamwandiko

Himba umwandiko mu mirongo iri hagati ya makumyabiri na makumyabiri n'itanu kandi usobanure wifashishije nibura ingingo enye kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko zikurikira:

a) **"Igiti ni ubuzima".**
Ingingo zakwibandwaho: umwuka duhumeka uva ku biti, tubazamo ibitanda turyamaho n'intebe zo kwicarira, bivamo imiti, ni ibicanwa, turabyubakisha, bikomokwaho ibyo turya...

b) **"Ibidukikije byangizwa n'ibikorwa bya muntu".**

Ingingo z'ingenzi: Umuntu arabitema, arabicana, arabisarura akaba yabyangiza, imigezi yangizwa n'isuri aho umuntu yahinze, ni we ucukura mu butaka...

1.6. Ibikorwa by'inyongera

1.6.1. Imyitozo nzamurabushobozi

1.6.2 Imyitozo nyagurabushobozi

1.7. Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umwarimu

Imigani y'imigenurano ifitanye isano n'ibidukikije

Iyi migani ifatiye ku bidukikije ariko ibisobanuro byayo ni ibyo mu buzima busanzwe

1) Isuri isambira byinshi igasohoza bike.

Uririra byinshi ariko ibyo ugeraho ni bike cyane

2) Ututira imisoto y'inda ntashyira umuhoro hasi.

Ushakisha imibereho arakora cyane nta gihe avuga ngo birahagije reka nduhuke.

3) Ntawutinya ishyamba atinya icyo bahuriyemo.

Umuntu agira ubwoba kubera ibyo yigeze kubona

4) Inyamaswa idakenga yishwe n'umututizi.

Iyo utagize ubushishozi mu byo ukora ushabora gukora amahano cyangwa ugahura n'ibago bitandukanye.

5) Igit kimwe si ishyamba.

Abantu bakwiriye gufatanya kuko umuntu umwe ntacyo yakwigezaho

UMUTWE WA KABIRI: KWIDAGADURA

II.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imyandiko yerekeranye n'imyidagaduro;
- Gusesengura inshinga ziri mu mbundo hagaragazwa uturemajambo twazo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

II.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Imikino n'akamaro kayo (Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye).
- Inshinga y'Ikinyarwanda(Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza).
- Ibihe bikuru by'inshinga (Umwaka wa kabiri w'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye)

II.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Kwidagadura ni isoko y'ubuzima buzira umuze. Sobanura mu magambo yawe bwite uruhare rwa siporo n'imikino ngororangingo mu kubungabunga ubuzima utanga ingero zifatika.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku nsanganyamatsiko yo kwidagadura akabafasha kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibisubizo:

Ikgomba gukorwa ni ukwitabira gukora siporo no kwitabira imikino ngororangingo iboneka aho umuntu aherereye. Buri muntu wese aho ava akagera agomba kugira uruhare mu kubungabunga ubuzima yitabira imikino n'imyidagaduro.

II.4. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe yagenewe

Umutwe wa kabiri: Kwidagadura		Umubare w'amasomo: 25
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Ikipe itigererwa		
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	- Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no	Isomo 1

	mu nyandiko amagambo yungutse.	
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Guhangamwandiko	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Inshinga		
Isomo rya gatanu: Amoko y'inshinga	- Kugaragaza inshoza y'inshinga no gutandukanya amoko y'inshinga.	Amasomo 2
Umwandiko: Nzaba igihangange mu mukino w'intoki		
Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko.	- Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.	Isomo 1
Isomo rya karindwi: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva no umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya munani: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya kenda: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Inshinga		
Isomo rya cumi: Uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga n'amategeko y'igenamajwi .	Gusesengura inshinga iri mu mbundo agaragaza uturemajambo tw'ibanze n'amategeko y'igenamajwi	Amasomo 4
Umwandiko: Ku ishuri turidagadura		

Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva no umwandiko.	Amasomo 2
Isomo rya cumi na gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi na kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.	Guhanga umwandiko ahereye ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Inshinga: Ingereká		
Isomo rya cumi na gatanu: Amoko ingereká z'ibanze	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura inshinga agaragaza utemajambo tw'ibanze n'ingereká. - Kugaragaza amategeko y'igenamajwi akomoka ku ngereká. 	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri		Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi		Isomo 1

2.4.1. Umwandiko: Ikipe itigererwa

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumbabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegerezza amashusho ajyanye n'umwandiko "Ikipe itigererwa" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

- a) Umwandiko mufite imbere yanyu witwa ngo iki?**
Witwa "Ikipe itigererwa".
- b) Ni iki ubonye kuri aya mashusho?**
Abakinnyi n'abafana.
- c) Urabona barimo gukora iki?**
Barimo gukina.
- d) Uyu mukino bakina witwa ngo iki?**
Umukino wa basiketi.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

- a) Umwandiko usomye witwa ngo iki?**
Ikipe itigererwa.
- b) Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?**
Havugwa umuyobozi w'ikigo n'abanyeshuri.
- c) Barimo kubavuga ho iki?**
Bakunda gukina.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ikipe itigererwa" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishiye inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Ntivogerwa:** ntitsindwa
- b) Ikirangirire:** izwi na benshi kandi ahantu henshi
- c) Impanuro:** inama
- d) Ibinure:** ibantu bimeze nk'amavuta biba mu mubiri w'umuntu

Imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora imyitozo y'inyunguramagambo iri mu gitabo cyabo bifashishiye amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitoto, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'umwitoto n'ibisubizo byawo:

1. Wifashishiye rimwe muri aya magambo, kora interuro ngufi kandi iboneye:

a) Ikirangirire

Utsinda ibitego byinshi ahinduka **ikirangirire** mu bantu bose.

b) Impanuro

Utumvira **impanuro** z'abakuru ahura n'ibibazo mu buzima.

c) Ibinure

Gukina bituma **ibinure** biyaga bikavura umubyibuho ukabije.

d) Kuvogerwa

Ikipe yacu **ntivogerwa**, ihorana insinzi.

2. Uzurisha interuro zikurikira amagambo wakuye mu mwandiko:

a) Abakora imyitozo ngororamubiri baba barimo..... ibinure.

Abakora imyitozo ngororamubiri baba barimo **kuyaza** ibinure.

b) Gutsinda igitego bakunze kubyita "Kunyeganyeza....."

Gutsinda igitego bakunze kubyita “Kunyeganyeza **urushundura**”.

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko uheruka kwigwa witwa ngo iki?

Ikipe itigererwa

b) Ni iki cyavugwaga muri uwo mwandiko?

Havugwagamo ikipe ikomeye yo ku kigo cy'amashuri

c) Bayivugagaho iki?

Ko itsinda cyane kandi ko ishyigikiwe n'umuyobozi w'ikigo

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igehe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko “Ikipe itigererwa” maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Ni iki kigaragaza ko umuyobozi w'ikigo akunda imikino cyane?

Batubwira ko yigeze gukina mu ikipe y'Ighugu, aherekeza ikipe aho igiye kujya hose.

2. Ubwo iyi kipe iherutse i Kampala yahakuye umwanya wa kangahe?

Yahakuye umwanya wa kabiri.

3. Rondora itatu mu mimaro y'imikino n'imyidagaduro.

Imikino n'imyidagaduro ifite imimaro myinshi: gusabana, kuruhura umutwe, kugorora ingingo, gusohora imyanda yo mu mubiri...

4. Ni iyihe mpamvu yatumye uyu munyenshuri ahitamo kuba umufana aho gukina?

Yasanze atajya abona umwanya mu kibuga kuko hari bensi bamurusha ahitamo kwibera umufana

5. Vuga indi mikino ikinishwa intoki cyangwa amaboko waba uzi.

Indi mikino y'intoki ni handiboro, rugubi, netiboro, tenisi...

6. Ni iyihe ndwara ishobora kuvurwa n'imikino ivugwa mu mwandiko?

Indwara imikino ishobora kuvura ni umunaniro ukabije, ubumuga bw'ingingo zimwe na zimwe.

7. Ari ikipe y'umupira wa Basiketi n'iy'umupira w'intoki, itsinda cyane ni iyihe?

Sobanura.

Ikipe itsinda cyane ni iya Basiketi. Iherutse gukinira i Kampala igeria ku mukino wa nyuma.

8. Vuga unasobanure akandi kamaro k'imikino kaba katavuzwe mu mwandiko.

Kwinjiza amafaranga kubera ko abakinnyi babigize umwuga babihemberwa; gutinyuka imbere y'abandi kuko imikino ibera mu ruhame ahari abantu bensi.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Rondora nibura imikino ine waba uzi.

Hari umukino w'umupira w'amaguru, basiketi, rugubi, umupira w'intoki.

b) Ni iki wibuka cyavuzwe ku mikino ibera mu kigo?

Ikipe iratsinda, ikipe yasohokeye muri Uganda, umuyobozi akunda ikipe...

c) Vuga imimaro nibura itatu y'imikino.

Imimaro itatu ni ukunezeza abantu, kuruhura mu mutwe, kwinjiza amafaranga, gutuma imyanda yo mu mubiri isohoka.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ikipe itigererwa" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka z'ibivugwa mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi:

Ubuyobozi bukunda imikino, imikino y'amaboko ntihenda, ku kigo hari ikipe ikomeye, imikino ni myiza iruhura umutwe.

Ingingo z'ingereka:

Umuyobozi yahoze akina mu ikipe y'Ighugu, abanyeshuri bajya bakina n'abarezi babo, ubara inkuru ntakina ariko ni umufana ukomeye, ibikombe babitaka mu biro by'umuyobozi, kapiteni yatahanye umudari.

2. Ushingiye ku bivugwa mu mwandiko, sobanura uko imikino ituma abanyeshuri bayikina bamenya ubwenge?

Imikino ituma baruhuka neza hanyuma bakongera kwiga cyangwa gusubiramo amasomo yabo bakayafata ku buryo bworoshye.

3. Iyo witegereje imyitwarire n'imico y'abanyeshuri badakina n'iy'abakina ubona ihuye? Ni irihe tandukaniro ubona?

Iki kibazo cyatangirwa ibisubizo binyuranye. Umwarimu agenzura uburyo umunyeshuri asobanura igisubizo ke.

Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Guhangamwe umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhanga umwandiko ahereye ku nsanganyamatsiko bahawe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni nde watubwira icyo bavugaga mu mwandiko duheruka kwiga?

Bavugaga ibijyanye n'imikino y'amaboko.

2. Ese imikino y'amaboko hari icyo imariye Abanyarwanda?

Imikino y'amaboko hari icyo imariye Abanyarwanda kuko bagira ubuzima buzira umuze, ni isoko y'ubukngu n'ibindi.

3. Imikino y'amaboko ifasha iki abanyeshuri?

Icyo imikino y'amaboko ifasha abanyeshuri ni ukuruhuka maze bakiga neza bagatsinda amasomo yabo.

II. Uko isomo ryigishwa

Tanga umukoro ku bijyanye n' igikorwa cyo guhangwa umwandiko kigaragara mu gitabo cyabo. Buri munyeshuri ku giti ke akore umukoro wo guhangwa umwandiko yandika. Ibutsa abanyeshuri kubahariza amabwiriza agenga ihangamwandiko unabashishikariza guhangwa binjiza mu myandiko yabo ingingo zigaruka ku nsanganyamatsiko bahawe.

Igikorwa

Hanga umwandiko mugufi ugaragaza kandi ugasobanura nibura ingaruka enye zo kudakora siporo n'indi myitozo ngororamubiri.

Mbere yo gukosorera hamwe, umwarimu abanza kugenzura uko abanyeshuri bakoze umukoro anagenzura kandi ko buri munyeshuri yabashije guhangwa umwandiko yubahiriza amabwirizayahawe.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

Hanga umwandiko mugufi ugaragaza kandi ugasobanura nibura ingaruka enye zo kudakora siporo n'indi myitozo ngororamubiri.

Ingero z'ibitekerezo byatangwa:

- Umubyibuho ukabije
- Indwara zimwe na zimwe nka diyabete cyangwa umutima
- Kunanirwa kwiterura no kwirekura
- Kugira umunabi
- Guhorana umunaniro

2.4.2. Inshinga

Isomo rya gatanu: Amoko y'inshinga

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kugaragaza inshoza y'inshinga no gutandukanya amoko y'inshinga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu, amaze kubandikira ku kibaho interuro zirimo amagambo ari mu ibara arabaha ibibazo basubiza bikabafasha kuvumbura ikigwa.

Igikorwa

Itegerezze amagambo yanditse mu ibara ari mu interuro zikurikira hanyuma usubize ibibazo byabajijwe.

Interuro:

- a) Mukamana **akina** umupira w'intoki.
- b) Ikipe yacu **iharanira** iteka **guhora** iri imbere.
- c) Umukino w'intoki **ni** umukino mwiza cyane.
- d) Nta na rimwe dushobora **gukina** adahari.

Ibibazo:

- a) Aya magambo afite uwuhe mumaro mu nteruro?
- b) Afitanye iyihe sano n'amagambo ayabanjirije?
- c) Urabona iryo jambo riramutse rivuyemo interuro yaba igifite igisobanuro?

Igihe yabajaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Ibisubizo:

- a) Mukamana **akina** umupira w'intoki.

Ni inshinga kandi riragaragaza **igikorwa** Mukamana arimo gukora.

- b) Ikipe yacu **iharanira** iteka **guhora** iri imbere.

Aya magambo aragaragaza **intego** ikipe ifite.

- c) Umukino w'intoki **ni** umukino mwiza cyane.

Ni ijambo rigaragaza **uko** umukino w'intoki uteye.

- d) Nta na rimwe dushobora **gukina** adahari.

Riragaragaza **igikorwa** gusa rikaba ryuzuza amagambo aribanjirije.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga amoko y'inshinga.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'amoko y'inshinga bashake ingero banazikoreshe mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'amoko y'inshinga utange ingero unazikoreshe mu nteruro ziboneye.

Igihe wabajaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'inshinga

Inshinga ni ijambo ribumbatiye ingingo isobanura ruhamwa ikumvikanisha igikorwa, imico, imiterere, imimerere cyangwa intego bya ruhamwa mu nteruro. Muri make, inshinga ni yo itanga ubutumwa mu nteruro.

Ingero: a) **Igikorwa:** Ababyeyi **basuye** abana ishuri.

Keza **arasoma** umwandiko tuziga ubutaha.

b) **Imico:** Uyu mukobwa **aritonda**.

Abana **bubaha** ababyeyi.

c) **Imiterere:** Uriya musifuzi **arananutse** cyane.

Petero **arashaje** cyane ariko nta muntu umuhiga muri siporo.

d) **Imimerere:** Uriya munyezamu **arashonje**.

Ararwaye none ejo ntazakina.

d) **Inteego:** Kamana **arashaka** kuba umukinnyi w'ighangange.

Amoko y'inshinga

Mu moko y'inshinga hagaragaramo **inshinga isanzwe n'inshinga idasanzwe**. Inshinga isanzwe ishobora kuba **inshinga iri mu mbundo** cyangwa **inshinga itondaguye**. Inshinga idasanzwe ishobora kuba inshinga nkene(inshinga mburabuzi).

Ni ukuvuga ko inshinga ishobora kwigaragaza mu nteruro ari:

- Inshinga idatondaguye/inshinga iri mu mbundo.

- Inshinga itondaguye.

- Inshinga nkene cyangwa mburabuzi.

a) Inshinga iri mu mbundo.

Inshinga idatondaguye cyangwa inshinga ziri mu mbundo ni inshinga itagaragaza ruhamwa.

Ingero: Gukina, kunanura, kuvogerwa, gukora, kuruhuka, kwiga...

Uturango tw'inshinga iri mu mbundo

Inshinga iri mu mbundo igaragaza igikorwa, imimerere, imiterere bitagira uwo byitirirwa.

Ni ukuvuga ko ukora igikorwa atagaragara.

Ingero:

Mu nshinga **gukina** ukina ntabwo azwi.ora igikorwa ntabwo azwi.

Mu nshinga **kwiga** ukora igikorwa cyo kwiga ntabwo agaragara.

Inshinga iri mu mbundo iteka itangizwa na “**ku**” y’indanganshinga cyangwa “**gu**”. Iyo urebye ku rutonde rw’inteko z’amagambo “ku” iranga inteko ya 15. Ni ukuvuga ko imbundo ihora iteka mu nteko ya 15.

b) Inshinga itondaguye

Inshinga itondaguye ihinduranya ngenga, ikaba yemeza cyangwa ihakana, ikumvikanisha niba igikorwa cyararangiye cyangwa gikomeza, ikajya mu bihe by’inshinga bitandukanye, igahinduranya uburyo n’ibindi. Muri icyo gihe, ukora cyangwa uwo igikorwa kitirirwa ashobora kugaragara cyangwa hakagaragara ubwinshi bwabo.

Ingero:

Ndi umufana w’ikirangirire.

Umuyobozi **yakinaga** mu ikipe y’ighugu.

Ikipe yacu **ntigera** mu mikino yo ku rwego rw’ighugu.

Ntidushobora gukina adahari

Nzaba umukinnyi w’ikirangirire.

c) Inshinga nkene

Inshinga nkene bamwe bita **inshinga mburabuzi** irangwa no kugira tumwe mu turemajambo tw’inshinga. Izi nshinga ntizitondagurwa mu bihe byose kuko buri imwe muri zo ifite indi nshinga isanzwe bisobanura kimwe ikaba ari yo ikora ahandi. Ni inshinga zigizwe n’ibicumbi gusa (**ni**, **si**, **-ri**, **-fite**, **-ruzi**, **-zi**); ntizifite imbundo zizwi. Cyakora iyo zimwe muri zo zikoreshejweho ingereka zishobora gusesengurwamo imisozo.

Ingero:

Uyu muyobozi **ni** intangarugero mu gushyigikira siporo.

We **si** umutoza.

Ndi umufana w’ikirangirire.

Mufite ubushake buherekejwe n’ubushoboz.

Nduzi muzatwara ibikombe mu mikino itandukanye.

Twese **tuzi** impamvu tugomba kwitabira imikino n’imyidagaduro.

Imyitozo ku moko y’inshinga

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo

1. Inshinga iri mu mbundo ni iki?

Inshinga iri mu mbundo ninshinga idatondaguye itagaragaza ukora igikorwa.

2. Kora interuro ngufi kandi iboneye itangijwe n'inshinga iri mu mbundo.

Gukina bizana amahoro n'ubworroherane.

3. Vuga uwoko bw'aya magambo yagaragajwe mu ibara :

a) **Gutsinda** kw'ikipe yacu **bituruka** ku bufatanye bw'abarezi, abayobozi n'abanyeshuri.

Gutsinda: inshinga iri mu mbundo

Bituruka: inshinga itondaguye.

b) **Muri** intangarugero kuko **mufite** igikombe cy'amarushanwa.

Muri: inshingankene

Mufite: inshinga nkene

2.4.3 Umwandiko: Nzaba igihangange mu mukino w'intoki

Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni ibiki mubona kuri aya mashusho?

Ishusho y'ikibuga gikinirwaho imikino myinshi inyuranye: voreboro, basiketiboro n'umupira w'amaguru. Hanariho n'abantu bari mu masiganwa yo kwiruka.

b) Gerageza utubwire ibyo ukeka ko bivugwa mu mwandiko.

Mu mwandiko baraza kuvugamo imikino y'intoki.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umutwe w'umwandiko umaze gusoma ni uwuhe?

Umutwe w'umwandiko ni "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki"

b) Ubara inkuru ni umukobwa cyangwa ni umuhungu?

Ubara inkuru ni umukobwa

c) Umukinnyi uvugwamo cyane yitwa ngo iki?

Umukinnyi uvugwamo cyane yitwa Munezero.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki " usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Inyunguramagambo

Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko

a) Imbaduko: Umuvuduko mwinshi nta kuzarira.

b) Ishyaka: Ubushake bwinshi.

c) Kugambirira: Kwifusa kuzakora ikintu.

d) Bamupfundaga: Kuzana ibintu bapfumbatije bakabimuha buri kanya.

e) Ruba rurambikanye: Irushanwa riba riratangiye.

Umwitoto wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose kugaragaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'ayatanzwe no kuyakoresha mu nteruro ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitoto, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Koresha aya magambo wungutse mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

a) Imbaduko

Umukino watangiranye imbaduko buri wese ashaka kubanzamo igitego.

b) Kugambirira

Ntimukage mugambirira kugira nabi.

c) Bamupfundaga

Iyo umukinnyi yatsinze igitego, abafana bose bamupfunda impano zitandukanye.

d) Rurambikanye

Umusifuzi iyo avugije ifirimbi ruhita rwambikana.

2. Uzurisha izi nteruro amagambo wakuye mu mwandiko:

a) Iyo ikipe ifite abakinnyi beza bafite.....ntakabuza iratsinda.

Iyo ikipe ifite abakinnyi beza bafite **ishyaka** ntakabuza iratsinda

b) Umukinnyi yarasimbutse ateramaze kukigarura biranga.

Umukinnyi yarasimbutse atera **ikiro** maze kukigarura biranga.

Isomo rya karindwi: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri arabu ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko uheruka kwiga witwa ngo iki?

Uwo mwandiko witwa "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki"

b) Ni iki cyavugwaga mu mwandiko?

Uwo mwandiko uvuga ku mikino y'amaboko.

c) Ni iki wakuye mu mwandiko cyakugirira akamaro mu buzima bwawe?

Nasanze gukina ari byiza kuko umuntu wakinnye agatsinda anezeza abafana kandi akaba yabona n'ibihembo bimuteza imbere.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1) Ni iyihe kipe yari yasuye?

Ni ikipe ya Karubamba.

2. Ikipe y'umukino w'intoki iba igizwe n'abakinni bangahe?

Ni ikipe igirwa n'abakinni batandatu.

3. Vuga izina ry'umukinni w'ikirangirire uvugwa mu mwandiko.

Umukinni w'ikirangirire ni Munezero

4. Ese ni umuhungu cyangwa ni umukobwa? Ni iki kibigaragaza?

Ni umukobwa. Uvuga mu mwandiko avuga ko yamubonye agahita amenya ko burya n'abakobwa bashoboye.

5. Vuga nibura bitatu mu byo umukinni ashobora kunguka bivugwa mu mwandiko.

Kunguka inshuti, amafaranga, kubana neza n'abandi, ibyishimo n'umunezero...

Isomo rya munani: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Nzaba igihangange mu mukino w'intoki.

b) Ni uwuhe mukino w'intoki uvugwa cyane muri uwo mwandiko?

Umukino wa basiketiboro.

c) Imikino y'intoki imaze iki mu buzima?

Imikino y'intoki ituma umuntu agira ubuzima bwiza.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko

Ingingo z'ingenzi:

- Ikiye y'ikigo ihagarariwe na Munezero yatsinze iya karubamba

- N'abakobwa bashobora gukina

Ingingo z'ingereka:

- Ubara inkuru aho yari yarize ntibakinaga umukino w'intoki.
- Bakinaga umukino witwa "Tayari"
- Uwakoraga ku mupira n'intoki byabaga ikosa rikomeye.
- Mbere yo gukina babanza kwishyushya...

2. Rondora ubwoko bw'imikino yose ishobora gukinirwa kuri kiriya kibuga kibanjirije umwandiko.

Umupira w'amaguru, umukino w'intoki, umukino wa Basiketi, handiboro, imikino ngororamubiri (amasiganwa ku maguru no gusimbuka)

3. Ni iyihe nyigisho ukuye mu mwandiko?

- N'abakobwa bashobora gukina imikino yose kandi bagatsinda.
- Gukunda imikino
- Akamaro k'imikino mu rwego rw'ubuzima no kubana n'abandi

Isomo rya kenda: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo mu bwubahane. - Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uvugwa mu mwandiko ni nde?

Ni Munezero.

b) Ni iki umuyobozi w'ishuri rye ashimirwa?

Ashimirwa kwitangira no guteza imbere siporo n'imikino.

c) Tanga ingero ebyiri z'imikino y'intoki ivugwa mu mwandiko.

Ingero ebyiri z'mikino y'intoki ivugwa mu mwandiko ni voreboro na basiketiboro.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezecho.

Insanganyamatsiko:

“Ni iki wakora kugira ngo imikino itere imbere kurushaho mu kigo wigamo ndetse n’aho utuye?”

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n’abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Urugero z’ibitekerezo byatangwa:

- Gusaba ko hakubakwa ibibuga.
- Gushishikariza abandi kwitabira imikino.
- Gukora ubuvugizi.
- Gufata neza ibibuga.

2.4.4. Uturemajambo tw'inshinga idatondaguye

Isomo rya cumi: Utiremajambo tw’ibanze tw’inshinga idatondaguye n’amategeko y’igenamajwi.

Intego zihariye

Nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusesengura inshinga iri mu mbundo agaragaza uturemajambo tw’ibanze n’amategeko y’igenamajwi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, ibitabo by’ikibonezamvugo n’ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko ku nshinga n'ibijyanye n'uturemajambo tw'ibanze n'amategeko y'igenamajwi.

Igikorwa

Subiza ibibazo bikurikira:

a) Inshinga iri mu mbundo ni iki?

Inshinga iri mu mbundo ni inshinga igaragaza igikorwa, imiterere, imimerere, umuco n'intego ariko ntibigira uwo byitiritwa.

b) Ni iki kigaragaza ko inshinga iyi n'iyi iri mu mbundo?

Imbundo itangizwa iteka na "gu" cyangwa "ku" igasozwa na "a"

c) Ni uwuhe mumaro w'inshinga mu nteruro?

Inshinga itanga ubutumwa.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

a) Inshinga iri mu mbundo ni inshinga igaragaza igikorwa, imiterere, imimerere, umuco n'intego ariko ntibigira uwo byitiritwa.

b) Imbundo itangizwa iteka na "gu" cyangwa "ku" igasozwa na "a"

c) Inshinga itanga ubutumwa.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga idatondaguye n'amategeko y'igenamajwi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura uturemajambo tw'ibanze, amategeko y'igenamajwi by'inshinga idatondaguye, bashake n'ingero z'inshinga zisesenguye neza. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure uturemajambo tw'ibanze, amategeko y'igenamajwi by'inshinga idatondaguye n'ingero z'inshinga zisesenguye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Uturemajambo tw'inshinga iri mu mbundo

Kugaragaza uturemajambo tw'ijambo ni ukugaragaza intego zaryo. Inshinga iri mu mbundo igira uturemajambo tw'ingenzi dutatu. Utwo turemajambo ni **indanganshinga (ku)**, **igicumbi n'umusozo (a)**. Ni ukuvuga ko intego mbonera y'inshinga iri mu mbundo iteye itya mu mpine: **Rsh-C-Sz**.

Urugero: Gukina

Intego: ku – kin – a

ku: Ni indanganshinga (Rsh)

kin: Ni igicumbi (C)

a: Ni umusozo (Sz)

a) Indanganshinga

Indanganshinga ni akaremajambo gahoraho karanga inshinga iri mu mbundo. Ni na ko karemajambo kagaragaza inteko y'inshinga iri mu mbundo. Ku nshinga zose ziri mu mbundo, indanganshinga ni yo ibimburira utundi turemajambo.

Ingero:

Gukina: **ku** – **kin** – **a**

Gutsinda: **ku** – tsind – a

Kuririmba: **ku** – ririmb – a

Gupfuka: **ku** – pfuk – a

b) Igicumbi cyangwa umuzi

Igicumbi cyangwa umuzi w'inshinga ni igice kidahinduka k'inshinga, ihuriraho n'andi magambo yose afitanye isano na yo.

Ingero:

- Gukina, umukinnyi, umukino

- Kubyina, Umubyinnyi, imbyino

Ku rugero rubanza buri jambo rigaragaramo "**-kin-**" naho ayo ku rugero rwa kabiri amagambo yose arimo "**-byin-**".

Uko bashaka igicumbi k'inshinga

- Uburyo bwhuse bwo gutahura igicumbi cyangwa umuzi w'inshinga ziri mu mbundo, zifite imigemo ibiri irimo ubutinde cyangwa imigemo itatu ndetse n'izifite imigemo irenze itatu, ni ugushyira izo inshinga mu **ntegeko**, muri ngenga ya kabiri y'ubumwe maze hagakurwaho umusoza "a".

Ingero:

Inshinga	Integeko	Umuzi
Kugenda	genda	-gend-
Gukora	kora	-kor-
Kwiga	iga	-ig-
Koga	oga	-og-
Gushima	shima	-shim-

- Iyo inshinga ari ngufi, ni ukuvuga igizwe n'imigemo ibiri ibangutse, itarimo ubutinde. Icyo gihe ubona igicumbi cyangwa umuzi ari uko iyo nshinga ishyizwe mu mpitakare muri ngenga ya gatatu y'ubumwe maze hagakurwaho umugemo wa mbere n'umugemo wa gatatu, ariyo "ya" na "ye" umugemo usigaye hagati akaba ari wo gicumbi k'inshinga. Inshinga zifite iyi miterere, imizi yazo yitwa **imizi y'imvugwarimwe**. Izo nshinga ni izi zikurikira:

Inshinga	Impitakare	umuzi
1. Kuba	yabaye	-ba-
2. Guca	yaciye	-ci-
3. Kujya	yagiye	-gi-
4. Guha	yahaye	-ha-
5. Gukwa	yakoye	-ko-
6. Gushya	yahiye	-hi-
7. Gucya	yakeye	-ke-
8. Kunywa	yanyoye	-nyo-
9. Kumwa	yamoye	-mo-
10. Kurya	yariye	-ri-
11. Gupfa	yapfuye	-pfu-
12. Kunnya	yaneye	-ne-
13. Gusya	yaseye	-se-
14. Guta	yataye	-ta-
15. Kuva	yavuye	-vu-
16. Kugwa	yaguye	-gu-

Ikitonderwa:

Inshinga iri mu mbundo ishobora kugira n'utundi turemajambo, twiyongera mu nt ego mbonera. Utwo turemajambo ni:

a) Akaremajambo (**-za-**) karanga igihe k'inzagihe, gashobora kwihiagika hagati y'indanganshinga n'igicumbi. Ako karemajambo kitwa **indangagihe** cyangwa **ingenantego**.

Ingero:

- Kuzakina: ku-**za**-kin-a
- Kuzarya: ku-**za**-ri-a
- Kuzumva: ku-**za**-umv-a

b) Akaremajambo (**-ta-**) gahakana ingingo ikubiye mu gicumbi cyangwa umuzi gashobora kwihiagika hagati y'indanganshinga n'igicumbi. Ako karemajambo kitwa **impakanyi**.

Ingero:

- Kutabyina: ku-**ta**-byin-a
- Kudakina: ku-**ta**-kin-a
- Kutiga: ku-**ta**-ig-a
- Kutagwa: ku-ta-gu-a

c) Akaremajambo gahagararira icyuzuzo , gashobora kwihiagika hagati y'indanganshinga n'igicumbi. Ako karemajambo kitwa **iindangacyuzuzo cyangwa inyibutsacyuzuzo**.

Ingero:

- Kwikunda: ku-**ii**-kund-a
- Kwirya: ku-**ii**-ri-a
- Kubatsinda: ku-**ba**-tsind-a
- Kumuha: ku-**mu**-ha-a

d) Akaremajambo kiyongera ku muzi w'inshinga, gashobora kwihiagika hagati y'umuzi n'umusozo. Ako karemajambo kitwa **ingereka**.

Ingero:

- Kwidagadura: ku-ii-dadad-**ur**-a
- Gukinisha: ku-kin-**ish**-a
- Gupfana: ku-pfu-**an**-a

Inshinga idatondaguye ishobora kugira uturemajambo twagaragajwe maze tugakurikirana kuri ubu buryo: Indanganshinga (ku-), impakanyi (-ta-), indangagihe (-za-), inyibutsacyuzuzo, igicumbi/umuzi, ingereka n'umusozo (-a).

Urugero: Kutazarikinira (ishuri): ku-ta-za-ri-kin-ir-a

Amwe mu mategeko y'igenamajwi aboneka mu nshinga idatondaguye

Amategeko y'igenamajwi bashyizweho n'abahanga hagamijwe kugaragaza uko amajwi ashobora guhinduka, kuburizwamo cyangwa kwiyunga n'andi. Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu nshinga iri mu mbundo amwe ni asanzwe akoreshwa mu yandi magambo

nk'izina, ntera n'ibinyazina. Mu isesengura ry'inshinga iri mbundo, hagaragara amategeko ahuza **indanganshinga n'imizi** cyangwa agahuza **imizi n'umusozo**.

Ingero z'amategeko y'igenamajwi:

1. o→w/-J

Urugero: kunywa: ku-nyo-a **o→w/-J**

2. e→y/-J

Urugero: gusya: ku-se-a k→g/-GR, **e→y/-J**

3. n+y→nny

Urugero: kunnya: ku-ne-a e→y/-J, **n+y→nny**

4. h+y→shy

Urugero : gushya : ku-hi-a k→g/-GR, i→y/-J, **h+y→shy**

Imisomere y'amategeko y'igenamajwi

Ingero:

k→g /-GR: "k" ihinduka "g" iyo iri imbere y'ingombajwi y'indagi

u→ w /-J: "u" ihinduka "w" iyo iri imbere y'inyajwi

i→ y /-J: "i" ihinduka "y" iyo iri imbere y'inyajwi

k+y→ ts: "k" ikurikiranye na "y" bitanga "ts"

u →/-J: "u" iburizwamo iyo iri imbere y'inyajwi

Imyitozo ku turemajambo tw'inshinga

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1. Intego mbonera y'inshinga iri mu mbundo ni iyihe? Bigaragaze wifashishije ingero.

Intego y'inshinga iri mumbundo ni indanganshinga, umuzi n'umusozo.

Ingero:

Kugenda: ku-gend-a

Kwiga: ku-ig-a

2. Ni gute babona umuzi w'inshinga iri mu mbundo? Sobanura unatanga ingero.

- Inshinga ndende ishyirwa mu ntegeko muri ng.2 y'ubumwe bagakuraho umusozo

Ingero:

Kugenda → genda → -gend-

Gukina → kina → -kin-

- Ku nshinga ngufi bayishyira mu gihe cyashize muri ng.3 y'ubumwe bagakuraho "ya" na "ye"

Ingero:

kurya → yariye → -ri-

kugwa → yaguye → -gu

3. Garagaza uturemajambo tw'izi nshinga ziciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi

a) Gufasha no kumva abandi byongera amahoro

Gufasha: ku – fash-a, k→g/-GR

Kumva: ku-umv-a, u→ Ø /-J

b) Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'izi nshinga zikurikira:

- a) Kurya b) guha c) gupfa d) Guca e) Kugwa f) Gusya

Uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi:

a) Kurya: ku-ri-a i→ y /-J

b) Guha: ku-ha-a k→g/-GR a→ Ø /-J

c) Gupfa: ku-pfu-a u→ Ø /-J

d) Guca: ku-ci-a i→ Ø /-J

e) Kugwa: ku-gu-a k→ g /GR u→ w /-J

f) Gusya: ku-se-a k→ g /-GR e→ y /-J

2.4.5. Umwandiko: Ku ishuri turidagadura

Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegerezza amashusho ajyanye n'umwandiko "Ku ishuri turidagadura" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni iki kigaragara kuri aya mashusho abanjirije umwandiko?

Abana benshi bakina imikino itandukanye. Bamwe barimo kwiruka abandi barimo gusimbuka abandi bagorora ingingo n'umutoza abari imbere.

b) Uhoreye kuri aya mashusho fora inkuru iri muri uyu mwandiko.

Inkuru igiye gukurikiraho irebana n'imyidagaduro.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umutwe w'umwandiko witwa ngo iki?

Ku ishuri turidagadura.

b) Kubera iki ku ishuri baguwe neza kandi bakaba bafite ubuzima bwiza?

Ni ukubera imikino.

c) Bavuze ko imikino ari nk'iki ku buzima?

Ni nk'ibyo kurya

d) Ni iki wumvise muri uyu mwandiko umaze gusoma

Numvise ko imikino ngororangingo idufitiye runini mu rwego rw'ubuzima.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ku ishuri turidagadura" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

Sobanura aya magambo akurikira dusanga mu mwandiko:

- a) Ibifura:** izina bita abantu barakazwa (n'ubusa) n'ibintu byoroheje
- b) Ibyuya:** ni ibimeze nk'amazi umuntu asohora mu mubiri bitewe n'ubushyuhe, igihe akora imyitozo ngororamubiri cyangwa indi mirimo ivunanye.
- c) Gutebya:** ni ukuganira usa n'usebya uwo muganira ariko mubiziranyeho ari uburyo bwo gusetsa no gusabana.
- d) Gusabana:** guhuza urugwi, kuganira n'umuntu mukaba inshuti mukanezerwa
- e) Guhunikika:** kubika ikintu kikaramba kandi nticyangirike

Imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora imyitozo yo gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri imyitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byawo:

1. Wifashishije rimwe muri aya magambo, kora interuro ngufi kandi ziboneye:

a) Ibyuya

Iyo turi mu myitozo tubira ibuya bigatuma imyanda isohoka.

b) Gutebya

Gutebya ni uburyo bwo kuganira abantu basa n'abasebanya

c) Gusabana

Mu mikino abantu **barasabana** ubumwe n'ubwiyunge bugasagamba.

d) Guhunika

Mu mikino umubiri ukoresha ibinure uba **warahunitse**.

e) Ingeragere

Hariho abantu biruka nk'ingерагере.

2. Uzurisha izi nteruro zikurikira amagambo ukuye mu mwandiko:

a) Mu mikino umubiri wacu uyaza ibinure ubaigihe kirekire.

Mu mikino umubiri wacu uyaza ibinure uba **warahunitse** igihe kirekire.

b) Uwo bita ni umuntu urakazwa n'ubusa.

Uwo bita **igifura** ni umuntu urakazwa n'ubusa.

c) Mu mikino umuntu agiriramo n'abandi akunguka n'inshuti.

Mu mikino umuntu agiriramo **ubusabane** n'abandi akunguka n'inshuti.

Isomo ryacumi na kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Vuga izina ry'umutwe w'umwandiko uherutse kwigwa?

Ku ishuri turidagadura

b) Ni iki kivugwa mu mwandiko uherutse kwigwa?

Imibereho myiza iri ku ishuri cyanecyane ituruka ku mikino n'imyitozo ngororamubiri

c) Ni irihe somo wakuye mu mwandiko uheruka kwigwa?

Kwitatira imikino n'imyitozo ngororamubiri.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ku ishuri turidagadura" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Ni ubuhe bwoko bw'imikino ngororamubiri bakina aho ku ishuri? Rondora itanu.

Ukwiruka n'amaguru cyangwa ku magare, gutera imihunda no kujugunya ingasire, gusimbuka urukiramende n'umurambararo, gukinira ku mitambiko cyangwa bagakora imikino y'ubugenge aho abantu burirana bakagera hejuru, imyitozo bakora babyina, ...

2. Abanyeshuri batagira umukino bakina, bo bananura ingingo zabo bate?

Bakora imyitozo ngororamubiri basa n'abibyinira.

3. Umwandiko uratubwira ko imyanda y'umubiri isohokera he?

Imyanda isohokera mu byuya

4. Umubiri udakora imyitozo ngororamubiri wagereranyijwe n'iki mu mwandiko?

Wagereranyijwe n'imodoka itoga cyangwa ngo imenerwe amavuta ashaje

5. Kubira ibuya bimariye iki umubiri wacu?

Bituma imyanda yo mu mubiri isohoka.

6. Vuga imikino itatu uyu munyeshuri akina kandi akaza mu bambere.

Gusimbuka, gutera imihunda, kwiruka...

7. Ni iyihe mpamvu y'ingenzi ivugwa mu mwandiko itera abantu bamwe kubyibuha inda?

Mu mwandiko bavuga ko ari ukudakora siporo cyangwa imyitozo ngororamubiri

Isomo rya cumi na gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko uheruka kwigwa witwa ngo iki?

Umwandiko duheruka kwiga witwaga "ku ishuri turidagadura."

b) Vuga nibura imimaro ibiri y'imikino.

Imikino ihuza abantu bagasabana, inatuma abantu bayaza ibinure byashoboraga kuzabatera indwara zinyuranye.

c) Ni nde ushobora guteza imbere imikino mu ishuri wigamo?

Ni abanyeshuri, abarezi n'abayobozi b'ishuri nigamo.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ku ishuri turidagadura" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko:

- Ubuyobozi bw'ikigo bukunda imikino cyane.
- Umuyobozi abakundisha imikino y'amaboko kandi ngo ntihenda.
- Kudakora imyitozo bitera umubyibuho ukabije.
- Ibyiza bya siporo.

Ingingo z'ingereka ni:

- Kera batarakora siporo bari banini cyane.
- Mu mpera za buri kwezi abanyeshuri bakina n'abayobozi babo.
- Bazenguruka ikibuga inshuro eshanu.

2. Ni gute imyitozo ngororamubiri ifasha umubiri wacu kutagira umubyibuho ukabije.

Mu myitozo ngororamubiri, umubiri ukoresha ibinure byashoboraga gutera umubyibuho.

3. Mu by'ukuri umwanditsi arashaka kumvikanisha iki mu gika cya nyuma?

Arashaka kugaragaza akaga gakomeye gaterwa no kudakora imyitozo. Umubiri ushobora guhura n'indwara nyinshi ndetse no gupfa bikaba byaziraho

Isomo rya cumi na kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.
- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga uvuga ku rihe hame?

Ku ishuri turidagadura.

b) Kwidagadura bimariye iki abantu?

Kwidagadura byongera ubukungu, birinda abantu indwara, bituma baruhuka n'ibindi.

c) Ni iki ubona gikwiye gukorwa kugira ngo siporo n'imikino bitere imbere?

Kubaka ibikorwa remezo no kubifata neza, gushyiraho amategeko n'amabwiriza, gutoza abantu siporo n'imikino n'ibindi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho.

Insanganyamatsiko:

"Imikino ngororamubiri ni nk'ibyo kurya umubiri ukeneye".

Shyira amanyeshuri mu matsinda ku buryo buri wese ashoborakungurana ibitekerezo na bagenzi be.

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

- Imikino itera umubiri kugubwa neza.
- Imikino yongerera umubiri ubushobozi bwo kwirekura.
- Imikino ituma umubiri utanadirwa vuba.
- Gukosora imiterere mibi y'ingingo z'umubiri.

2.4.6. Ingerek

Isomo rya cumi na gatanu: Ingerek z'ibanze

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutandukanya amoko y'ingerek z'ibanze. - Gukoresha inshinga imfite ingerek mu nteruro mbonezamvugo. - Gusesengura inshinga agaragaza utemajambo tw'inshinga idatondaguye n'amategeko y'igenamajwi akomoka ku ngerek.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isomo baheruka kwiga ku nshinga rijyanye n'uturemajambo tw'ibanze ndetse n'amategeko y'igenamajwi.

Igikorwa

Subiza ibibazo bikurikira:

- a) Intego rusange y'inshinga idatondaguye igizwe n'utuhe turemajambo?
- b) Garagaza utundi uturemajambo inshinga idatondaguye ishobora kugira?
- c) Twabonyeko ingereka iba hagati y'utuhe turemajambo tw'inshinga?

Igihe yabajaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

- a) Intego rusange y'inshinga idatondaguye igizwe n'indanganshinga, igicumbi/umuzi n'umusozo.
- b) Utundi turemajambo inshinga idatondaguye ishobora kugira ni impakanyi, indangagihe, inyibutsacyuzuzo n'ingereka.
- c) Twabonyeko ingereka iba hagati y'igicumbi n'umusozo.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ingereka z'ibanze n'amategeko y'igenamajwi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'amoko y' ingereka z'ibanze, amategeko y'igenamajwi , bashake n'ingero z'inshinga zisesenguye. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ingereka, amoko y' ingereka z'ibanze, amategeko y'igenamajwi bashake n'ingero z'inshinga zisesenguye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'ingereka

Ingereka ni akaremajambo kiyomeka inyuma y'umuzi w'inshinga kakawongerera ingingo nshya. Ingereka zishobora kwhagika inyuma y'igicumbi k'inshinga y'ibanze, bityo tukagira inshinga zikomoka ku zindi bitewe n'izo ngereka ziza inyuma y'igicumbi

Amwe mu moko y'ingereka z'ibanze

Ingereka z'ibanze zirimo amoko anyuranye ariko yose akigabanyamo ibyiciro bibiri bikurikira:

- Ingereka z'ibanze zifata umwanya w'imbere iyo zikoranye n'izindi;
- Ingereka z'ibanze zifata umwanya ubonetse wose.

Ingereka zifata umwanya w'imbere ni izi zikurikira:

Ingereka z'inyabune

Ingereka z'inyabune ni ingereka zomekwa ku mizi nkene zikaiha kugira igisobanuro. Izi ngereka akensi zisimburana ku muzi ari enye ariko hari n'imizi idashobora kuzakira zose igashobora gukorana n'ebiyiri cyangwa eshatu gusa. Izo ngereka ni : **-am-/ -ar-, -ik-, -uk-**na **-ur-**

Ingero:

a) kubogama: ku-bog-**am**-a, nta tegeko

kubogeka: ku-bog-**ik**-a **i**→**e/Ce**

kubogora : ku-bog-**ur**-a **u**→**o/Co**

kubogoka : ku-bog-**uk**-a **u**→**o/Co**

b) kwambara: ku-amb-**ar**-a **u** → **w/-J**

kwambika: ku-amb-**ik**-a **u** → **w/-J**

kwambura: ku-amb-**ur**-a **u** → **w/-J**

kwambuka: ku-amb-**uk**-a **u** → **w/-J**

Ingereka nsubira

Ingereka nsubira ni ingereka zifite inyito yo gusubiramo ingingo ibumbiye mu muzi w'inshinga. Izo ngereka ni : **-ag-ur-,-ag-ag-ur-,-ang-** na **-ur-ur-**

a) -ag-ur-

Ingero: Kuvuna→kuvunagura: ku-Ø-vun-**ag-ur-a** nta tegeko
Guhonda→guhondagura: ku-Ø-hond-**ag-ur-a** k→g/-GR

b) -ag-ag-ur-: ikorana n'imizi y'imvugwarimwe.

Ingero: Kurya→kuryagagura: ku-Ø-ri-**ag-ag-ur-a** i→y/-J
Guca→gucagagura: ku-Ø-ci-**ag-ag-ur-a** k→g/-GR, i→Ø/-J

c)-ang-

Ingero: Gukoma→gukomanga: ku-kom-**ang-a** k→g/-GR
Kudonda→kudondanga: ku- Ø-dond-**ang-a** nta tegeko

d) ur-ur:

Urugero: Kubagara→kubagurura: ku-Ø-bag-**ur-ur-a** nta tegeko

Ingereka ngirura

Ingereka ngirura ni ingereka zifite ingingo ibusana n'ingingo ibumbiye mu mizi y'inshinga.
Zikorana n'imizi yihagije. Izo ngereka ni:-**ur-** na -**uk-**

Ingero :

Gutara→gutarura : ku-tar-**ur-a** k→g/-GR
Guta →gutora: ku-ta-**ur-a** a+u→o , k→g/-GR
Kubenga→kubenguka: ku -beng-**uk-a** nta tegeko
Kudoda →kudodoka: ku-dod-**uk-a** u→o/Co-

Ingereka ngirika

Ingereka ngirika yitwa **ntacyuzuzo** cyangwa **ndekacyuzuzo**. Ingereka ngirika ni ingereka zongerera ingingo ibumbiye mu muzi w'inshinga ububasha bwo kugerwaho. -**ik** ni yo ikunda kuboneka.

Ingero:

Kubona → kuboneka: ku-bon-**ik-a**: i→e/co-
Kudoda → kudodeka : ku-dod-**ik-a**: i→e/co-
Gukata → gukatika :ku-kat-**ik-a**: k→g/-GR
Gucana → gucanika : ku-can-**ik-a**: k→g/-GR

Izindi ngereka zidasobanutse neza ni: -**it-;-it-uk-;**

Ingero:

Gukubita→gukubitika: ku-kubit-**ik-a** k→g/-GR
Guhera → guheretuka: ku-her-**it-uk-a** k→g/-GR , i→e/Ce-

Ingereka zifata umwanya ubonetse wose ni izi zikurikira:

Ingerekana ngirana

Ingerekana ngirana ivuga ubufatanye, gukorera icyarimwe, gukora ikintu abantu bari hamwe cyangwa gukorera undi icyo na we agukorera. Ingerekana ngirana ni- **an-**.

Ingero:

Kuvuga → kuvugana:ku-vug -**an-a** nta tegeko
kuryama → kuryamana: ku-ryam-**an-a** nta tegeko

Ingerekana ngirira

Ingerekana ngirira ivuga gukora mu mwanya w'undi; gukorera ikintu umuntu, ahantu igikorwa kibera, igihe, uburyo, impamvu... Ingerekana ngirira ni- **ir-**.

Ingero:

Kurira → kuririra: ku-rir-**ir-a** nta tegeko
Kubyina → kubyinira: ku-byin-**ir-a** nta tegeko
Gukorera amafaranga menshi. ku-kor-**ir-a** i→e/Co-, k→g/-GR
Kuvukira amezi ikenda. ku-vuk-**ir-a** nta tegeko

Ingerekana ngirisha

Ingerekana ngirisha ibumbatiye ingingo yo gukoresha undi muntu cyangwa ikindi kintu ingingo ibumbatiye mu muzi w'inshinga.

a) Ingerekana ngirisha **-ish-** ivuga kwifashisha ikintu ukora ikindi, gutuma igikorwa kiba cyangwa gufasha umuntu gukora ikintu. Iyi ngerekana ikorana n'imizi isozwa n'ingombajwi ndetse n'imizi y'imvugwarimwe imwe n'imwe.

Ingero:

Kwandika → kwandikisha: ku-andik-**ish-a** u→w/-J
Kubaka → kubakisha: ku-Ø-ubak-**ish-a** u → Ø/-J
Guha → guhesha: ku- Ø-ha-ish-a k→g/-GR, a+i→e

b) Ingerekana ngirisha **-sh-** ikoreshwa ku shinga nyinshi zifite umuzi ugizwe n'ingombajwi n'inyajwi.

Ingero:

Gukwa → gukoshwa: ku-ko-**sh-a** k→g/-GR
Kugwa → kugusha: ku-gu-**sh-a** k→g/-GR
Gupfa → gupfusha: ku-pfu-**sh-a** k→g/-GR

Ingerekana ngiza: -y-

Ikorana gusa n'imizi iherukwa n'ingombajwi. Ino ngereka kandi ikora nk'ingereka ngirisha.

Ingero:

Koza (amasahane) : ku-og-y-a **u→Ø/-J** **g+y→z**

Kuvuza (induru) : ku-vug-y-a **g+y→z**

Kwimya: ku-im-y-a **u→w/-J**

Kotsa: ku-ok-y-a **u→Ø/-J** **k+y→ts**

Ingereka ngirwa

Ingereka ngirwa ivuga igikorwa kiba kuri ruhamwa. Ingereka ngirwa ni izi zikurikira:

a) Ingereka ngirwa **-w-** ikorana n'umuzi usoza n'ingombajwi.

Ingero:

Kureba→ kurebwa: ku-Ø-reb-w-a nta tegeko

Gukina→ gukinwa: ku-kin-w-a k→g/-GR

b) Ingereka ngirwa **-bw-** ikorana n'inshinga zifite umuzi ugizwe n'ingombajwi n'inyajwi

Ingero:

Gukwa→ gukobwa: ku-Ø-ko-bw-a k→g/-GR

Guta→ gutabwa: ku-Ø-ta-bw-a k→g/-GR

Amwe mu mategeko y'igenamajwi

Amategeko y'igenamajwi bashyizweho n'abahanga hagamijwe kugaragaza uko amajwi ashobora guhinduka, kuburizwamo cyangwa kwiyunga n'andi. Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu nshinga iri mu mbundo amwe ni asanzwe akoreshwa mu yandi magambo nk'izina, ntera n'ibinyazina. Mu isesengura ry'inshinga iri mbundo, hagaragara amategeko ahuza **indanganshinga n'imizi** ndetse n'andi ahuza **imizi n'ingereka**.

Amategeko y'igenamajwi ashingiye ku nyajwi

1. i→e/Co-

Urugero: gukorera: ku-kor-ir-a i→e/Co-

2. i→e/Ce-

Urugero: gutekera: ku-tek-ir-a i→e/Ce-

3. u→o/Co-

Urugero: kubohora : ku-boh-ur-a u→o/Co-

4. a+u→o

Urugero: gutora: ku-ta-ur-a k→g/-GR a+u→o

Amwe mu mategeko y'igenamajwi ashingiye ku nyerera /y/

1. d+y→z

Urugero: kugenza: ku- Ø-gend-y-a d+y→z

2. g+y→z

Urugero: kuvuza: ku- Ø-vug-y-a g+y→z

3. k+y→ts

Urugero: gusetsa: ku- Ø-sek-y-a k→g/-GR k+y→ts

4. r+y→z

Urugero: kuriza: ku- Ø-rir-y-a r+y→z

5. t+y→s

Urugero: gutosa: ku- Ø-tot-y-a k→g/-GR t+y→s

Impugukirwa:

Ingerekwa zisobora gukurikirana ari nyinshi ku muzi w'inshinga.

Ingero:

Gutsindirwa: ku-tsind-ir-w-a k→g/-GR

Kuvuganira: ku-vug-an-ir-a nta tegeko

Imwitotozo ku turemajambo tw'inshinga

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitotozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitotozo:

1. Garagaza uturemajambo tw'inshinga ziri mu ibara n'amazina yatwo:

a. Kugendana n'igihe ni byiza.

Uturemajambo:ku-gend-an-a

Amazina y'uturemakambo:

ku-: indanganshinga

-gend-: umuzi/igicumbi

-an-: ingerekwa ngirana

-a: umusozo

b) Kwigishirizwa mu ishuri bifasha buri wese.

Uturemajambo: ku-ig-ish-ir-ir-y-w-a

Amazina y'uturemajambo:

ku-: indanganshinga

-ig-: umuzi

-ish-: ingerekwa ngirisha

-ir-: ingerekwa ngirira

-ir-: ingerekwa ngirira

- y-: ingereka ngiza
- w-: ingereka ngirwa
- a: umusozo

2. Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe mu mpine

a) **Gukinana** inkweto birinda gukomereka.

Gukinana: ku-kin-an-a k→g /-GR

b) **Guhabwa** uruhushya rwo kujya gukina hanze y'ishuri birashimisha.

Guhabwa : ku-ha-bw-a k→g /-GR

c) Ntakunda **gutesha** abandi umwanya.

Gutesha: ku-ta-ish-a k→g /-GR a+i→e

2.5. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa kabiri

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozibwo:

- *Gusesengura umwandiko.*

- *Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo.*

-*Gusesengura inshinga isanzwe iri mu mbundo agaragaza uturemajambo twayo n'amategeko y'igenamajwi.*

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Rondora imimaro itatu y'imikino ngororamubiri.

Kuyaza ibinure, gutuma umubiri uruhuka neza, gutuma imyanda isohoka mu mubiri, kugorora ingingo zimwe na zimwe z'umubiri,

2. Kurya birengeje urugero bigira iyihe ngaruka ku mubiri wacu? Umubyibuho ukabije, kugugarirwa mu mubiri, kurwara mu nda.

3. Ni iyihe mpamvu ivugwa mu mwandiko ituma abakinnyi bagira umuco mwiza?

Kubera akamenyero ko kugendera ku mategeko mu kibuga, bituma no hanze bamenyera kubaha amategeko.

4. Ni gute imikino yakwifashishwa mu kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge?

Imikino ihuza abantu b'ingeri zose bagasabana. Abahemukiranye nabo bashobora kwiyunga.

5. Kuki umwanditsi yagereranyije imyitozo ngororamubiri n'ibyo kurya?

Imyitozo ngororamubiri ni bimwe mu by'ingenzi umubiri ukenera ngo ubeho neza kandi urame. Imyitozo ngororamubiri iyo ibuze no mu mubiri hari ikiba kibuze kandi k'ingirakamaro.

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko

a) **Amayasha**: aho ingingo zigenda zikubana nko hagati y'amaguru.

b) **Kugubwa neza**: kumererwa neza

c) **Biramuyoboka**: kumugirira umumaro

d) **kurya wicaye**: kurya udakora

e) **Akayabo** : amafaranga menshi

2. Garagaza amagambo ari mu mwandiko anyuranyije inyito n'aya akurikira:

a) **Ubwigunge** ≠ ubusabane

b) **Umubabaro n'agahinda** ≠ ibyishimo n'umunezezo

3. Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuye n'aya akurikira:

a) **Kurya udakora siporo**: kurya wicaye

b) **Amafaranga menshi**: akayabo

III. Ikibonezamvugo

1. Vuga uwoko bw'amagambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri

a) Burya ibuya **tubira** (**inshinga itondaguye**) iyo turi muri siporo, na byo ni imyanda umubiri uba ukeneye **gusohora**.

Tubira: inshinga itondaguye

Gusohora: inshinga iri mu mbundo

b) Turasabwa **kubahiriza** (**inshinga iri mu mbundo**) amategeko n'**amabwiriza** (**izina rusange**) byubahirizwa mu **mukino** (**izina rusange**).

Kubahiriza:inshinga iri mu mbundo

Amabwiriza:izina rusange

Mukino: izina rusange

2. Garagaza inteko z'amagambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri.

a) Isukari iyo ari **nyinshi** mu mubiri, **gukina** birayigabanya.

Nyinshi: nt.10

Gukina: nt.15

b) **Imyitozo** itera umubiri wacu **kugubwa** neza.

Imyitozo:nt.4

Kugubwa: nt.15

c) **Kubahanana** n' abandi mu mukino ni ihame

Kubahanana: nt.15

3. Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yifashishijwe kuri aya magambo y'umukara tsiri.

a) Amenza **kubabarira** bagenzi be kuko aba azi ko na we ashobora **gukosa**.

Kubabarira: ku-bab-ar-ir-a nta tegeko

Gukosa: ku-kos-a k → g/-GR.

b) **Kwemera (ku-emer-a)** ibyo umusifuzi ategetse **kuzana (ku-z-an-a)** amahoro mu kibuga.

Kwemera: ku-emer-a u → w/-J

Kuzana: ku-z-an-a nta tegeko

c) **Gukinisha** intoki bitangiye **kumenyerwa** no mu mashuri yo mu byaro.

Gukinisha: ku-kin-ish-a k → g/-GR)

Kumenyerwa: ku-men-y-ir-w-a i → e/Ce-

IV. Ubuvanganzo, ubumenyi bw'ururimi n'ikeshamvugo

1. Kosora izi nteruro wubahiriza ikeshamvugo:

a) Abakinnyi bagenda **bakubitagura umupira hasi** bigashimisha.

Abakinnyi bagendaga **badunda** umupira bigashimisha

b) Abafana baba bari hanze y'ikibuga **basakuza bashimagiza** abakinnyi.

Abafana baba bari hanze y'ikibuga **bogeza** abakinnyi.

2. (:) Iki kimenyetso cy'utwatuzo kiri mu dukubo kitwa ngo iki? Tanga urugero rw'interuro iboneye gikoreshejwemo.

Kitwa utubago tubiri

Imikino ifite inyungu nyinshi:Yinjiza amafaranga, iraruhura, ikanatuma abantu bamenyana.

V. Ihimbawandiko

Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko wahawe, uhimbe umwandiko mu mirongo iri hagati ya makumyabiri na makumyabiri n'itanu, ugaragaze nibura ingingo enye zisobanura ibitekerezo byawe:

“Imyitozo ngororamubiri ni ibyo kurya bitunga umubiri w'umuntu”

“Akamaro k'imikino ku ishuri”

Dore zimwe mu ngingo zatangwa kuri buri ndanganyamatsiko:

“Imyitozo ngororamubiri ni ibyo kurya bitunga umubiri w'umuntu”

Urugero rw'ingingo zakwifashishwa:

- Ituma ibyo umuntu yariye bikoreshwa neza,

- Iruhura ingingo

- Igorora ingingo

- Ikiza ubumuga bumwe na bumwe

“Akamaro k'imikino ku ishuri”

Urugero rw'ingingo zakwifashishwa:

-Ituma ishuri rimenyekana

-Irashimisha

- Ituma abana bidagadura
- Yinjiza amafaranga

2.6. Ibikorwa by'inyongera

2.7. Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umwarimu

UMUTWE WA GATATU: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

III.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imyandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye.
- Kugaragaza inshoza n'imbata by'umwandiko ntekerezo.
- Guhangamwe umwandiko ntekerezo yubahiriza amabwiriza abigenga.

III.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Inshingano z'abagize umuryango(Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye).
- Imibanire y'abagize umuryango (Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye).
- Amoko y'imyandiko (Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye).

III.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda bumaze gutera imbere mu burezi. Sobanura mu magambo yawe bwite uburyo uburinganire n'ubwuzuzanye bwateye mu burezi imbere utanga ingero zifatika.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango akabafasha kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibisubizo:

- Nta mirimo ikigenewe umuntu uyu n'uyu mu bagize umuryango;
- Ikandamizwa n'ihohoterwa byarakendereye mu muryango nyarwanda;

- Abagize umuryango basigaye bajya inama ku bijyanye n'imikoreshereze y'umutungo, ubuzima bw'imyororokere n'ibindi.

III.4. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe yagenewe

Umutwe wa gatatu: Uburinganire n'ubwuzuzanye		Umubare w'amasono: 13
Amasono	Intego rusange	Umubare w'amasono
Umwandiko: Ndabaramukije bari b'u Rwanda		
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Umwandiko: Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?		
Isomo rya kane: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya gatanu: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Ihangamwandiko		
Isomo rya karindwi: Umwandiko ntekerezo	Guhanga umwandiko ntekerezo agaragaza imbata y' umwandiko ntekerezo.	Amasono 4

Isuzuma risoza umutwe wa gatatu	Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushoboz na nyagurabushoboz	Isomo 1

3.4.1. Umwandiko: Inshingano z'abagize umuryango

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Ndabaramukije bari b'u Rwanda" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?

Hari abana b'abakobwa bambaye imyambaro y'ishuri batoye imirongo imbere y'umuryango w'ishuri. Hari n'umwarimu ubahagaze imbere.

b) Urabona umwarimu arimo gukora iki?

Arimo kubasuhuza.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1) Mu mwandiko bari kuvuga kuki?

Bari kuvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye

2) Ni bande bari barimwe agaciro?

Umwari na nyina

3) Abakurambere bacu ntibafataga abana kimwe?

Oya. Umwana w'umuhungu ni we wabaga afashwe neza.

4) Ni ikihe kibazo kivugwa mu mwandiko ubu cyahagurukiwe mu Rwanda?

Ni ikibazo cy'uburinganire n'ubwuzuzanye.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ndabaramukije bari b'u Rwanda" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

1. Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:

a) Ntiyaserukaga: Ntiyajyaga aho abandi bari

b) Yabigennye: Yabitegetse gutyo ntibikuka

c) Gusubira irudubi: Kongera bikaba bibi cyane kurushaho

d) Inshingano: Ibyo umuntu agomba gukora

2. Tanga amagambo adahuje inyito n'aya akurikira:

a) Gushaka ≠ kudashaka umufasha cyangwa kwahukana...

b) Kugawa ≠ gushimwa

3. Garagaza amagambo ari mu mwandiko asobanura kimwe n'aya:

- a) **Kujugunya:** Guta
- b) **Agendeye ubusa:** Agendeye agatsi
- c) **Imbogamizi:** Inzitizi

4. Huza aya magambo ari mu mpushya ebyiri (ijambo n'igisobanuro)

A	B
1. Umwari	a. Umukobwa
2. Inzitizi	b. Imbogamizi
3. Impungenge	c. Ubwoba, inkeke

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.</p>
<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko bameruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

- a) **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?** Witwa "Ndabaramukije bari b'u Rwanda"
- b) **Ni iki kivugwa mu mwandiko?**
Ikandamizwa ryakorerwaga abagore n'abakobwa mu gihe cyo hambere.
- c) **Ibivugwa mu mwandiko byaba bifite impinduka ubu?**
Yego kuko ubu himakazwa uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi
- d) **Ni iki kigaragaza ko abana b'abahungu n'abakobwa bose bashobora kwiga kandi bagafata ibintu kimwe?**
Mu nzego zose hagaragaramo abahungu n'abakobwa kandi basohoza inshingano zabo kimwe.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ndabaramukije bari b'u Rwanda" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Uyu mwandiko uranenga iki muri rusange?

Uranenga imyumvire yo mu gihe cyo hambere yadindizaga umwari n'umugore.

2. Haba hari icyo uyu mwandiko ushima mu myumvire y'abo hambere? Niba gihari ni ikihe?

Mu mwandiko bavuga ko umwari na nyina bitaga ku nshingano z'urugo nko kubyara no kurera

3. Vuga imigani migufi ibiri iri mu mwandiko ishyigikira iterambere ry'umugore.

"Uwigishije umugore aba yigishije Igihugu" / "Ukurusha umugore aba akurusha urugo"

4. Vuga ibintu bibiri gusa bigaragara mu mwandiko bigaragaza ikandamizwa

ry'umugore mu gihe cyashize? Ibintu bigaragaza ikandamizwa ry'umugore ni ibi: umugore ngo yari uwo kuragira inka, bavugaga ko ayo urihiye umukobwa aba apfuye ubusa.

5. Ni iki kigaragaza ko ubu umugore mu Rwanda yitaweho kurusha mbere? Ifashishe ingeri ziri mu mwandiko. Ubu abagore ni abakobwa bari mu nzego za Leta, ni abadepite kandi ni benshi.

6. Garagaza ahantu havuzwe abana b'abakobwa n'abahungu bahabwa amahirwe angana?

Ni mu mashuri, mu mirimo inyuranye, mu kazi no mu nzego za Leta zifata ibyemezo

7. Umwandiko usoza usaba abana b'abakobwa iki? Barasabwa kudacika integer no kwiga bashyizeho umwete

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?

Ndabaramukije bari b'u Rwanda.

b) Ni iki wanenga umuco wa kera ku bijyanye n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?

Umuco wa kera wavanguranga abana b'abahungu n'ab'abakobwa.

c) Kuri ubu se ushima iki ihme ry'uburinganire n'ubwuzanye?

Nshima ko abana bose basigaye bafatwa kimwe bagahabwa amahirwe angana.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ndabaramukije bari b'u Rwanda" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Garagaza ingingo z'ingenzi z'ibivugwa muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ni izi:

Umukobwa ntiyigaga, kera higaga abahungu gusa, habayeho impinduka aho ubu bakora imirimo inyuranye, ubwiganze mu badepite, uko basohoza inshingano zabo neza

Ingingo z'ingereka ni izi:

Kuragira inka, imvugo zisesereza, iterambere ku bantu bose ni yo ntero, umugore icyo abashije ni ukubyara, batowe hejuru ya 50% ,...

2. Ni ikihe kintu wumva cyaba cyaratumaga umwari na nyina badahabwa agaciro bakwiye?

Ikintu cyatumaga umwari na nyina badahabwa agaciro ni imyumvure mibi n'ubujiji bidakwiye byari mu muco w'abakurambere.

3. Ubu wumva ari he hakwiye gushyirwa imbaraga kugira ngo uburinganire burusheho gutera imbere mu Rwanda?

Mu muryango abantu benshi ntibarasobanukirwa ihame ry'uburinganire. Bamwe bumva ari uguhangana, abandi bumva ari umwanya wo kwihimura kuko bakandamijwe igihe kirekire, abandi na bo bumva Leta yarabateje abagore babo ngo bambuwe ijambo. Leta ikwiriye gushyiraho ubukangurambaga bukagenta hasi mu miryango.

3.4.2. Iumwandiko: Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?

Isomo rya kane: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegerezza amashusho ajyanye n'umwandiko "Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni iki ubona kuri aya mashusho?

Abanyeshuri b'abakobwa n'abahungu n'umwarimu w'igitsina gore uri hafi y'ikibaho.

b) Urakeka ko uriya mwarimu arimo kuvuga ku yihe nsanganyamatsiko?

Arimo kuvuga ku "Ihame ry'ubwuzuzanye n'uburinganire".

c) Murakeka mu mwandiko turasoma ibijyanye n'iki?

Turasoma ibijyanye n'ihame ry'uburinganire

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ikibazo kivugwa mu mwandiko cyateje impaka ni ikihe?

Ni icyo kumenya niba umukobwa n'umuhungu banganya ubwenge.

b) Ubushakashatsi bwakozwe bwagaragaje iki?

Bwagaragajeko nta tandukaniro rinini rihari.

c) Hambere abatozwaga imirimo y'ubunenyi ngiro ni bande?

Ni abahungu gusa.

d) Ni iki cyavuzwe cyaba gisa no gutatanya imbaraga?

Ni uguheza umugore n'umukobwa mu iterambere.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Intandaro:** intangiriro, inkomoko, impamvu yabiteye.
- b) Ubukorikori:** imirimo y'amaboko bakora ibikoresho bimwe na bimwe cyangwa imitako.
- c) Amaronko:** Ibyo bakuye mu kazi bakoze bizabatunga.
- d) Inzobere:** abahanga mu bintu runaka.

Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora umwitozo bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku gitit ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo byawo:

1. Koresha amagambo umaze gusobanura hejuru mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

a) Intandaro

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni intandaro y'iterambere rirambye

b) Ubukorikori

Abana bose bakwiriye gutozwa ubukorikori ngo bazitezze imbere.

c) Amaronko

abantu bazenguruka hirya no hino mu masoko bashaka amaronko.


d) Kwaguka

Uko igihugu cyarushagaho kwaguka ni ko n'ubukungu bwiyyongeraga.

e) Inzobere

Inzobere mu by'ubukungu n'iterambere bavuga ko nta terambere ryabaho hatariho uburinganire mu muryango

2. Huza aya magambo ari mu nziga ebyiri zikurikira wubahiriza inyito zayo:



Ibisubizo : 1=c, 2=a, 3=b, 4=d

Isomo rya gatanu: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni uwuhe mwandiko uheruka kwigwa?

Ni "Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?

b) Bavugaga ko hagati y'abahungu n'abakobwa ari bande bafite ubwenge bwinshi?

Bose barabunganya iyo batojwe kimwe

c) Ni iki waba waramenyeye mu mwandiko?

Namenye ko abahungu n'abakobwa bose bafite ubwenge bungana. Nasobanukiwe n'impamvu ituma rimwe na rimwe abakobwa basubira inyuma iyo bari mu mashuri yisumbuye cyangwa mu mashuri makuru.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Umugabo n'umugore baba banganya umwenge?" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Umwanditsi avuga ko ubu bushakashatsi bwari bugamije iki?

Bwari bugamije kugaragaza niba koko abahungu barusha abakobwa ubwenge cyangwa se niba bose babunganya

2. Ubwo bushakashatsi batubwira ko bwabereye he?

Batubwira ko bwakorewe muri Amerika.

3. Ni iyihé myumvire itari yo ariko abantu bakomeje gufata nk'ukuri igihe kirekire?

Abantu bakomeje kumva ko umuhungu arusha umukobwa ubwenge ariko si byo.

4. Ni iyihé mpamvu ivugwa mu mwandiko ituma abana b'abahungu n'abakobwa batangira bari ku kigero kimwe, bagera hejuru abahungu bagatangira gutsinda kurusha abakobwa?

Abana b'abakobwa batangira guhabwa imirimo myinshi yo mu rugo abandi bagashyingirwa bakiri bato.

5. Ni akahe kamaro k'uburinganire kavugwa mu mwandiko?

Uburinganire buzana iterambere.

6. Vuga ingaruka zishobora kuvuka aho ihame ry'uburinganire ritubahirizwa?

Kudindira mu iterambere, guhezwa kwa bamwe.

Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga uvuga ku ki?

Umwandiko duheruka kwiga uvuga ku bwengebw'abantu b'igitsina gore n'ab'igitsina gabu.

b) Ese mu mwandiko bavugako ari nde urusha undi ubwenge?

Mu mwandiko bavuga ko nta muntu urusha undi ubwenge.

c) Ni iki uyu mwandiko wagusigiye nk'isomo?

Icyo wansigiye nk'isomo ni uko iterambere rigerwaho ku bufatanye bw'abantu b'ibitsina byombi.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko ni izi:

Abantu benshi bibwira ko abahungu barusha abakobwa ubwenge, hari amasomo amwe abahungu baba barusha abakobwa gutinyuka, hari imirimo n'amasomo abakobwa badatozwa bakiri bato, abahungu bakunda gutemberezwa kurusha abakobwa, abana bose bakumva ibintu kimwe baramutse batojwe bimwe kandi hakiri kare.

2. Wowe ukurikije ibyo ubona ku ishuri, haba hari isomo abakobwa n'abahungu badatsinda kimwe? Niba rihari ni irihe? Ese usanga impamvu ari iyihe?

Ibitekerezo n'ibisubizo bishobora kuza binyuranye. Hari ababona ko ntayo abandi bakavuga ko bose batsinda kimwe.

3. Garagaza uburyo urugo rutarimo uburinganire n'ubwuzuzanye, rutagira iterambere

Urugo rutarimo uburinganire n'ubwuzuzanye ntirwagira iterambere kuko mu gihe abarugize batumva iryu hame habaho guhora mu ntonganya, gusuzugurana, kudahana agaciro, ...kandi ibyo byose bibangamira iterambere. Kugira ngo abantu bafashanye biteze imbere bagomba kumva neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

3.4.3. Ihanganmwandiko

Isomo rya karindwi: Umwandiko ntekerezo

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'ihangamwandiko.

Igikorwa

Umwandiko "umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?" ugizwe n'ibihe bice ?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Umwandiko “ Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?” ugizwe n'ibice bitatu by'ingenzi: intangiriro igizwe n'igika cya mbere, igihimba kigizwe n'ibika kuva ku cya kabiri kugeza ku gika kibanziriza icya nyuma, n'umusozo ugizwe n'igika cya nyuma.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umwandiko ntekerezo

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'imbata by'umwandiko ntekerezo hanyuma banahange umwandiko bubahiriza amabwiriza y'ihangamwandiko. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'imbata by'umwandiko ntekerezo hanyuma banahange umwandiko bubahiriza amabwiriza y'ihangamwandiko.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Umwandiko ntekerezo

Inshoza y'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko mpimbano akensi uvuga ibantu bisanzwe mu buzima. Uwandika umwandiko ntekerezo akensi ahera ku nsanganyamatsiko runaka akayihuza n'ibyo abona, yumva cyangwa atekereza ko byabaho akabyandika ku buryo uzabisoma yiyungura ubumenyi.

Imyandiko ntekerezo bayita kandi " imyandiko isanzwe". Yitwa ityo mu rwego rwo kuyitandukanya n'indi myandiko y'ubuvanganzo nk'inkuru, ibiganiro, imivugo n'iyindi. Mu mwandiko ntekerezo umuntu atanga ibitekerezo bye ku nsanganyamatsiko yahawe cyangwa yihitiyemo, maze usoma akaba yabifata nk'ukuri cyangwa akabihakana. Nta minozanganzo myinshi ikunze kubamo.

Imbata y'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ndetse n'indi myandiko, bijya gukorwa byabanje gutekerezwaho bigakorerwa imbata. Umwandiko ntekerezo ugomba kuba ufite umutwe kandi ukandikwa mu buryo bugaragara, ugira kandi ibice bitatu by'ingenzi biwuranga ari byo: **intangiriro, igihimba n'umusozo.**

1. Umutwe w'umwandiko

Umutwe w'umwandiko ntekerezo ni nk'ipfundu riba riri bupfungurwe mu mwandiko nyiri izina. Dore ibiranga umutwe w'umwandiko:

Umutwe w'umwandiko ugomba kuba witaruye gato ibindi bice by'umwandiko bisigaye.

Umutwe w'umwandiko ushobora kwandikwa mu nyuguti nkuru.

Umutwe w'umwandiko ucibwaho umurongo

Biba byiza cyane iyo umutwe ubaye mugufi. Ni ukuvuga ko uba wanditse mu murongo umwe cyangwa ibiri. Iyo irenze ishobora kwitiranywa n'igika cy'umwandiko.

2. Intangiriro

Ni igice kibanziriza umwandiko. Muri iki gice umwanditsi avuga muri make ibyo agiye kwandikaho, agasobanura umutwe mu magambo make cyane. Mu ntangiriro kandi umwanditsi atera amatsiko abasomyi, yibaza ibibazo aba ari busubirize mu gihimba. Akensi aba ari igika kimwe. Intangiriro igaragaramo ibantu bitatu by'ingenzi ari byo:

Gusobanura insanganyamatsiko

Kuvuga ikigamijwe mu buryo bushobora kuba ikibazo kiziguye

Kugaragaza ingingo nkuru uri buvugeho.

3. Igihimba

Ni cyo gice kinini cy'umwandiko kigaragaramo ibika. Bitewe n'ingingo umwanditsi ari butange, mu gika uwandika asobanura ku buryo burambuye ingingo runaka, akanatanga ingero zifatika zifasha mu gusobanurira no kumara amatsiko umusomyi. Mu gihimba uwandika asobanura ibitekerezo bye mu buryo bunoze kandi akabikurikiranya ku buryo bidatera urujijo. Uwandika ashobora kwifashisha ibyo yasome, ibyavuzwe n'abahanga cyangwa inararibonye mu byo avugaho. Ibyo bifasha mu kwemeza abasomyi.

4. Umusozo

Umusozo ni igice gisoza. Icyo gice kigaragaramo inshamake y'ibyavuzwe mu mwandiko. Iyo insanganyamatsiko isaba kugaragaza uruhande umwanditsi abogamiyeho ni ho bigaragarira. Mu musozo ni ho umwanditsi ashobora kugira inama yatanga afatiye ku bivuzwe mu mwandiko.

Ibyitabwaho mu guhangha umwandiko ntekerezo

Kugira ngo umwandiko ugire isura nziza, ni ngombwa ko uwandika yita kuri ibi bikurikira:

Isuku n'imigaragarire

Umwanya iburyo n'ibumoso

Gutangira neza ibika no kubahiriza amabwiriza agenga imyandikire

Kugena umwanya ukwiye hagati y'umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

Intambwe z'ingenzi zikwiriye gutterwa mu guhimba umwandiko ntekerezo

Gutekereza ku nsanganyamatsiko no kuyisobanukirwa neza

Gutekereza no kwandika ku ruhande ibitekerezo ku ngingo nkuru uri buvugeho

Gukora imbata y'umwandiko

Kwandika umwandiko wita ku isuku no ku mabwiriza agenga imyandikire Gusoma ibyo wanditse ukareba ko hari ibyo waba washyizemo bitari ngombwa cyangwa se ko hari ibyo waba wibagiwe byari ngombwa.

Gukuramo ibitari ngombwa no kongeramo ibibuze

Kwandukura ibyo wanditse ku rupapuro mu buryo bufite isuku wita no ku mabwiriza agenga imyandikire.

Ikitonderwa:

Imyandiko ntekerezo bayita kandi "imyandiko isanzwe". Yitwa ityo mu rwego rwo kuyitandukanya n'indi myandiko y'ubuvanganzo nk'imigani, imivugo n'iyindi. Imyandiko ntekerezo isa nk'imenyesha amakuru y'ibiraho maze usoma akaba yabifata nk'ukuri cyangwa akabihakana. Nta minozanganzo myinshi ikunze kubamo

Imyitozo ku mwandiko ntekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

Wubahirije amabwiriza agenga ihangamwandiko, hanga umwandiko ntekerezo wimirongo makumyabiri n'itanu kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko zikurikira:

- a) Imyigire y'umwana w'umukobwa yitaweho mu Rwanda.
- b) Uwigishije umugore aba yigishije igihugu.

Ikitonderwa: Kuri buri nsanganyamatsiko utange nibura ingingo enye zifututse.

Ibisubizo:

Ingingo zishobora gutangwa:

a) Imyigire y'umwana w'umukobwa yitaweho mu Rwanda

Urugero rw'ingingo zabonekamo: amashuri yihariye, ibihembo bigenerwa abakobwa ubukangurambaga, ihame ry'uburinganire, icyumba cy'umukobwa...

b) Uwigishije umugore aba yigishije Ighihu.

Urugero rw'ingingo zishobora kugaragaramo ni izi: Umugore arabyara agaheka, ni we ubana n'umwana igihe kinini amutoza imico myiza, umukobwa ntaba azi aho azerekeza amaze gushaka.

3.5. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatatu

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:

- *Gusesengura umwandiko.*
- *Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo.*
- *Guhanga umwandiko ntekerezo yubahiriza amabwiriza abigenga.*

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni nde uvugwa cyane muri uno mwandiko. Yaba ageze mu mwaka wa kangahe?

Haravugwamo umwana w'umukobwa w'umunyeshuri na musaza we Rukundo. Ageze mu wa kabiri

2. Hariho abana bakoreshwa imirimo ivunanye. Vugamo ibiri waba uzi mu mirimo ivunanye.

Muri iyo mirimo harimo guhingishwa bakiri bato no gukoreshwa mu birombe.

3. Umunyeshuri Rukundo uvugwa mu mwandiko apfana iki n'uyu mwana uvugwa mu mwandiko?

Ni musaza we.

4. Ni iyihe nteruro igaragaza ko uyu mwana atari indashima.

Hari aho agira ati Ndashimira abo bose banyitangiye bakampa uburere bwiza.

5. Kuki uvugwa mu mwandiko ashyize imbere uburere bw'umwana w'umukobwa?

Ni uko avuga ko ureze neza umwari aba areze Igihugu. Umukobwa warezwe neza iyo abyaye atoza abana be uburere bwiza Igihugu cyose kikunguka.

II. Inyunguramagambo

Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Umwari:** umukobwa w'inkimi ukuze ariko atari yashaka
- b) Gukerebuka:** gusobanukirwa n'ibintu kubera kutaba injiji
- c) Kudidibuza:** kuvuga neza ururimi
- d) Intyoza:** umuntu uhugukiwe, udatinya uzi kuvuga neza akamenya kuryosha ikiganiro no gusubiza vuba.
- e) Nyampinga:** umukobwa w'imico myiza

III. Ubumenyi rusange bw'ururimi

1. Umwandiko mwiza ugira ibice bingahe? Bivuge?

Ugirwa n'ibice bitatu. Intangiriro, igihimba n'umusozo.

2. Vuga nibura bibiri mu biranga umutwe w'umwandiko

Kuba witaruye gato, kuba uciweho umurongo, kuvuga muri make cyane ibyerekeye umwandiko, nturenza imirongo ibiri...

3. Vuga nibura ibintu bibiri mu by'ingenzi bidakwiriye kubura mu ntangiriro.

Kuvuga icyo umwandiko ugamije, kuvuga ingingo nkuru uri buvugeho, gusobanura gato insanganyamatsiko...

IV. Ihimbamwandiko

Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko uyiramburemo umwandiko muremure wubahirije amategeko n'amabwiriza biranga umwandiko ntekerezo.

a) Imyigire y'umwana w'umukobwa yitaweho mu Rwanda

Urugero rw'ingingo zabonekamo: amashuri yihariye, ibihembo bigenerwa abakobwa ubukangurambaga, ihame ry'uburinganire, icyumba cy'umukobwa...

b) Uwigishije umugore aba yigishije Igihugu.

Urugero rw'ingingo zishobora kugaragaramo ni izi: Umugore arabyara agaheka, ni we ubana n'umwana igihe kinini amutoza imico myiza, umukobwa ntaba azi aho azerekeza amaze gushaka.

c) Akamaro k'uburinganire mu iterambere ry'Igihugu

Ingingo: Kunganirana aho umwe atabonetse undi akaba ahari ntihagire umurimo udindira, gufatanya mu kubaka igihugu buri wese atanga umusanzu we no kwihutisha iterambere hitawe ku bikenewe ku bitsina byombi.

3.6. Ibikorwa by'inyongera

3.7. Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umwarimu

UMUTWE WA KANE: UBUZIMA

IV.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imyandiko ku buzima n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Gukoresha impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito, imbusane mu nteruro.
- Gukoresha amazina akomoka ku yandi no kuyakoresha mu nteruro.

IV.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi:

- Uburyo SIDA yandura (Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye).
- Uburyo bwo kwirinda SIDA (Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye).
- Amoko y'amagambo(Umwaka wa mbere w'ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye)

IV.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Mukurikije uko mubona imyitwarire y'abantu bo muri iki gihe, musobanure mugaragaza ko kugira ubuzima buzira umuze ari inkingi y'iterambere. Wakora iki kugira ngo ushishikarize abasore n'inkumi kutishora mu mibonano mpuzabitsina bakiri bato.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima akabafasha kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibisubizo:

Kugira ubuzima buzira umuze ni inkingi y'iterambere kuko iyo umuntu atarwaye yitabira umurimo ubyara inyungu. Nashishikariza urubyiruko kurangwa n'umuco wo kwifata no kutumva ababashuka babashora mu busambanyi.

IV.4. Amasomo ari mu mutwe wa kane n'igihe yagenewe

Umutwe wa kane: Ubuza	Umubare w'amasomo: 17
------------------------------	----------------------------------

Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Ubuzima buzira umuze		
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Amasomo2
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Inyunguramagambo		
Isomo rya kane: Ibyigwa by'inyunguramagambo.	Gukoresha mu nteruro mbonezamvugo impuzanyito, imvugakimwe, imbusane, ingwizanyito, impuzashusho.	Amasomo 2
Umwandiko: Agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina		
Isomo rya gatanu: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya gatandatu: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva no umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya karindwi: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya munani: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Ikomorazina mvazina		
Isomo rya kenda: Ikomorazina mvazina	<ul style="list-style-type: none"> - Kwandika ibitekerezo bye akoresha neza amazina yaturutse ku yandi moko y'amagambo. - Gusesengura amazina akomoka 	Amasomo 4

	ku yandi yerekana inkomoko n'uturemajambo twayo n'amategeko y'igenamajwi.	
Isuzuma risoza umutwe wa kane		Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushoboz na nyagurabushoboz		Isomo 1

4.4.1. Umwandiko: Ubuzima buzira umuze

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko “*Ubuzima buzira umuze*” bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?

Turabona abana babiri (umuhungu n'umukobwa) bakina umupira w'amaguru; ababyeyi bombi bicaye ku rubaraza rw'inzu bakikije ameza ariho ibiryo n'ibinyobwa , baseka banezerewe.

b) Murabona abo bana bameze bate?

Turabona bashishe, basa n'abafite imibereho myiza.

c) Naho ababyeyi babo bo bameze bate?

Umuntu arabona bakeye, bishimye kandi bafite n'amafunguro ahagije.

d) Iyo muganiriye n'abantu bakuze cyangwa se n'abaganga bababwira ko kugira ngo umuntu agire ubuzima bwiza yakora iki?

Batubwira ko yajya arya indyo yuzuye, akagira isuku, akirinda ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi, agakora siporo kandi akajya agira umwanya uhagije wo kuruhuka.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko uravuga ku biki?

Uravuga ku buzima buzira umuze.

b) Ni ibiki ubuvugaho?

Uravuga ku byo umuntu yakora ngo agire ubuzima buzira umuze n'inyungu yo kugira ubuzima nk'ubwo.

c) Ibyo uyu mwandiko uvuga byabera he ?

Byabera mu muryango.

d) Mu mwandiko bavuga ko byaba ryari ?

Byabaho guhera umwana agisamwa kugeza igithe azavira mu mubiri.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubuzima buzira umuze" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Umuze** : Uguisogobwa k'umuntu akamererwa nabi bitewe n'indwara
- b) **Imfashabere** : Amafunguro ategurirwa umwana ucyonka kugira ngo yunganire ibere.
- c) **Inkingo** : Imiti iterwa cyangwa ihabwa umuntu mu rwego rwo kumurinda indwara y'icyorezo mbere y'uko imugeraho. (Urukingo rushobora no guhabwa ibindi binyabuzima).
- d) **Ihungabana** : Imimerere y'umuntu uhorana uwomba bukabije yatewe n'ikintu runaka cyamubayeho cyangwa yabonye.
- e) **Nyamuntu** : Ukwiyie, ukora ibantu bitunganye, by'ingirakamaro.

2. Shaka amagambo ahuje igisobanuro n'aya akurikira:

- a) **Kwibaruka** : Kwibaruka
- b) **Abavuzi** : Abaganga
- c) **Imyambaro** : Imyenda

3. Shaka amagambo abusanyije igisobanuro n'aya akurikira

- a) **Ibanza** ≠ iheruka
- b) **Amahirwe** ≠ ibyago
- c) **Neza** ≠ nabi

Imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora imyitozo y'inyunguramagambo rir mu gitabo cyabo bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo byawo:

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

a) Kwisuzumisha

Ni byiza kwisuzumisha kwa muganga igithe wumva urwaye.

b) Gukurikiranwa

Umurwayi wese agomba gukurikiranwa n'abavuzi ngo barebe ko yakira vuba.

c) Ubumuga

Umuntu wese ufite ubumuga agomba kwitabwaho by'umwihariko.

d) Afututse

Umunyarwanda wo muri iki gihe yakagombye kuba afututse.

e) Kokama

Abana b'ibitsina byombi bakwiye gutozwa kutemera ko ingeso mbi zibokama.

Mu byerekezo byose bishoboka, shaka amagambo avuga ku buzima ari muri iki kinyatuzu:

Nnn

	A.	B.	C.	D.	E.	F.	G.	H.
1.	A	I	N	K	I	N	G	O
2.	B	B	T	I	K	E	Y	E
3.	A	I	A	T	I	I	S	I
4.	N	T	R	V	R	T	E	N
5.	A	A	A	V	U	K	A	D
6.	K	R	V	T	H	Z	R	Y
7.	I	O	U	M	U	T	I	O
8.	N	F	K	O	K	A	M	A
9.	A	M	A	R	O	N	K	O

Ibisubizo:

1. Inkingo 2. Abavuzi 3. Abana 4. Ntaravuka 5. Ibitaro 6. Umuti 7. Avuka
 8. Indyo 9. Amaronko

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?

Witwa "Ubuzima buzira umuze."

b) Muri rusange uvuga ku biki?

Uvuga ku byo umuntu yakwitaho ngo agire ubuzima buzira umuze n'akamaro ko kugira ubuzima nk'ubwo.

c) Ubuzima buzira umuze bumaze iki?

Butuma umuntu abaho neza, akigirira akamaro, akakagirira n'umuryango rusange w'abantu.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubuzima buzira umuze" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Gahunda yo kwita ku buzima bw'umwana Leta yitayeho cyane ireba umwana wo mu kihe kigero?

Leta y'u Rwanda yahagurukiye guteza imbere gahunda yo kwita ku buzima bw'umwana wo mu kigero k'iminsi igihumbi ibanza y'ubuzima bwe; ni ukuvuga guhera agisamwa kugera ku myaka ibiri.

2. Vuga ibintu bine biranga umuntu ufite ubuzima buzira umuze.

Umuntu ufite ubuzima bwiza aba akomeye, atagenda atengerana kubera ibinure byinshi, adafite ihungabana ry'uburyo ubwo ari bwo bwose, atarwaragurika, atananutse cyane n'ibindi.

3. Garagaza ibintu nibura bitanu umuntu akeneye byamufasha kugira ubuzima buzira umuze.

Byava muri ibi: Agomba kwita ku mirire ye arya indyo yuzuye irimo ibyubaka umubiri, ibiwutera imbaraga ndetse n'ibiwurinda indwara, kurindwa iohohoterwa iryo ari ryo ryose nk'irishingiye ku gitsina, kudakoreshwa imirimo imurenze, kugira isuku y'amafunguro, iy'umubiri n'iy'emyambaro, gukora kugira ngo abone ibyo akeneye bimutunga, gukora siporo, kubona umwanya uhagije wo kuruhuka. Yarwara akivuza neza kandi kare, kwitabira gahunda y'inkingo ziteganywa na minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo. Agomba kandi kwirinda ibyamuhungabanya cyangwa ngo bihungabanye n'abandi nk'ibiyobyabwenge, ingeso z'ubusambanyi, n'ibindi.

4. Ku bwawe kuki umugore utwite agomba kwipimisha kandi iyihe cyo kubyara cyagera akabyarira kwa muganga?

Umagore ukimara kumenya ko yasamye agomba kwitabira gahunda zose z'ubuzima zireba umugore utwite zirimo no kwipimisha uko amabwiriza abiteganya no gukurikiza amabwiriza yose ahabwa n'abaganga ndetse n'abakozi bose bo muri urwo rwego. Iyihe cyo kubyara kigeze agomba kwitabira kubyarira kwa muganga kugira ngo abavuzi bamube hafi bamukorere ibikenewe byose bihesha umwana uvutse amahirwe yo gukura neza afite ubuzima buzira umuze.

5. Uherrye no ku bivugwa mu mwandiko vuga ibintu bine bishobora gutuma umuntu akurana ihungabana.

Kutagaragarizwa urukundo, kutitabwaho mu muryango avukamo ndetse no mu muryango mugari w'abantu, kutishyurirwa amashuri n'ibigendanye na yo byose, gukorerwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose, kudateganyirizwa n'ibindi.

6. Ni ibihe bintu bivugwa mu mwandiko umuntu akwiye gutozwa kuva akiri muto?

Agomba gutozwa umuco wo kuzigama, akanigishwa inyigisho zijiyanne no kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo n'izijyanye n'ubuzima bw'imyororokere hakiri kare.

7. Sobanura ihuriro riri hagati y'ubuzima buzira umuze n'ishuri ugendeye ku bivugwa mu mwandiko.

Ihuriro rihari ni uko mu gihe umuntu yakurikiye amashuri ye uko bikwiye bimufasha kumenya no kwita ku bituma agira ubuzima buzira umuze twamaze kurondora.

8. Sobanura uburyo bwo kubungabunga ubuzima bwagaragajwe mu mwandiko.

Umuntu yabungabunga ubuzima akora siporo ku buryo buhagije akayaza ibinure. Yakwitabira kandi gahunda y'inkingo ziteganywa na minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo, akirinda ibyamuhungabanya cyangwa ngobihungabanye n'abandi nk'ibiyobyabwenge, ingeso z'abusambanyi n'ibindi, agakurikira amashuri ye uko bikwiye n'ibindi.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumbabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku ki?

Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku buzima buzira umuze.

b) Ni iki wibuka cyavuzwe mu mwandiko cyatuma umuntu agire ubuzima buzira umuze?

Kurya indyo yuzuye, gukora siporo, kuruhuka, kwirinda kunywacyangwa gukoresha ibiyobyabwenge...

c) Kutanya amazi ahagije byatuma umuntu agira ubuzima buzira umuze?

Oya. Umubiri ukenera amazi meza kugira ngo ukore neza.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubuzima buzira umuze" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi:

Kwita ku buzima bw'umwana muto

Ibituma umuntu agira ubuzima buzira umuze

Ibiranga umuntu ufite ubuzima buzira umuze

Inyungu zo kurererwa mu muryango ufite ubuzima buzira umuze.

Ingingo z'ingereka:

Gutozwa kuzigama

Inyigisho zo kurwanya jenoside

Ubuzima bw'imyororokere.

2. Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko unayihuze n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi.

Insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko ni ubuzima buzira umuze. Iyi nsanganyamatsiko yahuzwa n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi kuko umuntu wese yagombye gukora ibishoboka byose kugira ngo agire ubuzima buzira umuze.

3. Ku bwawe wumva ute ubuzima buzira umuze? Ese umuntu atabuharaniye byamutwara iki?

Ubuzima buzira umuze numva ko ari ikintu k'ingenzi cyane; ari cyo nkingi y'iterambere. Ni ngombwa rero kubuharanira kugira ngo imibereho y' umuntu y'ejo hazaza ibone uko izaba myiza.

4.4.2. Inyunguramagambo

Isomo rya kane: Ibyigwa by'inyunguramagambo: impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane mu nteruro.

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kugaragaza inshoza y'inshinga no gutandukanya amoko y'inshinga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'inyunguramagambo.

Igikorwa

Itegerewe interuro zikurikira maze utahure imiterere y'amagambo atsindagiye mu rwego rw'inyito.

Interuro:

- Iyo **inkoko** yanitseho amasaka **inkoko** ishobora kuyatora
- Umwana** wa Kamana yashyingiwe umwaka ushize none yabyaye **umwana** uyu munsi.
- Kugira ngo umuntu agire ubuzima bwiza agomba gufata **amafunguro** cyangwa **indyo** yuzuye.

- d) Mu buzima habamo **ibyishimo n'ibyago**.
- e) **Gutera intabire si kimwe no gutera ipasi**

Urabona amagambo atsindagiye ahuriye he mu nyito zayo?

Ibibazo:

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Ibisubizo:

Abanyeshuri baratanga ibitekerezo bitandukanye, birimo amagambo babona yanditse kimwe, asomwa kimwe, asobanuye kimwe, afite ibisobanuro bitandukanye ndetse n'amagambo abusanyije inyito. Ayo magambo niyo bita impuzashusho, imvugwakimwe, ingwizanyito, impuzanyito ndetse n'imbusane.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ibyerekeye inyunguramagambo.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza z'ibyigwa by'inyunguramagambo n'ingero zifututse banazikoresha mu nteruro mbonezamvugo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza z'ibyigwa by'inyunguramagambo utange ingero unazikoreshe mu nteruro ziboneye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Ibyigwa by'inyunguramagambo: Impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane

a) Impuzanyito

Inshoza y'impuzanyito

Nk'uko izina ribivuga **impuzanyito** ni amagambo ahuje inyito. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba atavugitse kimwe, atanandikwa kimwe ariko ahuje igisobanuro ku buryo rimwe ryasimbura irindi mu nteruro igitekerezo ntighinduke.

Ingero:

- a)-Umugabo n'**umugore** we bagomba gutekereza uko **abana** babo bazagira ubuzima bwiza.
- Umugabo n'**umufasha** we bagomba gutekereza uko **urubyaro** rwabo ruzagira ubuzima bwiza.
- b) - Umubyeyi ukimara kumenya ko yasamy e yihata **indyo** yuzuye.
- Umubyeyi ukimara kumenya ko yasamy e yihata **igaburo** ryuzuye.
- Umubyeyi ukimara kumenya ko yasamy e yihata **ifunguro** ryuzuye.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akoreshwa mu nteruro zinyuranye, ni impuzanyito:

- a) umugore, umufasha
abana, urubyaro
b) indyo, igaburo, ifunguro

Izindi ngero:

- Umugore utwite: Umugore ufite inda.
- Umwanya wo gukora siporo: Igihe cyo gukora siporo.
- Umwana: Iribondo
- Ibyago: Amakuba, ibibazo
- Gufutuka: Gusobanuka, gukosoka
- Kuzahaza: Kurembya, kunegekaza
- Umuhanzi: Umuhimbyi

Imvugwakimwe

Inshoza y'imvugwakimwe

Nk'uko izina ribivuga **imvugwakimwe** ni amagambo yandikwa kimwe kandi agasomwa kimwe ariko nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba asa mu rwego rw'emyandikire ariko adafitanye igisobanuro kimwe. Iyo uyarebye ugira ngo ni ijambo rimwe risobanuye kimwe; ariko si ko biri.

Ingero:

- a) - **Umugabo** n'umugore bafatanya guteganyiriza ababakomokaho.
 - Iyo bakuba imibare batanga **umugabo** w'ikenda ngo barebe ko bakubye neza.
 - Ubwo uvuga ko nagukubise uzatange **umugabo** wabibonye.
- b) - Mu bigize umubiri w'umuntu habamo **ibiyaga** nk'ibinure n'ibindi.
 - Mu byiza bitatse u Rwanda habamo imisozi, ibyanya by'inyamaswa, **ibiyaga**, imigezi n'ibindi.
- c) - Ni byiza ko iyo igihe cyo **kubyara** kigeze, umugore utwite abyarira kwa muganga.
 - Icyo gisabo utagikuye mu nzira abana bashobora kukigwira bakagiteza **kubyara**.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akoreshwa mu nteruro zinyuranye, ni imvugwakimwe:

- a) umugabo, umugabo, umugabo
- b) ibiyaga, ibiyaga
- c) kubyara, kubyara

Izindi ngero:

Inka

- Itungo ryo mu rugo
- Amasaro bakinisha igisoro
- Izo bakoresha mu mukino w'ikibariko

Gukarabya

- Umuntu ugiye kurya
- Kwima burundi umuntu ibyo yari agenewe
- c) **Impuzashusho**

Inshoza y'impuzashusho

Nk'uko izina ribivuga **impuzashusho** ni amagambo yandikwa kimwe ariko adasomwa kimwe kandi nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba asa (ahuje ishusho) mu nyandiko isanzwe, ariko uko avugwa ndetse n'igisobanuro nta ho bihuriye. Ayo magambo atandukaniye ku butinde bw'imigemo n'imiterere.

Ingero:

- a) - Mu bikenerwa mu mirire bikomoka ku matungo habamo n'inyama y'**inkoko**.

- **Inkoko** ni igikoresho bafashaho imyaka cyanecyane mu cyaro.
- b) - Umuntu wese akwiye kugirira isuku umubiri n'**imyenda** yambara.
 - **Imyenda** myinshi yaba iya banki yaba iy'abandi bantu irahangayikisha.
- c) - Abantu batagira isuku barwara **inda** ziza mu myambaro cyangwa mu mutwe.
 - Kugira **inda** nini si indangagaciro y'Abanyarwanda.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akesha mu nteruro zinyuranye, ni impuzashusho:

- a) inkoko (itungo ryo mu rugo), inkoko (igikoresho cyo mu rugo)
- b) imyenda (bambara), imyenda (amadeni)
- c) inda (agakoko gaterwa n'umwanda), inda (igice cy'umubiri)

Izindi ngero:

Gutara:

Gutara: Gushyira ibitoki mu rwina
 Gutara: Gushakashaka cyangwa gukusanya ibintu bitatanye cyane

Ikiraro

Ikiraro: Iteme bambukiraho
 Ikiraro: Inzu y'inka cyangwa andi matungo

Gutaka

Gutaka: Kuvuga ko ubabaye
 Gutaka: Gushyira amabara ku kintu

Guhuma

Guhuma: Kurwara amaso
 Guhuma: Kuvuga kw'impyisi

d) Ingwizanyito

Inshoza y'ingwizanyito:

Nk'uko izina ribivuga **ingwizanyito** ni ijambo riba rifite inyito zitandukanye. Ni ukuvuga ko inyito z'iryo jambo ziba zifite aho zihurira, ariko zikagenda zitandukanaho gato bitewe n'uko ijambo ryakoreshejwe. Hashobora kuba mu nyito mbonera cyangwa se mu nyito shusho.

Ingero:

- a) - **Abana** bakeneye indyo yuzuye kugira ngo bakure neza.
 - **Abana** b'uriya musaza bose barashatse.
- b) - **Inka** iri mu matungo Abanyarwanda bakunda korora.
 - Iyo banegura umuntu w'umuswa cyane mu Kinyarwanda bavuga ko ari **inka**.
- c) - **Abagabo** bose bagomba kujya inama n'abagore babo ku cyateza imbere urugo rwabo.
 - Abantu bose bakora ibikorwa by'indashyikirwa bitwa **abagabo**.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akoreshwa mu nteruro zinyuranye, ni ingwizanyito:

- a) Abana (abakiri bato), abana (ababyawe na runaka n'ubwo baba bakuze)
- b) Inka (itungo ryo mu rugo), inka (umuntu w'umuswa cyane)
- c) Abagabo (abashatse abagore), abagabo (abakoze neza kabone n'aho yaba ari umugore)

Izindi ngero:

Gusoma

Gusoma inyandiko
Gusoma ikinyobwa
Gusoma umuntu

Intama

Itungo ryo mu rugo
Umuntu ucecetse

Umukobwa

Umuntu w'igitsina gore utarashaka
Umuntu w'igitsina gore bamugereranya n'umubyeyi we kabone n'iyo yaba yarashatse

Umuhungu

Umuntu w'igitsina gabu ukiri muto (utarashaka)
Umuntu w'igitsina gabu bamugereranya n'umubyeyi we kabone n'iyo yaba yarashatse

Imbusane

Inshoza y'imbusane

Nk'uko izina ribivuga **imbusane** ni amagambo afite inyito zinyuranye ari byo byitwa kubusana. Ni ukuvuga ko inyito zayo zivuguruzanya mu ngingo abumbatiye. Mu Kinyarwanda bakunda gukoresha iki kimenyetso ≠ bagaragaza amagambo y'imbusane.

Ingero:

- Buri **mugabo** akunde **umugore** we.
- Umuntu wese akwiriye kurangwa **n'isuku** akirinda **umwanda**.

Umuntu agomba kubaho **neza** yirinda kubaho **nabi** kugira ngo agire ubuzima **bwiza**; bitaba ibyo akagira **bubi**.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akoreshwa mu nteruro zinyuranye, ni imbusane:

umugabo ≠ umugore

isuku ≠ umwanda

neza ≠ nabi

bwiza ≠ bubi

Izindi ngero:

Ubuzima bworoshye ≠ ubuzima bugoye

Indyo nziza ≠ indyo mbi

Igihe kirekire ≠ igihe kigufi

Umuhungu ≠ umukobwa

Kugaya ≠ gushima

Ubukire ≠ ubukene

Amanywa ≠ ijoro

Imyitozo ku byigwa by'inyunguramagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira:

- a) **Imbogamizi:** inzitizi, ibibazo
- b) **Umwari:** umukobwa
- c) **Umugore:** umutegarugori
- d) **Uruho:** urukebano, urukiza

- e) **Ikiyoní**: igisiga, igikona
- f) **Umutiba**: ikima, umuzinga
- g) **Umurezi**: umwarimu

2. Tanga imbusane z'amagambo akurikira:

- a) **Kuyoboka** ≠ kwigomeka
- b) **Umuhemu** ≠ inyangamugayo
- c) **Kumanuka** ≠ kuzamuka
- d) **Ighombó** ≠ inyungu
- e) **Hakurya** ≠ hakuno
- f) **Koga** ≠ kutoga
- g) **Guta** ≠ gutora

3. Tanga inyito eshatu z'amagambo akurikira:

- a) **Igitotsi**: - Umwanda uri mu mata
 - Igitokoje ijisho
 - Ugiye mu bitamureba
 - Itiro
- b) **Guteka**: - Gushyira inkono/isafuriya ku ziko ugacanira
 - Guhagarika gukamwa (inka)
 - Kureka kwera (urutooki)
 - Kwickara k'umwami
- c) **Kwakira**: - Gufata icyo baguhaye
 - Gufata neza umushyitsi
 - Kuruhura/ gutwaza umuntu
 - Kubyaza umugore
 - Gusingira umusozi uvuye ku wundu
 - Kwikiriza/ kwitabira amagambo y'indirimbo.
 - Kugira ubushobozi bwo gushyirwamo (mu itsinda...)

4. Imvugwakimwe n'impuzashusho bitandukaniye he? Byerekanishe ingero ebyiri kuri buri ruhande.

Imvugwakimwe ni amagambo agira ubutinde n'amasaku bimwe n'amajwi amwe ariko ugasanga avuga ibintubitandukanye.

Ingero:

- Ingero: a) Igitabo (cyo gusoma)
Igitabo (irebe ry'umuryango)
- b) Ikerbo (k'inzu)
Ikerbo (cy'umuntu)

Impuzashusho ni amagambo yandikwa kimwe tuyandikire isanzwe ariko akaba atandukanye mu nyandiko ya gihanga(ikoresha ubutinde n'amasaku) bityo agasobanura ibintu bitandukanye.

- Ingero:**
- a) Urutoki (rw'ikiganza)
Urutooki(rw'insina)
 - b) Gushima(Gukuuba ku mubiri)
Gushiima(Kogeza umuntu cyangwa ikintu)

4.4.3 Umwandiko: Agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina

Isomo rya gatanu: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko “Agakoko gatera SIDA nizindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina” bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri aya mashusho?

Abantu babiri (umugabo n'umugore) bananutse cyane, iruhande rwabo hari umwana w'umukobwa usa n'uwihebye.

b) Murakeka ko aba bantu bananutse kubera iki?

Bagomba kuba barahuye n'indwara y'icyorezo ikaze cyane.

c) Ni iyihe ndwara y'icyorezo ifata abantu bakamera nka kuriya?

Indwara ya SIDA.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Muri uyu mwandiko ikivugwamo ni iki?

SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

b) Ziravugwaho iki?

Uko zandura, uko zirindwa n'ububi bwazo.

c) Muri izi ndwara ni iyihé izirusha ubukana?

Ni indwara ya SIDA.

d) Kubera iki?

Kuko itagira umuti cyangwa urukingo

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina" usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Inyunguramagambo

Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) Ubwirinzi: ubushobozi bwo gutuma nta bintu bipfa kukuvogera.

b) Ibyuririzi: indwara zifata umubiri umaze gucika intege kubera ubwandum bwa SIDA.

c) Magendu: umuntu wiha kuvura mu buryo butemewe cyangwa se ubwo buvuzi.

d) Agahomamunwa: ibantu bibi kandi biteye isoni ku buryo bukabije.

e) Ubusembwa: inenge (ibimenyetso) bishobora kugaragara ku mubiri.

Umwitoto wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose kugaragaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'ayatanzwe no kuyakoresha mu nteruro ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Koresha aya magambo dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye:

a) Indiri

Ibihuru n'ibiziba bikunda kuba indiri y'imibu itera marariya.

b) Ubudahemuka

Ubudahemuka ni bwo buryo bwiza bwo kwirinda SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ku bashatse

c) Kwifata

Kwifata bituma umuntu utarashaka agira amahirwe yo kutanduzwa SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

d) Ubuziranenge

Ibantu byose tugura ku isoko twagombye kureba ko byujuje ubuziranenge.

2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo wungutse:

a) Indwara zandurira mu....yo zivujwe zitinze zishobora gusigira umuntu ubusembwa.

Indwara zandurira mu **mibonano mpuzabitsina** iyo zivujwe zitinze zishobora gusigira umuntu ubusembwa.

b) Naho yo nta muti nta n'.....

Naho **SIDA** yo nta muti nta n'**urukingo**

c) Abashyingiranywe bakwiye kwirindainyuma abo bashakanye.

Abashyingiranywe bakwiye kwirinda **guca** inyuma abo bashakanye.

d) Agakingirizo gashobora gutuma umuntu yandura agakoko gaterayo katujuje.....

Agakingirizo gashobora gutuma umuntu yandura agakoko gatera **SIDA** iyo katujuje **ubuziranenge**

e) Irinde gukora mpuzabitsina utarashinga urugo.

Irinde gukora **imibonano** mpuzabitsina utarashinga urugo.

Isomo rya karindwi: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?

Agakoko gatera sida n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

b) Havugwagamo ibiki?

Uko zandura, uko zirindwa n'ububi bwazo.

c) Umuhanzi asoza atugira iyihe nama?

Inama y'uko kwirinda biruta kwivuza.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

- 1) Agakoko gatera SIDA kangana iki ukurikije uko kagaragara? Ako gakoko iyo kageze mu mubiri w'umuntu gakoramo iki?

Ni gato cyane ku buryo kadashobora kuboneshwa amaso. Iyo kageze mu mubiri w'umuntu karororoka ku bu buryo bwihuse cyane.

2) Garagaza nibura butatu mu buryo umuntu ashobora kwanduramo agakoko gatera SIDA bwavuzwe mu mwandiko.

Gukorana imibonano mpuzabitsina idakingiye n'ufite ubwandum bwayo. Guhuza amaraso n'uwanduye iyo hakoreshejwe ibikoresho bikomeretsa bigahererekanywa harimo ibikwasi, inzembe, inshinge n'ibindi. Iyo umubyeyi wanduye yonsa cyangwa igihe abyara nabwo ashobora kwanduza umwana.

3) Rondora izindi ndwara zandurira mu guhuza ibitsina zavuzwe mu mwandiko.

Imitezi, mburugu n'uburagaza.

4) Umuntu akubajije icyo SIDA ari cyo wamusubiza iki?

Namusubiza ko SIDA ari uruhererekane n'uruururane rw'indwara zituruka ku kuba umubiri waramaze gucika intege bitewe n'agakoko gatera iyo ndwara.

5) Garagaza impamvu ari ngombwa kwipimisha kwa muganga cyangwa mu kindi kigo kibishinzwe ngo umuntu amenye ko yanduye SIDA?

Ni uko idapimishwa ijisho; kwa muganga akaba ari bo bafite ibikoresho byo gupima amaraso bakamenya niba umuntu yarayanduye.

6) Ni gute umuntu yakwirinda kwandura agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?

Kwifata, ubudahemuka; mu gihe binaniranye hagakoreshwa agakingirizo.

7) Gereranya izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na SIDA ku bijyanye no gukira ndetse no ku myitwarire yazo ku bagabo n'abagore.

SIDA nta muti cyangwa urukingo byari byashyirwa ku mugaragaro; mu gihe izindi zivurwa zigakira iyo zivujwe hakiri kare. Ku kijyanye n'imigaragarire yazo ku bitsina byombi, kuri SIDA nta mwihariko uhari; mu gihe byemezwa ko bene izi ndwara zindi zigaragara vuba ku bantu b'igitsina gabu naho ku bagore zikhisha igihe kirekire nyamara ari ko bazikongeza abo bagiranye imibonano mpuzabitsina.

Isomo rya munani: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni iki kivugwa mu mwandiko “Agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina”?

Havugwamo indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, ingaruka mbi zazo n'uko zakwirindwa.

b) Ni ubuhe buryo umuntu yakoresha kugira ngo yirinde agakoko gatera Sida n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

Ni ukwifata cyangwa gukoresha agakingirizo kujuje ubuziranenge.

c) Ni iyihe nama wagira abanduye indwara zifata mumyanya ndangagitsina?

Nabagira inama yo kwihutira kujya kwa muganga kugira ngo bavurwe hakiri kare.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko “Agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina” maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ni izi:

Uko SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zandura, uko zirindwa n'ububi bwazo.

Ingingo z'ingereka

Imyemerere y'amadini; ibijyanye n'ubuziranenge.

2. Umuntu wanduye SIDA n'umuntu urwaye SIDA baba batandukaniye hehe?

Umuntu wanduye SIDA, mu maraso ye aba afite virusi itera SIDA abana nayo ariko itaramuzahaza ngo atangire kugaragaza ibimenyetso by'indwara ya SIDA. Mu gihe umuntu urwaye SIDA we aba yaratangiye kurwaragurika afatwa n'indwara z'ibyuririzi za hato na hato,yaratangiye kugaragaza n' ibimenyetso byayo.

3. Indwara ya SIDA yagira izihe ngaruka ku iterambere ry'umuryango?

Indwara ya SIDA yagira ingaruka ku iterambere ry'umuryango kubera ko uuirwaye ntakira, muri kwa kuguma yivuza indwara z'ibyuririzi rero hagendera umutungo mwinshi wakabaye ufasha umuryango we mu kwiteza imbere. Uwo mutungo kandi uba umugenderaho kandi atazanakira.

Isomo rya kenda: Umwitotozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina
- Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be.
- Guhangamwandiko ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni izihe ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina waba uzi?

Agakoko gatera SIDA, indwara y'umwijima yo mu bwoko bwa B, imitezi n'izindi?

b) Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zishobora kwangiza imyanya ndangagitsina?

Yego.

c) Umuntu ufite indwara zandurira mu myanya ndangagitsina akwiye kwivuriza he?

Akwiye kwivuriza ku muganga wemewe na Leta, akwiye kujya bigo nderabuzima n'ibitaro aho akwiye kubona serivisi z'ubuvuzi nyabwo

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda.

Insanganyamatsiko:

Ni izihe mpungenge ubona cyangwa wumvana abandi ku bijyanye na SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina cyanecyane mu rubyiruko?

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Urugero z'ibitekerezo byatangwa:

Ingero z'ibyo bavuga kuri iki kibazo:

Izi ndwara ni mbi cyane kuko zigira ingaruka mbi ku buzima bw'umuntu no ku bukungu bwe n'ubw'igihugu. Leta yahagurukiye gukumira no guhashya izi ndwara ihugurira urubyiruko n'abakuze kugira ingamba zihamye zo kuzirinda. Imibonano mpuzabitsina idakingiye ikomeje gukorwa hakiyongera umubare w'abazandura. Gukoresha agakingirizo birinda byanabyara inyungu yo kugabanya umubare w'inda zitifujwe kuko aho SIDA yinjirira n'inda ni ho yinjirira. Ukwifata n'ubudahemuka na byo birengera ubuzima, abantu ntibazikwirakwize kandi bikanatuma imiryango isugira. Abashakanye ntibacane inyuma, n'abangavu ntibasame inda batarashaka cyangwa ngo ingimbi zibyare abana zitaragira ubushobozi bwo kubashakira ibibatunga.

Impungenge mu rubyiruko:

Impungenge zikomeye ni uko usanga ibiganiro bya bamwe muri iki gihe biganisha ku busambanyi kandi ari yo nzira y'ighogere SIDA yanduriramo. Ibi bigaragara mu byiciro byinshi by'abantu ariko byagera mu rubyiruko ho bikaba ibindibindi.

Umukoro wo guhangam uwandiko

Umwarimu arandika ku kibaho ikibazo cy'umukoro: "**Hanga umwandiko muto uvuga kuri SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina wiganjemo amuga y'Ikinyarwanda.**" maze abwire abanyeshuri ko ari umukoro bahawe.

Umwarimu yibutsa abanyeshuri uburyo bukwiye bwo guhangam uwandiko, agasaba buri munyeshuri ko agomba kubanza kwegeranya ibitekerezo azashingiraho ahimba, yibirangiza agahimba umwandiko mugufi wubahiriza ibisabwa. Mu gihe umukoro urangiye, umwarimu ahitamo umwandiko umwe mu yo bahimbye, nyirawo akawubasomera.

Hanyuma bagenzi be bakawujora bagaragaza ibyo bashima yubahirije, banerekana ibyo bawunengaho bakurikije uko ikibazo kibajije n'ibyo bize ku ihmamwandiko. Umwarimu

akagenda abaza niba hari undi wubahirije ibyo bashimye n'uwahuje na we amakosa. Abanyeshuri bakavuga uko bakosora ibyo banenze.

2.4.4. Ikomorazina

Isomo rya cumi: Ikomorazina mvazina

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kugaragaza inshoza n'inzira by'ikomorazina mvazina no gukora neza imyitozo ijyanye na byo.
- Gusesengura amazina akomoka ku yandi yerekana inkomoko, uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko ku nshinga n'ikomorazina mvazina.

Igikorwa

Soma interuro zikurikira nurangiza uzitegereze hanyuma ugire icyo uvuga ku nkomoko y'amagambo yanditse mu ibara:

- a) Umuntu akwiye kwisuzumisha SIDA ku bantu bize iby'**ubuganga**.
- b) Kwisuzumisha **agakoko** gatera SIDA bifasha umuntu kumenya uko yitwara.
- c) Mu bashinzwe kubungabunga imibereho y'Abanyarwanda habamo n'**abanyabuzima**.
- d) Buri muntu akwiye gufata **indyo** yuzuye.
- e) Avuye kwisuzumisha SIDA **Mahirwe** yishimiye ko atanduye.
- f) Ahantu h'**igitakazi** hera ibijumba bigirira umubiri akamaro.
- g) N'**amahenehene** burya na yo abamo intungamubiri.

Urabona aya mazina akomoka ku ki?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Izina ryatanzwe	Ijambo bifitanye isano bihuje igicumbi
Ubuvuzi	Umuvuzi
Agakoko	Igikoko
Abanyabuzima	Ubuzima
Indyo	Ibiryo
Mugisha	Umuigisha
Igitakazi	Igitaka
Amahenehene	Ihene

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga inshoza n'inzira by'ikomorazina mvazina.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'inzira by'ikomorazina mvazina, bashake n'ingero z'amazina zisesenguye neza hagaragazwa ayo yakomotseho. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'inzira by'ikomorazina mvazina, utange ingero z'amazina zisesenguye neza hagaragazwa ayo yakomotseho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'ikomorazina mvazina

Mu Kinyarwanda, amazina ashobora kuba ari amazina y' "umwimerere" cyangwa akaba akomoka ku yandi moko y'amagambo. Ikomorazina mvazina ni uburyo bwo kurema amazina bafatiye cyangwa bahereye ku yandi mazina cyangwa se ku tundi duce tw'amagamabo. Izina risanzwe rigira intego igizwe n'indomo, indanganteko n'igicumbi (D-RT-C)

Inzira z'ikomorazina mvazina

Habaho inzira zitandukanye zo gukomora amazina ku yandi. Ikigaragara ni uko izina rikomotse ku rindi mu buryo ubwo ari bwo bwose inyito yaryo igira uko ihindukaho ugereranyije n'iy'iryo zina ryakomotseho, ariko ugasanga izo nyito zombi zikomeza kugirana isano. Muri izo nzira twavuga:

a) Ikomorazina mvazina rishingiye ku nteko z'amazina.

Mu Kinyarwanda tugira inteko cumi n'esheshatu z'amazina. Mu kurema amazina bishingiye ku nteko, bikorwa izina rihindurirwa inteko ryari rrimo, rigahabwa indi nteko, ibyo biba ahanini bishingiye ku gupfobya, gutubya cyangwa gukuza (kugoragoza).

Ingero:

1. Umugabo (nt1):

- Akagabo (nt12)
- Utugabo (nt 13)
- Ubugabo(nt14)
- Ikigabo (nt7)
- Ibigabo (nt8)

2. Inyana (nt 9,10):

- Akanyana (nt12)
- Urunya (nt 11)
- Utunyana(nt 13)

b) Ikomorazina mvazina rishingiye ku ndomo

Mu kurema amagambo bishingiye ku ndomo z'amazina; izina rusange rishobora gutakaza indomo rigatanga izina bwite. Mu Kinyarwanda amazina bwite menshi akomoka ku mazina rusange.

Ingero:

- Umugabo: Mugabo
- Umugisha: Mugisha
- Amahirwe: Mahirwe
- Akagabo:Kagabo
- Agasore:Gasore

c) Ikomorazina mvazina rishingiye ku kwisubiramo kw'igicumbi

Mu kurema aya mazina usanga aba ashingiye ku kwisubiramo kw'igicumbi k'izina, bityo izina rikagira indi nyito nshya ariko ifitanye isano n'izina rya mbere.

Ingero:

- Ikigori: Ikigorigori
- Igitende: Igitendesembe
- Ikitende: Ikitendebazuba
- Amatama: Amatamatama
- Igicucu: Igicucucucu

d) Ikomorazina mvazina rishingiye ku kongera umusuma inyuma y'ijambo

Mu Kurema amazina bongera umusuma inyuma y'ijambo, usanga ayo mazina ahita ahindura inyito ahanini bitewe n'ubwoko bw'umusuma wakoreshejwe. Mu misuma ishobora gukoreshwa harimo: **- kazi, -azi.**

Ingero:

- Ummami: umwamikazi
- Umugabe: umugabekazi
- Umunyarwanda: umunyarwandakazi
- Umugabo: umugabazi
- Igitaka: igitakazi

e) Ikomorazina mvazina rishingiye ku kongera akabimbura mu izina

Mu kurema amazina hakoreshejwe akabimbura, bikorwa hongerwa utubimbura mu mazina asanzwe, bityo hagahangwa andi bifitanye isano. Amazina aremwa hakoreshejwe utubimbura usanga amenshi ari amazina rusange yitirirwa abantu ndetse n'amazina bwite y'abantu. Mu tubimbura dukoreshwaharimo: **nya, sa, se, nyiri, ka, ...**

Ingero:

- Amerwe: umunyamerwe
- Amakuru: umunyamakuru
- Agahene: Nyagahene
- Imvura : Samvura Nyamvura
- Amasaka: Semasaka
- Imana: Kamana
- Inyana: Kanyana
- Icyubahiro: Nyiricyubahiro

Gusesengura amazina akomoka ku ikomorazina mvazina

Amazina abyawe n'ikomorazina mvazina (kubaka amazina uhereye ku yandi mazina) akenshi aba afite intego isanzwe (D-RT-C) bityo uturemajambo tw'amazina akomoka ku yandi usanga twitwara nk'utw'izina nyakimwe cyangwa turenze tugasa nk'utw'izina ry'urusobe bitewe n'imiterere yaryo.

Ingero:

- Igitakabera: i-ki-sembe-sembe, k→g/-GR
- Umunyabuntu: u-mu-nya-bu-ntu, nta tegeko
- Semasaka: se- -ma-saka, nta tegeko
- Inkokokazi: i-n-koko-kazi nta tegeko

Imyitozo ku ikomorazina mvazina

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1. Tahura amazina akomoka ku yandi mazina ari muri izi nteruro uyaceho akarongo:

a) Abanyabuzima bafite uruhare rukomeye mu gutabara abantu.

Abanyabuzima bafite uruhare rukomeye mu gutabara abantu.

b) Ibyibo byinshi bigira utubara twiza.

Ibyibo byinshi bigira **utubara** twiza.

c) Serugendo ni umuganga w'umuhanga.

Serugendo ni umuganga w'umuhanga.

d) Inka yariye ibigorigori igira umukamo utubutse.

Inka yariye **ibigorigori** igira umukamo utubutse.

e) Umwami n'umwamikazi barubahwaga cyane.

Umwami n'**umwamikazi** barubahwaga cyane.

2. Sesengura (erekana intego) aya mazina akomoka ku yandi ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mpine.

a) **Igitaka**

b) **Ubugabo**

c) **Ibiganogano**

d) **Umunyakarambi**

e) **Samusure**

Izina	Intego	itegeko ry'igenamajwi
-------	--------	-----------------------

Igitaka	i-ki-taka	k→g/-GR
Ubugabo	u-bu-gabo	Nta tegeko
Ibiganogano	i-bi-gano-gano	Nta tegeko
Umunyakarambi	u-mu-nya- Ø - ka-rambi	Nta tegeko
Samusure	sa- Ø -mu-sure	Nta tegeko

4.5. Isuzuma risoza umutwe wa kane

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa kane

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozibwo:

- *Gusesengura umwandiko;*
- *Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi acoresha ikeshamvugo;*
- *Gukoresha neza impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito, imbusane n'amazina akomoka ku yandi;*
- *Kugaragaza inzira z'ikomorazina mvazina.*

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo byo kumva umwandiko no gusesengura umwandiko

1. Erekana uko umuntu yagira uruhare mu gutegura ubuzima bwe bw'ejo hazaza n'ibyo yakora mu rwego rwo kubungabunga ubuzima.

Umuntu agomba kwitabira ishuri akajjuka kandi akumva ko ari we wa mbere bizagirira akamaro. Mu kubungabunga ubuzima harimo byinshi umuntu agomba kwitaho birimo nko kurya indyo yuzuye; gukora siporo ku buryo buhagije kandi buhoraho; kwirinda kwinaniza ku buryo burenze urugero; kwitwararika isuku yaba iy'amafunguro, iyo ku mubiri ndetse n'iy'imyambaro; guteganyiriza ubwishingizi bw'ubuzima n'ubw'indwara; kwivuza hakiri kare igihe yarwaye no gufata inkingo igihe cyose bibaye ngombwa; no gufata umwanya uhagije w'ikiruhuko

2. Uhoreye no ku mwandiko garagaza impanuka zishobora kwangiza ubuzima bw'umuntu yabigizemo uruhare.

Kwiyahura mu businzi, mu biyobyabenge, mu busambanyi, mu guhungabanya umutekano w'Ighugu n'ibindi.

3. Gira icyo uvuga kuri aya magambo dusanga mu mwandiko: “Icyo umuntu azaba cyo hari igihe agomba kugiharanira.”

Ibi bishaka kuvuga ko umuntu atagomba kwiycarira ngo areke gukora nk'aho ibyo akeneye bizamwizanira. Agomba kandi no gufata ingamba zo kwirinda ibyamugirira nabi; akamenya kandi ko kwirinda biruta kwivuza.

4. Gereranya ibivugwa muri uyu mwandiko n'umutwe wahawe. Umutwe w'umwandiko uvuga ko amagara aseseka ntaylorwe, kandi no mu mwandiko bagaragaza ko umuntu agomba kwirinda ku buryo bushoboka ibyamwangiriza ubuzima. Bitabaye ibyo rero ibyamubaho ntiyashobora kubisubiza inyuma ngo byemere, aribyo bihuye n'uko amagara aseseka ntaylorwe.

5. Garagaza inyungu igihugu kigira mu kuba gituwe n'abantu bafite ubuzima buzira umuze.

Ighugu kigira inyungu ikomeye mu gihe abagituye bafite ubuzima buzira umuze kuko bahorana imbaraga zo gukorera Ighugu cyabo mu nzego zinyuranye z'ubuzima bwacyo: mu bikorwa biteza imbere ubukungu, mu kugicungira umutekano no kukibungabungira ubusugire; mu bikorwa by'uburezi, iby'ubuzima n'ibindi.

II. Inyunguramagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Ntabasekere:** ntabahire, ntiyemere kubasanga
- b) **Guca akenge:** gutangira kuba mukuru no kugira icyo umenza ku buzima busanzwe
- c) **Guca ibintu:** kwangiza mu buryo budasanzwe
- d) **Bibunyuze mu ryoya:** bibutware ntawurasobanukirwa
- e) **Ivuza ubuhuha :** ihemukira abantu cyane

2. Shaka amagambo y'impuzanyito z'aya akurikira:

- a) **Imibereho :** ubuzima
- b) **Kugiharanira:** kugishakisha, kukirwanira
- c) **Butamuca:** butamunyura

3. Shaka amagambo y'imbusane z'aya akurikira:

- a) **Nyuma ≠ mbere**
- b) **Kubirwanya ≠ kubishyigikira**
- c) **Byinshi ≠ bike**

III. Ikibonezamvugo n'ubumenyi bw'ururimi

1. Mu magambo make ashoboka sobanura amagambo akurikira utange n'ingero ebyiri zayo nuragiza uzikoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

- a) Impuzanyito
- b) Imvugwakimwe
- c) Impuzashusho
- d) Ingwizanyito
- e) Imbusane

Ibisubizo:

Impuzanyito ni amagambo ahuje inyito. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba ahuje igisobanuro

Ingero:

gutwita: kugira inda

Umu gore utwite agomba gufata indyo yuzuye.

Umu gore ufite inda agomba gufata indyo yuzuye.

Imvugwakimwe ni amagambo yandikwa kimwe kandi agasomwa kimwe ariko nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Urugero: **Intara**

Intara ni rumwe mu nzego z'ubuyobozi bw'Ighugu cyacu.

Mpereza iyo ntara nigosorere ibishyimbo.

Impuzashusho ni amagambo yandikwa kimwe ariko adasomwa kimwe kandi nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Urugero: **Gutara**

gutara: Ejo iwacu bataze ibitoki mu rwina rushya.

gutara: Mwibuke kujya gutara twa tugori tuduteke dore uyu mwaka twararumbije.

Ingwizanyito ni ijambo riba rifite inyito zitandukanye. Ni ukuvuga ko inyito z'iryo jambo ziba zifite aho zihurira, ariko zikagenda ziitandukanaho gato bitewe n'imvugiro yakoreshejwe. Urugero: **Gusoma**

Mu bukwe abasangwa bahawe ibinyobwa baba basoma bategeje abashyitsi.

Abasoma ibinyamakuru bagomba gushishoza kuko hari n'ibijya byandika inkuru z'ibinyoma.

Imbusane ni amagambo afite inyito zikoze ikinyuranyo ari byo byitwa kubusana. Ni ukuvuga ko inyito zayo zivuguruzanya mu ngingo abumbatiye. Urugero: **kirekire ≠ kigufi**

-Igihe kirekire k'izuba kitwa impeshyi cyangwa iki naho ikigufi kikitwa urugaryi.

2. Tanga inshoza y'ikomorazina mvazina, unatange nibura inzira ebyiri mu nzira z'ikomorazina mvazina utanga n'ingero ebyiri kuri buri nzira muri izo watanze.

Ibisubizo:

Ikomorazina mvazina ni igikorwa cyo kurema amazina mashya bahereye ku yandi mazina.

Inzira ebyiri mu nzira z'ikomorazina mvazina:

Isubiramo ry'igicumbi k'izina.

Ingero:

Igitenetene kivura indwara nyinshi.

Umukobwa uftite uburanga bavuga ko ari ikizubazuba.

Iyongera ry'akabimbura mu izina ryari risanzwe

urugero:

Umunyeshuri mwiza arangwa n'isuku n'ikinyabupfura.

3. Sesengura amazina yanditse mu nyuguti z'ibara mu nteruro zikurikira werekane n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe mu mpine:

- a) Umuntu umaze guca **akenge** yita ku kubungabunga ubuzima bwe.
- b) Uwakwigira indangare ubuzima bwe bwamuca mu **myanya y'intoki**.
- c) SIDA n'izindi **ndwara** zandurira mu **mibonano** mpuzabitsina ziraca **ibintu**.
- d) Mu nyigisho y'**Ikinyarwanda** twigamo n'indangagaciro harimo no kwirinda ingeso mbi nk'ubusinzi, ubusambanyi, ibiyobyabwenge.

Ibisubizo:

Izina	Intego	Itegeko
Akenge	a-ka-enge	a→Ø/-J
Myanya	Ø -mi-anyा	i→y/-J
Intoki	i-n-toki	Nta tegeko.
Ndwara	Ø -n- rwar-a	r→d/n-

Mibonano	Ø -mi-bon-an-o	Nta tegeko.
Ibantu	i-bi-ntu	Nta tegeko.
Ikinyarwanda	i-ki-nya- Ø -ru-and-a	u→w/-J

IV. Ihangamwandiko

Mu mirongo itarenze makumyabiri n'itanu, hanga umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima buzira umuze.

Ibyitabwaho mu ikosora mwandiko:

Imbata: umutwe, intangiriro, igihimba n'umwanzuro
 Ingingo zatanzwe
 Isuku n'imigaragarire
 imyandikire
 Uburebure bwasabwe
 Inozamvugo

4.6. Ubumenyi bw'inyongera

4.7. Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umwarimu

Imigani migufi ijyanye n'uyu mutwe:

Akabando k'iminsi ugaca hakibona.

Aho bihuriye ni uko umuntu agomba guteganyiriza ubuzima hakiri kare.

Amagara ntamerwa aramirwa.

Bihuriye k'uko umuntu akwiye kugergeza kwiyitaho ashakira umubiri ibiwutunga aho kwibera aho nk'aho bizizana.

Amagara ntaguranwa amagana.

Bihuriye k'uko umuntu nta kindi yahabwa ngo gisimbure ubuzima.

Amagara araseseka ntaylorwa.

Birahuye kuko umuntu agomba kwitondera ubuzima kugira ngo hatagira ikibuhungabanya; kandi iyo umuntu apfuye nta cyo wakora ngo umuzure.

Ikizima ni ukubyara ikiziriko ni ugucutsa.

Birahuye kuko bishaka kwerekana ko kubyara bitarushya nko kurera; buri kiciro cy'ubuzima rero kigira ingorane zacyo ariko hakabaho ibihangayikisha kurusha ibindi.

UMUTWE WA GATANU: UMUCO NYARWANDA

V.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda;
- Gukoresha neza imigani migufi;
- Gukoresha neza amagambo yabugenewe avuga ku mata, ku nka, ku cyansi , ku gisabo, ku ngoma no ku mwami;
- Gusesengura ibinyazina nyerekwa n'ibinyazina mbanziriza.

V.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Igitaramo nyarwanda (umwaka wa mbere ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye).
- Zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda (umwaka wa mbere ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye).
- Ikeshamvugo (umwaka wa mbere ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye).
- Ubukwe bwa kinyarwanda(umwaka wa mbere ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye)
- Amoko n'intego rusange by'ikinyazina(umwaka wa mbere ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye).

V.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Ubuvanganzo ni kimwe mu biranga umuco nyarwanda. Wifashishije ingero zifatika, sobanura mu magambo yawe bwite uburyo ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda zigisha indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku muco nyarwanda akabafasha kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibisubizo:

Ubuvanganzo nyarwanda ni igicumbi cy'uturango tw'umuco nyarwanda kuko usanga zimwe mu ngeri z'ubwo buvanganzo zigisha zimwe mu ndangagaciro z'umuco wacu na kirazira, intekerezo z'Abanyarwanda, imyambarire yabo, imikorere, imihango, imigenzo n'ibindi.

Indirimbo "Umurunga w'iminsi" yigisha indangagaciro y'umurimo; akaringushyo k'imfura kigisha indangagaciro y'ubupfura...

5.4. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe

Umutwe wa gatanu: Umuco nyarwanda		Umubare w'amasomo: 27
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Ubuvanganzo bwo muri rubanda		
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya kane: Umwitotozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Ubuvanganzo		
Isomo rya gatanu: Inshoza y'ubuvanganzo n'ingeri zabwo	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza inshoza n'ingeri by'ubuvanganzo bwo muri rubanda. - Gutarama yifashishije ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda. 	Amasomo 2
Umwandiko: Binego bya Kajumba		
Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya karindwi: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko	Isomo 1
Ubuvanganzo		

Isomo rya munani: Igitekerezo cyo muri rubanda	Kugaragaza inshoza n'uturango by'igitekerezo cyo muri rubanda. Gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda.	Isomo 1
Ubuvanganzo		
Isomo rya kenda: Imigani migufi	Gukoresha imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko	Amasomo 2
Umwandiko: Ubukwe bwa Kinyarwanda		
Isomo rya cumi: Gusoma no gusobanura umwandiko.	- Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.	Isomo 1
Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi na gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Ikibonezamvugo		
Isomorya cumi na kane: Ikinyazina nyereka	Gusesengura ibinyazina nyereka agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.	Amasomo 2
Isomorya cumi na gatanu: Ikinyazina mbanziriza.	Gusesengura ibinyazina mbanziriza agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi	Amasomo 2
Ikeshamvugo		
Iromo rya cumi na gatandatu: Ikeshamvugo ku nka, ku mata ku cyansi no ku gisabo.	Kugoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku nka ku mata, ku cyansi no ku gisabo.	Amasomo 3
Iromo rya cumi na karindwi: Ikeshamvugo ku ngoma no ku mwami.	Kugoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku ngoma no ku mwami.	Amasomo 2
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu		Amasomo 2

5.4.1. Umwandiko: Ubuvanganzo bwo muri rubanda

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegerezza amashusho ajyanye n'umwandiko "Ubuvanganzo bwo muri rubanda" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Abana b'abakobwa n'abahungu bicaye basa n'abakoze uruziga bakikije umuntu w'umusaza.

b) Murabona uriya musaza afite imyambarire imeze ite?

Yiteye umwitero w'umweru bimwe bya kinyarwanda.

c) Uriya musaza se murabona akora iki?

Asa n'uganiriza bariya bana ku mateka ya kera, nk'ubacira umugani.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko uvuga ku biki?

Uvuga ku buvanganzo bwo muri rubanda.

b) Mu mwandiko bavuze ko bugenewe ba nde?

abantu bose muri rusange.

c) Ubu buvanganzo bwahimbwe na nde?

Ntiwamenya uwabuhimbye; tubona tubukoresha gusa.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubuvganzo bwo muri rubanda" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) Ubuvanganzo: ni igice cy'ururimi kiga ibijyanye n'ubuhanzi

b) Uruhererekane munwa-gutwi: uvuga n'ubwirwa bakoresha imvugo

c) Gukusanya: kwegeranya, gushyira hamwe

c) Rubanda: umuntu ubonetse wese mu muryango runaka w'abantu

d) Zirenguriraho: zerekezaho, zivugaho, ziganishaho

e) IKirungurira: indwara izamuka mu nda ikazana ibantu by'uruzi bishyushye mu muhogo, biturutse ku igogorwa ritakozwe neza.

Imyitozo y'inyunguramagambo

Saba abanyeshuri bose gukora imyitozo bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku gititke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byayo:

1. Koresha neza aya magambo dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye:

a) Ishushanya

Mu buvanganzo abahanzi benshi bakoresha imvugo ishushanya.

b) Itatse inganzo

Imvugo inoze yo mu buhanzi ni yo bita imvugo itatse inganzo.

c) Rusange

Muri rusange ubuvanganzo bwo muri rubanda nta mwihariko bugira.

d) Zitubuza

Indangagaciro z'umuco wacu zitubuza kubesha no kwiyandarika.

e) Bwimbitse

Dukwiye kwiga Ikinyarwanda ku buryo bwimbitse kugira ngo tukimenye neza.

2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro byatanzwe bijyanye no yo mu ruhushya B.

A

B

1.Kwivugana	a. Bitangaje, birenze urugero Indirimbo baririmbira abageni n'abana ngo babagushe
2.Byahebuje	b. neza.
3.Irabasanga	c. Kwica
4.Gufindura	d. Irabagana, iza aho bari.
5.Ibihozo	e. Gutahura amakuru yari yihishe.

Ibisubizo:

1. → c 2. → a 3. → d 4. → e 5. → b

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri arabu ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iymvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka kwiga?

Ubuvanganzo bwo muri rubanda

b) Uvuga ku biki?

Ku bigize ubuvanganzo bwo muri rubanda.

c) Ubu buvanganzo bugenewe ba nde?

Abantu bose muri rusange.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubuvanaganzo bwo muri rubanda" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Vuga abo ubuvanganzo bwo muri rubanda bugenewe.

Bugenewe abantu bose muri rusange nta mwihariko ubayeho.

2. Rondora zimwe mu ngeri z'ubuvangazo bwo muri rubanda zavuzwe mu mwandiko utange n'ingero nibura ebyiri kuri buri yose.

Ibitekerezo (icya Ngunda n'icya Semuhanuka), insigamigani (Yarezwe bajeyi, Genda shashi nkumenye nshaje), imigani migufi (Gira so yiturwa indi, Uticaranye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze), imigani miremire (uwa Nyashya na Baba, uwa Bakame n'impyisi)

ibisakuzo (Nagutera icyo utazi utabonye: ubukumi bwa so na nyoko, Intara za nyirabangana zingana zose: isi n'ijuru).

3. Garagaza uburyo ubu buvanganzo bwifashisha ngo bugere ku bo bugenewe.
Bwifashisha uruhererekane rw'amagambo (munwa-gutwi).

4. Erekana nibura ingeso eshatu zavuzwe mu mwandiko zigaragara mu bitekerezo byo muri rubanda uvuge n'abo zivugwaho.

Ikinyoma (Semuhanuka), ubusambo (Ngunda) n'uburaya (Nyirarunyonga).

5. Vuga insigamigani eshatu zavuzwe mu mwandiko utange n'izindi eshatu waba uzi zitavuzwemo.

Izavuzwe mu mwandiko: Ntabyera ngo de, Habe na mba, Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu. Izindi: N'aho Miseke ndarwana, Yarezwe bajeyi, Bamushyize i Gorora.

6. Ni iki cyavuzwe ku ndangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda muri uyu mwandiko?

Indangagaciro zigomba guharanirwa; naho kirazira nyine ikamaganwa.

7. Ni iyihe ngeri y'ubuvanganzo yavuzwe ko ibumbatiye imitekerereze y'Abanyarwanda. Tanga ingero eshatu zayo ziri mu mwandiko n'izindi eshatu zitari mu mwandiko.

Ni ingeri y'imigani migufi. Ingero zo mu mwandiko: Igit iigororwa kikiri gito, Nta mugabo umwe, Abagiye inama Imana irabasanga. Ingero zitari mu mwandiko: Inyana ni iya mweru, Ababiri bashyize hamwe baruta umunani urasana, Agasozi kamanutse inka kazamuka umugen'i.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho. - Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko - Gutahura isomo riri mu mwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni "Ubuvanaganzo bwomuri rubanda.

b) Ni iki kivugwa mu mwandiko " Ubuvanganzo bwo muri rubanda"?

havugwamo zimwe mu ngeri z'ubuvanaganzo bwo muri rubanda.

c) Tanga ingero eshanu z'ingeri z'ubuvanganzo zavuzwe mu mwandiko.

Ni imigani migufi, imigani miremire, ibisakuzo, ibitekerezo, insigamigani n'izindi.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubuvanganzo bwo muri rubanda" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi zigize ubuvanganzo bwo muri rubanda ni:

Abahimba ubuvanganzo bwo muri rubanda.

Abo ubuvanganzo bwo muri rubanda bugenewe.

Iy'ingereka irimo ni indangagaciro z'umuco nyarwanda.

2. Garagaza ingingo ndangamuco n'ingingo ndangamateka zigaragara muri uyu mwandiko?

Ingingo ndangamuco zirimo ni izi: gukosorana, guhugurana no kugirana inama binyuze mu buvanganzo no guseka ingeso mbi no gushyigikira ibikorwa byiza. Naho ingingo ndangamateka zibonekamo ni imikoreshereze n'imihindukire y'ubuvanganzo uko ibihe bigenda biha ibindi.

3. Uyu mwandiko uhuriye he n'ubuzima busanzwe bw'Abanyarwanda?

Uyu mwandiko uhuye n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi kuko uvuga ku buvanganzo kandi bigaragara ko ari ho Abanyarwanda bakunda kugaragariza uko babona isi ibakikije, bityo bakaboneramo n'inama z'uko barushaho kuyitunganya.

Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga no gusobanura ibitekerezo bye agaragariza umuco nyarwanda icyubahiro mu mvugo; - Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ubushize twize irihe somo?

Ubushize twize isomo ryo gusesengura umwandiko.

b) Umwandiko twasesenguye witwaga ngo iki?

Ubuvanganzo bwo muri rubanda.

c) Ni iki mwasigaranye muri irylo somo?

Twatahuye ingingo z'ingenzi muri uwo mwandiko. Tubona ko umwandiko wari wibanze ku bahimba ubwo buvanganzo nabo bwari bugenewe. Twanabonye kandi n'ingingo ndangamuco zikwiye kwimakazwa nko gukosorana, guhugurana no kugirana inama

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda .

Insanganyamatsiko:

Geza kuri bagenzi bawe ibyo wungutse ndetse n'ibyo uzi ku buvanganzo nyarwanda.

Shyira abanyeshuri mu matsinda bunguraniramo ibitekerezo.

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

Ingero z'ibyo bavuga kuri iyi nsanganyamatsiko:

Ibyo nzi ku muco nyarwanda ni uko Abanyarwanda kuva kera na kare bari bafite indangagaciro zibaranga, bakagira na za kirazira bagomba kwirinda. Ibi rero bakagenda babyigishanya binyuze cyanecyane mu buvangazo.

Ibyo nungutse rero ni uko mu ngeri zinyuranye z'ubuvanganzo dusangamo bimwe byiza tugomba guharanira: dufashe nk'urugero rw'inama dukura mu migani migufi, uburyo bwo gutekereza no gufindura tubona mu bisakuzo, guharanira ubutwari mu bitekerezo bimwe na bimwe. Hanyuma ku rundi ruhande tukabonamo ingeso mbi ubuvanganzo bugenda budutungira urutoki ngo tuzirinde: aha twavuga nk'ubusambo, ikinyoma, no kwiyandarika byagiye bigaragara ku banyarubuga bamwe na bamwe bo mu bitekerezo byo muri rubanda.

5.4.2. Ubuvanganzo

Isomo rya gatanu: Inshoza n'ingeri by'ubuvanganzo nyarwanda

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kugaragaza inshoza n'uturango by'ubuvanganzo nyarwanda. - Kurondora ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda. Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, by'ubuvanaganzo n'ibindi.

I. Intangiriro

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu kigwa cy'ubuvavanganzo..

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga

Ubuvanganzo bwo muri rubanda

b) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?

Ni ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

c) Rondora zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda zivugwa mu mwandiko.

Ibitekerezo(icya Ngunda n'icya Semuhanuka), insigamigani (Yarezwe bajeyi, Genda shashi nkumenye nshaje), imigani migufi (Gira so yiturwa indi, Uticaranye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze), imigani miremire (uwa Nyashya na Baba, uwa Bakame n'impyisi) ibisakuzo (Nagutera icyo utazi utabonye: ubukumi bwa so na nyoko, Intara za nyirabangana zingana zose: isi n'ijuru).Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'ingeri by'ubuvanganzo nyarwanda, banarondore zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Ongera usome umwandiko "Ubuvanganzo bwo muri rubanda" ugereranye ibivugwamo n'ibyavugwaga mu yindi myandiko wize, maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza, ingeri n'uturango by'ubuvanganzo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

a) Inshoza y'ubuvanganzo

Ubuvanganzo ni imvugo cyangwa inyandiko ifite icyo ivuga kandi yifitemo ubwiza n'ubuhanga bw'imikorehereze y'ururimi. Imvugo cyangwa inyandiko y'ubuvanganzo irangwa akenshi n'ikeshamvugo.

b) Ingeri z'ubuvanaganzo nyarwanda n'uturango twabwo

Ubuvanganzo nyarwanda babugabanyamo ibice bibiri: ubuvanganzo nyemvugo n'ubuvanganzo nyandiko. Hari kandi ubuvanganzo nyabami n'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

Ubuvanganzo nyemvugo ni ibyahanzwe n'abantu ba kera batazwi neza bahangaga batandika, bakabifata mu mutwe. Ibyo bahangaga babishyikirizaga ab'igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo, bakagenda babiraga abo basize, bityo bityo bigahinduka uruhererekane. Ubuvanganzo nyandiko bukubiyemo ibihangano bahimbye bandika.

- Ubuvanganzo nyabami

Ubuvanganzo nyabami burimo ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abakurambere, abatware n'imihango by'ibwami. Ni ingeri y'ubuvanganzo itari igenewe buri wese nk'uko ubuvanganzo bwo muri rubanda bwari bumeze. Bityo ighangano cy'ubuvanganzo nyabami ntawashoboraga kugira icyo agihinduraho atabyemerewe.

Ingeri z'ubuvanganzo nyabami

Mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami twavuga ibitekerezo nyabami (ibitekerezo by'ingabo), amazina y'inka, ibisigo nyabami, ubwiru, ubucurabwenge, ibyivugo, inanga zivuga iby'ibwami, indirimbo z'ingabo.

Muri rusange ingeri z'ubuvanganzo nyabami zirangwa no kuba ari imyandiko ivuga abami, imiryango yabo n'ingoma zabo.

- Ubuvanganzo bwo muri rubanda

Ubuvanganzo bwo muri rubanda ni ibihangano byahimbwe n'abantu ba kera, bakaba barahimbaga batandika, bakabifata mu mutwe. Ibyo bahimbaga babishyikirizaga ab'igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo, bakagenda babiraga abo basize, bityobityo bakagenda babihererekanya mu mvugo. Ubu buvanganzo bwo muri rubanda bukubiyemo ibantu byinshi byari byarasakaye muri rubanda. Nta muntu bwitirirwaga ko yabuhimbye.

Ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda

Muri ubu buvanganzo hakubiyemo ingeri nyinshi, muri zo twavuga imigani miremire, ibitekerezo byo muri rubanda, imigani migufi(imigenurano), insigamigani, inanga zo muri

rubanda, uturingushyo tw'abasizi, ibisingizo by'inyamaswa, ubuvanganzo bujanye n'imyuga n'imihango, ubuvanganzo bw'urwenya bwo muri rubanda n'ubuvanganzo bw'abana. Icyakora hari ibyo Abanyarwanda benshi bari bahuriyeho kandi n'ubu bigifite agaciro.

Imyitozo ku buvanganzo nyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1. Ubuwanaganzo ni iki?

Ubuvanganzo ni imvugo cyangwa inyandiko ifite icyo ivuga kandi yifitemo ubwiza n'ubuhanga bw'imikorehereze y'ururimi. Imvugo cyangwa inyandiko y'ubuvanganzo irangwa akensi n'ikeshamvugo.

2. Uhoreye ku turango , tandukanya ubuvanganzo nyabami n'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

Ubuvanganzo nyabami burimo ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abakurambere, abatware n'imihango by'ibwami. Ni ingeri y'ubuvanganzo itari igenewe buri wese nk'uko ubuvanganzo bwo muri rubanda bwari bumeze. Bityo igihangano cy'ubuvanganzo nyabami ntawashoboraga kugira icyo agihinduraho atabyemerewe.

Ubuvanganzo bwo muri rubanda bukubiyemo ibihangano byahimbwe n'abantu ba kera, bakaba barahimbaga batandika, bakabifata mu mutwe. Ibyo bahimbaga babishyikirizaga ab'igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo, bakagenda babiraga abo basize, bityobityo bakagenda babihererekanya mu mvugo. Ubu buvanganzo bwo muri rubanda bukubiyemo ibintu byinshi byari byarasakaye muri rubanda. Nta muntu bwitirirwaga ko yabuhimbye.

3. Rondora ingeri eshanu z'ubuvanaganzo nyabami waba uzi

Ibisigo, amazina y'inka, ubwiru, ubucurabwenge, ibyivugo, indirimboz'ingabo ...

4. Rondora ingeri icumi z'ubuvanaganzo bwo muri rubanda waba uzi.

Imigani miremire, imigani migufi, ibitekerezo, ibisakuzo, urwenya, uturingushyo, amagorane, insigamigani, indirimbo, amavumvu, amasare, amahigi, ibitutsi...

5.4.3 Umwandiko: Binego bya Kajumba

Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Binego bya Kajumba" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?

Umugabo ufite umutana w'imyambi ku rutugu, iruhande rwe hari icumu, afoye umuheto ashaka kurasa imbogo.

b) Iriya mbogo murabona imeze ite?

Ifite ihembe rimwe. isa n'ishaka kumusatira.

c) Murabona iriya mbogo imeranye ite n'uyu mugabo?

Isa n'ishaka kumusatira.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko uravuga ku ki?

Ku mugabo wishe imbogo.

b) Iyo mbogo yayihoye iki?

Yari yamwiciye se.

c) Uyu mugabo wayishe yitwaga nde?

Binego bya Kajumba.

d) Naho se yitwaga nde?

Ryangombe rya Babinga.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Binego bya Kajumba" usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**Inyunguramagambo****Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

- a) **Impigi:** Imbwu bakoresha bahiga inyamaswa.
- b) **Impenebere:** Umuntu cyangwa inyamaswa y'inyamabere ifite utubere duto cyane.
- c) **Gukabya inzozi:** Kuba ibyo urota bikunda kubaho.
- d) **Impanuro:** Inama umuntu aha undi cyanecyane zikomoka ku bunararibonye.
- e) **Yahindurije:** Yarakaye bikabije
- f) **Iramukunkumura:** Imwica nabi.

Umwitoto wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukoresha mu nteruro yihimbiye amagambo ari mumwandiko ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitoto, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye kandi ziboneye:****a) Karosi**

Iyo umuntu ari karosi hari abantu bamwe batamukunda.

b) Inzogera irirenga

Uko Nyarwambari yashumurizaga impigi za shebuja ya mbogo yabonaga inzogera yirenga.

c) Imurahira aho bavoma

Akigerageza kwica ya mbogo ihita imurahira aho bavoma.

d) Arivovota

Binego bya Kajumba akimara kwica ya mbogo arivuga arivovota.

e) Umuyonga

Iyo bacanye ishinge cyangwa ibirere umuyonga uratumuka.

Isomo rya karindwi: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri arabu ashobora: Gusoma no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iymvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma ufile uwuhe mutwe?

Binego bya Kajumba.

b) Uvuga ku biki muri make?

Kuri Ryangombe rya Babinga wishwe n'imbogo ariko umuhungu we Binego bya Kajumba akamuhorera.

c) Iyo mbogo yishe Ryangombe bahuriye he?

Ni we wayigemuriye mu ishyamba rya Rurengamiganyiro.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Binego bya Kajumba" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

- 1. Binego bya Kajumba yari mwene nde? Umwuga wa se wari uwuhe?** Yari mwene Ryangombe rya Babinga.Umwuga wa se wari uguhiga.
- 2. Vuga izina ry'umuhiyi wa Ryangombe ugaragaze n'ibitekerezo bye ku muhigo wa shebuja uvugwa muri uyu mwandiko.**

Uwo muhigi ni Nyarwambari. Ibitekerezo byari uko shebuja yasubika umuhigo kubera impungenge zari zimaze kugaragazwa na Nyiraryangombe.

- 3. Umuhiyi wa Ryangombe ntiwavugwagaho rumwe n'abantu batandukanye. Abo bantu ni ba nde? Ibitekerezo byabo byabusanaga bitewe n'iki?**

Abo bantu ni Ryangombe ubwe ku ruhande rumwe; naho ku rundi ruhande hakaba nyina Nyiraryangombe n'umuhiyi we Nyarwambari. Ibitekerezo by'izi mpande zombi byabusanaga kubera ko bamwe bemeraga ko inzozi z'ibyago babonye ari impamo naho Ryangombe akabihakana.

- 4. Sobanura ukuntu inyamaswa Nyiraryangombe yarose zari zidasanzwe. Ese uko kuba zidasanzwe byasuraga iki?**

Zarimo urukwawu rutagira ishyira ku murizo, impongo y'impenebere n'imbogo y'ihembe rimwe. Uko kuba zidasanzwe byasuraga urupfu rwa Ryangombe.

- 5. Sobanura isano Binego bya Kajumba yari afitanye na Nyiraryangombe. Ese uyu mukecuru hari icyo yamufashije mu rugamba rwo kujya guhorera se? Bisobanure.** Binego bya Kajumba yari umwuzukuru wa Nyiraryangombe. Icyo uyu yamufashije ni uko yamuhaye itabi ryo kwiyobya ubwenge akamuha n'ibikoresho by'urugamba bya se.

- 6. Mbese uyu mwandiko hari aho ugaragaza amakabyankuru? Byerekanshe ingero.** Amakabyankuru arimo. Ingero z'amakabyankuru:

- Agera nubwo atambika umweko we mu bikingi by'amarembo.
- Kuvumbura inyamaswa z'amayobera yajya kuzica ibikoresho bikifungira mu biganza.
- Gushumuriza impigi imbogo y'ihembe rimwe zose inzogera ikirenga
- Imbogo y'ihembe rimwe izi kwizibukira imyambi bayirashe n'amacumu bayitera
- Gutekera imishandiko ikenda y'itabi inshuro imwe gusa
- Gusimbuga agafata imbogo ku gakanu ayishinga icumu mu rwano,.....

- 7. Sobanura uko Binego bya Kajumba yagaragaje ubuhangange ahorera se ku mbogo yari yamwivuganye.**

Yarayisimbukiye ayifata ku gakanu ayishinga icumu mu rwano arayigusha, ayikata igihanga akibambisha ku ka rubanda; yurira igitu amanura umurambo wa se aragenda awuhamba iruhande rw'aho yabambye igihanga cya ya mbogo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko:

1. Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingerekwa ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko ni izi: impungenge za Nyiraryangombe ku muhigo w'umuhungu we; imigendekere y'ubo muhigo n'urupfu rwa Ryangombe n'uko Binego bya Kajumba yahoreye se.

Ingingo z'ingerekwa zirimo: inzozi; ubusambanyi; kunywa itabi; kwivuga.

2. Erekana ingingo z'umuco n'iz'amateka zigaragara muri uyu mwandiko.

Ingingo z'umuco: Kugira impungenge ku nzozi; Gutanga impanuro aho biri ngombwa; Kubika uwitabye Imana; Kwivuga.

Ingingo z'amateka:

Guhigisha impigi, kurwanisha amacumu n'imyambi n'umuheto, umuhigo,...

3. Uyu mwandiko hari ibikorwa bigaragaza ubutwari waba ugaragaza?

Yego. Nko kudatinya kujya ku muhigo(ku rugamba), guhorera uwawe,....

4. Wishyize mu mwanya wa Ryangombe wumva wari gukora iki nyuma y'impanuro z'umubyeyi wavugaga ko yamuroteye nabi?

Nari kwihangana ngasibira uwo munsi nkareba icyo bisa gutanga. Nemera ko inzozi zishobora kubamo ukuri; gusa umuntu ntazigendereho gusa ahubwo akamenya gushishoza kuko hari n'igihe ibyo umuntu yarose bitagira aho bihirira n'ukuri.

5.4.4. Ubuvanganzo

Isomo rya munani: Igitekerezo cyo muri rubanda

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kugaragaza inshoza n'uturango by'igitekerezo cyo muri rubanda. - Gusesengura umwandiko igitekerezo cyo muri rubanda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ubuvanganzo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'igitekerezo cyo muri rubanda.

Igikorwa

Soma interuro zikurikira zifatiye ku mwandiko "Binego bya Kajumba" nurangiza ugire icyo uzivugaho ugendeye cyane cyane ku magambo yanditse mu ibara uyagereranya n'ibibaho mu buzima.

Interuro :

- a) Mu byo Nyiraryangombe yarotaga **ntakitarasohoraga**.
- b) Ari impiri, icumu n'ibindi bikoresho byose bageragezaga kuzicisha ngo **byifungiraga mu biganza**.
- c) **Imutendeka mu giti** cy'umuko ari wo murinzi.
- d) Imishandiko **kenda y'itabi ayitekerera icyarimwe, atumura umwotsi umwe amena umuyonga**.
- e) **Arayisimbukira ayifata ku gakanu** ayishinga icumu mu rwano **arayigusha**.

Izi nteruro urazibona ute ugereranyije n'ibantu bibaho mu buzima?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Muri izi nteruro, amagambo yanditse mu ibara aragaragaza amakabyankuru ugereanyije n'ibisanzwe bibaho mu buzima busanzwe.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga igitekerezo cyo muri rubanda.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'uturango by'igitekerezo cyo muri rubanda bashake n'ingero zabyo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'igitekerezo cyo muri rubanda utange n'ingero..

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'igitekerezo

Igitekerezo ni ingeri y'ubuvanganzo yubakiye ku mwibariro w'ibitangaza bigaragaramo amakabyankuru. Igitekerezo kijya kumera nk'umugani muremure kuko na wo ubamo amakabyankuru n'ibitangaza, ariko mu mugani ibivugwa bibera mu isi y'umugani igizwe n'ibitangaza gusagusa. Mu gihe mu gitekerezo dushobora gusangamo uturango tw'amateka n'ahantu hasanzwe hazwi.

Uturango tw'igitekerezo

Igitekerezo cyo muri rubanda ni ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo uteye ku buryo bw'ibarankuru, uvuga ku bantu batabayeho cyangwa bashobora kuba barabayeho mu muryango rusange w'abantu. Uvuga ibyababayeho ariko ukagenda wongeramo n'amakabyankuru menshi. Umutekereza agerageza kunoza no kuryosha imvugo akoresha kugira ngo abo agezaho igitekerezo bamutege amatwi bashishikaye. Amakabyankuru yo mu gitekerezo agaragarira mu bikorwa bivugwamo, mu bantu ndetse n'aho ibyo bikorwa byabereye, hashobora kuba hazwi muri uwo muryango uvugwamo iyo nkuru.

Ingero z'ibitekerezo byo muri rubanda:

- Igitekerezo cya Ndabaga
- Igitekerezo cya Ngunda
- Igitekerezo cya Semuhanuka
- Igitekerezo cya Nyirarunyonga

Imyitozo ku gitekerezo cyo muri rubanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

Shaka mu mwandiko izindi nteruro zigaragaza ko umwandiko ari igitekerezo.

Agera n'ubwo atambika umweko we mu bikingi by'amarembo ngo ataharenga. Asimbuka urugo aragenda.

Tanga ibindi bitekerezo byo muri rubanda uzi unavuge gato ku bivugwa ku mukinankuru mukuru uvugwamo.

Icy Serugarukiramfizi bavuga ko yakundaga ibirunge bikabije ku buryo ngo iyo batekaga ibindi bitari ibirunge ataryaga.

Icy Nyirarunyonga bavuga ko yari igisambo cyane, ariko kandi ngo akagira n'ingeso yo gukunda abagabo ku buryo burenze.

5.4.5. Ubuvanganzo

Isomo rya kenda: Umugani mugufi

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutahura imigani mihufi no kuvuga inshoza yayo. - Gukoresha neza imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ubuvanganzo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'imigani migufi.

Igikorwa

Soma interuro zikurikira nurangiza uvuge imiterere yazo ugendeye ku butumwa bukubiyemo.

Interuro :

- a) "Uwitonze akama ishashi"
- b) "Ntawuvuma iritararenga"
- c) "Nyamwanga kumva ntianze kubona".
- d) "Irya mukuru riratinda ntirihera".
- e) "Igiti kigororwa kikiri gito".
- f) "Abagiye inama Imana irabasanga".

Urabona izi nteruro zibumbatiye ubuhe butumwa?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Urabona izi nteruro zibumbatiye ubuhe butumwa?

Izi nteruro zibumbatiye ubutumwa bwo kugira inama umuntu, kumuhanura, kumwigisha.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga imigani migufi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'uturango by'imigani migufi bashake n'ingero zayo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'imigani migufi utange n'ingero.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'umugani mugufi

Umugani mugufi bakunze kuwita kandi umugenurano. Umugani mugufi ni imvugo ikoresha amagambo make, nyamara igisobanuro ari kirekire kandi kirimo ubutumwa ku buryo bw'amarenga, impanuro n'inyigisho zitandukanye. Umugenurano ugizwe n'imvugo izimije kandi ishushanya, ku buryo kugira ngo uwumve; uburyo bwa mbere bisaba kubanza kumva neza amagambo yose awugize, uburyo bwa kabiri bikaba kumva imvugo shusho iba yakoreshejwe. Ngo umugani ungana akariho. Ni ukuvuga ko abaca umugani babiterwa n'ibyo babona cyangwa babamo umunsi ku wundi.

Ubutumwa bukubiye mu mugenurano, buba bugamije kugira inama uwo bugenewe mu rwego rwo kumwereka ibyamugirira nabi ngo abyirinde, ibyo yakoshejemo ngo yikosore cyangwa se ibikwiye gukorwa bakamuhanura, bamukangurira kubyitabira. Iyi ngeri y'ubuvanganzo ikubiyemo ubuhanga buhanitse bw'imikoreshereze y'ururimi, bugaragaza gukeneka ururimi ndetse n'umuco wa ba nyirarwo.

Muri uyu mugenurano: "Usuzugura agafu kakakujyana ku mugezi" uwashaka kuwumva neza agomba kubanza kwiyumvisha icyo ariya magambo ane (gusuzugura, ifu, kujya, ku mugezi) awugize asobanuye. Hanyuma kumva icyo bagenuriraho ni ukugerageza kumva imvugo ishushanya yakoreshejwe, kuko niba ugomba kuvuga umutsima, naho agafu kaba gake, adafite amazi wabigenza ute? Kabe gake cyangwa kenshi ni ngombwa ngo uge kuvoma amazi. Uyu mugani wawucira umuntu ubona ko ashaka kugira ibintu adaha agaciyo bikwiye mu buzima.

Uturango tw'umugani mugufi:

Umuugani mugufi ukoresha amagambo make atarenze interuro imwe igizwe n'ibice bibiri byuzuzanya.

Umuugani mugufi ukoresha imvugo igenura, ikosora, ihanura, yigisha, iburira.

Umuugani mugufi ugira igitisanuro shusho ukaganira igitisanuro gishingiye ku magambo awugize.

Umuugani mugufi ukoresha imvugo yuje ikeshamvugo

Ingero z'imigani migufi:

Uwitonze akama ishashi.

Amatwi arimo urupfu ntiumva.

Nyamwanga kumva ntianze kubona.

Irya mukuru riratinda ntirihera.

Abwirwa benshi akumva beneyo.

Ingero z'imigani migufi isobanuye:

1. Umwanzi agucira icyobo Imana igucira icyanzu (Umwanzo agucira akobo Imana igucira akanzu): birumvikana ko umuntu anyuze hejuru y'icyobo yagwamo akaba yapfa. Bishatse kuvuga ko kuba umwanzi akwifuriza ibibi ari byo biggereranywa na cya cyobo. Mu gihe icyanzu cyo ari akayira kaba kinjira mu rugo ariko atari mu buryo bwa rusange. Ni akayira gakunze no kuba ari gato kaba kagenewe bene urugo bonyine. Imana rero igafatwa nk'umutabazi utabura uko agenza, ku buryo igihe wa mwanzo uguhiga yaguteze imitego igereranywa na cya cyobo Imana yo igushakira inzira yo kugutabariramo igereranywa na cya cyanzu.

2. Igit kigororwa kikiri gito: ubusanzwe abamenyere iby'ubuhinzi babona ko iyo ushaka kugira isura runaka uha igiti ugomba kubikora kikiri gito kitarakomera ngo kigagare; iyo bitabaye ibyo kikamara gukomera cyane iyo bakigoroye kiravunika. Iyo baca uyu mugani rero baba bagereranya igiti n'umwana bakaba bashaka kuvuga ko umwana ahabwa uburere akiri muto atararengerana. Ibyo bituma akurira muri wa murongo mwiza yatojwe

hakiri kare; bitaba ibyo rero ukaba utamukosora yararangije kwangirika. Aha akaba ari na ho bahera bagira bati: "Ntawuhana uwahanutse".

Imigani migufi y'Ikinyarwanda ifatiye ku ngigo zinyuranye zo mu buzima: umuntu yavuga nk'ubupfura, ubuzima n'urupfu, uburezi n'uburere, ubucuti n'ubufatanye, imico n'imyifatire, inkomoko, inka, ibidukikije n'izindi. Hari n'imigani imwe n'imwe usanga ihuza ingingo zirenze imwe.

Dore ingero z'imigani migufi y'Ikinyarwanda ifatiye kuri zimwe muri izo ngingo:

Ubupfura

Aho imfura zisezeraniye ni ho zihurira.

Imfura ishنجагира ishira.

Imfura igwa mu mfuruka.

Ubupfura buba mu nda.

Ubukungu ntibukura ubukuru.

Ubuzima n'urupfu

Amagara araseseka ntaylorwa.

Ubwenge si ubugingo umupfumu ntiyapfuye.

Indishyi y'urupfu ni ukubyara.

Ntarutamburira imfusha.

Aho umwana ashishiye ni ho atetera.

Uburezi n'uburere

Uburezi buruta ubuvuke.

Ubwenge burarahurwa.

Igit iigororwa kikiri gito.

Umwana apfa mu iterura.

Utaganiriye na se ntameya icyo sekuru yasize avuze.

Ubucuti n'ubufatanye

Inshuti iruta inshuro.

Ababiri bishyize hamwe baruta umunani urasana.

Agasaza kamwera akandi kuzakamwa.

Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.

Gira so yiturwa indi.

Imico n'imyifatire

Izina ni ryo muntu.
Kora ndebe iruta vuga numve.
Umwana murizi ntakurwa urutozi.
Ihene mbi ntuyizirikaho iyawe.
Hanyurwa umutima inda ni igisambo.

Inkomoko

Inyana ni iya mweru.
Ntayima nyina akabara.
Amata asabwa aho ari.
Nta rutundo rubura indamu.
Mwene samusure avukana isunzu.

Inka

Inka utanze iruta iyo utunze.
Iyanze kuzimira irabira.
Iya babiri ntokobwa.
Agasozi kamanutse inka kazamuka umugenji.
Inka imwe itashye iruta ijana riragurwa.

Ibidukikije

Akarenze impinga karushya ihamagara.
Isuri isambira byinshi igasohoza bike.
Inkunguzi y'inkware ishoka agaca kayireba.
Nta nkuba ikubita umunyabugingo.
Akagozi kaziritse ku nkuru bijyana mu nkono

Umwitozo ku migani migufi

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo wo guhangga umwandiko uri mu gitabo cyabo , buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitotoz:
Reba igisubizo

5.4.6. Umwandiko: Ubukwe bwa kinyarwanda

Isomo rya cumi: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Ubukwe bwa kinyarwanda" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?

Inka zifite amahembe maremare n'umugabo umeze nk'umushumba

b) Uriya mugabo ari kumwe na nde?

Hirya no hino ye hari ibyiciro by' abantu b'ingeri zitandukanye bicaye basa n'abateze amatwi.

c) Muratekereza ko bariya bantu bakora iki hariya?

Bameze nk'abari mu misango y'ubukwe cyangwa ibindi birori.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko uravuga ku ki?

Ku bukwe bwa kinyarwanda.

b) Ni ikihe gice kibimburira ibindi mu bigize ubukwe?

Gufata irembo.

c) Ibiganiro byo mu bukwe biba bisangiwe na ba nde?

Umusangwa mukuru n'umukwe mukuru.

d) Mu muco nyarwanda umugen'i yakobwaga iki?

Yakobwaga inka.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimbura. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubukwe bwa kinyarwanda" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Gufata irembo :** kujya gutangira gahunda zo gusaba umugen'i mu muryango mwamubonyemo.
- b) Gucyocyorana:** kubwirana amagambo ameze nko gusererezanya.
- c) Utaracuya:** utarahinduka ukundi, utarahidura isura.
- d) Amarwa:** ikigage, inzoga y'amasaka.
- e) Guheka umugen'i:** kumuherekeza bamushyiriye umusore wamusabye.

2. Shaka impuzanyito z'aya magambo akurikira:

- a) **Wabimburiraga** : wabanzirizaga, watangiriraga
- b) **By'ineza**: by'amahoro, by'umutuzo
- c) **Gusurana** : kugendererana

3. Shaka imbusane z'aya magambo akurikira:

- a) **Kuryemererwa** ≠ kuryangirwa , kuryimwa
- b) **Ibiribwa** ≠ ibinyobwa
- c) **Akaga** ≠ ibyishimo, umunezero

Imyitozo y'inyunguramagambo

Saba abanyeshuri bose gukora imyitozo bifashishiye amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku gitit ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitotozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byayo:

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

a) Igicuba

Abatunze inka nyinshi biyambaza n'igicuba mu kubika amata yabo.

b) Kwarika umugen'i

Mu gihe cyo kwarika umugen'i haba hari abashinzwe kumugira inama

c) Kumuhanura

Iyo bagira umugen'i inama byitwa kumuhanura.

d) Abantu bifite

Mu bukwe bw'abantu bifite hagaragaramo ibinyobwa bihenze.

2. Uzurisha interuro zikurikira amagambo cyangwa itsinda ry'amagabo dusanga mu mwandiko:

a) Mu misango y'ubukwe bavuga ko baje gusaba irembo ry'.....

Mu misango y'ubukwe bavuga ko baje gusaba irembo ry'umugen'i

b) Iyo basaba umugen'i bakoresha ikiganiro amatwi.

Iyo basaba umugen'i bakoresha ikiganiro **kinogeye** amatwi.

c) Byari ikizirako usaba umugen'i aryatavaruga ikimugenza.

Byari ikizira **kikaziririzwa** ko usaba umugen'i aryatavaruga ikimugenza.

d) Mu muhango w'itekesha ahensi bagabura umutsima w'.....

Mu muhango w'itekesha ahensi bagabura umutsima w'**uburo**.

Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma ufile uwuhe mutwe?

Ubukwe bwa kinyarwanda.

b) Uvuga ku biki muri make?

Ku misango n'ibice by'ubukwe bwa kinyarwanda.

c) Ibyo bice by'ubukwe bwa kinyarwanda ni ibihe muri iki gihe?

Gufata irembo, gusaba no gukwa, gusezerana mu mategeko, gusezerana imbere y'Imana, guheka umugenno kumutwikurura, hanyuma hakazabaho no gutekesha.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubukwe bwa kinyarwanda" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Umuranga yari muntu ki?

Yari umuntu w'inyangamugayo wahabwaga ubutumwa bwo gukusanya amakuru ku mugeni umuryango w'umusore wifuba gusaba.

2. Vuga akamaro k'umuranga mu gihe cyashize no muri iki gihe tugezemo.

Mu gihe cyashize yabaga ngombwa mu guhuza iyo miryango yombi; ariko muri iki gihe ntbwo agaragara cyane kuko ubu umusore n'umukobwa bariyumvikanira ubundi bakageza umushinga wabo ku babyeyi.

3. Ufatiye ku mwandiko, vuga nibura imihango itatu ya ngombwa yo mu bukwe bwa kinyarwanda.

Gufata irembo, gusaba no gukwa, gushyingira.

4. Ufatiye ku mwandiko n'ibyo ubona muri iki gihe, ni uwuhe muhango utagikorwa muri iki gihe?

Gutwikurura ni byo usanga bigenda bicika ahensi bakageza umugen mu rugo gusa; ariko wa muhango ntukorwe nkuko kera byagendaga.

5. Vuga imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda ishobora kubera umunsi umwe.

Gusaba no gukwa

6. Mu bukwe nyarwanda bw'iki gihe ni iyihé mihango ubona idashobora kubera umunsi umwe? Sobanura impamvu.

Gusaba no gutesha. Impamvu ni uko bizwi neza ko uyu muhango wo gutesha ubaho nibura nyuma y'iminsi mike umugen n'umusore babana

7. Garagaza ababaga hafi y'umugen mu gitaramo cy'ubukwe n'inshingano zabo muri icyo gihe.

Ba nyirasenge bo kumugira inama z'uko azafata neza umugabo we; n'abakobwa b'urungano rwe bo kumurimbira.

8. Sobanura mu buryo bwimbitse ibijyanye n'umuhamo w'itekesha.

Uwo muhango wabagamo kubaterera amashyiga bakazana inkono n'ikibindi cyo kuvomesha ndetse n'uruho rwo kudaha amazi, bakarika umutsima, ahensi wabaga ari uw'uburo. Umugabo na nyirabukwe w'umugen bakamufasha kuvuga umutsima, bakawurisha ibishyimbo by'umubaga. Abari aho bose bakaryaho, barangiza buri wese ufite icyo atekesha akagitanga , yaba amatungo cyangwa ibikoresho,...

Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Kugaragaza ingingo z'umuco w'Abanyarwanda n'iz'amateka ziri mu mwandiko

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma bavugagamo iki?

Bavugagamo ubukwe bwa kinyarwanda.

b) Abantu badakoze ubukwe hari ikibazo baba bafite?

Kirahari kuko ubwo baba babana mu buryo butemewe.

c) Ni iyihe mihangi iba mu bukwe bwa Kinyarwanda?

Gufata irembo, gusaba no gukwa, gusezerana mu mategeko, gusezerana imbere y'Imana, guheka umugenzi no kumutwikurura

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubukwe bwa kinyarwanda" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ni izi ibice bigize ubukwe bwa kinyarwanda; uko imisango y'ubukwe bwa kinyarwanda iteye.

2. Vuga ingingo z'umuco w'Abanyarwanda usanze muri uyu mwandiko. Kwitegura gusaba umugen'i no kumukwa kugeza igithe bazamugereza mu rugo. Ibijyanye n'umuranga mbere yo gusaba umugen'i.

Ibijyanye no gucyocyorana mu misango y'ubukwe.

Umuhango wo gutega amasunzu ku bakobwa b'inkumi no kuyogoshwa bashyingiwe.

Umuhango wo gukirana no kumara amavuta ku bashyingiwe. Kwarika umugen'i no kumuherekeza ku munsi w'ubukwe.

3. Ku bwawe wumva imihango y'ubukwe ifite akahe gaciro ku mukwe n'umugen'i ndetse no ku babyeyi?

Imihango y'ubukwe ifite agaciro gakomeye kuko nk'uko babivuga umuntu agira iminsi itatu y'ingenzi mu buzima bwe. Umunsi wo kuvuka, umunsi wo gushyingirwa n'umunsi wo gupfa. Ni byiza rero iyo umukwe n'umugen'i bagize ibirori kandi n'ababyeyi bibatera ishema n'ibyishimo kuko abana baba bateye ikirenge mu cyabo.

Isomo rya cumi na gatatu: Umwitotozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga igitekerezo ke mu buryo buboneye ku nsanganyamatsiko yatanzwe. - Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be akabifataho ikemezo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ubushize twize irihe somo?

Ubushize twize isomo ryo gusesengura umwandiko.

b) Umwandiko twasesenguye witwaga ngo iki?

Ubuvanganzo bwo muri rubanda.

c) Ni iki mwasigaranye muri irylo somo?

Twatahuye ingingo z'ingenzi muri uwo mwandiko. Tubona ko umwandiko wari wibanze ku bahimba ubwo buvanganzo nabo bwari bugenewe. Twanabonye kandi n'ingingo ndangamuco zikwiye kwimakazwa nko gukosorana, guhugurana no kugirana inama

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezecho mu matsinda .

Insanganyamatsiko:

- Hari ubukwe waba waragiyemo bagacyocyorana? Muri icyo gihe wumvaga umeze ute? Kuri ubu ubona hari icyo bikimaze?

- Mu bukwe bwa kinyarwanda hari igihe umugenya yatangirwa ubuntu. Wunganiranye na bagenzi bawe ibi wabivugaho iki?

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubagabanye ibibazo ku buryo buri cyose kigira abagikoraho.

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Ingero z'ibyo bavuga kuri buri nsanganyamatsiko:

Hari ubukwe waba waragiyemo bagacyocyorana? Muri icyo gihe wumvaga umeze ute? Kuri ubu ubona hari icyo bikimaze?

Yego, nabugiyemo kandi abasangiraga amagambo baracyocyoranye karahava.

Mu gihe bacyocyoranaga numvaga mfite ubwoba nibaza niba umugenya bataza kumutwima; nkanaterwa isoni n'uko bageraga aho bakabesha cyane kandi kubesha ari imwe muri za kirazira z'umuco nyarwanda. Gusa nageze aho numva ko ari ibyo bigirisha kuko batari kutwima umugenya kandi ari bo baduhaye ikaze ndetse n'umusore n'umukobwa bakaba barikundaniye.

Kuri ubu mbona nta cyo bikimaze kuko bavuga ngo ni uburyo bwo kuryosha ibiganiro; nyamara birashoboka ko abantu baganira bagasetsa, ibiganiro bikaryoha kandi

hatabayemo kubeshya. Kubeshyana no kubeshyuzanya bitwara n'igihe kitari gito kandi cyagakozwemo ibindi bikorwa byinshi by'iterambere.

Mu bukwe bwa kinyarwanda hari igithe umugen'i yatangirwa ubantu. Wunganiranye na bagenzi bawe ibi wabivugaho iki?

Icyo nabivugaho ni uko muri ki gihe tugezemo hatagombye kubaho umugen'i w'ubuntu kuko bibayeho byagabanya agaciro ari ku ruhande rw'umusore ndetse n'umuryango we basekwa ko babuze inkwano, ari no ku ruhande rw'umukobwa n'umuryango we basekwa ko uwo mukobwa yatangiwe ubantu.

5.4.7. Ikibonezamvugo

Isomo rya cumi na kane: Ikinyazina nyereka

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Gutahura ibinyazina nyereka mu nteruro no mu mwandiko.- Gusesengura neza ibinyazina nyereka biri mu mwandiko no kubikoresha neza mu nteruro. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kibafasha gusubiramo ikinyazina nyereka.

Igikorwa

Soma interuro zikurikira nurangiza uzitegerezze neza hanyuma uvuge icyo ubona amagambo yanditse mu ibara akoramo.

- Muri **iki** gihe n'ibiribwa biraza.
- Muri **kino** gihe hari aho gusaba no gukwa bigendera hamwe.
- Bene **abo** bitwaga abageni b'ineza.
- Nyuma y'**ibyo** iyo imihango itabereye rimwe, haba hatahiwe gusezerana mu butegetsi.
- **Uwo** munsi ukaba uwo kuvugana umunsi wo kwitegura umugen'i.
- Akabona kumukura muri **icyo** gitaramo.
- **Urya** muhigo wahangayikishije Nyiraryangombe.
- Igihanga cya **ya** mbogo Binego yarakibambye.

- **Buriya** buryo bwo kurambagirizwa n'umuranga bugenda bucika.

Aya magambo **iki, kino, abo, ibyo, uwo, icyo, urya, ya, buriya** urabona amaze iki mu nteruro?

iki, kino, abo, ibyo, uwo, icyo, urya, ya, buriya ni **amagambo akora igikorwa cyo kwerekana.**

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Aya magambo **iki, kino, abo, ibyo, uwo, icyo, urya, ya, buriya** urabona amaze iki mu nteruro?

Iki, kino, abo, ibyo, uwo, icyo, urya, ya, buriya ni **amagambo akora igikorwa cyo kwerekana.**

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikinyazina nyereka.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza, uturango n'intego by'ikinyazina nyereka bashake ingero bazisesengure.. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza, uturango n'intego by'ikinyazina nyereka utange ingero unazisesengure.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'ikinyazina nyereka

Ikinyazina ni ijambo rihinduka, ricibwamo uturemajambo. Kijyana n'izina cyangwa kikarisimbura kandi iyo kirisimbuye kikaba gifite umumaro umwe nk'uw'iryo zina. Ikinyazina gishobora kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi, ariko hari n'ikigira indangakinyazina n'igicumbi.

Ikinyazina nyereka ni ikinyazina kerekana izina giherekeje cyangwa kikaryibutsa iyo cyarisimbuye. Ibinyazina nyereka bishobora kwerekana ibintu biri ahantu hatandukanye akaba ari yo mpamvu bigabanyijemo ibyiciro bitandatu bitewe n'aho icyo byerekana giherereye. Hari ibifite ibicumbi (- no , - o, - riya , - rya, - aa. Hari n'ikindi gifite igicumbi - φ cyo ku rwego rwa uyu, aba, iki,...)

Uturango tw'ikinyazina nyereka

a) Ikiciro cya mbere

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi cyane y'abavugana. Ibi binyazina ntibigira igicumbi mu mwanya w'igicumbi bakoreshwa ikimenyetso “φ”. Intego mbonera zacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi(φ). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D – RkZ – φ**

Ingero:

Ubu bukwe burashyushye.

Butwiriyeho tukiri muri **iri** twikurura.

Aba bageni baraberewe.

Sindabona ibirori byiza nk'**ibi**.

Ikiciro cya kabiri

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uvuga. Ibi binyazina bigira igicumbi –no. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (**-no**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C**

Ingero:

Kino gihe turimo imisango y'ubukwe yarahindutse.

Nimukora ubukwe muzazinduke nka **bano** bageni.

Hano hantu hatatse neza.

c)Ikiciro cya gatatu

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uwo babwira. Ibi binyazina bigira igicumbi – o. Intego mbonera zacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi (**-o**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D – Rkz – C**

Ingero:

Uzanyengere ikigage nk'**icyo**.

Aho hantu muhategure neza ubukwe butungane.

Abanyarwanda ba kera bashimishwaga n'izo ndirimbo.

Ikiciro cya kane

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kitaruye abavugana bombi. Ibi binyazina bigira igicumbi - riya. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (-riya). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz - C**

Ingero:

Iriya migani migufi ikwiye kwigishwa urubyiruko.

Urabona **kuriya** kuntu abaherekeza b'abageni bambaye!

Uriya mwana agira umuco mwiza.

Ikiciro cya gatanu

Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba basanzwe baziranyeho cyangwa se nanone baba barigeze kuvuganaho. Ibi binyazina bigira igicumbi -rya. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (- rya). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz - C**

Ingero:

Urya murima nabonye wera nibawugurisha uzawugure.

Irya mbogo yishe Ryangombe yashoboraga kuyirinda.

Uzanyigishe ikivugo nka **kirya** cyawe.

Ikiciro cya gatandatu

Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba barigeze kuganiraho cyangwa kubonera hamwe. Ibi binyazina bigira igicumbi -âa. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (-âa). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz - C**

Ingero:

Bya binyobwa batwakirije byari bifutse.

Tuzasubukura gahunda ya **bwa** bukwe ryari?

Sinzibagirwa **cya** gitekerezo twize ubushize.

Intego y'ikinyazina nyereka

Intego y'ikinyazina nyereka muri rusange igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina n'igicumbi; icyakora ibinyazina byo mu kiciro cya mbere bigira indomo n'indangakinyazina n'igicumbi -φ naho ibyo mu kiciro cya gatatu bikagira uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n'igicumbi.

Dore zimwe mu ngero z'ibinyazina nyereka zisesenguye mu nteko zimwe na zimwe:

Interuro

Intego Amategeko y'igenamajwi

Ikiciro cya mbere

D-Rkz-

- **Ubu** bukwe burashyushye. u-bu- Φ Nta tegeko.
- **Aba** bageni baraberewe. a - ba - Φ Nta tegeko.

Ikiciro cya kabiri Rkz - C

- Mu bukwe muzazinduke nka **bano**. ba - no Nta tegeko.
- **Hano** hantu hatatse neza. ha - no Nta tegeko.

Ikiciro cya gatatu D - Rkz - C

- Uzanyengere ikigage nk'**icyo**. i - ki - o i→ y /-J; ky→ cy mu nyandiko
- **Aho** hantu muhatunganye neza. a - ha - o a→ Φ /- J

Ikiciro cya kane Rkz - C

- **Iriya** migani ikwiye kwigishwa. i - riya Nta tegeko.
- Urabona **kuriya** kuntu abageni bambaye! ku - riya Nta tegeko.
- **Uriya** mwana agira umuco mwiza. u - riya Nta tegeko.

Ikiciro cya gatanu Rkz - C

- **Urya** murima nabonye wera uzawugure. u - rya Nta tegeko.
- **Irya** yishe Ryangombe yari kuyirinda. i - rya Nta tegeko.
- Uzanyigishe ikivugo nka **kirya** cyawe. ki - rya Nta tegeko.

Ikiciro cya gatandatu Rkz - C

- **Bya** binyobwa batwakirije byari bifutse. bi - âa i→ y /-J
- Tuzasubukura **bwa** bukwe ryari? bu - âa u→ w /-J
- Sinzibagirwa **cya** gitekerezo twize ejo. ki - âa i→ y /-J; ky→ cy mu nyandiko

bifutse. bi - âa i — y /-J

- **Tuzasubukura bwa bukwe ryari?** bu - âa u — w /-J

- **Sinzibagirwa cya gitekerezo twize ejo.** ki - âa i — y /-J; ky — cy
mu nyandiko

Imbonerahamwe y'ibinyazina nyereka

Ibicumbi						
Inteko	φ	-no	-o	-riya	-rya	-aa
Nt1	uyu	uno	uwo	uriya	urya	waa

Nt 2	aba	bano	abo	bariya	barya	baa
Nt 3	uyu	uno	uwo	uriya	urya	waa
Nt 4	iyi	ino	iyo	iriya	iryia	yaa
Nt 5	iri	rino	iryo	ririya	riryia	ryaa
Nt 6	aya	ano	ayo	ariya	arya	yaa
Nt 7	iki	kino	icyo	kiriya	kirya	cyaa
Nt 8	ibi	bino	ibyo	biriya	birya	byaa
Nt 9	iyi	ino	iyo	iriya	iryia	yaa
Nt 10	izi	zino	izo	ziriya	zirya	zaa
Nt 11	uru	runo	urwo	ruriya	rurya	rwaa
Nt 12	aka	kano	ako	kariya	karya	kaa
Nt 13	utu	tuno	utwo	turiya	turya	twaa
Nt 14	ubu	buno	ubwo	buriya	burya	bwaa
Nt 15	uku	kuno	uko	kuriya	kurya	kwaa
Nt 16	aha	hano	aho	hariya	harya	haa

Imyitozo ku izina mbonera gakondo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1. Erekana ibinyazina nyereka muri uyu mwandiko ubicaho akarongo unagaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi.

Ibisubizo:

Umwandiko: Buzataha

Uyu ni umwaka wa gatatu tubaye inshuti **izi** z'amagara. **Uriya** mwaka washize twari twifuje kwereka ababyeyi bacu **iyi** myiteguro yo kurushinga. Amahirwe ariko ntイヤdusekeye kubera **iriya** nkenya y'impanuka yampungabanyirije umukunzi. Nyamara **urya** munsi twari twaraye tuvuganye ko aba yihanganye ntagire aho ajya kuko impanuka zarimo zica ibintu. **Uwo** munsi w'inkuru y'inshamugongo nari naraye nabi **ibi** rwose biteye ubwoba.

Icyakora ubwo yakize ngiye kumubwira twihutishe ubukwe bwacu **iriya** minsi mikuru yegereje ntizaducike. Ko mukunda na we akankunda kandi n'ababyeyi bacu bakabishima;

Imana yacu yo izabura ite kudushyigikira kandi twarayubahishije ntitwiyandarike nk'aba **kino** gihe bamwe bajya bashaka guta umuco wacu?

Intego y'ibi binyazina n'amategeko y'igenamajwi

Ikinyazina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Uyu	u-yu- Ø	Nta tegeko
Izi	i-zi- Ø	Nta tegeko
Uriya	u-riya	Nta tegeko
Iyi	i-yi- Ø	Nta tegeko
Iriya	i-riya	Nta tegeko
Urya	u-rya	Nta tegeko
Uwo	u-u-o	u→w/-J
Ibi	i-bi- Ø	Nta tegeko
Iriya	i-riya	Nta tegeko
Kino	ki-no	Nta tegeko

2. Mukoreshe neza ibi binyazina nyereka mu nteruro ziboneye:

- a) **abo** : mubwire abo bahungu bagaruke batayoba.
- b) **buriya** : buriya buro bureze.
- c) **zirya** : ziriya nka zikomoka ku nkwano ya mushiki wange.
- d) **harya** : harya hantu twatashye ubukwe hari kure.
- e) **runo** : runo rugo rushya rwatekeshejwe ibintu byinshi.
- f) **ba** : ba bakobwa bombi barasabwa.

Isomo rya cumi na gatanu: Ikinyazina mbanziriza

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ibinyazina mbanziriza mu nteruro no mu mwandiko. - Gusesengura neza ibinyazina mbanziriza biri mu mwandiko no kubikoresha neza mu nteruro. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kibafasha gusubiramo ikinyazina nyereka kikabinjiza mu isomo ry'ikinyazina mbanziriza.

Igikorwa

Soma uzi nteruro nurangiza witegerezze neza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri uvuge uko ubona yitwaye mu nteruro:

Interuro:

- Byari ikizira ko umushyitsi mukuru agira **icyo** arya ataravuga ikimugenza.
- Hari **aho** basaba bakanakwera rimwe.
- Buri wese ufite **icyo** atekesha akagitanga.
- Nguko **uko** bigenda naho **uko** byagenze ibara umupfu.

Aya magambo: icyô, ahô, ukô urabona yitwaye ate mu nteruro?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Aya magambo: icyô, ahô, ukô urabona yitwaye ate mu nteruro?

Aya magambo: icyô, ahô, ukô yasimbuye andi mazina kandi yaje imbere y'inshinga

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikinyazina mbanziriza.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza, uturango n'intego by'ikinyazina mbanziriza bashake ingero bazisesengure.. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza, uturango n'intego by'ikinyazina mbanziriza utange ingero zisesenguye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'ikinyazina mbanziriza

Ikinyazina mbanziriza gihagararira izina ryagombye kuba icyuzuzo k'inshinga. Mu mikoreshereze yacyo gifata buri gihe umwanya wacyo imbere y'inshinga ari na yo mpamvu kitwa gutyo.

Uturango tw'ikinyazina mbanziriza

Ikinyazina mbanziriza gisimbura ijambo ribanjirije inshinga. Ibyo bituma rero buri gihe kibanziriza inshinga. Intego yacyo igizwe n'uturemajambo dutatu ari two indomo indangakinyazina n'igicumbi. Iki kinyazina gisa n'ikinyazina nyereka gifite igicumbi-o bigatandukanywa n'uko igicumbi cyacyo gihorana isaku nyejuru (-ô) mu gihe icya nyereka cyo gihorana isaku nyesi (-o).

Urugero:

- **Uwo** mwana nkunda ararwaye (hano "uwo" ni ikinyazina nyereka kibanjirije izina)
- **Uwô** nkunda ararwaye (hano "uwô" ni ikinyazina mbanziriza kibanjirije inshinga)

Ingero z'ikinyazina mbanziriza:

- **Uwô** nkunda ararwaye.
- Umubwire ko **izô** yakoye zabyaye.
- **Abô** mwatahiye ubukwe barakeye.
- **Ubwô** twatashye burahumuje.

Intego y'ikinyazina mbanziriza

Intego y'ikinyazina mbanziriza igizwe n'uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n'igicumbi - ô. Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D - Rkz - C**

Dore imbonerahamwe y'ikinyazina mbanziriza n'intego yacyo mu nteko zose.

Inteko	Ikinyazina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Nt 1	Uwô	u-u-ô	u→w /-J
Nt 2	abô	a-ba-ô	a→Ø /-J
Nt 3	uwô	u-u-ô	u→w /-J
Nt 4	iyô	i-i-ô	i→y /-J
Nt 5	iryô	i-ri-ô	i→y /-J
Nt 6	ayô	a-a-ô	a→y /-J

Nt 7	icyô	i-ki-ô	i→y /-J; ky→cy mu myandiko
Nt 8	ibyô	i-bi-ô	i→y /-J
Nt 9	iyô	i-i-ô	i→y /-J
Nt 10	izô	i-zi-ô	i→Ø /-J
Nt 11	urwô	u-ru-ô	u→w /-J
Nt 12	akô	a-ka-ô	a→Ø /-J
Nt 13	utwô	u-tu-ô	u→w /-J
Nt 14	ubwô	u-bu-ô	u→w /-J
Nt 15	ukô	u-ku-ô	u→Ø /-J
Nt 16	ahô	a-ha-ô	a→Ø /-J

Imyitozo ku kinyazina mbanziriza

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1. Tahura ibinyazina mbanziriza biri mu mwandiko “Binego bya Kajumba” nurangiza ubishakire intego ugaragaza n'amategeko y'igenamajwi.

Ibisubizo:

Ibyo binyazina ni ibi: **ibyo, iyo, aho**.

Intego yabyo:

Ikinyazina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Ibyô	i-bi-ô	i→y/-J
Iyô	i-i-ô	i→y/-J
Ahô	a-ha-ô	a→Ø/-J

Ishakire interuro zawe umunani zikoreshejwemo ibinyazina mbanziriza mu nteko zinyuranye unagaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi.

Dore izo nteruro:

- Kamana yatweretse **uwô** azashaka.
- Muri ziriya nka **iyô** bakoye ni iy'ibihogo.
- Ndabona muri ayo mazina yose **iryô** nahitamo ryose ryambera.
- Iryo tungo nurigurisha **ayô** uzaca yose bazayaguha.

- **Icyô** nshobora cyose nzagikora kugira ngo umwana wacu azatsinde.
- Uzakore **ibyô** ushoboye bazaguhembera ibyo.
- Imirima yose ni myiza ariko **iyô** guhingamo ikawa izatoranywa n'inzobere mu by'ubuhinzi.
- Izo nama waduhaye ni nziza izô tuzabona zidushobokera tuzazikurikiza.

Intego y'ibinyazina mbanziriza byakoreshejwe muri izi nteruro:

Inteko	Ikinyazina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Nt 1	Uwô	u-u-ô	u→ w /-J
Nt 2	iyô	i-i-ô	i → y /-J
Nt 3	iryô	i-ri-ô	i →y /-J
Nt 4	ayô	a-a-ô	a →y /-J
Nt 5	icyô	i-ki-ô	i→ y /-J,ky →cy mu myandikire
Nt 6	ibyo	i-bi-ô	i→ y /-J
Nt 7	iyô	i-i-ô	i→ y /-J
Nt 8	izô	i-zi-ô	i →Ø /-J

5.4.8. Ikeshamvugo

Isomo rya cumi na gatandatu: Ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo.

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba shoboye:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutahura amagambo aboneye akoreshwa ku nka , ku mata, ku cyansi no ku gisabo. - Guhangga interuro akoreshamo amagambo yabugenewe ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo. - Kunoza imvugo akoresha amagambo yabugenewe ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikeshamvugo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo by'igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo.

Igikorwa

Nimwitegereze izi nteruro maze muvuge uko amagambo yanditse mu ibara yakoreshejwe:

- a) Ubwo rero umuhango ukurikiyeho uba ari uwo **gukwa**.

- b) Kuva kera rero kugeza n'ubu aho umuco utaracuya, inka ni yo **nkwano**.
- c) Ibyo ntibibuza ko n'amafaranga atangwa aho **inzuri** zimariye kuba nke mu Gihugu
- d) Bene abo bitwaga **abageni b'ineza**.
- e) Mu mitako yo mu nzu hari aho usanga **bajishamo** n'igisabo.
- f) Ya nka yakowe mushiki wange yarabyaye none turacyanywa **umuhondo**.
- g) Abagikurikiza umuco wa kera **bakosha** ibyansi akaba ari byo bakamisha amata.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Mubonye aya magambo: gukwa, inkwano, inzuri, abageni b'ineza, bajishamo, umuhondo, bakosha yakoreshejwe ate muri izi nteruro?

Aya magambo yakoreshejwe mu buryo bw'ikeshamvugo.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura amagambo yabugenewe ku mata, ku nka, ku cyansi, no ku gisabo banashake ingeri zayo banazikoreshe mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure amagambo yabugenewe ku nka, ku mata, , ku cyansi, no ku gisabo utange ingeri zayo unayakoreshe mu nteruro ziboneye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'ikeshamvugo

Ikeshamvugo nkuko ijambo ubwaryo ribivuga ni ugukesha imvugo bisobanuye kunoza imvugo. Ikeshamvugo rero ni uburyo bwo gukoresha amagambo yabugenewe ku bintu cyangwa ibikoresho runaka mu buryo bwo kunoza imvugo. Ni ha handi bagira bat: "Ntibavuga..., bavuga...". Abanyarwanda bakunze gukoresha ubu buhangha ku buryo utabimenyereye ashobora gusigara asiganuza.

Dore ingero z'amagambo y'ikeshamvugo akoreshwa mu Kinyarwanda ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo.

Ikeshamvugo ku nka

Ntibavuga	Bavuga
Kurangiza gukama	Guhumuza
Kurekera aho gukamwa	Guteka
Gukomereka	Gusarika
Gutoroka kw'inka	Kumena
Kurya kw'inka mu rwuri	Kurisha
Aho inka zirisha	Urwuri
Kuzigarura mu rugo	Kuzicyura
Guca umurizo	Gukemura umurizo
Gukurura babyaza	Kuvutira
Gukamisha yombi	Kuvuruganya
Gushyira inka ho iyayo	Kwinikiza
Gutwita kw'inka	Guhaka
Kujya ku nda kwazo	Kwerera
Kuziyobora, kuzishorera	Kuzirongora
Kuzijyana ku kibumbiro	Gushora
Kujyana inka ahari ubwatsi	Kuzahura
Kujyana inka ahari ubwatsi mu gihe k'izuba	Kugisha
Ibyatsi bahanaguza inka	Inkuyo
Kwiruka zigusiga	Gutana
Guhanagura inka	Kuzihonora
Guta umuziha kwazo	Gufuma
Kuzivomera	Kuzidahirira
Kurwara ibisebe ku mabere	Gusarika
Ikiraro k'inyana	Uruhongore
Aho bamena amase y'inka	Icukiro
Aho inka zibyagira	Ku ibuga
Utubere tudakamwa	Indorerezi

Ikeshamvugo ku mata n'igisabo

Ntibavuga	Bavuga
Igicuma bacundamo amata	Igisabo
Aho batereka amata	Uruhimbi
Kuyasuka mu gisabo	Kuyabuganiza
Kuyavanamo amavuta	Gusobanura
Kurangiza koza igisabo	Guhumuza
Kurangiza gukama	Guhumuza
Kumena amata ubishaka	Kuyabyarira / kuyabikira
Kumena amata utabishatse	Kuyabogora
Kumena igisabo	Kukibyarira
Kurekeraho gukamwa	Guteka
Uduta	Amata
Amata y'inka ikibyara	Umuhondo
Amata y'inka yenda guteka	Amagonera/Amanga/Amasuga
Amata y'inka yimye	Amasitu
Amata inyana yanze konka	Amakaba
Amata yaraye ataravura	Umubanji
Amata bavanze n'amazi	Umwerera, umujago
Amata yiriwe	Amirire
Amata amaze kuvura	Ikivuguto
Amata y'abashumba	Imyezo
Agati bavurugisha amata	Umutozo
Gutunganya amata y'ikivuguto	Kuyavuruga
Umuheha banywesha amata	Umuceeri

Ikeshamvugo ku cyansi n'igisabo

Ntibavuga	Bavuga
Ntibimanikwa	Birajishwa
Ntibiturwa	Birururutswa
Ntibimeswa	Birahanagurwa
Ntibisaza	Birakura
Ntibykorerwa	Biraremererwa
Ntibigurwa	Birakoshwa
Ntibishyushywa	Biroswa
Ntibimeneka	Birabyara
Ntibibazwa	Biraramvurwa

Imyitozo ku ikeshamvugo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitoto:

1. Erekana amagambo y'ikeshamvugo akoreshwu ku magambo akurikira nurangiza uyakoreshe mu nteruro ziboneye:

a) Ku nka:

- Guha inka akanyana yonsa atari akayo : **gutsindira**
- Kuba yenda kubyara imeze nk'iri ku nda: **kwerera**
- Utwatsi bahanaguza inka: **inkuyo**
- Gusubira kurisha ku gasozi kw'inyana: **gusubira iswa**
- Amase y'umutavu: **umususwe**

b) Ku mata:

- Kuvangura amata n'amavuta bamaze gucunda: **gusobanura, kwavura**
- Amata bakuyemo amavuta: **amacunda**
- Amata inka ikamwe ubwa kabiri bashubijeho inyana: **amarindira**

2. Nimukorere mu matsinda maze mushake andi magambo y'ikeshamvugo atanu ku mata no ku gisabo n'andi icumi ku nka tutavuze maze muyakoreshe mu nteruro ziboneye.

Abanyeshuri baratanga amagambo anyuranye, umwarimu abafashe kuyanonosora.

3. Soma umwandiko ukurikira hanyuma utahuremo amagambo yabugenewe akoreshwu ku mata, ku nka no ku cyansi cyangwa ku gisabo unavuge icyo asobanura.

Umwandiko: Iwacu zirakamwa

Tumaze iminsi twifashe neza twinywera umuhondo. Ndavuga uwo dukama mu ishyo ririmo n'indongoranyo y'iyakowe mushiki wange. Iyo umwungeri wazo yinikije ni nge uba hafi ngo nimire inyana itamukoma akayabogora, nkaba nyihanaguza inkuyo nayishakiye. Mu gukora uwo murimo ariko mba nitegerezza uko avuruganya, yarangiza akamperezza iyo nshyushyu mu cyansi gikeye kuko kiba cyogeshejwe imonyi nziza. Ubwo ngakuraho menshi mu gikombe andi nkayabuganiza mu gicuba. Ubwo nkarekura inyana ikonka akanya gato agakama amarindira. Ni intyoza cyane mu gukama; sindabona na rimwe akama amatembankokora cyangwa ngo mbone igitotsi mu yo yakame. Iyo ahumuje inyana nyijyana mu ruhongore. Birumvikana ko ayo duteretse dutegerezza kuyanywa yabaye ikivuguto kuko amirire n'umubanji tutayakunda. Iyo tumaze guhumuza cyangwa gusobanura amata, ibyansi n'ibisabo birozwa, bikoswa bikajishwa cyangwa bigaterekwa ku ruhimbi. Iyo bikuze bakosha ibindi bikazana n'injishi zabyo kuko umwuga w'ubworozi tuwukunda cyane.

Ayo magambo yabugenewe n'icyo asobanura:

Ijambo	Igisobanuro
Umuhondo	Amata y'inka ibaye vuba
Ishyo	Inka nyinshi ziba hamwe
Indongoranyo	Inka itangwa n'iwabo w'umukobwa washyingiwe ikomoka ku yo yakowe
Iyakowe	Iyatanzwe nk'ishimwe ku muryango utanze umugeni
Umwungeri	Umushumba
Yinikije	Atangigiye gukama
Nimire	Mbuze inyana kuza kurogoya umukamyi
Akayabogora	Akayamena amucitse
Inkuyo	Utwatsi bahanaguza inka
Avuruganya	Akamisha yombi
Inshyushyu	Amata agikamwa
Imonyi	Agafu k'amabuye ajya kumera nk'ibifonyi bogesha ibyansi
Menshi	Make (kuko batavuga amata make)
Nkayabuganiza	Nkayasuka, nkayashyira
Igicuba	Igikoresho kinini babikamo amata
Amarindira	Amata bakame ubwa kabiri bagombye kurekura inyana ikongera kuretesha
Amatembankokora	Amata ashoka ku maboko no ku nkokora bitewe n'ibuswa bw'umukamyi
Igitotsi	Akantu k'akanda cyangwa agasimba kaguye mu mata
Ahumuje	Arangije gukama
Uruhongore	Ikiraro k'inyana
Ikivuguto	Amata amaze kuvura neza
Amirire	Amata agejeje nimugoroba ataravura
Umubanji	Amata yaraye ariko ataravura
Guhumuza (ibyansi, ibisabo)	Kurangiza kubyozza
Gusobanura	Gutandukanya amavuta n'amata bamaze gucunda
Twacunze	Twacugushije kenshi ngo dukuremo amavuta
Bikoswa	Bikanikwa, bikumutswa

Bikajishwa	Bikamanikwa ahabugenewe
Ku ruhimbi	Aho babika amata n'ibikoresho bijyana na yo
Bikuze	Bishaje
Bakosha	Bagura
Injishi	Akagozi kagenewe kumanikwamo
	ibisabo, ibyansi

Isomo rya cumi na karindwi: Ikeshamvugo ku ngoma no ku mwami.

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba shoboye:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutahura amagambo aboneye akoreshwa ku ngoma no ku mwami. - Guhangang interuro akoreshamo amagambo yabugenewe ku ngoma no ku mwami. - Kunoza imvugo akoresha amagambo yabugenewe ku ngoma no ku mwami. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikeshamvugo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku ikeshamvugo bahruka kwiga bikabinjiza mu isomo rikurikiyeho ryerekeye ikeshamvugo ku ngoma no ku mwami.

Igikorwa:

Wifashishije amagambo yabugenewe, kosora izi nteruro zikurikira:

a) Gatera agiye kuzana agati bavurugisha amata n'umuheha bayanywesha.

Gatera agiye kuzana **umutozo n'umuceri**.

b) Ntegurira igisabo n'amata nze kuyazunguza.

Ntegurira igisabo n'amata nze **kuyacunda**.

c) Yakowe inka umunini n'inyana zazo.

Yakowe umunani ukinze.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikeshamvugo ku ngoma no ku mwami.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura amagambo yabugenewe ku ngoma no ku mwami banashake ingero zayo banazikoreshe mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure amagambo yabugenewe ku ngoma no ku mwami utange ingerero zayo unayakoreshe mu nteruro ziboneye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Ikeshamvugo ku ngoma

Ntibavuga	Bavuga
Gutangira kuvuga	Gusuka
Kurangiza kuvuga	Gutunga
Kugurwa	Gukoshwa
Kumanikwa	Kujishwa
Gushyushywa	Koswa
Gufashwa hasi	Kururutswa
Kubazwa	Kuramvurwa
Gushyirwaho impu	Kuremwa
Kwikorerwa	Kuremererwa
Gutoboka	Kubyara
Gusaduka	Kuribora/kurara/guseka
Kumeneka	Kubyara

Ikeshamvugo ku mwami

Ntibavuga	Bavuga
Kujya ku ngoma	Kwima
Kurongora k'umwami	Gutarama
Umagore w'umwami	Umwamikazi
Umwana w'umwami	Igikomangoma
Nyina w'umwami	Umugabekazi
Inzu y'umwami	Ingoro
Inzu nkuru umwami araramo	Kambere
Kuryama k'umwami	Kwibambika
Kubyuka k'umwami	Kwibambura
Kurya k'umwami	Kurora
Kujya mu bwihherero	Gutwikira ibirenge
Umwambaro wa cyami batamirizaga	Ikamba, igisingo

Gutembera/kugenda k'umwami	Kurambagira
Gupfa k'umwami	Gutanga
Umurambo w'umwami	Umugogo
Gushyingura umwami	Kumutabariza
Imva y'umwami	Umusezero
Kwicara k'umwami	Guteka
Intebe y'umwami	Inteko
Uburiri	Igisasiro
Aho aramirizwa	Ijabiro
Kumuha ikuzo	Kumuramya
Aho umwami yabonaniraga n'abaturage	Ku karubanda
Gutanga itegeko	Guca iteka
Ingobyi bahekagamo umwami	Ikitabashwa

Imyitozo ku ikeshamvugo

umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1. Simbuza amagambo ari mu () ayabugenewe:

a) Muri iki gitondo nahuye n'(abavuzi b'ingoma) (bikoreye ingoma).

Mu iki gitondo nahuye n'abakaraza biremeye ingoma.

b) Ingoma (zirashyushywa) mbere yo kuzivuza.

Ingoma ziroswa mbere yo kuzivuza.

c) Byabasabye imbaraga kugira ngo ziriya ngoma (zishyirwe hasi).

Byabasabye imbaraga kugira ngo ziriya ngoma zururtswe.

2. Wifashishije amagambo yabugenewe, kosora usanisha neza interuro ikurikira :

rudahigwa ni umwami wapfiriye i burundi. kubera ko muri icyo gihe irimbi ry'abami ryari rihereye i mwima ho mu karere ka nyanza, umurambo we waje kuhashyingurwa.

Rudahigwa ni umwami watangiye i Burundi. Kubera ko muri icyo gihe umusezero w'abami wari uhoreye i Mwima ho mu Karere ka Nyanza, umugogo we waje kuhatabarizwa.

5.5. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatanu

Ubushobozi bwo:

- *Gusesengura umwandiko;*
- *Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo;*
- *Gukoresha mu nteruro ikeshamvugo ku mata, ku nka, ku gisabo, ku cyansi, ku ngoma no ku mwami.*
- *Gutahura no gusesengura ikinyazina nyereka n'ikinyazina mbanziriza.;*
- *Kugaragaza uturango tw'igitekerezo cya rubanda;*
- *Gukoresha imigani migufi mu nteruro.*

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Vuga ibantu nibura bine mu bigize umuco nyarwanda bivugwa mu mwandiko. Ururimi, imigenzo n'imihango, imitekerereze n'imyemerere yabo n'imibereho yabo ya buri munsi

2. Sobanura ukuntu ururimi ari ingobyi y'umuco.

Ururimi ni ingobyi y'umuco kuko ari rwo rusakaza umuco aho rukoreshwa hose; ni ukuvuga ko ari rwo umuco ugendamo kuko ari rwo rugaragaza biriya byose bigize umuco.

3. Vuga igice cy'ururimi Abanyarwanda bisanzuriramo cyane cyavuzwe mu mwandiko usobanure n'impamvu.

Ubuvanganzo cyanecyane ubwo muri rubanda. Impamvu ni uko muri iki gice ari ho umuntu wese avuga akamuri ku mutima ari ntawugombye kumubaza aho yabikuye cyangwa ngo agombe kubisabira uburenganzira. Ni ubuvanganzo bwa buri wese.

4. Tanga urugero rwo gucyocyorana mu zavuzwe mu mwandiko. Umusaza usabwa umugen'i akagira ati: "Umukobwa wacu yagiye mu kibikira", cyangwa se ati: "Mu bo mwazanye harimo uwaduhemukiye". Usaba na we akagira ati: "Biri amahire n'ubundi n'umusore wacu akubutse mu gifurere". Ati: "Ubwo rero 'ibisa birasabirana', n'ubundi naje nzi ko ari ukwisanga".

5. Rondora ingero enye z'ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda zavuzwe mu mwandiko wongereho n'izindi waba uzi.

Imigani migufi, imigani miremire, indirimbo, ibitekerezo bya rubanda, insigamigani, ibisakuzo, ibihozo, amahigi, uturingushyo n'ibindi

6. Erekana amazina ari mu mwandiko aganisha ku nka utage n'andi waba uzi mu muco nyarwanda.

Mutumwinka, Mukobwajana, Bazizane, Mukanyana, Nzamukosha

II. Inyunguramagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Urusobe:** uruhurirane rw'ibantu byinshi bihuriza hamwe mu kurema ikintu kimwe
- b) Inararibonye:** umuntu ufite ubuhanga bwo kumenya cyangwa gukora ibantu runaka neza kubera igihe kirekire abimazemo
- c) Kwisanga:** kugenderera umuntu akakwakira binoze
- d) Ataziganya:** ntacyo ahishe, arekuye, atagira ubugugu
- e) Mukobwajana :** ukwiriye ingurane y'inka nyinshi cyane zigereranywa n'ijana.

2. Shaka impuzanyito z'aya magambo:

- a) Ntawasiga :** ntawareka, ntawakwihorera
- b) Gukesha :** kunoza, gutunganya, kuryoshya
- c) Abunganizi :** abafasha

3. Shaka imbusane z'aya magambo:

- a) Umusore ≠ inkumi**
- b) Migufi ≠ miremire**
- c) Umuhanga ≠ umuswa**

III. Ubuvanganzo, ubumenyi bw'ururimi n' ikibonezamvugo

1. a) Vuga ibantu bitatu biranga igitekerezo cyo muri rubanda utange n'ingero ebyiri z'ibitekerezo.

Ibitekerezo byo muri rubanda biba bigenewe abantu bose nta vangura, biba bivuga ku bantu babayeho cyangwa batabayeho, biba birimo amakabyankuru,...

Ingero: igitekerezo cya Nyiranda, Ngunda, Serugarukiramfizi,....

b) Tanga inshoza y'umugani mugufi nurangiza utange ingero eshanu z'imigani migufi unavuge muri make ubutumwa bukubiyemo.

Umagani mugufi cyangwa umugani w'umugenurano ni imvugo ikoresha amagambo make ariko ugasanga igisobanuro ari kirekire. Umugani mugufi uba ugamije kwigisha, guhana, guhanura, kuburira,....

Ingero z'imigani migufi: (ni nyinshi umwarimu arareba izo abanyeshuri batanze n'ibisobanuro byayo)

Utazi ubwenge ashima ubwe

Umuntu ntakwiye gutekereza ko ari we wenyine uzi ubwenge nkaho abandi nta bwenge bagira.

Kora ndebe iruta vuga numve

Igikwiye si ukuvuga ibyo umuntu ashoboye; ahubwo bikwiye kugaragarira mu bikorwa.

Umwana murizi ntakurwa urutozi

Umuntu ntakwiye guhora atabaza ku kantu kose n'akadakomeye kugira ngo atazahura n'akagaabantu bakamwihorera bavuga ko ari ko yabaye.

Igit kigororwa kikiri gito

Kugira ngo umuntu azavemo umuntu nyamuntu agomba kubitozwa hakiri kare atararengerana.

Aho imfura zisezeraniye ni ho zihurira

Byaba byiza buri muntu agergeje kubahiriza amasezerano yagiranye na mugenzi we.

2. Garagaza ibinyazina nyereka biri muri izi nteruro unabishakire intego ugaragaza n'amategeko y'igenamajwi.

- a) Aha ariko na sebukwe w'umugeni akamugabira.
- b) Akabona kumukura muri icyo gitaramo.
- c) Uwo wari umukino w'umusore n'umugeni we biherereye.
- d) Muri ibyo birori ni ho bagabiraga urugo rushya.Uwo muhango wabagamo kubaterera amashyiga.
- e) Ibi bikagenda bitandukana bitewe n'umuco w'agace aka n'aka.

Intego y'ibi binyazina nyereka:

Ikinyazina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Aha	a-ha- Ø	Nta tegeko
Icyo	i-ki-o	i →y/- J, ky →cy mu myandikire
Uwo	u-u-o	u →w / - J
Ibyo	i-bi-o	i →y/- J
Ibi	i-bi- Ø	Nta tegeko
Aka	a-ka- Ø	Nta tegeko

3. Shaka interuro eshanu zikoreshejemo ibinyazina mbanziriza, ubigaragarishe kubicaho umurongo nurangiza ubisesengure ugaragaza n'amategeko y'igenamajwi.

Ibisubizo:

- a) Amatungo yose ni meza ariko **Iryô** Abanyarwanda baha agaciro cyane ni inka.
- b) Twitahire muri aya meza **ayô** nshaka ntayarimo.
- c) **Icyô** mbifuriza ni uko mutsinda.
- d) **Ibyô** nandika ni ibizagarukwaho.
- e) Umuhanzi ati: “**Urwô** ngukunda ni kimeza”.

Intego n'amategeko y'igenamajwi:

Ikinyazina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Iryô	i-ri-ô	i→y /-J
Ayô	a-a-ô	a→y /-J
Icyô	i-ki-ô	i→y /-J; ky→cy mu myandiko
Ibyô	i-bi-ô	i→y /-J
Urwô	u-ru-ô	u→w /-J

4. Shaka ingero eshanu z'amagambo y'ikeshamvugo akoreshwa ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi.

Ku nka:

- a) Ubusenzi:** Uwo mushumba azogoshe ubusenzi bw'iriya nka bumaze kuba burebure cyane.
- b) Ishyo:** Ishyo rya Kamana riratashye.
- c) Umwungeri:** Umwungeri wa ririya shyo akwiye guhembwa kuko aryitaho bitangaje
- d) Uruhongore:** Garura iyo nyana isubire mu ruhongore burakeye.
- e) Ibuguma:** Baca umugani ngo: “Ibuguma nyishoka isibo”.

Ku mata:

- a) Inshyushyu:** Inshyushyu igirira umubiri akamaro.
- b) Amarindira:** Amarindira asaba gutegereza umuntu yihanganye.
- c) Ikivuguto:** Abantu benshi bakunda ikivuguto.
- d) Umujago:** Umujago nta buryohe ugira.
- e) Guhonora:** Iyo nka muyihonore vuba izindi zitayisiga bage kuzitera umuti hakiri kare.

Ku cyansi no ku gisabo:

- a) Imonyi:** Icyo cyansi n'igisabo uwazabishakira imonyi bigacya neza.
- b) Injishi:** Mbega injishi ikomeye!

- c) **Gukosha:** Uwakosha ikindi cyansi kiriya kirakuze.
- d) **Inzindaro:** Mwibuke gushyira inzindaro kuri icyo bisabo hatagira igitotsi kijya mu mata.
- e) **Uruhimbi:** Uragahorane amata ku ruhimbi!

IV. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko utarengeje imirongo mirongo itatu, uvuga ku muco nyarwanda wibande ku gukoresha ikeshamvugo.

Gukosora umwandiko bikurikiza amabwiriza asanzwe agenga ihangamwandiko.

5.6. Ibikorwa by'inyongera

5.7. Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umwarimu

UMUTWE WA GATANDATU: IKORANABUHANGA

VI.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura no guhangwa imyandiko ivuga ku ikoranabuhanga;
- Kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro;
- Gusesengura ibinyazina ndafutura no kubikoresha neza mu nteruro.

VI.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Ibikoresho by'ikoranabuhanga (ikiciro cya 2 cy'amashuri abanza).
- Ibinyazina (ikiciro cya 2 cy'amashuri abanza).
- Amoko y'amagambo (umwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye).
- Imimaro y'amagambo (ikiciro cya 2 cy'amashuri abanza)

VI.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Ikoranabuhanga rimaze guhindura ubuzima bwa benshi . Sobanura mu magambo yawe bwite uburyo imikorere ishingiye ku ikoranabuhanga yateje imbere ubukung bw'igihugu utanga ingero zifatika.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku ikoranabuhanga akabafasha kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibisubizo:

Imikorere ishingiye ku ikoranabuhanga imaze guhindura ubuzima bwa benshi n'ubukungu bw'Igihugu ku rwego rufatika. Abantu bahanze imirimo myinshi irishingiyeho, abaturage benshi basigaye bifashisha ikoranabuhanga muri serivisi hafi ya zose bakenera, abacuruzi bararyifashisha mu igura n'igurisha, mu buhinzi n'ahandi.

VI.4. Amasomo ari mu mutwe wa gatandatu n'igihe yagenewe

Umutwe wa gatandatu: Ikoranabuhanga		Umubare w'amasomo: 17
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo

Umwandiko: Mudasobwa mu iterambere		
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Amasomo 2
Imimaro y'amagambo		
Isomo rya gatanu: Imimaro y'amagambo: Ruhamwa, inshinga, n'icyuzuzo.	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro. 	Amasomo 3
Umwandiko: Itangazamakuru mu iterambere		
Isomo rya munani: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya kenda: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi na rimwe: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Ikinyazina ndafutura		
Isomo rya gatanu:	Gusesengura ibinyazina ndafutura no kubikoresha neza mu nteruro.	Amasomo 2

Isuzuma risoza umutwe wa mbere	Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushoboz na nyagurabushoboz	Isomo 1

6.4.1. Umwandiko: Mudasobwa mu iterambere

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Mudasobwa mu iterambere" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?

Abagabo babiri bahagaze iruhande rw'umuhandwa kaburimbo bitegereza icyapa.

b) Murabona bariya bagabo bambaye bate?

Umuntu arabona bambaye neza, mbese barimbye.

c) Ni ibiki biri kuri iki cyapa?

Hariho igishushanyo cya mudasobwa nini cyane n'umugore wicaye ayandikisha bigaragara ko ari yo baganiraho.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko uravuga ku ki?

Ku ikoranabuhanga.

b) Iryo koranabuhanga rikoresha iki?

Rikoresha mudasobwa.

c) Abaganira kuri iyo mudasobwa ni ba nde?

Munyawera na Mwumvaneza.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Mudasobwa mu iterambere" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) Batwanikiye: badusize cyane

b) Kubwerabwera: kubuyera usa n'uwayobewe icyo ukora

c) Gukura ubwatsi: gushimira uwakugabiye (inka cyangwa ikindi kintu cy'agaciro)

d) I Bwotamasimbi: i Burayi. (Ubundi amasimbi ni urusaro rwererana ruba hejuru y'imisozi miremire cyane. Ibihugu bimwe by'i Burayi bijya bitwikirirwa n'urubura mu gihe k'Itumba; akaba ari ho haba hakomoka iryo zina).

e) Intica ntikize: ibintu bike cyane, bidahagije

Umwitoto wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora umwitoto bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku gititke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitoto, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'umwitoto n'ibisubizo byawo:

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

a) Ibikoro

Ibikoro bigeretse ku bishyimbo biraryoha.

b) Dukubutsemo

Rwa rugendo shuri dukubutsemo rwatugiriye akamaro gakomeye.

c) Zicyaduka

Igihe mudasobwa zari zicyaduka zakoreshwaga imirimo mike ugereranyije n'ubu.

d) Bizacura iki?

Ko ugira ibitekerezo bikomeye ukiri umwana nukura bizacura iki?

e) Bagapfunyikira abantu ikibiribiri

Dukwiye kwamagana abafatirana abataramenya ikoranabuhanga bakabapfunyikira ikibiribiri.

2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro byatanzwe mu ruhushya B

A

- | | |
|-----------------------|---|
| 1.Ingaruka | a. Irihuta cyane |
| 2.Rusahurira mu nduru | b. Dusobanuza |
| 3.Iravuduka | c. Urahaze none wibagiwe aho wavuye |
| 4.Dusiganuza | d. Inkurikizi |
| 5.Urarenzwe | e. Ushaka inyungu abantu
batarasobanukirwa |

B

Ibisubizo: 1=d, 2=e, 3=a, 4=b, 5=c

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri arabu ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe?

Mudasobwa mu iterambere.

b) Uvuga ku biki muri make?

Uvuga uko mudasobwa ikoreshwa mu bijyanye no kwiteza imbere..

c) Ni kuki umuntu akwiye gukangukira iterambere?

Kugira ngo isi itamusiga.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Mudasobwa mu iterambere" maze usubize ibibazo byawubajjweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Mu mwandiko baravugamo ko isi ivuduka. Iravuduka mu biki?

Mu bijyanye n'iterambere n'ikoranabuhanga.

2. Vuga ingaruka zaba ku warangara muri uyu muvuduko w'isi.

Abandi bamusiga agasigara asiganuza.

3. Amahugurwa ba Munyawera bakubutsemo yavugaga ku biki?

Ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga mu iterambere.

4. Gereranya ibyo abantu bigaga kuri mudasobwa zicyaduka n'aho bigeze kuri ubu wifashishije umwandiko.

Kera mudasobwa zicyaduka wasangaga abantu biga kuzadikisha zikanabika amakuru gusa; ariko ubu zisigaye zikora n'indi mirimo myinshi ijjanye n'ikoranabuhanga nko gukora ibishushanyo by'amazu n'imihanda; guhanahana amakuru yihutisha iterambere n'ibindi.

5. Tanga nibura ingero enye z'ibyiza by'ikoranabuhanga rikoresha mudasobwa byagaragajwe mu mwandiko.

Kumenya ibiciro byo ku masoko yo hirya no hino ku isi; Kuganira n'umuntu uri iyo bigwa utavuye aho uri; Kwandika izina ry'ahantu hose ku isi ugahita uhabona; Gukora ibishushanyo by'amazu n'ibindi.

6. Tanga izindi ngero eshatu z'ibikoresho by'ikoranabuhanga uzi unasobanure umumaro wabyo.

Terefoni: irahamagara, igafata amafoto, igakoresha mu kohererezanya amafaranga;
Tereviziyo: yerekana amashusho y'amakuru avugwa ku isi, ikerekana imikino na za sinema;

Ibyogajuru: bifata amakuru y'ibibera hirya no hino ku isi, bigakoreshwa mu iteganyagihe n'ibindi.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka kwiga?

Mudasobwa mu iterambere

b) Uvuga ku biki muri rusange?

Uko dukwiye gukangukira gukoresha ikoranabuhanga mu iterambere.

c) Tanga ingero ebyiri z'ibikoresho by'ikoranabuhanga .

Mudasobwa, terefoni, icyogajuru...

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko “Mudasobwa mu iterambere” maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ni izi: umuvuduko mu iterambere; impamvu tugomba gukangukira ikoranabuhanga.

2. Garagaza uko ubona izo ngingo zihura n'ubuzima bwa buri munsi tubamo.

Aho bihuriye ni uko zivuga ku kamaro k'ikoranabuhanga, kandi muri iki gihe tugezemo ikoranabuhanga rikaba ari ikintu dukenera mu buzima bwacu bwa buri munsi.

3. Ubona ikoranabuhanga rikoresha mudasobwa ryamara iki mu myigire yawe?

Ikoranabuhanga rikoresha mudasobwa ryagira akamaro kanini mu myigire kuko ryakorosha imirimo imwe n'imwe y'ubushakashatsi cyane ikoranabuhanga rikoresha interineti.

Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga igitekerezo ke mu buryo buboneye ku nsanganyamatsiko yatanzwe. - Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be akabifataho ikemezo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku ki?

Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku iterambere ryifashisha mudasobwa.

2. Mudaobwa iteza imbere ite uburezi?

Ikoranabuhanga ryifashisha mudasobwa riteza imbere uburezi binyuze mu bushakashatsi bukorwa, muri gahunda y'Iyakure...

3. Uretse mudasobwa ni ibihe bikoresho bibiri by'ikoranabuhanga waba uzi?

Terefoni, televiziyo, radiyo...

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda.

Insanganyamatsiko:

"Gukoresha ikoranabuhanga rya mudasobwa ntibyagira ingaruka mbi"

Mugaragaze uko mubibona ku banyeshuri no ku iterambere ry'ighugu muri rusange, mwibanda ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga.

Gabanya amatsinda ibibazo ku buryo buri cyose kigira abagikoraho.

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

Ikoranabuhanga ryifashisha mudasobwa rifite akamaro gakomeye cyanecyane iyo mudasobwa ikoresha interineti yifashishwa mu bushakashatsi bunyuranye, ariko hari n'aho usanga iyo rikoreshewe nabi rigira ingaruka mbi.

Ku munyeshuri:

Ryamufasha gukora ibantu byinshi mu gihe gito kuko yajya asangamo amasomo yamuteguriwe ndetse n'imyitozo yajya akora akanikosora we ubwe. Ikindi kandi rimufasha gukora ubushakashatsi bwamufasha mu myigire ye ndetse no mu mibereho ye muri rusange. Ku rundi ruhande ikoranabuhanga rishobora gushora umunyeshuri mu ngeso mbi, nko mu gihe yishoye ku mbuga zitangaza ibantu by'urukozasoni agashaka kubyigana, icyo gihe ubuzima bwe bwahangirikira nta kabuza.

Ku rwego rw'Ighugu:

Ikoranabuhanga ryifashisha mudasobwa ni ingenzi cyane kuko rifasha Ighugu mu kubona amakuru akenewe kandi akabonerwa ku gihe no mu kuyoherezanya; Rikoreshwa mu bijyanye n'iteganyagihe n'igenamigambi;

Ryihutisha imirimo inyuranye ubuzima bw'Ighugu bushingiyeho.(nko mu mutekano mu gisirikari n'igiporisi, mu bikorwa by'ubuzima, mu bikorwa by'icungamutungo n'amabanki n'ibindi).

Ikoranabuhanga ku rundi ruhande rishobara gukoreshwa nabi rikaba ryafasha mu bikorwa byo guhungabanya umutungo wa leta, ubujura bwo mu mabanki,...

Ingaruka:

Abakunda guhora kuri mudasobwa bataruhuka baba bashobora kugira ibibazo by'amaso. Ikoreshwa rya mudasobwa ryatumye abanyamabanga bamwe babura akazi kuko ibyandikwa byinshi abayobozibabyikorera.

6.4.2. Imimaro y'amagambo

Isomo rya gatanu: Imimaro y'amagambo: ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutahura no gusesengura mu nteruro imimaro y'amagambo ayigize. - Gutandukanya ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo mu nteruro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'imimaro y'amagambo mu nteruro.

Igikorwa

Soma izi nteruro zikurikira nurangiza witegereze amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri hanyuma uvuge icyo yerekana mu nteruro.

Interuro:

Incyuro se na zo ziteganyijwe mu kiganiro cyacu

Nituba maso **ikoranabuhanga** rizadufasha ibantu byinshi.

Gukoresha ikoranabuhanga ni ingenzi.

Imashini ikoresha uwabyize.

Ubonye aya magambo agaragaza iki mu nteruro?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Ubonye aya magambo agaragaza iki mu nteruro?

Incyuro, ikoranabuhanga, gukoresha, imashini ni amagambo aragaragaza uwo (icyo) berekezaho igikorwa cyangwa imimerere bivugwa mu nshinga.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga imimaro y'amagambo mu nteruro: ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'imimaro y'amagambo mu nteruro bashake ingero . Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure imimaro y'amagambo mu nteruro utange ingero mu nteruro ziboneye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

1. RUHAMWA

Inshoza ya ruhamwa

Ruhamwa ni ijambo rigaragaza ukora igikorwa cyangwa uwo berekezaho imimerere cyangwa imiterere bikubiye mu nshinga. Muri rusange ruhamwa iba igizwe n'izina ryonyine cyangwa ikaba ari itsinda ry'izina n'andi magambo arisobanura nka ntera, igisantera, n'ayandi. Ruhamwa ishobora no kuba izina ntera, ikinyazina, imbundo, umugereka,...

Ingero:

- **Ababyeyi** bita ku bana babo.
- **Umunyamabanga Nshingwabikorwa** agira imirimo myinshi.
- **Urubyiruko mwese** nimutozwe ikoranabuhanga.
- **Umunyeshuri mwiza** yubaha abarezi n'ababyeyi.
- **Iyo** ikamwa menshi
- **Kwiga** biteza imbere.
- **Ejo hazaza** hazaba heza.
- Niturangara **buzacya** abandi badusize kubera ikoranabuhanga.
- None se urumva ari ikoranabuhanga rizana ibibi?
- **Hazabaho** guhuguka kugira ngo ikoranabuhanga ritadusiga

Amoko ya ruhamwa

Ruhamwa ibamo amoko atatu: Ruhamwa mboneranteruro, ruhamwa nyurabwenge na ruhamwa mburabuzi.

a) Ruhamwa mboneranteruro

Ruhamwa mbonerantururo ni yo igenga interuro mbonezamvugo, ikanashingirwaho isanisha ry'amagambo yose agize interuro. Ni yo ivugwaho igikorwa cyangwa imimerere bikubiye mu nshinga hakurikijwe isanisha risanzwe.

Ingero:

- **Ababyeyi** bita ku bana babo.
- **Umunyamabanga Nshingwabikorwa** agira imirimo myinshi.
- **Umunyeshuri mwiza** yubaha abarezi n'ababyeyi

b) Ruhamwa nyurabwenge

Ruhamwa nyurabwenge yerekezwaho igikorwa cyangwa imimerere bikubiye mu nshinga ariko ntigenga isanisha risanzwe.

Ingero:

Imboga zibona **abana** (hano imboga si zo zibona ahubwo abana nibo babona)
Ilki kizamini kizatsinda **umuhanga** rwose (umuhanga niwe uzatsinda si ikizamini)

c) Ruhamwa mburabuzi

Ruhamwa mburabuzi mu nteruro igaragara igihe hakoreshejwe inshinga itagaragaza ijambo yisanisha na ryo. Icyo gihe ruhamwa igaragazwa n'indanganshinga.

Ingero:

Niturangara **buzacya** abandi badusize kubera ikoranabuhanga.
None se urumva ari ikoranabuhanga rizana ibibi?
Hazabaho guhuguka kugira ngo ikoranabuhanga ritadusiga.

2. INSHINGA

Inshoza y'inshinga

Inshinga mu nteruro ni ijambo ribumbatiye cyangwa rigaragaza igikorwa, imico, imiterere cyangwa imimerere bya ruhamwa. Ni yo zingiro ry'ubutumwa bukubiye mu nteruro. Inshinga ishobora kurema interuro yonyine kandi igatanga ubutumwa bwuzuye. Ishobora no kuzuzwa n'indi nshinga nta bundi bwoko bw'ijambo bukoreshejwe.

Ingero z'inshinga zikoresheje muri ubwo buryo bwose tubonye:

- **Uzitabire** inama.(igikorwa)
- Abanyeshuri **barabyibushye**.(imimerere)
- Kagenzi na Gatesi **barakubagana**.(imico)
- **Ntuzibe**.
- **Mugende mwihuta**.

3. ICYUZUZO

Inshoza y'icyuzuzo

Icyuzuzo ni ijambo cyangwa urwunge rw'amagambo biherekeza inshinga birushaho gusobanura neza ubutumwa buyikubiyemo. Ibyuzuzo bishobora kugira amoko atandukanye ariko ay'ingenzi ni: icyuzuzo ruhamya, icyuzuzo mbonera, icyuzuzo nziguro n'icyuzuzo k'ingereka.

a) Icyuzuzo ruhamya

Ruhanya ni ijambo rivuga isano y'imiterere cyangwa isano y'imico icyuzuzo gifitanye na ruhamwa. Ruhanya ihuzwa na ruhamwa n'inshinga z'imimerere cyangwa imiterere hamwe n'inshinga "kuba" cyangwa imvugaruhama "ni".

Ingero:

- Umwana ni **umutware**.
- Amazi ni **meza ku buzima**.
- Arimo **umunyeshuri mwiza**.

b) Icyuzuzo mbonera

Icyuzuzo mbonera kigizwe n'ijambo cyangwa amagambo aherekaza inshinga akuzuza igitekerezo cyayo. Icyuzuzo mbonera giherekaza inshinga kitanyuze ku rindi jambo cyangwa ngo kigire ibindi bisobanuro by'umwihariko cyongeraho.

Ni ukuvuga ko hagati y'inshinga n'icyuzuzo mbonera nta rindi jambo rizamo. Gishobora kuba kigizwe n'ijambo rimwe cyangwa menshi. Muri rusange gisubiza ibi bibazo: nde?, iki?

Ingero:

- Tuzitabira **ikoranabuhanga**. (Tuzitabira iki? Ikoranabuhanga)
- Iterambere turikesha **abayobozi beza**. (Turikesha nde? Abayobozi beza)
- Muzatsinda ikizamini **k'Ikinyarwanda**. (Muzatsinda iki? Ikizamini k'Ikinyarwanda)

Ikitonderwa: Ibyuzuzo mbonera bishobora gukoreshwa icyarimwe ari bibiri. Icyo gihe tugira **icyuzuzo mbonera ntega n'icyuzuzo mbonera ntegesha**.

1. Icyuzuzo mbonera ntega usanga gisubiza ibibazo nka nde? Iki? Zingahe? Gukora iki?

Ingero:

- Nkunda **mwarimu**. Nkunda nde? Mwarimu.
- Tuzatsinda **ikizamini**. Tuzatsinda iki? Ikizamini.

- Data atunze inka **ijana**. Atunze inka zingahe? Inka ijana.
- Bagiye **kuryama**. Bagiye gukora iki? Kuryama.

2. Icyuzuzo mbonera ntegesha usanga kivuga ikigenewe icyuzuzo ntega, ictyo bifashisha mu gukorera igikorwa icyuzuzo ntega, ictyo icyuzuzo ntega kivamo, ikibereye umutungo icyuzuzo ntega, ikiri ku cyuzuzo ntega, ictyo icyuzuzo ntega giteganyirijwe, n'ibindi.

Ingero:

Umubyeyi agurira umwana **umugati** (ikigenewe icyuzuzo ntega)
 Umushumba yakubise inka **inkoni** (ictyo bifashisha)
 Uruganda rukora amavuta mu bihwagari (ictyo icyuzuzo ntega kivamo)
 Umujura yibye umuturanyi **intama** (umutungo w'icyuzuzo ntega)
 Umubyeyi yahanaguye umwana **amarira** (ikiri ku cyuzuzo ntega)
 Ikoranabuhanga ryorohereza abantu **imirimo** (igiteganyirijwe icyuzuzo ntega)

c) Icyuzuzo nziguro

Icyuzuzo nziguro cyuzuza inshinga akenshi kibanje guca ku rindi jambo nk'icyungo cyangwa indangahantu, kigasobanura uburyo igikorwa gikorwa, igihe gikorerwa, ahantu gikorerwa, impamvu gikorwa, inshuro gikorwa n'ibindi.

Ingero:

- U Rwanda rurakataje **mu ikoranabuhanga** (icyuzuzo nziguro cy'ahantu)
- Abakinnyi bagenda **bushuhe** (icyuzuzo nziguro cy'uburyo)
- Ubukwe buzaba ejo **mu gitondo**. (icyuzuzo nziguro k'igihe)
- Abanyarwanda bensi ku munsi barya **inshuro eshatu**. (icyuzuzo nziguro k'inshuro)
- Bavuye **ku ishuri**. (icyuzuzo nziguro cy'ahantu)
- Arayura **kuko ashonje**. (icyuzuzo nziguro k'impamvu)
- Ahora ameze **nk'umurwayi** (icyuzuzo nziguro kigereranya)
- Abanyeshuri bagomba guca ukubiri **no gutukana** (icyuzuzo nziguro cyunga)

Ikitonderwa:

Aya moko yombi y'ibyuzuzo (icyuzuzo mbonera n'icyuzuzo nziguro) ashobora gukoreshwa icyarimwe mu nteruro.

Ingero:

- Ikigo cyacu cyaguze **mudasobwa mu mugi**. ("mudasobwa" ni icyuzuzo mbonera; "mu mugi" ni icyuzuzo nziguro).
- Umpere **umwana imiti nimugoroba**. ("umwana, imiti" ni ibyuzuzo mbonera; "nimugoroba" ni icyuzuzo nziguro).

d) Icyuzuzo k'ingereka

Icyuzuzo k'ingereka ni icyuzuzo kizanwa n'uko ingereka yongerewe ku nshinga cyangwa se icyuzuzo k'inshinga kigatuma igira ingereka. Hari n'ingereka zituma inshinga igira icyuzuzo kibanjirijwe n'icyungo.

Ingero:

- Umwana arakinana **inkweto**
- Iyi nzu yubakwa **n'umufundi**
- Gatera yigana na **Mwiza**

e) Icyuzuzo mpagiko

Icyuzuzo mpagiko kigaragazwa n'inyibutsacyuzuzo iza hagati mu nshinga.

Ingero:

- Mwarimu **yabasobanuriye** (abanyeshuri).
- Umuyobozi w'ikigo **yayibakoreye** (inama).

4. IMFUTUZI

Imfutuzi ni ijambo risobanura neza izina cyangwa inshinga bijyanye.

Amagambo ashobora kuba imfutuzi ni aya akurikira:

a) Izina ntera

Urugero: Mudasobwa y'**umukara** irakoreshwa.

b) Ntera

Urugero: Virusi **nyinshi** zangiza mudasobwa..

c) Igisantera

Urugero: Ubwenge **karemano** ni bwiza cyane bwunganirwa n'ubwenge **buhangano**.

d) Ikinyazina

Ingero: -**Wa** mwana yasibye.

-Umwana **wacu** ariga neza.

e) Inshinga

Urugero: Umunyeshuri **witonda** azahembwa.

f) Umugereka(Ingera)

Urugero: Kwiga **neza** birashimisha.

g) Indangahantu

Urugero: -Atuye **i** Kigali.

5. IMPUZA

Impuza ni ijambo rihuza amagambo abiri cyangwa inyangingo ebyiri kugira ngo interuro yuzure kandi isobanuke. Impuza ishobora kuba ikinyazina ngenera, icyungo, ingirwanshinga cyangwa urujyano rw'amagambo.

Ingero:

- Abanyeshuri **n'abarimu** bari mu mikino.
- Turiga **kugira ngo** tumenye.
- Baravuga **bati**: « Nimuhindukire ».

Imyitozo ku mimaro y'amagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:

1. Erekana ruhamwa mu nteruro zikurikira:

a) Ikoranabuhanga rizatugeza kuri byinshi.

Ikoranabuhanga rizatugeza kuri byinshi.

b) Ibi biryo byatetse umuhanga.

Ibi biryo byatetse umuhanga.

c) Aka kanya burakeye.

Aka kanya burakeye.

d) Harakabaho ikoranabuhanga.

Harakabaho ikoranabuhanga.

2. Erekana inshinga ziri muri izi nteruro unavuge icyo zigaragaza kuri ruhamwa.

a) Ba bana banyu baritonda.

b) Ikoranabuhanga ririhuta cyane.

c) Uwo ukunda ararwaye.

Ibisubizo:

Ba bana banyu baritonda. →igikorwa

Ikoranabuhanga ririhuta cyane. →igikorwa

Uwo ukunda ararwaye. →imimerere

3. Tahura ibyzuzo biri mu nteruro zikurikira hanyuma uvuge n'ubwoko bwabyo.

a) Imyanya y'icyubahiro yicayemo abayobozi.

b) Abashyitsi bariye kabiri.

c) Abanyeshuri bacu babonye amanota meza mu bizamini bya Leta.

d) Muhe uwo mutetsi umuceri n'amavuta.

Ibisubizo:

- a) **Imyanya y'icyubahiro** yicayemo abayobozi. Icyuzuzo nziguro cy'ahantu
b) Abashyitsi bariye **kabiri**. Icyuzuzo nziguro k'inshuro
c) Abanyeshuri bacu babonye **amanota meza mu bizamini bya Leta**. Amanota meza:
Icyuzuzo mbonera ntega.**Mu bizamini bya Leta**: Icyuzuzo nziguro
d) Muhe **uwo mutetsi umuceri n'amavuta**. **Uwo mushyitsi**: icyuzuzo mbonera ntega
Umuceri n'amavuta: icyuzuzo mbonera ntegesha
- 4. Shaka interuro zawe bwite ebyiri zikoreshejemo ibyuzuzo mbonera n'ebyiri zikoreshejemo ibyuzuzo nziguro unabigaragaze.**

Ibisubizo:

- **Ibyuzuzo mbonera**:
Abana bariye **ibijumba**.
Tuzabona **ibihembo byiza**.
- **Ibyuzuzo nziguro**:
Ku wa Mbere muzage **mu isoko**.
Ejo bundi umuyobozi azadusura.

1.4.3 Umwandiko: Itangazamakuru mu iterambere

Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Imibanire y'abagize umuryango" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

- a) Kuri aya mashusho murabonaho iki?**

Abantu bicaye baganira.

b) Iyo mwitegereje neza mubona bariya bantu bahugijwe n'iki?

Ibintu bitandukanye: bamwe barareba tereviziyo, undi arasoma ikinyamakuru.

c) Mutekereza ko ari abareba tereviziyo, ari n'usoma ikinyamakuru bakurikiyemo iki?

Bose barashaka kumenya amakuru.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko musomye uravuga ku biki?

Ku itangazamakuru.

b) Ni izihe ngero z'uburyo bukoreshwa mu gutangaza amakuru?

Gukoresha amagambo, ibimenyetso by'umubiri, ibindi bikoresho nk'ingoma n'ibindi.

c) Ni ibihe bintu bukoreshwa mu ikoranabuhanga ryo gufata no gutangaza amakuru muri iki gihe?

Terefoni, kamera, mudasobwa, ibyogajuru n'ibindi.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Itangazamakuru mu iterambere" usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Inyunguramagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Bwarakataje:** bwateye imbere cyane.
- b) Ritomoye:** ritunganye rwose.
- c) Imvugiro:** urwego rw'ibitekerezo abavugana bahrizaho.
- d) Bwaguka:** bugenda buba bugari, bwiyongera mu mikorere.
- e) Kwisanzura:** gukora nta nzitizi cyangwa inkomyi uhura na zo.

2. Shaka impuzanyito z'aya magambo akurikira:

- a) Gusakaza :** gutangaza, gukwirakwiza
- b) Igataha :** igakurikiraho, ikaza
- c) Bunoze :** butunganye, bukeye

3. Shaka imbusane z'aya magambo akurikira:

- a) Intangiriro** ≠ iherezo, imperuka
- b) Hasi** ≠ hejuru
- c) Bwihutisha** ≠ budindiza

Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukoresha mu nteruro amagambo ari mu mwandiko ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:

a) Bya gakondo

Itangazamakuru rya kera ryakoreshaga uburyo bwa gakondo.

b) Ihembe

Mu byo Abanyarwanda bakoreshaga batanga amakuru habagamo n'ihembe

c) Urucuruzo

Ibikorwa bimwe na bimwe byakorerwaga ubuntu muri iki gihe byahindutse urucuruzo.

d) Bunoze

Itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga ritangaza amakuru ku buryo bunoze.

e) Butangaje

Iterambere ririhuta ku buryo butangaje.

Isomo rya kenda: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?

Itangazamakuru mu iterambere.

b) Tanga ingeror z'ibikoresho bikoresha ikoranabuhanga mu itangazamakuru.

Amaterefoni, za mudasobwa, za kamera n'ibyogajuru.

c) Ni akahe kamaro kabyo?

Bikoresha uburyo butanga amajwi atunganye n'amashusho akeye kandi mu buryo bwhuse, mu ibanga, bitagusabye buri gihe gukora urugendo n'ibindi.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Itangazamakuru mu iterambere" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Rondora ibikoresho byakoreshwaga mu gutangaza amakuru mu Rwanda rwo hambere bigaragara mu mwandiko uvuge n'icyo byamenyeshaga.

Amagambo n'ibimenyetso byakoreshwaga mu kugezanyaho ibitekerezo byabo; ingoma ibwami bayikoreshaga mu kumenyeshwa amakuru amwe n'amwe; ihembe rigakoreshwa mu kumenyekanisha umuhigo; umwirongi ugakoreshwa mu kumenyekanisha ahabaye igitaramo.

2. Erekana inshoza cyangwa intero y'ijambo amakuru ukurikije uko yavuzweho mu mwandiko.

Amakuru ni ibyo umuntu amenya atari azi.

3. Tanga ingero enye z'ibitangazamakuru biriho muri iki gihe?

Radiyo, tereviziyo, interineti, ibyogajuru, imbuga nkoranyambaga.

4. Vuga ibikoresho bine byifashishwa mu gufata amakuru no kuyatangaza.

Terefone, mudasobwa, ibyogajuru,...

5. Tandukanya itangazamakuru ryo mu buryo bwa kera n'iryo mu buryo bw'iki gihe tugezemo.

Iryo mu buryo bwa kera wasangaga rikoresha amaradiyo atagaragaza amashusho, n'amajwi yayo adatunganye cyangwa rigakoresha ibinyamakuru byanditse ariko amafoto agaragaramo ugasanga atanoze. Mu gihe itangazamakuru ryo mu gihe tugezemo rikoresha uburyo bw'ikoranabuhanga bukoresha amajwi n'amashusho ameze neza; ibinyamakuru byanditse na byo bisigaye bikoresha amashusho akeye rwose.

6. Garagaza uruhare rw'itangazamakuru mu iterambere ry'Igihugu. Itangazamakuru rimenyesha abaturage gahunda za Leta zibateza imbere; Rimenyekanisha ikerekezo k'Igihugu ahakeneye ibikorwa remezo bikahajya abubaka bakagendera ku makuru bahawé; abantu bakora ibikorwa by'ubucuruzi bakoresheje itangazamakuru; abantu bamenza amakuru y'uko bakwiye kujyanisha umutungo n'ubwiyongere bw'abaturage; abantu batanga amakuru akenewe ku nzego z'ubuyobozi bw'Igihugu igihe bibaye ngombwa.

7. Ugendeye ku mwandiko erekana isano iri hagati y'ikoranabuhanga n'itangazamakuru.

Isano bifitanye ni uko itangazamakuru ryifashisha ikoranabuhanga kugira ngo rirusheho kwihuta no kunogera abo rigenewe

8. Sobanura ukuntu itangazamakuru rigezweho rishobora kugira uruhare mu kubungabunga umutekano w'Igihugu.

Ibi birashoboka kuko mu itangazamakuru rigezweho umuntu ashobora gutanga amakuru mu ibanga kandi ku buryo bwhuse ku cyo abona cyahungabanya umutekano w'Igihugu akabimenesha porisi. Aha twatanga nk'urugero rwa terefoni igandanwa aho umuntu ashobora kuyikoresha atanga amakuru ku muyobozi w'ikinyabiziga ugendera ku muvuduko urenze cyangwa utwaye ibintu bya magendu.

Isomo rya cumi: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka kwiga?

Itangazamakuru mu iterambere.

b) Uwo mwandiko uvuga ku ki muri rusange?

Imikorere y'itangazamakuru n'imihindukire yaryo kugeza ku rigezweho rikoresha ikoranabuhanga; bakatwereka n'akamaro karyo mu iterambere.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Itangazamakuru mu iterambere" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko ni izi: imikorere y'itangazamakuru rya gakondo; imikorere y'itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga; akamaro k'itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga.

Ingingo z'ingereka zirimo ni inyigisho zo gukumira jenoside; inyigisho zижане n'ubuzima bw'imyororokere no kuringaniza urubyaro.

2. Ikoranabuhanga mu itumanaho ritumariye iki mu buzima bwacu bwa buri munsi?

Muri iki gihe tugezemo ikoranabuhanga mu itumanaho ridufitiye akamaro kanini cyane. Iyo turebye uko itumanaho ryakorwaga mu gihe cyahise n'uburyo ubu ikoranabuhanga ryoroheje itumanaho kandi rikarushaho kurinoza, ntawabura kwemeza ko ridufitiye akamaro. Ingero ni nyinshi cyane dufatiye kuri terefoni cyangwa interineti ubu itumanaho ririhuta kandi rigakorwa mu buryo bunoze.

3. Ese hari ingaruka umuntu ashobora kugira bitewe no kutamenya amakuru?

Kumenya amakuru ni ukumenya icyo utari uzi. Kutamenya amakuru, ntumenye uko bwije nuko bukeye, byagira ingaruka mbi nyinshi cyane kuko umuntu yazisanga asa n'uba mu isi ya wenyine atazi aho Ighugu kigeze na gahunda zacyo kandi buri muturage aba abwirizwa kuzikurikiza. Nta muntu ushobora gutera imbere atamenya amakuru.

Isomo rya cumi na rimwe: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kwandika inkuru yihimbiye ijyanye n'ikoranabuhanga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?

Itangazamakuru mu iterambere.

b) Ni irihe somo ryo mu buzima busanzwe mwahakuye?

Kwitabira gukoresha mudasobwa kugira ngo twihute mu byo dukora.

c) Itanagazamakuru rimaze iki mu iterambere?

Itangazamakuru ni umuyoboro unyuzwamo gahunda n'amahame bishingirwaho ibikorwaby'iterambere.

II. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu aratanga umukoro wo kwandika inkuru ngufi ku nsanganyamatsiko ijyanye n'ikoranabuhanga mu itumanaho. Nyuma yo kwandika inkuru buri wese ageza ku bandi ibyo yanditse, umwarimu agafatanya n'abanyeshuri kuzijora bareba inkuru zanditse neza.

Igikorwa

Andika inkuru wihimbiye ushishikariza abantu kwitabira ikoranabuhanga rikoreshwa mu itangazamakuru.

Urugero rw'ibitekerezo byagaragara mu nkuru:

- Kuva kera uburyo bwo gutangaza amakuru (ay'ibyishimo n'akababaro) bwahozeho
- Amakuru agira icyo ahindura ku buryo bw'imitekerereze

- Birakwiye ko tujyana n'igihe dukoresha itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga nka terefoni, interineti, imbuga nkoranyambaga, ibyogajuru,.....
- Duhanahane amakuru kenshi kandi mu buryo bukwiye ndetse buboneye
- Tugomba kuzirikana ko iyo ikoranabuhanga rikoreshejwe nabi ryangiza byinshi
- Mu itangazamakuru nihakoreshwe ikoranabuhanga ariko rikoreshwe neza.

6.4.4. Ikinyazina ndafutura

Isomo rya cumi na kabiri: Inteko z'amazina

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: <ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza inshoza n'uturango by'inteko z'amazina. - Gutahura inteko z'amazina bagendeye ku isanisha.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'inteko z'amazina.

Igikorwa

Soma uzi nteruro nurangiza witegereze neza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri uvuge uko ubona yitwaye mu nteruro:

- Hari **ibindi** bintu ikoranabuhanga ryatuzaniye.
- Ahandi** bafite itumanaho ryateye imbere.
- Umuntu ahamagara **undi** kuri terefoni bakavugana.
- Ejo naguze **indi** tereviziyo nyuma y'uko **iyindi** yanze gukora neza.

Aya magambo: **ibindi, ahandi, undi, indi, iyindi**, urabona yitwaye ate mu nteruro?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Aya magambo: ibindi, ahandi, undi, indi, iyindi, urabona yitwaye ate mu nteruro?

Amagambo: ibindi, ahandi, undi, indi, iyindi ntasobanura ikivugwa icyo aricyo.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikinyazina ndafutura.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza , uturango n'intego by'ikinyazina ndafutura bashake n'ingero z'interuro zakoreshejwemo ibinyazina ndafutura. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza, uturango n'intego by'ikinyazina ndafutura utange n'ingero z'interuro ziboneye cyakoreshejwemo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

IKINYAZINA NDAFUTURA

Inshoza y'ikinyazina ndafutura

Ikinyazina ndafutura ni ikinyazina kidasobanura neza ijambo kigaragiye cyangwa gisimbuye ari nayo mpamvu kitwa ikinyazina ndafutura cyangwa ndasigura.

Uturango tw'ikinyazina ndafutura

Ikinyazina ndafutura giherekeza izina cyangwa kikarisimbura kirishyira mu kiciro runaka, ariko icyo kiciro kidasobanuye neza. Ikinyazina ndafutura kigira igicumbi kimwe **-ndi**.

a) Igicumbi **-ndi** kibanguka, gikorana n'indangakinyazina zigizwe n'inyajwi kandi nta ndomo kigira. Bene iki kinyazina kitwa **ikinyazina ndafutura kigufi** kandi kikaboneka mu nteko ya 1,3,4,6 n'iya 9.

Ingero:

- Mu nteko ya mbere: **Undi** muntu
- Mu nteko ya gatatu: **Undi** musozi
- Mu nteko ya kane: **Indi** mirima
- Mu nteko ya gatandatu: **Andi** masaka

- Mu nteko ya kenda: **Indi** nzu
- b) Igicumbi **-ndi** gitinda gikorana n'indangakinyazina zo mu nteko zose maze kikitwa ikinyazina ndafutura kirekire.

Ingero:

- Mu nteko ya mbere: **Uwundi** muntu
- Mu nteko ya kabiri: **Abandi** bantu
- Mu nteko ya karindwi: **Ikindi** kibindi
- Mu nteko ya cumi: **Izindi** nka

3. Intego y'ikinyazina ndafutura

- Ikinyazina ndafutura kigira intego zitandukanye bitewe n'ubwoko bw'igicumbi cyakoreshejwe. Intego y'ikinyazina ndafutura gifite igicumbi **-ndi** ibanguka, igizwe n'uturemajambo tubiri aritwo indangakinyazina (z'inyajwi) n'igicumbi **-ndi**. Nta ndomo kigira. Mu mpine byandikwa muri ubu buryo **Rkz - C.**

Ingero :

Rkz - C.

- | | | |
|---------------------------------------|-------|------------|
| - Mu nteko ya mbere : undi muntu | u-ndi | nta tegeko |
| - Mu nteko ya gatatu : undi musozi | u-ndi | nta tegeko |
| - Mu nteko ya kane : indi mirima | i-ndi | nta tegeko |
| - Mu nteko ya gatandatu : andi masaka | a-ndi | nta tegeko |
| - Mu nteko ya kenda : indi nzu | i-ndi | nta tegeko |

- b) Intego y'ikinyazina ndafutura gifite igicumbi – ndi gitinda, igizwe n'uturemajambo dutatu aritwo indomo, indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D -Rkz -C.**

Ku kinyazina ndafutura gifite igicumbi gitinda indangakinyazina zigizwe n'inyajwi zishobora kwitwerezza inyerera, bityo inyajwi y'inyuma igafata inyerera "w" na ho inyajwi y'imbere n'iyo hagati zigafata inyerera "y".

Ingero :

D-Rkz- C.

- | | | |
|---|-----------|------------|
| - Mu nteko ya mbere : uwundi muntu | u-wu-ndi | nta tegeko |
| - Mu nteko ya gatatu : uwundi musozi | u-wu-ndi | nta tegeko |
| - Mu nteko ya kane : iyindi mirima | i-yi-ndi | nta tegeko |
| - Mu nteko ya gatandatu : ayandi makuru | a-ya-ndi | nta tegeko |
| - Mu nteko ya kenda : iyindi nzu | i- yi-ndi | nta tegeko |

Ikitonderwa:

- a) Ikinyazina ndafutura gishobora kwisubiramo ku buryo mu ntego usanga igice cya mbere kigizwe n'igicumbi kibanguka kigira intego igizwe n'indangakinyazina n'igicumbi, naho

igice cya kabiri kigizwe n'igicumbi gitinda kigira intego igizwe n'indomo, indangakinyazina n'igicumbi, icyo gihe mu ntego igice cya kabiri gitakaza indomo.

Ingero: Rkz-C-D -Rkz -C

- Undi wundi: u-ndi- Ø- wu-ndi nta tegeko
- Ayandiyandi: a-ndi- Ø-ya-ndi nta tegeko

b) Ikinyazina ndafutura gishobora kwisubiramo ku buryo mu ntego usanga igice cya mbere kigizwe n'igicumbi gitinda kigira intego igizwe n'indomo, indangakinyazina n'igicumbi, igice cya kabiri na cyo kigizwe n'igicumbi gitinda kigira intego igizwe n'indomo, indangakinyazina n'igicumbi ariko indomo yacyo igatakara.

Ingero: D-Rkz-C- D-Rkz-C

- Uwundiwundi:u-wu-ndi- Ø-wu-ndi nta tegeko
- Ayandiyandi: a-ya-ndi- Ø-ya-ndi nta tegeko
- Ibindibindi: i-bi-ndi- Ø-bi-ndi nta tegeko

c) Ikinyazina ndafutura gifite igicumbi gitinda gitakaza indomo iyo gikurikiye ijambo kigaragiye cyangwa gikurikiwe n'irindi jambo mu mvugo zimwe na zimwe.

Ingero:

- Umusozi **wundi**: Ø-wu-ndi nta tegeko
- **Bundi** bushya: Ø-bu- ndi nta tegeko

Imyitozo ku kinyazina ndafutura

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:

1. Erekana ibinyazina ndafutura biri muri izi nteruro unabishakire intego werekana n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

- a) Hari itangazamakuru rikoresha amajwi yonyine **irindi** rigakoresha amajwi n'amashusho.
- b) Amenshi muri ayo mateka y'itangazamakuru ni yo **andi** si yo.
- c) Imashini imwe irashaje mu gihe ebyiri zikiri nshya; tuzagura **indi** yo kuyisimbura.
- d) Ubundi rero si byiza gutangaza ibinyoma kuko bibangamira **abandi** bantu.

Intego y'ibyo binyazina:

Ikinyazina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Irindi	i-ri-ndi	Nta tegeko
Andi	a-ndi	Nta tegeko

Indi	i-ndi	Nta tegeko
Abandi	a-ndi	Nta tegeko

2. Tanga interuro eshanu zikoreshejemo ibinyazina ndafutura kandi uvange ibigufi n'ibirebire ubundi ubishakire intego werekana n'amategeko y'igenamajwi.

- a) Uyu murongo w'iradiyo urakora **indi** yanze.
- b) **Irindi** ribaryarakamye.
- c) Dukeneye **andi** materefone.
- d) **Ikindi** cyaba ikihe kitari ukwitabira ikoranabuhanga?
- e) Abantu bakeneye iterambere; **ibindi** nibibe bicecetse.

Intego y'ibyo binyazina

Ikinyazina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Indi	i-ndi	Nta tegeko
Irindi	i-ri-ndi	Nta tegeko
Andi	a-ndi	Nta tegeko
Ikindi	i-ki-ndi	Nta tegeko
Ibindi	i-bi-ndi	Nta tegeko

3. Mu bumenyi bwawe uhora wiungura buri munsi koresha ibi binyazina ndafutura mu nteruro ziboneye: *Ukundi, bandi, yandi, izindi, abandi*.

- a) **Ukundi** kuguru kwe gufite ubumuga ariko ntibimubuza kugira amanota meza nk'abandi.
- b) Ngwino uge mu **bandi** iterambere ritagusiga.
- c) Ayo matara **yandi** ni mazima ariya niyo yapfuye.
- d) Utugurire **izindi** mvaho nshya twisomere.
- e) Ingona zirya bamwe **abandi** bambuka.

6.5. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatandatu
Ubushobozzi bwo: <ul style="list-style-type: none"> - <i>Gusesengura umwandiko;</i> - <i>Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo;</i>

- *Gusesengura no gukoresha mu nteruro ikinyazina ndafutura;*
- *Kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro.*

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:

I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Mu mwandiko bavuga ko uburyo imirimo imwe n'imwe yakorwaga mbere y'uko ikoranabuhanga riza bwari bumeze bute?

Bwari uburyo buruhije cyane.

2. Rondora imirimo ikoreshwa mudasobwa yavuzwe mu mwandiko.

Kwandika, kubara, kubika no gutwara inyandiko zitandukanye, gutegura ibishushanyo mbonera by'amazu, iby'imihanda n'ibiraro, n'iby'imigi itandukanye.

3. Abantu bose bari ku rwego rumwe mu gukoresha ikoranabuhanga?

Sobanura igisubizo cyawe wifashishiye n'umwandiko.

Oya, abantu bose ntibari ku rwego rumwe. Mu mwandiko bavuga ko abantu bamwe batarasobanukirwa n'iryo koranabuhanga mu gihe abandi barigeze mu bushorishori.

4. Garagaza uruhare rwa terefoni zigezweho mu ikoranabuhanga ukurikije ibivugwa mu mwandiko.

Zifata amafoto zikohereza ku mbuga nkoranyambaga zirimo "fesibuku", "watsapu", "tuwita" n'izindi.

5. Uyu mwandiko uvuga iki ku byogajuru?

Uvuga ko **ibyogajuru** bijagajaga ikirere bikoresheje ikoranabuhanga, amakuru yose bikayatara, yaba ay'isi ndetse n'indi mibumbe yo mu kirere.

6. Tanga izindi ngero enye z'ahakoreshwa ikoranabuhanga zitavuzwe mu mwandiko.

Za kamera zifata amashusho anyuranye;

Amatereviziyo atangaza amakuru akoresheje n'amashusho

Indege zitema ikirere zitwaye abantu n'ibintu ndetse n'amato yo mu nyanja byose bikoresha ikoranabuhanga.

II. Inyunguramagambo:

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Harashamaje:** harashimishije
- b) **Ntiyatanzwe:** yitabiriye rugikubita
- c) **birafatika:** ni byiza rwose, bifite ireme

2. Shaka impuzanyito z'aya magambo :

- a) **Ibiraro:** amateme
- b) **Ntawakwishimira:** ntawanezezwa
- c) **Gutara:** kwegeranya, gushakisha

3. Shaka imbusane z'aya magambo:

- a) **Umugi ≠ icyaro**
- b) **Yica ≠ akiza**
- c) **Abanyarwanda ≠ Abanyamahanga**

III. Ikibonezamvugo

1. Tahura ruhamwa mu nteruro zikurikira nurangiza uvuge ubwoko bwazo.

a) Isuzuma rye ritsinda umuhanga.

umuhanga: ruhamwa nyurabwenge

b) Harakabaho u Rwanda n'Abanyarwanda.

ha: ruhamwa mburabuzi

c) Abanyeshuri bariga ikoranabuhanga mu itangazamakuru.

Abanyeshuri: ruhamwa mboneranteruro

2. Mu nteruro zikurikira erekana ruhamwa, inshinga n'ibyuzuzo.

a) Abanyarwanda birwanagaho mu buryo bwa gakondo.

Abanyarwanda: ruhamwa mboneranteruro

Birwanaho : inshinga

Mu buryo bwa gakondo: Icyuzuzo nziguro cy'uburyo

b) Terefoni zoroheje imirimo.

Terefoni: ruhamwa mboneranteruro

Zoroheje: inshinga

Imirimo: icyuzuzo mbonera

c) Ikoranabuhanga ni ingenzi.

Ikoranabuhanga: ruhamwa mboneranteruro

ni:inshinga

ingenzi:icyuzuzo ruhamya

3. Soma neza umwandiko ushakemo ibinyazina ndafutura unabisesengure ugaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.
Ibyo binyazina ni: iyindi, ibindi, abandi, izindi, wundi, indi.

Ikinyazina	Intego	Amategeko y'igenamajwi
Iyindi	i-yi-ndi	Nta tegeko
Ibindi	i-bi-ndi	Nta tegeko
Abandi	a-ba-ndi	Nta tegeko
Izindi	i-zi-ndi	Nta tegeko
wundi	Ø-wu-ndi	Nta tegeko
Indi	i-ndi	Nta tegeko

4. Koresha ibi binyazina ndafutura mu nteruro zubatse neza.

a) Andi

Ayo makuru nayakuye kuri radiyo andi nyakura mu kinyamakuru

b) Ikindi

Ikoranabuhanga ryihutisha itumanaho ikindi ni iterambere

c) Irindi

Ubu tuzi itumanaho rya gakonda irindi ni irikoresha ikoranabuhanga

d) Indi

Iyi terefoni ni iyange indi si iyange.

IV. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko utarengije imirongo mirongo itatu ugaragaza ibyiza by'ikoranabuhanga

Umwandiko ukosorwa hakurikijwe amabwiririza agenga ihangamwandiko

6.6. Ibikorwa by'inyongera

6.7. Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umwarimu

**Imigani migufi (y'imigenurano) ijyanye n'uyu mutwe w'ibygwa
Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo uburo bweze.**

Aho bihuriye ni uko tugomba guhaguruka tukigira ku ikoranabuhanga ry'ibihugu byateye imbere.

Inkuru mbarirano iratuba.

Aho bihuriye ni uko umuntu agomba kwifatira amakuru y'ukuri ntagendere ku nkuru mbarirano.

Uruvuga undi ntirugorama.

Aho bihuriye ni uko uyu mugani ukoreshwa baseka abagenda bakwiza amakuru yo gusebya abandi.

Uvuze ko nyiri urugo yapfuye si we uba umwishe.

Birahuye kuko iyo ibintu biriho bivugwa bityo bikaba bibaye amakuru.

Inyamaswa idakenga yicwa n'umututizi.

Birahuye kuko bitwigisha ko tudakwiye guhubukira ikoranabuhanga; ahubwo dukwiye kuriyanamo amakenga.

UMUTWE WA KARINDWI: UMUCO W'AMAHORO

VII.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura no guhangga umuvugo ku muco w'amahoro yubahiriza uturango twawo;
- Gukoresha neza inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko.

VII.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Imibaniremyiza n'ubwororherane (umwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye).
- Kubohana no gufatanya (umwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye).
- ubuhanzi bw'imivugo (umwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye).
- Inshoberamahanga (ikiciro cya 2 cy'amashuri abanza).

VII.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Muri iki gihe umuco w'amahoro umaze guteza imbere umuryango nyarwanda. Sobanura mu magambo yawe bwite uburyo umuco w'amahoro umaze guteza imbere u Rwanda mu utanga ingero zifatika.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku muco w'amahoro akabafasha kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibisubizo:

- Umuryango urangwamo amahoro abawugize batanga ibitekerezo byubaka mu bwisanzure .
- Umuryango urangwamo amahoro abantu barafatanya bagakora bakiteza imbere kuko nta kintu baba bikanga cyabasenyera ibikorwa bibageza ku majyambere.
- Umuryango urimo amahoro urangwa nuko habaho kungurana inama ku mikoreshereze y'umutungo .

VII.4. Amasomo ari mu mutwe wa karindwi n'igihe yagenewe

Umutwe wa karindwi: Umuco w'amahoro		Umubare w'amasomo: 19
Amasomo	Intego rusange	Umubare

		w'amasomo
Umwandiko: Nta murage w'ubwigunge		
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Inshoberamahanga		
Isomo rya gatanu: Inshoberamahanga: Inshoza n'imiterere.	Gukoresha neza inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko.	Amasomo 2
Umwandiko: Menya uburenganzira bwawe		
Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya karindwi: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya munani: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya kenda: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1

Umwandiko: Ubunyarwanda burambera

Isomo rya cumi: Gusoma no gusobanura umwandiko.	- Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.	Isomo 1
Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi na gatatu: Umwitoto w'ubumenyi ngoro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Umuvugo		
Isomo rya cumi na kane: Uturango no guhangwa umuvugo.	Gusesengura umuvugo no kuuhanga yubahiriza uturango twawo.	Amasomo2
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi		Amasomo 2
Imyitoto nzamurabushobozi na nyagurabushobozi		Isomo 1

7.4.1. Umwandiko: Nta murage w'ubwigunge

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yahewe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegerezza amashusho ajyanye n'umwandiko " Nta murage w'ubwigunge" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?

Kuri iki gishushanyo turabonaho abagabo n'abagore bari hamwe.

b) Murabona basa n'abari mu biki?

Bameze nk'abari mu nama.

c) Murashingira ku ki?

Turashingira ko tureba begereye.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umutwe w'uyu mwandiko mumaze gusoma ni uwuhe?

Umutwe w'umwandiko ni "Nta murage w'ubwigunge".

b) Ni ayahe mazina y'abanyarubuga bavugwa mu mwandiko?

Mudahunga na Kayitesi.

c) Ni iyihe koperative yateje imbere Mudahunga? Mudahunga yatejwe imbere na Koperative Duteraninkunga.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Nta murage w'ubwigunge" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

1. Sobanura amagamo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Inzigo:** Inzika umuntu agirira uwamwiciye cyangwa uwamugiriye indi nabi ikabije. Bishopora no kuvuga umuntu ugufitiye bene iyo nzika.
- b) **Kuza biguru ntege:** kuza, kugenda buhorो.
- c) **Barunguka karahava:** barunguka cyane.
- d) **Gukeka amababa:** kumva ko umuntu ari we wakoze igikorwa (akensi kibi) ariko nta gihamba ufite, kutamushira amakenga
- e) **Gusasa inzobe:** kuvuga amagambo yo kujora uwo muri kumwe; gusesengura ikibazo kiri hagati yanyu nta kintu muciye ku ruhande.

2. Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira:

- a) **Isaho:** umufuka,
- b) **Umushahara:** igihembo
- c) **Umugore:** umufasha

3. Tanga imbusane z'amagambo akurikira:

- a) **Urupfu ≠ ubuzima**
- b) **Inzangano ≠ ubucuti**
- c) **Inzigo ≠ ubucuti**

Imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo ijyanye no gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo byawo:

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro yumvikana neza:

- a) **Inzigo**

Umuryango wa Mugisha n'uwa Samvura ifitanye inzigo ituruka ku babyeyi babo

b) Biguru ntege

Ko ugenda biguru ntege urabona utari bukererwe wa mwana we?

c) Kurimanganya

Namubajije impamvu ataje kwiga ku wa mbere, arandimanganya kandi nzi neza ko yari yagiye ku isoko.

d) Gukeka amababa

Uno mugabo ndamukeka amababa, ashobora kuba ari we wibye ibitoki byo kwa Kalisa

**2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:
(ntibacana uwaka, bishyira kera, umutima w'urugo, bagasasa inzobe, inzigo)**

a) Maze imyaka ibiri mfite ni yo mpamvu mbyibushye ntya.

Maze imyaka ibiri mfite **umutima w'urugo** ni yo mpamvu mbyibushye ntya

b) Barataramye barasangira, barasabana.

Barataramye **bishyira kera** barasangira, barasabana.

c) Kayihura na Bagirubwira iyo bagiye guhura, umwe ahindura inzira, agaca mu yindi.

Kayihura na Bagirubwira **ntibacana uwaka** iyo bagiye guhura, umwe ahindura inzira, agaca mu yindi.

d) Iyo abantu bafitanye ikibazo, batumira inshuti ugaragaweho kuba impamvu y'ikibazo agacibwa ikiru.

Iyo abantu bafitanye ikibazo, batumira inshuti **bagasasa inzobe** ugaragaweho kuba impamvu y'ikibazo agacibwa ikiru.

e) Kuba ababyeyi baragiranye ntibivuga ko abana na bo bagomba kwangana.

Kuba ababyeyi baragiranye **inzigo** ntibivuga ko abana na bo bagomba kwangana.

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga ni uwuhe?

Umwandiko duheruka kwiga ni "Nta murage w'ubwigunge."

b) Mudahunga uvugwa mu mwandiko yashakanye n'umugore witwa ngo iki?

Mudahunga uvugwa mu mwandiko yashakanye n'umugore witwa Kayitesi.

c) Nyuma yo gusoma umwandiko wumva wavuga iki kijyanye n'ubuzima busanzwe?

Navuga ko gufatanya n"abandi mu mashyirahamwe na za koperative bifasha umuntu kwisanga mu bandi bikabahuza kandi bikabateza imbere.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Nta murage w'ubwigunge" maze usubize ibibazo byawubajjweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1) Mudahunga yumvaga ashobora kwirwanaho nyuma y'urupfu rwa se. Yashingiraga ku ki?

Yashingiraga ko yariakuze kandi arangije amashuri yisumbuye.

2) Ni iki cyatumye Mudahunga adahita yitabira amakoperative?

Mudahunga ntihahise yitabira amakoperative kuko yabonaga ahuriyemo n'abaturanyi be batarebana neza (batacana uwaka).

3) Koperative duteraninkunga yamariye iki abanyamuryango bayo.

Koperative duteraninkunga yatumye abanyamuryango babasha gukorera hamwe maze biteza imbere. Yatumye kandi ubuyobozi bubasha kubasurira hamwe bubagira inama kuri gahunda z'Ighugu, harimo iz'ubumwe n'ubwiyunge. Yatumye kandi bubaka ubumwe hagati yabo amacakubiri yari abarimo avugutirwa umuti, babana mu mahoro.

4. Inyigisho y'uko Abanyarwanda batava inda imwe yakomotse he? Abayadukanye bari bagamije iki?

Inyigisho y'uko Abanyarwanda batava inda imwe yakomotse ku bakoroni. Bashakaga gusenza ubumwe bw'Abanyarwanda kugira ngo babone uko babayobora.

5. Ese Mudahunga na Kayitesi bakomeje kwishishanya? Sobanura igisubizo cyawe.

Oya ntabwo bakomeje kwishishanya ahubwo baje kubana.

6. Kuki nta muturanyi wageraga iwabo wa Mudahunga?

Nta muturanyi wageraga iwabo wa Mudahunga, kuko hari inzigo hagati y'umuryango wabo n'abaturanyi.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga watwigishaga iki?

Watwigishaga kutagira inzika no gukorera hamwe mu makoperative

b) Gahunda yavuzweho ihuriza hamwe abanyarwanda ni iyihe?

Ni gahunda ya ndi umunyarwanda

c) Gukorera mu makoperative bimaze iki?

Byatuma abantu biteza imbere.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Nta murage w'ubwigunge" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingerekira ziri mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko: amashyirahamwe n'amakoperative atuma abantu bafitanye ikibazo babasha kwiyunga; gahunda ya ndi umunyarwanda ni uburyo bwiza bwo kunga abanyarwanda kuko ituma babwizanya ukuri bakababarirana.

Iz'ingerekira: urukundo nyarwo rusumbya inzigo ingufu; amashyirahamwe atuma abantu biteza imbere,...

2. Ese urumva gufata mugenzi wawe nk'inzigo hari icyo byakungura mu buzima bwawe?

Nta cyo kuko bituma mudindira aho gufatanya ngo mwiteze imbere, mungurane ibitekerezo byubaka,... mugahora mucungana ku jisho.

3. Sobanura uburyo gukorera hamwe mu mashyirahamwe n'amakoperative kimwe na gahunda ya « Ndi Umunyarwanda » byakwimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda.

Byakwimakaza ubumwe n'ubwiyunge kuko iyo mukorera hamwe muhuza ibitekerezo, mugasenyera umugozi umwe, icyo gihe muba muri abavandimwe kuko muba musangije ubunyarwanda, bityo n'ukosheje agasaba imbabazi akazihabwa mugahora mwunze ubumwe ntihagire ikibatanya.

Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Guhangi inkuru.

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kungurana ibitekerezo na bagenzi ku nsanganyamatsiko bahawe. Kugaragaza ibitekerezo bye ashize amanga imbere y'abandi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

II. Uko isomo ryigishwa

Bwira abanyeshuri gukora umukoro w' umwitotoz ngiro wo kwandika inkuru. Arabarangira umwitotoz wo mu gitabo cyabo bawukore nk'umukoro uzakosorwa igehe cyagenwe kigeze.

Igikorwa

Andika inkuru irimo insanganyamatsiko yo “**kwimakaza umuco w'amahoro**” ugaragaza ko nta kintu na kimwe kigomba gutanya Abanyarwanda.

Mbere yo gukosora , umwarimu abanza kugenzura uko abanyeshuri bakoze umukoro wo guhangwa inkuru kandi agasuzuma ko buri munyeshuri yabashije guhangwa inkuru yubahiriza amabwiriza yahawe abigenga.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

- Gukumira amakimbirane
- Kuganira ku kibazo igehe kivutse
- Kwemera icyaha igehe wagikoze no kugisabira imbabazi
- Kubabarirana
- Gufashanya
- Kwirinda icyatanya Abanyarwanda,...

7.4.2. Inshoberamahanga

Isomo rya gatanu: Inshoberamahanga: Inshoza n'imiterere.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoberamahanga mu mwandiko;
- Gusobanura inshoza n'imiterere y'inshoberamahanga;
- Gukoresha inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'inshoberamahanga.

Igikorwa

Soma interuro zikurikira maze witegereze amagambo atsindangiye, nurangiza uvuge uburyo wumva yumvikana.

- a) Maze **guca akenge** nabajije data impamvu nta mama mbona.
- b) Inyungu **ikaza biguru ntege**.
- c) Bangejejeho icyo gitekerezo, **ngisamira hejuru**.
- d) Nsanga **tutacana uwaka** n'abaturanyi turamutse duhuriye muri koperative imwe.
- e) Byatumye nsubiza **amerwe mu isaho**, nkomeza kuba nyamwigendaho mu bucruzi bwange.
- f) Urugwiro Kayitesi yangaragarije rwatumye **mva ku izima**.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Aya magambo yanditswe atsindagiwe ntahita yumvikanisha igisobanuro cyayo ako kanya.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga imimaro y'amagambo mu nteruro: ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'imiterere by'inshoberamahanga bashake ingero . Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'imiterere by'inshoberamahanga utange ingero mu nteruro ziboneye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'inshoberamahanga

Nk'uko izina ubwaryo ribivuga inshoberamahanga ni ikintu cyashobeye cyangwa cyayobeye amahanga. Inshoberamahanga rero ni imvugo ikoreshwa n'abenerurimi runaka

ku buryo umuntu utarakenetse urwo rurimi nk'umunyamahanga, ayumva ntahite amenya icyo bashatse kuvuga. Bigasaba ko asobanurirwa icyo bashatse kuvuga bakoresheje iyo mvugo mu by'ukuri idasobanura icyo amagambo ayigize ubwayo avuze, ahubwo ari imvugo shusho.

Urugero tuvuze tuti: "Kanaka agenda atera isekuru." Umuntu utazi neza ururimi rw'Ikinyarwanda yumvise iyi mvugo yamubera urujijo kuko gutera isekuru atahita yiyumvisha icyo bishatse kuvuga. Ubundi mu Kinyarwanda batera ibiti, bagatera imbuto y'imyaka nk'ibishyimbo, ibirayi n'ibindi. Kugira ngo amenye ko bashatse kuvuga ko kanaka agenda acumbagira, byasaba ko asobanurirwa icyo bashatse kuvuga.

Imiterere y'inshoberamahanga

Inshoberamahanga ni imvugo igizwe n'inshinga n'icyuzuzo cyayo. Inshoberamahanga kandi iba ifite igisobanuro shusho kihariye, kidahuye n'igisobanuro gisanzwe cy'amagambo aba ayigize.

Ingero:

Gutera isekuru: kugenda ucumbagira

Kugwa mu kantu: kubura icyo uvuga kubera ko utunguwe n'ibintu bitagushimishije.

Kugenda biguru ntege: kugenda gahoro kubera impamvu

Gusamira hejuru: kwakirana yombi

Kugenda runono: gukurikira umuntu bucece atabizi

Kurya akara: kubwira umuntu ukoresheje amarenga

Gukura inzira ku murima: kuhakanira

Gukura ubwatsi: gushimira uwakugabiye inka

Gupfa agasoni: kugirira umuntu impuhwe zicagase

Kurara rubunda: kurara udatekanye

Kurara rwantambi: kurara kure yo mu rugo kubera ibibazo

Kurimba uw'inkoko: kwisukura kandi ukiri mu mwanda

Gucurangira abahetsi: kubwira abatakwitayeho

Guhata inzira ibirenge: gufata urugendo rwa kure, gutangira kugenda

Kuvoma hafi: kurakara vuba

Kutamenya ururo n'icyatsi: kutamenya ikiza n'ikibi

Umwitozo ku nshoberamahanga

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitoto:

Soma umwandiko ukurikira ushakamo inshoberamahanga, buri nshoberamahanga uyikoreshe mu nteruro yawe bwite.

Yihaye rubanda

Habayeho umugabo akitwa Rudaseswa agakunda gutera inogo umutsima. Umunsi umwe uwo mugabo yahuye n'uruvagusensa ndetse n'umugore we agwa mu kantu. Yagufatiye irobe ry'umutsima aryohereza mu kanwa agira ngo ararimira bunguri uko bisanzwe maze riramuniga, umugabo si ugusepfura yimarayo. Umugabo yarakanuye, abana bat: "Data agiye kwitaba Imana", nyina na we abura icyo akora. Hashize umwanya, umugore akora iyo bwabaga, arega igipfunsi no munsi y'ingoto y'umugabo we ngo: pii! Rya robe uko ryakabaye riraturumbuka. Rudasewa yaguye hasi avunika akaguru ku buryo yamaze igihe atera isekuru, inkuru yabaye kimomo umubonye wese ati: "Dore ingaruka z'ubusambo." Ubusambo si bwiza, kwitwararika ku meza bihesha agaciro.

Ibisubizo:

Habayeho umugabo akitwa Rudaseswa agakunda **gutera inogo** umutsima. Umunsi umwe uyu mugabo **yahuye n'uruvagusensa** ndetse n'umugore we **agwa mu kantu**. Yagufatiye irobe ry'umutsima aryohereza mu kanwa agira ngo **ararimira bunguri** uko bisanzwe maze riramuniga, umugabo si ugusepfura yimarayo. Umugabo yarakanuye, abana bat: "Data agiye **kwitaba Imana**", nyina na we abura icyo akora. Hashize umwanya, umugore **akora iyo bwabaga**, arega igipfunsi no munsi y'ingoto y'umugabo we ngo: pii! Rya robe uko ryakabaye riraturumbuka. Rudasewa yaguye hasi avunika akaguru ku buryo yamaze igihe **atera isekuru**, inkuru **yabaye kimomo** umubonye wese ati: "Dore ingaruka z'ubusambo." Ubusambo si bwiza, kwitwararika ku meza bihesha agaciro.

Interuro zirimo inshoberamahanga

Gutera inogo: Umuntu utera inogo umutsima aba ashobora kunigwa ku buryo bworoshye.

Guhura n'uruvagusensa: Uyu mugabo yahuye n'uruvagusensa; ikiraro k'inka ze cyafashwe n'inkongi y'umuriro.

Kugwa mu kantu: Yambeshye ko yasibye ishuri se ya mutumye, mubwiye ko ahubwo se yaje kumureba ku ishuri akamubura, agwa mu kantu.

Kumira bunguri: Umuntu ufite ubusambo aba yumva yamira ibiryo bunguri.

Kwitaba Imana: iyo umuntu yapfuye bavuga ko yitabye Imana.

Gukora iyo bwabaga: Mu marushanwa yo kwiruka buri wese akora iyo bwabaga ngo yegukane insinzi.

Gutera isekuru: Kamana amaze igihe yaravunitse ukuguru none agenda atera isekuru.

Kubo kimomo: Iyo inkuru runaka imenyekanye ahantu henshi bavuga ko yabaye kimomo.

7.4.3 Umwandiko: Menya uburenganzira bwawe

Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Menya uburenganzira bwawe" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?

Kuri iki gishushanyo turabonaho abantu benshi .

b) Murabona basa n'abari mu biki?

Bameze nk'abari mu nama.

c) Umukobwa mubona ahagaze we yaba ahagaze kubera iki?

Arimo gutanga igitekerezo ke.

d) Ibyo bigaragaza iki kijyanye n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda.

Ibyo bigaragaza ko ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda ryimakajwe n'abagore bakaba bafite ijambo kandi bagafatanya na basaza babo mu kugena ibibateza imbere.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwhisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko uravuga ku ki?

Ku burenganzira bwa muntu.

b) Ni nde watubwira uburenganzira nibura bumwe muri ubwo bwose?

Umuntu afite uburenganzira bwo kubaho akanagira aho atura.

c) Ni ubuhe burenganzira bavuze burebana n'umunyeshuri by'umwihariko?

Ku birebana n'umunyeshuri by'umwihariko , bavuze ko buri muntu afite uburengazira bwo guhabwa uburezi bukwiye, kandi uburezi bw'ibanze agomba kubuhererwa ubuntu. Buri muntu afite uburenganzira bwo gukomeza amashuri ye hashingiwe ku bushobozzi agaragaza kandi ababyeyi bafite uburenganzira bwo guhitiramo abana babo amashami bazigamo.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Menya uburenganzira bwawe" usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Inyunguramagambo

1. Sobanura amagamo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Uburezi:** uburo batera mu ziko iyo baterekera.
- b) Uburenganzira:** uruhushya umuntu ahabwa n'amategeko cyangwa umuco rwo gukora ikintu runaka cyangwa kugira imyitwarire iyi n'iyi.
- c) Guhuguza:** kuburanya umuntu umuriganya ukabasha kumutwara ibyari ibye ku maherere.

- d) Kuvutsa:** gutuma umuntu atabona ikintu yari agenewe ubikoze ku bwende cyangwa bikugwiririye.

- e) Kubangamira:** gutuma umuntu atisanzura, kumubuza gukora neza icyo ari gukora.

2. Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira:

- a) Ubuji:** ubugoryi, ubuswa
- b) Kubugabunga:** gusigasira, kurengera

3. Tanga imbusane z'amagambo akurikira:

- a) Kuvutsa ≠ guhesha**

b) Kubasha ≠ kunanirwa

Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zumvikana:

a) Kwitabwaho

Umwana agomba kwitabwaho n'ababyeyi be kuva akivuka.

b) Guhuguza

Gakwavu yampuguje umurima kandi twari twarawuguze, uretse ko nta nyadiko twari twaragiranye.

c) Kuvutsa

Papa yambujije kujya mu mahugurwa, aba amvukije guhura n'abandi bana.

d) Uburenganzira

Buri muntu afite uburenganzira bwo gutembera mu gihugu ke.

e) Kubungabunga

Tutabungabunze amashyamba, imvura ntiyazongera kugwa kuko burya ibiti birayikurura.

2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko kandi uyasanishe uko bikwiye aho ari ngombwa: *kuvutsa, guhuguza, uburezi, kubangamira, uburenganzira*

a) Umuntu uterekera ajugunya mu ziko akaba asangiye n'abakurambere.

Umuntu uterekera ajugunya **uburezi** mu ziko akaba asangiye n'abakurambere.

b) Ni ndeumuntu umugisha Imana yamugeneye?

Ni nde **wavutsa** umuntu umugisha Imana yamugeneye?

c) Buri muntu agira n'inshingano ze; ni ngombwa kubimenya byombi.

Buri muntu agira **uburenganzira** n'inshingano ze; ni ngombwa kubimenya byombi.

d) Karibwende arashaka nyirakuru umurima, ariko abunzi baritaye mu gutwi, ntibazamukundira.

Karibwende arashaka **guhuguza** nyirakuru umurima, ariko abunzi baritaye mu gutwi, ntibazamukundira.

e) Nihagiramu mushinga wawe, uzambwire nkurenganure.

Nihagira **ukubangamira** mu mushinga wawe, uzambwire nkurenganure.

Isomo rya kenda: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga ni uwuhe?

Umwandiko ni Menya uburenganzira bwawe.

b) Uvugwamo iki muri rusange?

Uvugwamo ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu?

c) Mu burenganzira bwose wumvise ko ubuhatse ubundi ari ubuhe?

Uburenganzira buhatse ubundi ni uburenganzira bwo kubaho.

d) Kubera iki ubona ko busumba ubundi?

Busumba ubundi kubera ko ubundi burenganzira ubugezwaho n'uko ufite ubuzima.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Menya uburenganzira bwawe" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Rondora uburengazira bwa muntu bugaragara mu mwandiko.

Uburenganzira bwo kubaho ufite umutekano, uburenganzira bwo kujya aho ushaka mu gihugu cyawe, no gutura aho ushaka, uburenganzira bwo kuvuga igitekerezo cyawe no

kugira imyemerere yawe bwite, uburenganzira bwo kugira imibereho myiza, uburenganzira bwo guhabwa uburezi bukwiye.

2. Kuba umuntu afite uburenganzira bwo kubaho bikubwira iki nk'umunyeshuri?

Bimbwira ko ntakwiye gutekereza kwica mugenzi wange kandi ko nange ntakwiye kwiyahura, gufata umubiri wange nabi, nishora mu biyobyabwenge n'izindi ngeso zankururira urupfu.

3. Ni abahe bantu bagomba kubungabungirwa umutekano ku buryo bw'umwihariko? Wumva ari iyihé mpamvu bagomba kwitabwaho cyane?

Abantu bakwiye kubungabungirwa umutekano ku buryo bw'umwihariko ni umugore uri ku nda n'umwana. Impamvu ni uko baba bari mu gihe gikomeye k'intege nke, aho bakeneye kwitabwaho kuko bashobora kuba babura ubuzima.

4. Wumva ute kuba umwana wavutse ku babyeyi babana ku buryo bwemewe

n'amategeko n'uwavutse ku bundi buryo barengerwa n'amategeko kimwe? Numva bifite ishingiro kuko bombi ni abana, bafite uburengenzira bungana imbere y'amategeko kandi nta n'uruuhare bagira mu ivuka ryabo ku buryo waribaziza.

5. Vuga ubundi burenganzira bwa muntu butavuzwe mu mwandiko.

Uburenganzira bwo kugira icyo ukora kinjiza amafaranga, uburenganzira bwo gushaka ukuburanira, ...

Isomo rya cumi: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?

Ni "Menya uburenganzira bwawe".

b) Batubwiraga ibijyanye n'iki?

Batubwiraga ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu.

c) Ese uburenganzira bwa muntu buri gihe burubahirizwa?

Oya ntibwubahirizwa buri gihe kuko hari igihe bubangamirwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko “Menya uburenganzira bwawe” maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi:

Buri muntu akwiye kumenya uburenganzira bwe akabuharanira kandi buri muntu akwiye kumenya uburenganzira bwa mugenzi we akabwubahiriza.

Ingingo z'ingereka:

Kwikunda kwagiye gutuma abantu bamwe baryamira abandi, bakabahohotera, bakabaheza.

2. Mu gihe hari umuntu uvukijwe uburenganzira bwe hakorwa iki ngo bwimakazwe?

Mu gihe hari umuntu uvukijwe uburenganzira bwe, yagombye kwihutira kubimenyesha abashinzwe kubungabunga uburenganzira bwa muntu kugira ngo bamurenaganure.

3. Wumva hakorwa iki kugira ngo abantu bamenye uburenganzira bwabo?

Icyakorwa nuko abantu bose bahugurwa bakamenya ibiyanye n'uburenganzira bwabo. Ikindi kandi bagomba gukangukira kumenya aho inzego izi n'izi zishinzwe kubungabunga uburenganzira bwa muntu zikorera kugira ngo igihe habonetse umuntu ubangamirwa amenye aho agana mu rwego rwo kubona ubufasha.

Isomo rya cumi na rimwe: Umwitotozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe;
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?

Menya uburengannzira bwawe.

b) Ni ubuhe burenganzira bw'ibanze ufite nk'umunyeshuri?

Uburenganzira bwo kwiga.

c) Kubahiriza uburenganzira bwa muntu bumaze iki?

Bituma umuco w'amahoro utera imbere kuko umuntu ari nk'undi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda.

Insanganyamatsiko:

Mwungurane ibitekerezo ku byo mubona aho mutuye bigaragaza ukutubahiriza uburenganzira bwa muntu, n'icyo mwumva cyakorwa ngo iyo migirire ihinduke.

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

Gukubita abagore n'abana. Ababikora bakwiye kubihanirwa kandi bakagirwa inama. Gukuramo inda. Ababyeyi n'abayobozi b'inzezo z'ibanze bakwiye gufatanya gushakira icyo kibazo umuti.

Guterwa inda bituma abana b'abakobwa bakiri bato batabasha kwiga. Abashuka abana b'abakobwa bakabajana mu ngeso mbi bakwiye guhagurukirwa n'ubuyobozi kandi bakajya babihanirwa by'intangarugero.

Abajura babuza abantu umutekano, bashaka kubatwarira umutungo. Umuti ni ugukaza amarondo, abafashwe bagahanwa.

Kuvutswa amahirwe yo kurererwa mu muryango. Kugira inama ababyeyi bikuraho inshingano zo kurera abana babo bato babaresha mu bigo bibarera birihisha amafaranga no gushakira imiryango irera abana baba mu bigo by'imfubyi.

Abana bakurwa mu ishuri bakajya gukoreshwa imirimio itandukanye. Inzego z'ibanze zigomba guhagurukira iki kibazo kigashakirwa umuti.

Abana bavutswa amahirwe ya kwiga n'ababyeyi babyo banga kubashakira ibikoreresho. Inzego z'ubuyobozi zigomba guhagurukira iki kibazo ababyeyi nkabo bakabihanirwa by'intangarugero.

7.4.4. Umwandiko: Ubunyarwanda burambera

Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Ubunyarwanda burambera" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Kuri iyi shusho murabonaho iki?

Abana bari ku karasisi.

b) Ni iki umunyeshuri uri imbere afite?

Ni ibendera.

c) Witegereje neza iryo bendera wavuga ko ko abo bana ari abahe?

Navuga ko ari bo mu gihugu cy'u Rwanda.

d) Umuntu akubajije ngo : “Uri Umunyarwanda” wamusubiza ngo iki?

Namusubiza ngo: “Ndi Umunyarwanda”.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko ufite uwuhe mutwe?

Ubunyarwanda burambera.

b) Uhoreye ku bivugwa urumva uyu mwandiko warahimbwe mbere ya jenoside cyangwa nyuma yayo?

Wahimbwe nyuma yayo.

c) Uyu mwandiko urabona udukangurira iki?

Uyu mwandiko udukangurira gukunda u Rwanda tukanezezwa no kuba Abanyarwanda.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko “Ubunyarwanda burambera” usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Ipfunwe:** ikimwaro umuntu aterwa n'igisebo kimuriho cyangwa kiri ku bantu
- b) Gushwana:** kutumvikana by'abantu bari bashyize hamwe bagatadirana cyangwa bagatana.
- c) Ubugwari:** ubunebwe, uwobwa, umuco wo kubura ubupfura.
- d) Abatibasha:** abantu batishobye, badakize.
- e) Urugwiyo:** uwuzu umuntu agaragaza yakira uwo yishimiye, ugushyikirana by'abakundana.

Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye:

a) Gushwana

Umugabo n'umugore ntibakwiye gushwana ngo batandukane kuko iyo bibaye, abana barahabarira bikomeye.

b) Ubugwari

Karasira yagaragaje ubugwari igihe yasezeranaga n'abandi ko bazafatanya gushinga ishyirahamwe nyuma akabatererana.

c) Ipfunwe

Kanamugire bamufashe yiba ibitoki by'abandi none asigaye agenda afite ipfunwe.

d) Igihango

Umuryango wacu ufitanye igihango n'uwa Nyiramariza, nta muntu w'iwacu ushobora guhemukira uw'iwabo ngo agire amahoro.

e) Gakondo

Ubwenge bwa bano bana ni gakondo, nta muntu w'iwabo ujya utsindwa mu ishuri.

2. Uzurisha interuro zikurikira aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:

arashamaje, aberwa, yatoye, imbuto, gakondo

a) Kamari yabibyey'ubufatanye mu bana be, none gushyira hamwe byatumye biteza imbere.

Kamari yabibye **imbuto** y'ubufatanye mu bana be, none gushyira hamwe byatumye biteza imbere.

b) Uyu munyamahanga yakuriye mu Rwanda none..... umuco wacu.

Uyu munyamahanga yakuriye mu Rwanda none **yatoye** umuco wacu

c) **Iyi sambu ni twasigiwe na ba sogokuruza.**

Iyi sambu ni **gakondo** twasigiwe na ba sogokuruza.

d) **Uyu mugoreno gufata ijambo imbere y'abantu agatanga ibitekerezo bye.**

Uyu mugore **aberwa** no gufata ijambo imbere y'abantu agatanga ibitekerezo bye.

e) Uyu mwanakuko aba uwambere muri byose.

Uyu mwana **arashamaje** kuko aba uwambere muri byose.

Isomo rya kenda: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko bameruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) **Ubushize twize iki?**

Twize umwandiko witwa "Ubunyarwanda burambera."

b) **Ni iki umwanditsi avuga ku mwashuri?**

Avuga ko amashuri yatumye tuva mu bujiji.

c) **Ni ubuhe butumwa umwandiko watugezagaho?**

Ubutumwa bwo guheza ibyadutanya byose tukimika ubunyarwanda.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ubunyarwanda burambera" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Ni iki umusizi asanga gitandukanya abanyamahanga n'abanyamahanga?

Igitandukanaya Abanyarwanda n'abanyamahanga ni umuco wabo.

2. Inzangano hagati y'Abanyarwanda zakomotse hehe?

Inzangano hagati y'Abanyarwanda zazanywe na Ruhurwera (Umuzungu) we wacuze amoko mu Rwanda.

3. Ni iki cyatumye Ruhurwera acura amoko?

Yagira ngo asenye ubumwe bw'Abanyarwanda abone uko abategeka.

4. Ni ibihe bibazo by'Abanyarwanda byakemutse?

Abanyarwanda ntibakiri injiji kubera amashuri, ntibagikennye kubera gukorana n'amabanki, ntibakicwa n'indwara kuko begerejwe amavuriro.

5. Umusizi arahamagarira Abanyarwanda kwitwara gute? Kuki?

Arasaba Abanyarwanda kuberwa n'ubunyarwanda kuko ari wo murage w'abasokuruza.

Isomo rya cumi: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko;
- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Ubushize twize iki?

Twize umwandiko witwa "Ubunyarwanda burambera."

b) Mvumvaga usomeka ute ugereranyije n'indi?

Wo urimo injyana inogeye amatwi.

c) Ni iyihe nsanganyamatsiko yarimo?

Insanganyamatsiko yo kuberwa n'ubunyarwanda.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko “Ubunyarwanda burambera” maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Shaka ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi:

umunyarwanda nyawe aterwa ishema n'uwo ari we, umuco w'Abanyarwanda ni mwiza, ubatandukanya n'abatari bo, inzangano hagati y'Abanyarwanda zazanywe n'umuzungu w'umukoroni, Abanyarwanda barajijutse inzangano, ubujiji, ubukene n'indwara barimo guhangana na byo.

2. Ukurikije uko indi myandiko iba yanditswe uyu urabona wanditswe ute?

Uyu mwandiko wanditse mu nteruro ngufi zigiye zikurikiranye zidakoze urukurikirane rurerure rw'amagambo ugereranyije n'izindi. Wanditswe mu mikarago

3. Uyu mwandiko urumva uvugitse nk'indi myandiko twize mu buryo bw'injyana? Sobanura igisubizo cyawe.

Oya. Uyu mwandiko wanditswe ku buryo usoma yumva harimo injyana inogeye amatwi.

Isomo rya cumi na rimwe: Umwitoto w'ubumenyi ngiro: Gufata mu mutwe umuvugo

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gufata mu mutwe umuvugo.
- Kuvugira umuvugo imbere y'abandi, adategwa kandi yubahiriza isesekaza.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ubushize twize iki?

Twize umwandiko witwa "Ubunyarwanda burambera."

b) Ni yihe nsanganyamatsiko yarimo?

Insanganyamatsiko yo kuberwa n'ubunyarwanda.

c) Mvumvaga usomeka ute ugereranyije n'indi?

Wo urimo injyana inogeye amatwi.

d) Iimirongo yaho iteye ite?

Yari migufi.

II. Uko isomo ryigishwa

Bwira abanyeshuri gukora umukoro wo gufata mu mutwe umuvugo uri mu bitabo byabo. Hanyuma bakazawuvugira imbere y'abandi badategwa kandi bubahiriza isesekaza. Igihe cyagenwe kigeze umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bavuga umuvugo badategwa kandi bubahiriza isesekaza, agakosora abakora amakosa.

Igikorwa

Fata mu mutwe umuvugo "Ubunyarwanda burambera" hanyuma uzawuvugire imbere ya bagenzi bawe.

7.5. Umuvugo

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusobanura uturango tw'umuvugo;
- Guhangga umuvugo yubahiriza uturango tw'umuvugo;
- Gusesengura umuvugo aherye ku itondeke n'ububare w'ububangutso.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko urabona wanditse ute ugereranyije n'imyandiko usanzwe uzi?

Uyu mwandiko wanditse mu duteruro tugufi tugiye tutuzura ku murongo.

b) Ese umwanditsi arareka umurongo akimukira ku wundi ari uko interuro yuzuye?

Oya ,arimuka interuro ituzuye.

c) Izi nteruro zanditse muri ubu buryo bazita ngo iki?

Izi nteruro zanditse muri ubu buryo bazita imikarago.

d) Umwanditsi yakoresheje imvugo isanzwe?

Oya imvugo yakoresheje irimo ubuhanga n'ubugeni butambutse ubwo mu mvugo isanzwe.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe kongera gusoma umwandiko "Ubunyarwanda burambera" kugira ngo batahure inshoza n'uturango by'umuvugo.

Igikorwa

Mu matsinda, mwongera musome umwandiko "Ubunyarwanda burambera" hanyuma mutatahure inshoza n'uturango by'umuvugo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'umuvugo

Umuvugo ni igihangano cy'umwimerere, kigusha ku ngingo cyangwa insanganyamatsiko runaka, cyuje amagambo y'indezi (arata) n'ikeshamvugo.

Umuvugo kandi ni igihangano gihimbirwa kuvugirwa imbere y'abantu. Kubera iyo mpamvu umuvugo ugomba kuba unyuze amatwi y'abawumva.

Uturango tw'umuvugo

Umuvugo ni umwandiko uvuga ku ngingo runaka nk'indi myandiko yose ariko bigakorwa ku buryo bwa gihanga bushingiye ku kuryosha imvugo. N'ubwo umuntu ashobora gusoma umuvugo mu gitabo, ubundi umuvugo uhimbirwa kuvugirwa imbere y'abantu; ni na yo mpamvu kuwufata mu mutwe ari ingenzi. Dore ibiranga umuvugo:

a) Imikarago

Uko umuvugo wandikwa bitandukanye n'uko bandika indi myandiko isanzwe. Umuvugo wandikwa mu buryo bw'intondeke hakoreshejwe uturongo tugufi twitwa "imikarago". Umukarago ushobora kuba ari interuro yuzuye cyangwa ari igice k'interuro.

Ingero:

Ubunyarwanda burambera. (interuro)

Kuko ubuvandimwe n'urukundo (igice k'interuro)

b) Injyana y'itonde ripimye

Umuvugo unoze ugomba kuba ufite injyana ipimye, ni ukuvuga ko imikarago igomba kuba ireshya kandi ifite injyana inogeye amatwi. Mu busizi, injyana ishingira ku tubangutso cyangwa utubeshuro. Abasizi bakora ku buryo imikarago igira umubare ungana w'utubangutso cyangwa utubeshuro, bashingiye ku migemo igize umukarago.

Dore uko injyanya ikorwa:

- Akabangutso gashingira ku mugemo kandi umugemo ushobora kuba ari inyajwi, ingombajwi ifatanye n'inyajwi cyangwa igihekane gifatanye n'inyajwi.
- Akabangutso kamwe kaba gafite uburebure bungana n'umugemo umwe.
- Umugemo utinda wo ubarwamo utubangutso tubiri.
- Inyajwi itangira umukarago ntibarwa
- Inyajwi ebyiri zikurikiranye mu mukarago, imwe isoza ijambo indi ikaritangira zibarwa nk'inyajwi imwe.

Urugero:

Muump(e) umwaanya nge muu ngaazo, =12

Mvug(e) uko niiyumva muu ngiingo=12

No mu biteekerezo n'ingeendo,=12

Mvug(e) ibiteer(a)Abanyamahaanga=12

Kuump(a) umwaanya nkavug(a) ijaambo.=12

Uyu muvugo ugizwe n'injyana y'utubangutso cumi na tubiri

c) Ikeshamvugo n'iminozanganzo

Mu muvugo umuhanzi akoresha amagambo y'indobanure agambiriye gukesha cyangwa kunoza imvugo. Amagambo yose ntanganya agaciro, ni yo mpamvu umuhanzi atoranya amagambo yabugenewe agusha ku ngingo. Mu muvugo kandi umuhanzi yubaka ingingo ku buryo bugamije kunoza inganzo ari byo bita iminozanganzo. Mu minozanganzo habamo isubirajwi, imizimizo, ishushanya, igereranya n'ibindi

Ingero:

Ruhurwera: Umuzungu (umuzimizo)

Yumva indwara imugera ijanja: Yumva indwara imwototera, ishaka kumufata(ishushanya)

Harashamaje aho turi none,

Haraharenze aho tujya kandi (isubirajwi rishingiye kuri “ h”)

Imyitozo ku muvugo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo wo kubara utubangutso no guhangga umuvugo bubahiriza uturango twawo, nibarangiza bawuvugire imbere ya bagenzi babo bubahiriza isesekaza rikwiye.

Ibibazo n'ibisubizo**1. Bara utubangutso tw'imikarago icumi ya nyuma y'uyu muvugo.**

(U)b(u) amavuurir(o) aturi haafi = 11

Mu kwiivuza turiisuungana=13

Tukanavuuz(a) abatiibasha=11

Ntaawukiizirikir(a) iwaabo =12

Yuumv(a) indwaar(a) imuger(a) ijaanja.=12

(U)bunyarwaanda burambeera=10

Kaandi naamwe nibubabere.=11

Niyo gakoond(o) isuumb(a) iziindi=12

(A)baatubyaaye baaduhaaye=12

Ntitugataatir(e) icyo gihaango.=12

2. Hangya umuvugo wawe bwite ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro, nturenze imikarago mirongo ine.

Nyuma yo guhangga imivugo inyuranye, kosora imivugo abanyeshuribahanze ugenzura ko bubahirije amabwiriza hanyuma imivugo yabo bayivugire imbere ya bagenzi babo, unabamenyeshe aho batabikoze neza kugira ngo bazashobore kuhakosora.

7.5. Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa karindwi

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:

- *Gusesengura umwandiko;*
- *Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo;*
- *Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo no kuwugeza kuri bagenzi be agaragaza isesekaza;*
- *Gukoresha inshoberamahanga mu nteruro.*

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Umusizi arahamagarira nde gutera amahoro?

Arahamagarira abana b'u Rwanda gutera amahoro.

2. Ese ku mwanditsi ni ubuhe bufatanye bukwiye ngo abantu birindire umutekano?

Ni ubufatanye bwo gutabara mugenzi wawe, ntuvunire ibiti mu matwi igihe atatse.

3. Ukurikije uko bigaragara mu mwandiko, inzangano hagati y'Abanyarwanda zikomoka he? Ese wowe ubona izo nzangano umuntu yazirinda gute?

Nk'uko bigaragara mu mwandiko, inzangano zikomoka ku bantu boshya Abanyarwanda, bababwira ko ntacyo bapfana. Uburyo mbona umuntu yakwirinda inzangano ni uguha agaciro ubumwe bwacu nk'abanyarwanda, tugakorera hamwe, tukaganira ku bibazo twatejwe n'imyumvire mibi y'abatubyaye, tukabyumva kimwe muri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" tugafatanya kwiteza imbere mu mashyirahamwe aho gutinda ku macakubiri ashingiye ku kinyoma.

4. Usibye abaturage, abandi bantu bagira uruhare mu kubumbatira amahoro ni bande? Babikora gute?

Abantu bagira uruhare mu kubumbatira amahoro ni abayobozi b'Ighugu beza. Babikora bigisha abaturage imigenzo myiza, kubana mu mahoro no kwiteza imbere.

5. Ese wowe ubaye umuyobozi, urumva wakora iki ngo amahoro asagambe?

Aha umunyeshuri aratanga ibitekerezo bye umwarimu amufashe kubinoza neza.

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu muvugo:

a) **Bura bw'u Rwanda:** bana b'u Rwanda

b) **Kugoboka:** gufasha umuntu gukemura ikibazo cyari kigiye kumubera ingorabahizi, cyari kigiye kumunanira

c) **Kuganya:** kwinubira ububabare by'umuntu cyangwa gutekerereza umuntu amagorwa uri mo, kuvuga amagambo y'agahinda agaragaza ko ufite ibibazo ku mutima.

d) **Gutuza:** kumva nta kibazo ufite ku mutima, guceceka kubera ko ikibazo wari ufite gikemutse.

e) **Kwimika :** guha ikintu runaka umwanya w'ingenzi mu buzima bwawe, kugifata nk'ikiruta ibindi.

2. **Tanga impuzanyito z'aya magambo:**

a) **Gushuka:** kubeshya, koshya

b) **Kugoboka:** gushyigikira,gutabara

3. **Shaka imbusane z'amagambo akurikira:**

a) **Gutuza** ≠ guhangayika, gusakuza

b) **Guha (amahoro)** ≠ kwima

4. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite:**

a) **Amahoro**

Ahari amahoro ntiharangwa intambara.

b) **Kugoboka**

Mu Rwanda hari imiryango itegamiye kuri Leta igoboka abakene.

c) **Kuganya**

Uriya mugabo akunda kuganya cyane kandi ntacyo abuze.

d) **Gutuza**

Ubwo ibizamini byose birangiye ndumva ntuje.

e) **Kwimika**

Ubwo wimitse kunywa ibiyobyabwenge uzasara cyangwa upfe bahambe.

IV. Ubumenyi bw'ururimi

1. Koresha izi nshoberamahanga mu nteruro yawe bwite.

a) **Guca mu rihumye**

Abaporisi bari bagiye gufata igisambo kibaca mu rihumye

b) Guca akenge

Umwana utangiye guca akenge aba azi gutandukanya ikibi n'ikiza.

c) Gusubiza amerwe mu isaho

Niba ushaka gusaba umukobwa wange usubize amerwe mu isaho kuko hari undi wamugutanze!

d) Kuva ku izima

Nari nanze kujya mu ishyirahamwe ariko bansobanuriye ibyiza by'amashyirahamwe mva ku izima, nemera gufatanya n'abandi.

e) Korosora uwabyukaga

Yamubwiye ngo amuherekeze kwa nyirakuru asa n'uworosoye uwabyukaga

V. Guhangga umuvugo

Hanga umuvugo wubahiriza uturango tw'umuvugo kandi uvuga ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro.

Umuvugo urakosorwa hubahirijwe amabwiriza yo guhangga umuvugo

7.6. Ibikorwa by'inyongera

7.7. Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umwarimu

UMUTWE WA MUNANI: IBIYOBYWENGE MU MASHURI

VIII.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imyandiko ku biyobyabwenge;
- Gukoresha imvugo iboneye yirinda imvugo nyandagazi;
- Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

VIII.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo murubyiruko (umwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye)
- Imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru(umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye)
- Amoko y'amagambo (umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye)

VIII.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Ushingiye ku byo ubona, ni zihe ngaruka z' ibiyobyabwenge ku buzima bw'umuntu. Ese wakumira ute ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge?

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku biyobyabwenge mu mashuri akabafasha kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibisubizo:

Ibiyobyabwenge bifite ingaruka nyinshi kandi mbi cyane. Bitera ubukene bukabije, byangiza ubuzima bw'ubinywa ndetse bikaba byanamwica. Ibiyobyabwenge kandi bitera umwiryane, amahane ndetse n'intonganya za buri munsi mu muryango. Bitera ubujura kugira ngo haboneke amafaranga yo kubigura. Ibiyobyabwenge kandi bitera ubugizi bwa nabi nko guhogotera abantu, gufata ku ngufu haba ku gitsina gore cyangwa ku gitsina gabu. Ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge ryakumirwa ari uko buri muntu abaye ijisho rya mugenzi we. Gutangira amakuru ku gihe aho bigaragaye n'uwo bigaragayeho, guhozaho ubukangurambaga n'ubujyanama...

VIII.4. Amasomo ari mu mutwe wa munani n'igihe yagenewe

Umutwe wa munani: Ibiyobyabwenge mu mashuri		Umubare w'amasomo: 12
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru		

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya kane: Umwitotozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo.	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Imvugo z'Ikinyarwanda:		
Isomo rya gatanu: Imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye .	<ul style="list-style-type: none"> - Gurandukanya imvugo iboneye n'imvugo nyandagazi. - Gukoresha imvugo iboneye yirinda imvugo nyandagazi. 	Amasomo 2
Imyandikire y'Ikinyarwanda		
Isomo rya gatandatu:Ikata ry'amagambo.	Kwandika yubahiriza ikata ry'amagambo n'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda muri rusange.	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe wa munani		Amasomo 2
Imyitotozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi		Isomo 1

8.4.1. Umwandiko: Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Kuri aya mashusho murahabona iki?

Turayabonaho umuhungu n'umukobwa.

b) Murabona barimo gukora iki?

Turabona barimo gutumura amatabi.

c) Ni iki muzi ku itabi mu bijyanye n'ubuzima?

Tuzi ko itabi atari ryiza ryangiza imyanya y'ubuhumekero y'abarinywa n'abahumeka umwotsi waryo.

d) Ibindi abantu banywa bagata ubwenge babyita ngo iki?

Babyita ibiyobyabwenge.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwhisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Muri uyu mwandiko haravugwamo bande?

Haravugwamo Gahongayire n'umunyamakuru.

b) Gahongayire uvugwa mu mwandiko ni muntu ki?

Gahongayire ni umunyeshuri mu ishuri ryisumbuye.

c) Mumaze gusoma musanze bavugana ku ki? Baravugana ku bijyanye n'ibiyobyabwenge mu mashuri.

d) Ni nde watubwira nibura ubwoko bumwe bw'ibiyobyabwenge bavuzeho mu mwandiko?

Bumwe mu bwoko bw'ibiyobyabwenge bavuzeho mu mwandiko ni urumogi n'utuyoga bita suruduwiri.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu kiganiro:

a) Cyahekura: cyakwica, cyamara (urubyiruko)

b) Babaswe: bigaruriwe, babaye imbata

c) Babitsimba: ubusanzwe "gutsimba" ni ugupfundisha ikizuru ku icebe by'inyana yonka, hano mu mwandiko ni imvugo nyandagazi ivuga ko babihisha, babiseseke

d) Bazezengeye: bataye umutwe, batagitekereza

2. Tanga impuzanyito y'amagambo akurikira:

a) Kwishora: kwiroha

b) Umunezero: ibyishimo

c) **Yerekeza:** agana

3. Tanga imbusane z'aya magambo:

a) **Bakabikirana** ≠ bakivamo

b) **Aratangira** ≠ ararasoza

c) **Burahungabana** ≠ ntibwangirika

Imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo ijjanye no gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no guhuza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko n'ibisobanuro byayo ariko buri wese akore ku giti ke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo byawo:

1. Koresha buri jambo wahawe mu nteruro wihimbiye:

a) **Kubatwa**

Munyazikwiye yabaswe n'ubusinzi ku buryo nta mugoroba w'ubusa kuri we.

b) **Guhekura**

Marariya yahekuye ababyeyi benshi igihe yari itaramenyekana, ariko ubu imiti yarabonetse, nta bwo igikanganye.

c) **Kwishora**

Mwana wange ntuzishore mu busambanyi utazahakura imbwa yiruka dore SIDA iravuza ubuhuha.

d) **Gufogeka**

Abanyeshuri batagira ikinyabupfura iyo bashaka kuvuga ijambo guhisha, bakoresha gufogeka.

2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo biri mu ruhushya B

A	B
a) Gusubuta	1. Guhisha ikintu aho badashobora kukibona ukaza kukihakura witonze.
b) Gufogeka	2. Gutwara umutima umuntu kw'ikintu ku buryo kumubuza gutekereza neza.
c) Kubata	3. Kwigerereza, guhangara
d) Suruduwiri	4. Ubwoko bw'ikiyobyabwenge bunyobwa

Ibisubizo: a=3, b=1, c=2, d=4

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko uheruka kwiga witwa ngo iki?

Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru.

b) Ni iki cyavugwaga muri uwo mwandiko?

Havugwagamo ibiyobyabwenge mu mashuri.

c) Ni izihe ngaruka bavuze ziterwa no gukoresha ibiyobyabwenge mu banyeshuri?

Abanyeshuri baba indakoreka, bakayoba ubwenge ntibige neza.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko “ Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru” maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Ni ikihe cyorezo cyugarije urubyiruko muri iki gihe?

Ni icyorezo k'ibiyobyabwenge.

2. Ni ibihe biyobyabwenge biboneka mu mashuri bivugwa mu mwandiko?

Ni urumogi na suruduwiri.

3. Ni izihe ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge ziboneka mu mwandiko?

Ingaruka z'ibiyobyabwenge zivugwa ni uguhungabana k'ubuzima, bitera indwara zo mu myanya y'ubuhumekero, ibiyobyabwenge byangiza ubwonko, umuntu ntiyongere kugira ibitekerezo bizima.

4. Umwanya wo kunywa biyobyabwenge abanyeshuri bawubona bate?

Babinywa mu gihe cyo gukina, mbere yo kuryama no mu minsi y'ikiruhuko.

5. Wumva hakorwa iki kugira ngo ibiyobyabwenge bicike mu banyeshuri?

Kuganiriza abataratangira kubifata kugira ngo batava aho batangira kubinywa no kwegera ababifata, tukabafasha kumva ububi bwabyo bakagenda babireka buhorobuhoro.

Ababihinga n'ababicuruza bo bakwiye guhanwa by'intangarugero.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Gutahura isomo riri mu mwandiko

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko twasesenguye ubushize witwa ngo iki?

Umwandiko twasesenguye witwa "Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru."

b) Iyo bavuze ikiganiro mwumva iki?

Iyo bavuze ikiganiro twumva iyakuranwa ry'amagambo hagati y'abantu bungurana ibitekerezo.

c) Nyuma ya kiriya kiganiro urumva wabwira iki bagenzi bawe?

Nababwira ko kwishora mu biyobyabwenge bigira ingaruka mbi zitandukanye zirimo kubura ikinyabupfura, guta ubwenge, kutabasha kwiga neza, indwara z'ubwonko,...

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Vuga ingingo z'ingenzi ziboneka mu mwandiko wizwe.

Ibiyobyabwenge byinjizwa n'abanyeshuri bavuye hanze.

Ibiyobyabwenge byica ubuzima, byica ubwonko.

Urubyiruko rukwiye kureka ibiyobyabwenge kuko birwokamye nta ejo hazaza h'Ighugu cyacu hazabaho.

b) Ukurikije ibivugwa mu mwandiko ni iki wumva wungutse, utari uzi ku biyobyabwenge?

Iki kibazo abanyeshuri baragisubiza ku buryo butandukanye bitewe n'icyo buri munyeshuri yungutse atari azi.

Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gutanga no gusobanura ibitekerezo bye agaragaza ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge.
- Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Umwandiko twasesenguye ubushize witwa ngo iki?

Umwandiko twasesenguye witwa "Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru."

b) Ni iyihe nsanganyamatsiko iri muri umwo mwandiko?

Ni ibiyobyabwenge.

c) Kugira ngo ibiyobyabwenge byinjire mu mubiri w'umuntu bigenda bite?

Kugira ngo byinjire mu mubiri w'umuntu ni uko babinywa, babyisiga, babyihumuriza cyangwa bakabyiera mu nshinge.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda.

Insanganyamatsiko:

1. Hamwe na bagenzi bawe mwungurane ibitekerezo ku ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge .
2. Nimushake izindi ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge zitavuzwe mu mwandiko.

Gabanya amatsinda ibibazo ku buryo buri cyose kigira abagikoraho.

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

- Kuba indakoreka
- Kubura ikinyabupfura
- Indwara z'ubuhumekero
- Indwara z'ubwonko n'ibisazi
- Kubura uburere
- Kwishora mu busambanyi n'ubundi bukozi bw'ibibi
- Ubujura bw'amafaranga kugira ngo bagure ibiyobyabwenge
- Ubwicanyi buturuka ku kunywa ibiyobyabwenge,...

8.4.2. Imvugo z'Ikinyarwanda

Isomo rya gatanu: Imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kuvuga inshoza y'imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye.
- Gutandukanya imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye.
- Gukosora imvugo nyandagazi ayisimbuza imvugo iboneye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibinjiza mu isomo bagiye kwiga rijyanye n'imvugo z'Ikinyarwanda.

Igikorwa

Soma interuro zikurikira maze witegereze amagambo atsindangiye, nurangiza uvuge uburyo wumva yumvikana.

Soma interuro zikurikira maze uzigereranye ukurikije imvugo yakoreshejwe.

1. Ubashuka ababwira ko ari sawa, ko bituma baswingarara, ko ubikubiseho agira kime ntihagire uwongera kumumenyera.

2. Ubashuka ababwira ko ari byiza, ko bituma banezerwa, ko uwabinyoye agira ingufu ntihagire uwongera kumuhangara.

Murumva izi nteruro zitandukaniye he ukurikije imvugo yakoreshejwe? Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Murumva izi nteruro zitandukaniye he ukurikije imvugo yakoreshejwe?

Iyo usomeye izi nteruro, usanga interuro ya mbere n'iya kabiri zivuga ibintu bimwe ariko imvugo yakoreshejwe si imwe muri izo nteruro ebyiri. Urasanga interuro ibanza yakoreshejwemo amagambo atiyubashye atanakoreshwa mu mvugo isanzwe (baswingarara, kime, kumusubuta) ku buryo umuntu yibaza niba uyikoresheje yarahawe uburere bunoze, niba afite umuco wo kwiyubaha no kubaha abandi. Interuro ikurikiyeho ivuga ibintu ku buryo bwiyubashye, bubereye uvuga n'ubwirwa, wumva koko bwiyubashye Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza y'imvugo z'Ikinyarwanda , gutandukanya imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye bashake n'ingero . Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'imvugo z'Ikinyarwanda,imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye utange n'ingero zifututse.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Imvugo z'ikinyarwanda

Inshoza y'imvugo z'Ikinyarwanda

Ururimi ni urusobe rw'amajwi abenegihugu baba barumvikanyeho, bakayakoresha kugira ngo babashe kumvikana. Iyo abantu babiri bavuga ntibumvikane icyo gihe baba bavuga indimi zitandukanye, bityo ubwumvane ntibube bugishobotse. abantu bavuga cyangwa bandika, hari uburyo bakoresha ururimi rimwe na rimwe bakarupfobya ubundi rukaba ruboneye. Ni yo mpamvu mu mvugo abantu bakoresha dushobora gusangamo imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye.

a) Imvugo nyandagazi

Imvugo nyandagazi ni imvugo ikocamye, iba itubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo, imikoreshereze y'amagambo n'inzezo z'ubusumbane bw'abavugana kandi ugasanga itubahisha nyiri ukuyikoresha. Umuntu ukoresha imvugo nyandagazi, ushobora gukeka ko nta burere bukwiye yahawe ndetse ko nta muco wo kwiyubaha no kubaha abandi agira.

Ingero:

Umunyeshuri aza yafogetse urumogi mu gikapu ke, yagera ku ishuri akarusiga bagenzi be, na bo bakareba aho barutsimba.

b) Imvugo iboneye

Imvugo iboneye ni imvugo yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo. Mu mvugo iboneye dusangamo amagambo aboneye, kandi yubahiriza ubusumbane bw'abavugana ndetse ugasanga yubahisha nyiri ukuyikoresha. Ukoresha imvugo iboneye, wumva yiyubashye, yararezwe kandi afite umuco ndetse ukumva yubashye n'uwo bavugana.

Urugero:

Umunyeshuri aza ku ishuri yahishe urumogi mu gikapu ke, yagera ku ishuri akaruha bagenzi be, na bo bakareba aho baba baruhishe.

Umwitozo ku mvugo z'Ikinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanyeho, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Kosora izi nteruro ku buryo imvugo nyandagazi zisimbuzwa imvugo iboneye y'Ikinyarwanda.

1. Ko uri ku myako ni nde wagusize kashi?

Ko usa neza ni nde waguhaye amafaranga?

2. Amashumi yange yose ntiyakwitera imere nk'iyi ngo abashe gutigita.

Inshuti zange zose ntizarya ibiryo nk'ibi ngo zibashe kugenda

7.4.3 Imyandikire y'Ikinyarwanda

Isomo rya gatandatu: Ikata ry'amagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutahura mu nteruro amagambo akatwa n'igihe akatwa. - Kwandika neza yubahiriza amabwiriza agenga ikatwa ry'amagambo mu Kinyarwanda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko bibinjiza mu isomo bagiye kwiga rijyanye n'ikata ry'amagambo.

Igikorwa

Soma interuro zikurikira hanyuma uvuge uko ubona imyandikire y'amagambo yanditse atsindagiye:

Interuro:

- Umuhungu **n'umukobwa** bagomba kuzuzanya.
- Nta kibyara **nk'intare** **n'ingwe**.
- Urubyiruko rugomba kumenya ububi **bw'ibiyobyabwenge**.

Amagambo yanditse atsindagiwe yakaswe yatakaje inyajwi y'inyuma bashyiraho agakato.

Igihe yabajaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Amagambo yanditse atsindagiye urabona yanditse ate?

Amagambo yanditse atsindagiwe yakaswe yatakaje inyajwi y'inyuma bashyiraho agakato.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura ingingo zerekeye ikata ry'amagambo bashake n'ingero . Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure ingingo zerekeye ikata ry'amagambo mu Kinyarwanda utange n'ingero zifututse.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Imyandikire y'Ikinyarwanda: Ikata ry'amagambo

Mu Kinyarwanda tugira amoko atandukanye y'amagambo. Ayo magambo iyo yandikwa hari ayandikwa uko yakabaye, hari n'amagambo yandikwa akaswe, ariko nabyo bikagira amabwiriza agomba gukurikizwa igihe hari agomba gukatwa.

Ingero: :

- Kuganiriza abana birareba ababyeyi, ubuyobozi **bw'ishuri** **n'abayobozi** **b'inzego** **z'ibanze**. Ibi Gahongayire yabivuze **nk'umwana** ushaka ko ababyeyi **n'abayobozi** bita ku bana **b'ighugu** bari mu mashuri.
- Ingamba ya mbere ni ukuga-niriza abana bakiri batoya.

Ikata ry'amagambo

Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibungo “**na**” na “**nka**” zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi, ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa. Mu kwerekana aho inyajwi yakaswe hakoreshwu akamenyetso kitwa agakato (').

Ingero:

- Wakomerekejwe **n'iki**?
- Nta cyibyara **nk'intare** **n'ingwe**.
- Umubare **w'amashuri** **y'imyuga** **uriyongera**.
- Nyereka uko batsa tereviziyo **n'uko** **bayizimya**.
- Umwaka **w'ibihumbi** **bibiri** na cumi na kabiri

- Umwaka **wa** 2012
- Leta zunze Ubumwe **z'Amerika**
- Umugabane **w'Afurika**

Mu Kinyarwanda kandi iyo ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo rirakatwa; bigakorwa hakurikijwe imiterere y'umugemo.

Urugero:

Ni ngombwa ko hashakwa umwanya wo kuganiriza abana kuri iki kibazo.

Inyajwi zisoza ibyungo “**na**” na “**nka**” ntizikatwa iyo zikurikiwe n'amazina bwite y'amanyarwanda n'amanyamahanga atangiwe n'nyajwi idakora nk'indomo, indangahantu cyangwa indanganteko.

Ingero:

- Uwase **na Ineza** baraziranye.
- Iraki **na Irani** ni ibihugu bihanna imbibi.
- Uyu mugabo ameze **nka Alegisi**.

Inyajwi zisoza ibinyazina ngenera “**kwa**” na “**mwa**” bifite inshoza y'icyuzuzo cy'ahantu na zo ntizikatwa.

Ingero:

- Keza yagiye **kwa Uwase**.
- Arahinga **mwa Uwimana**.

Umwitozo ku ikata ry'amagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Umwarimu abwira abanyeshuri gutega amatwi, hanyuma akabaha icyandikwa yateguye kirimo amagambo akatwa, akababwira kwandika bubahiriza amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Tega amatwi umwarimu hanyuma wandike interuro akubwira wubahiriza amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda.

Urugero rw'icyandikwa yabaha:

Tumaze kwiga ingaruka z'ibiyobyabwenge tugomba kubuza abanyeshuri b'ingeri zose ikoreshwa ry'ibi bitindigasani. Tube abana b'imbonera mu kwamagana abacuruzi b'inzoga zitemewe, ab'urumogi n'ab'ibindi byose biyobya abantu ubwenge. Dufate umunyeshuri wishora mu biyobyabwenge nk'umuntu ukeneye inkunga, tumwegere maze tumukangurire kubireka

8.5. Isuzuma risoza umutwe wa munani

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa munani

Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:

- *Gusesengura umwandiko;*
- *Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo;*
- *Kwandika yubahiriza ikata ry'amagambo;*
- *Gukosora imvugo nyandagazi ayisimbuza imvugo iboneye.*

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:

I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Rondora ibiyobyabwenge bivugwa mu mwandiko.

Ibyemewe: inzoga zinyuranye n'itabi; ibitemewe: kokayne, heroyine, urumogi, kanyanga, nyirantare, muriture, yewemuntu, kore, lisansi,....

2. Vuga ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge zigaragara mu mwandiko.

Mu ngaruka zivugwa mu mwandiko harimo kwigarurira ubwonko bw'umuntu ku buryo ahora ashaka kubifata. Iya kabiri ni uko bikoresha uwabinyoye amakosa.

3. Shaka mu mwandiko ingingo umwanditsi ahuriraho n'abacuze ijambo "ibiyobyabwenge".

Byigarurira umuntu ku buryo umubiri we ubimenyera ubwonko bwe bukiyoborerwa na byo. Ino ngingo iragaragaramo kuyobya ubwenge.

4. Ni ubuhe buryo bwo kurwanya ibiyobyabwenge buvugwa mu mwandiko?

Umwanditsi arajya inama yo kwirinda kubitangira kuko iyo ubitangiye umubiri ukabimenyera, kubivaho biragorana.

5. Ese wowe wumva hakorwa iki ngo ibiyobyabwenge bicike burundu?

Numva urubyiruko rwakwigishwa rusanzwe mu mahuriro yarwo, rukaganirizwa ku bubi bw'ibiyobyabwenge. Abanya ibiyobyabwenge bashakwa bagafashwa gusohoka muri iyo ngeso. Ababicuruza n'ababihinga bafatwa bagahanwa n'amategeko.

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Gusatira:** kwegera, kwigira hafi cyane ya
- b) **Kumugaza:** gutuma umuntu aremara cyangwa akagira ubumuga budakira
- b) **Kwirahuriraho:** kwikururira ibyago cyangwa amakuba.
- c) **Ahazaza:** Ubuzima bwo mu gihe kizaza.

2. Tanga impuzanyito z'aya magambo:

- a) **Kugera** (ahantu) : guhinguka, gushyika
- b) **Kugusha:** guhanura
- c) **Ingaruka:** inkurikizi

3. Tanga imbusane z'aya magambo:

- a) **Zasenytse** ≠ zubatswe
- b) **Kureka** ≠ gutora, kwitabira
- c) **Kugusha** ≠ kwegura

III. Ubumenyi bw'ururimi

1. Kosora imyandikire mu nteruro zikurikira:

a) Uno mugabo na umuhungu we ni abanyarwenya pe!

Uno mugabo n'umuhungu we ni abanyarwenya pe!

b) Inyamaswa zinkazi nka intare ningwe ziba mu ishyamba.

Inyamaswa z'inkazi nk'intare n'ingwe ziba mu ishyamba.

c) Urubyiruko rugomba kwirinda ingeso mbi nibiyibywenge.

Urubyiruko rugomba kwirinda ingeso mbi n'ibiyobybwenge.

2. Tandukanya imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye, unatange ingero ebyiri kuri buri mvugo

Imvugo nyandagazi ni imvugo itubahiriza amabwiriza y'ikibonezamvugo kandi ntuyubahishe uyikoresha na ho imvugo iboneye yubahiriza amabwiriza y'ikibonezamvugo kandi ikubahisha uyikoresha. (abanyeshuri baratanga ingero zitandukanye)

IV.Ihangamwandiko

Hanga umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ingaruka z'ibiyobybwenge mu rubyiruko, wirinde gukoresha imvugo nyandagazi

Ihangamwandiko rikosorwe hubahirizwa amabwiriza yo guhanga umwandiko

8.6. Ibikorwa by'inyongera

8.7. Ubumenyi bw'inyongera

UMUTWE WA KENDA: ITERAMBERE

IX.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imyandiko ivuga ku iterambere rishingiye ku buhinzi;
- Gusoma no gushyira amasaku ku magambo;
- Kwandika ibaruwa y'ubuyobozi (ubutegetsi) yubahiriza imbata n'imiterere yayo.

IX.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Ibihingwa ngandurarugo na ngengabukungu (umwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye)
- Ibaruwa isanzwe (umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye)
- Ubutinde bw'imigemo (umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye)

IX.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Urwego rw'ubuhinzi ni ishingiro ry'imibereho myiza. Sobanura mu magambo yawe bwite uruhare rw'ubuhinzi mu iterambere ry'ubukungu.

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku iterambere akabafasha kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibisubizo:

Umusaruro uvuye mu buhinzi utuma haboneka amafunguro ndetse undi ukoherezwa ku masoko mpuzamahanga maze amafaranga avuyemo akazamura ubukungu bw'igihugu.

IX.4. Amasomo ari mu mutwe wa kenda n'igihe yagenewe

Umutwe wa kenda: Iterambere		Umubare w'amasomo: 24
Amasomo	Intego rusange	Umubare

		w'amasomo
Umwandiko: Ibishyimbo		
Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko.	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Umwandiko: Ibihingwa ngandurarugo		
Isomo rya kane: Gusoma no gusobanura umwandiko	<ul style="list-style-type: none"> Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. 	Isomo 1
Isomo rya gatanu: Gusoma no kumva umwandiko	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusesengura umwandiko	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya karindwi: Umwitotozo w'ubumenyi ngiro	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Imitere y'amasaku ku magambo		
Isomo rya munani: Inshoza n'amoko y'amasaku	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza amoko y'amasaku; - Kwandika amasaku ku magambo. 	Amasomo 3
Isomo rya kenda: Kwandika amasaku ku magambo	<ul style="list-style-type: none"> - Kwandika amasaku ku magambo 	Amasomo 3
Umwandiko: Ibihingwa ngengabukukungu		
Isomo rya cumi: Gusoma no gusobanura umwandiko	<ul style="list-style-type: none"> Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. - Gukoresha neza mu mvugo no 	Isomo 1

	mu nyandiko amagambo yungutse.	
Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma no kumva umwandiko	Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya cumi na gatatu: Umwitoto w'ubumenyi ngiro	Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.	Isomo 1
Ihangamwandiko: Ibaruwa y'ubuyobozi		
Isomo rya cumi na kane: Inshoza imbata n'ibice by'ibaruwa y'ubuyobozi	-Kugaragaza inshoza n'imbata by'ibaruwa y'ubuyobozi. - Gutandukanya ibice by'ibaruwa y'ubuyobozi	Amasomo 2
Isomo rya cumi na gatanu: Kwandika ibaruwa y'ubuyobozi	Kwandika ibaruwa y'ubuyobozi	Amasomo 2
Isuzuma risoza umutwe wa kenda		Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushoboz na nyagurabushoboz		Isomo 1

9.4.1. Umwandiko: Ibishyimbo

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
<p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iymvabona, amashusho n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Ibishyimbo" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo:

a) Mwitegerejeiyishushomurabonahoiki?

Umugabo, umugore n'abana babiri b'ibitsina byombi basarura imyaka.

b) Murabona iyi myaka yaba ari iyihe?

Turabona ari ibishyimbo.

c) Ubundi se ibishyimbo bidufasha iki mu ngo zacu?

Bidufasha kurwanya inzara bityo tukaboneraho no kwiteza imbere.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwiwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko uravuga ku biki?

Uravuga ku bishyimbo.

b) Ni ibiki ubivugaho?

Uravuga ku kamaro kabyo mu rugamba rwo kurwanya inzara.

c) Ibyo uyu mwandiko uvuga bibera he?

Bibera iwacu mu muryango.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ibishi yimbo" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyungura magambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) **Ipfa:** ubushake umuntu yiyumvamo iyo areba ibiryo yumva yaryaho kandi atemerewe cyangwa atari yemererwa kubifata.
- b) **Gihatse:** kigenga (ibindi), kirusha ibindi icyubahiro.
- c) **Ntibyamanuka:** ntibyarenga umuhogo.
- d) **Ibebera:** ihunga ariko ikenguza ngo hatagira uyibona.

2. Tanga impuzanyito z'aya magambo:

- a) **Bitakiruzi:** bitakireba
- b) **Inzara:** isari
- c) **birwanya:** bihindu, byirukana

3. Tanga imbusane z'aya magambo:

- a) **atera** (ipfa) ≠ amara
- b) **isoni** ≠ ishema
- c) **iwacu** ≠ mu muhana

Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gushaka amagambo icumi mu kinyatuzu kiri mu bitabo byabo. Buri wese akora umwitozo ku gititke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri areba niba amagambo yose yasabwe gushaka yayabonye. Ufite ikibazo akitabwaho.

1. Shaka amazina icumi y'ibihingwa ngandurarugo mu kinyatuzu gikurikira, usoma mu butambike, mu buhagazi cyangwa uberamisha:

A	A	M	A	S	A	K	A	B	U	D
E	F	G	H	O	H	J	K	M	T	Y
S	R	I	N	Y	A	N	Y	A	N	D
V	F	A	M	A	T	E	K	E	S	R
V	D	K	R	Y	F	G	A	G	U	T
D	I	H	U	B	U	R	O	M	I	K
N	Y	B	U	I	O	M	N	I	M	A
V	I	B	I	J	U	M	B	A	B	R
A	A	M	W	H	A	V	O	A	U	O
E	F	G	U	Y	A	S	M	O	T	T
A	M	A	S	H	A	Z	A	K	O	I
N	Y	B	U	I	O	M	A	A	M	A

Ibisubizo:

Mu butambike: amasaka, inyanya, amateke, **uburo**, ibijumba, amashaza.

Mu buhagazi: soya, imbuto, karoti.

Uberamishije: ibihaza, imyumbati.

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko bameruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Uyu mwandiko uravuga ku biki?

Uravuga ku bishyimbo.

b) Ni ibiki ubivugaho?

Uravuga ku kamaro kabyo mu rugamba rwo kurwanya inzara.

c) Ibyo uyu mwandiko uvuga bibera he?

Bibera iwacu mu muryango.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko “Ibisyimbo” maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Vuga amoko y'ibisyimbo avugwa mu mwandiko.

Haravugwamo rumaragishyika, mutiki na munteri.

2. Ni iki kigaragara mu mwandiko kerekana ko Abanyarwanda barya ibisyimbo cyane?

Kuba ari ikiribwa gihatse ibindi ku buryo bitamanuka bitakiruzi, biravuga ko nta meza y'umunyarwanda aburaho ibisyimbo.

3. Mu kurwanya inzara, abantu bifashisha iki?

Mu kurwanya inzara abantu bifashisha ibihingwa ngandurarugo birimo n'ibisyimbo.

4. Ni iki umusizi asaba abantu gukora? Ese wowe wumva ari ngombwa koko?

Sobanura impamvu.

Arasaba abantu guhinga ibisyimbo n'ibindibihingwa ngandurarugo ku bwinshi kugira ngo birinde inzara. Ni ngombwa kwiha mu bihingwa ngandurarugo kugira ngo tubone ibyo turya, kandi tubone n'ibyo tuyiana ku masoko kugira ngo abakora indi mirimo itari ubuhinzi babone ibyo bahaha.

5. Hari aho umusizi yavuze ati: “N’izindi ngandurarugo.” Bisobanuye iki? Bisobanura ko hari ibindi bihingwa ngandurarugo byunganira ibisyimbo mu kurwanya inzara.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gutahura isomo ry'ingenzi rikubiye mu mwandiko
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

I. Intangiro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?

Ibisyimbo.

b) Muri rusange uvuga ku biki?

Uvuga ku kamaro k'ibisyimbo mu kurwanya inzara.

c) Iyo abantu bashoboye guhashya inzara bunguka iki?

Bituma bagira ubuzima bwiza kandi bakaniteza imbere.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ibisyimbo" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

I. Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

a) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura impamvu uwise utyo.

Uyu mwandiko ni umuvugo kuko wanditse mu mikarago.

b) Ibihingwa babishyira mu matsinda abiri iyo bitaye ku mumaro wabyo. Iyo usomye uyu mwandiko usanga umusizi avuga ku buhe bwoko bw'ibihingwa? Kuki babyise gutyo.

Umusizi aravuga ku bihingwa ngandurarugo. Babyise gutyo kuko bitanga umusaruro uhita utekwa, urugo ntirwicwe n'inzara.

c) Ni iki ubona umuhinzi w'ibishyimbo yakora kugira ngo agire umusaruro utubutse?

Umuhinzi w'ibishyimbo agomba gutera imbuto y'indobanure kandi agakoresha inyongeramusaruro ari yo fumbire y'imborera cyangwa y'imvaruganda.

9.4.2. Umwandiko: Ibihingwa ngandurarugo

Isomo rya kane: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "Ibihingwa ngandurarugo" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo:

a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?

Turahabona umugabo n'umugore bari mu murima.

b) Murabona uyu murima ari uw'ibihe bihingwa?

Uyu murima ni uw'imyumbati.

c) Ubundi se imyumbati itumariye iki mu ngo zacu?

Hari itekwa ikaribwa, hakabaho n'iyo binika ikazavamo ubugari.

d) Ese imyumbati yose se ishirira mu itekwa?

Oya; imwe iragurishwa tukaguramo ibindi dukeneye bityo tukaboneraho no kwiteza imbere.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:

a) Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?

Witwa: "Ibihingwa ngandurarugo."

b) Uyu mwandiko uravuga iki ku bihingwa ngandurarugo?

Uravuga ku kamaro kabyo mu rugamba rwo kurwanya inzara.

c) Ibyo bihingwa bikoreshwa bite ukurikije ibivugwa mu mwandiko?

Bimwe biraribwa, ibindi bikavamo ibinyobwa, ibindi bikagurishwa.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ibihingwa ngandurarugo" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishiye inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Uburisho:** Ibiribwa bikomeye bisaba imboga kugira ngo umuntu abashe kubimira.
- b) Ibisusa:** imboga zigizwe n'ibibabi by'inzuzi z'ibihaza.
- c) Impengeri:** ibinyampeke bashoranye n'amazi bagateka nk'amasaka n'ingano.
- d) Ubwikuzo:** ibiryo barenza ku ifunguro risanzwe (nk'imbuto).
- e) By'ikashi:** bigira amakakama menshi, byagenewe guitarwa bikengwamo umutobe.

2. Tanga impuzanyito z'aya magambo:

- a) Urugo:** umuryango
- b) Amafunguro:** ibiryo
- c) Zigosoromwa:** zigisarurwa

Umwitoto wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishiye amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. Koresha buri jambo mu nteruro yawe bwite:

a) Uburisho

Mu gihe k'inzara, umuntu ashobora kurya imboga zitagira uburisho.

b) Ibisusa

Ibisusa biggeretse ku bishyimbo biraryoha.


c) Impengeri

Wari warya impengeri z'amasaka?

d) Ubwikuzo

Imbuto zikunze gukoreshwa nk'ubwikuzo zikaribwa umuntu arangije kurya ibindi.

2. Huza amagambo yo mu ruziga A n'ibisobanuro byatanzwe mu ruziga B



Isomo rya gatanu: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?

Umwandiko duheruka gusoma witwa "Ibihingwa ngandurarugo"

b) Ni akahe kamaro k'ibihingwa ngandurarugo ukurikije ibivugwa mu mwandiko ?

Akamaro kabyo ka mbere ni ukurwanya inzara.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ibihingwa ngandurarugo" maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Ni iyihe ntego nkuru ituma bahinga ibihingwa ngadurarugo?

Ibihingwa ngandurarugo bihingirwa gutanga amafunguro ya buri munsi.

2. Ukurikije uko byunganirana mu kuribwa ibihingwa ngandurarugo wabishyira mu bihe byiciro?

Twabishyira mu byiciro bine: ibitanga imboga, ibitanga uburisho, ibitanga ubwikuzo n'ibitanga ibyo kunywa.

3. Ibinyampeke bishobora kuribwa ku buhe buryo?

Bishobora kuribwa byokeje(ibigori), bakabisyamo ifu itanga umutsima cyangwa bakabitekamo impengeri (amasaka, ibigori).

4. Erekana ukuntu mu rwego rwo kwiteza imbere no kunganirana n'abandi umuhinzi adahingira urugo rwe gusa.

Umuhinzi agomba guhingira urugo rwe agasagurira n'amasoko kugira ngo abakora indi mirimo babone ibyo bahaha ku isoko kandi n'umuhinzi abone amafaranga yo kugura ibidahingwa kandi bikenerwa mu rugo.

5. Sobanura impamvu umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo ukeneye ikoranabuhanga ryo kuwuhunika.

Umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo ukeneye ikoranabuhanga ryo kuwuhunika kuko uburyo bwa gakondo buzana igihombo cyo kubora cyangwa kumungwa. Hakenewe rero ikoranabuhanga rihangana n'iryo bora n'imungwa.

6. Sobanura imirimo ikorerwa ibinyampeke mbere yo kubyara ubushera/ikigage.
Barabyinika, bakabyinura, bakabisereka, nyuma yo kumera bakabyanika, byakuma bakabisya, bagashigisha igikoma, bakagitereka kigashya nta musemburo.

7. Uhoreye no ku yavuzwe mu mwandiko, tanga amazina ane y'ibinyamisogwe.
Mu binyamisogwe twavuga ibishyimbo, amashaza, soya, n'ubunyobwa.

8. Sobanura ukuntu ibihingwa ngandurarugo bifite akamaro kanini unatange n'inama ku Banyarwanda ziyanye no kwitabira kubihinga.

Ibihingwa ngandurarugo bifite akamaro kanini kuko biramutse bibuze abantu bakwicwa n'inzara. Nagira inama abahinzi kubihinga ku bwinshi, bagakoresha inyongeramusaruro kandi bagahuza ubutaka bashingiye ku byera mu karere batuye kuruta ibindi. Ikindi bakwiye kwiyambaza inzobere mu by'ubuhinzi ziri mu mirenge yabo zikabagira inama.

Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko- Gutahura isomo ry'ingenzi rikubiye mu mwandiko- Gusubiza ibibazo by'isesengura <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?

Ibihingwa ngandurarugo.

b) Muri rusange uvuga ku biki?

Uvuga ku kamaro k'ibihingwa ngandurarugo mu kurwanya inzara.

c) Iyo abantu bashoboye guhashya inzara bunguka iki?

Bituma bagira ubuzima bwiza kandi bakanitezza imbere.

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ibihingwa ngandurarugo" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Shaka ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko wizwe.

Ibinyamisogwe n'imboga rwatsi bitanga imboga. Ibinyampeke n'ibinyabijumba bitanga uburisho

Imbuto zitanga ubwikuzo

Ibinyampeke n'imbuto bitanga ibyo kunywa.

Ibihingwa ngandurarugo ibifite akamaro ko gutanga ibiribwa.

Hakenewe ikoranabuhanga ryo guhunika ibihingwa ngandurarugo.

2. Umuhinzi wihagije mu biribwa agasagurira amasoko we bimumarira iki?

Bimufasha kwiteza imbere kuko akuramo amafaranga akayagura ibindi byose akeneye.

3. Uteguye ifunguro ririmo ibybaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibiwurinda indwara, washyiramo iki n'iki?

Nashyiramo ibinyampeke, ibinyamafufu, imboga n'imbuto.

Isomo rya karindwi: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.
- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwiga, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

Duheruka kwiga umwandiko witwa "Kwisyira hamwe".

b) Ni ubuhe buryo bwo kwishyira hamwe buvugwa mu mwandiko?

Havugwamo gukorera mu mashyirahamwe cyangwa mu makoperative.

Igikorwa

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda bakungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko iri mu gitabo cyabo.

Insanganyamatsiko:

Ganira na bagenzi bawe mu itsinda mwungurane ibitekerezo ku ruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu iterambere ry'Ighugu.

Abanyeshuri barungurana ibitekerezo, babwire abandi ibyo bagezeho maze umwarimu abunganire.

Amatsinda agenda asimburanwa , kugeza amatsinda yose akoze uwo mwitoto wo kuvugira mu ruhame no kungurana ibitekerezo.

Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bungurana ibitekerezo, uko bifata imbere y'abandi nuko bavuga bashize amanga, abagaragaje intege nke bakunganirwa. Umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza icyo umwandiko ubasigiye ku bijyanye n'insanganyamatsiko ivuga ku ruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu iterambere ry'Ighugu.

Urugero rw' ibitekerezo byatangwa:

Ibihingwa ngandurarugo bifite uruhare runini mu iterambere ry'Ighugu kuko bifasha abaturage mu kurwanya inzara; bakagira imibereho myiza izira kurwaragurika cyangwa guhura n'indwara ziterwa n'imiriire mibi. Ibi bituma bagira imbaraga n'ubwenge byo gukora imirimo inyuranye ibateza imbere bo ubwabo, ndetse n'Ighugu muri rusange. Ibyo bihingwa rero ntibabirya gusa ngo bicire aho; ahubwo banasagurira amasoko bakabonamo amafaranga yo kwiteza imbere; ariko bagatanga n'imisoro; bimwe bakanabyohereza mu mahanga bikinjiza amadovize.

9.4.3. Imiterere y'amasaku ku magambo

Isomo rya munani: Inshoza n'amako by'amasaku

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kugaragaza inshoza n'amakoko y'amasaku. - Gutandukanya amoko y'amasaku.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibinjiza mu isomo bagiye kwiga rijyanye n'imiterere y'amasaku.

Igikorwa

Hamwe na bagenzi bawe muri kumwe mu itsinda, nimusome izi nteruro, mugaragaze itandukaniro riri hagati y'imivugirwe y'amagambo ari mu ibara:

- a) Ihene yange **itaka** ryayigiye mu jisho. Umva ukuntu **itaka**.
- b) Umuntu yanika bishyimbo ku **musambi**. Uyu **musambi** ntiwona imyaka.
- c) **Umuvure** wagwiriye umwana wange acika igisebe; genda **umuvure**.
- d) Intore **ikamba** iyo yambaye **ikamba** ryayo ari ryo mugara.
- e) **Ineza ineza** uyigiriwe.

Urugero rw'ibisubizo:

Uko bigaragara aya magambo atandukaniye ku buryo ijwi rizamuka, hamwe ijwi rirajya ejuru ahandi rikaguma hasi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'amako by'amasaku bashake n'ingero . Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza, amoko y'amasaku utange n'ingero .

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Inshoza y'imiterere y'amasaku

Ntawavuga imiterere y'amasaku ku magambo y'Ikinyarwanda, atabanje kuvuga ko ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku bihera ku mugemo. Iyo umuntu avuze ijambo yitonze, icya mbere yiyumvisha ni imigemo igize iryo jambo, kuko buri mugemo wumvikana neza bawuvuze inshuro imwe ishyitse. Ingombajwi, inyerera n'ibihekane ntibishobora kurema umugemo batabitwereye inyajwi. Bityo rero usanga inyajwi ari yo shingiro ry'umugemo.

Mu Kinyarwanda, inyajwi iba ifite ubutinde n'imiterere y'amasaku yaremanywe. Iyo utabikurikije mu mvugo, uba ushyomye cyangwa se rimwe na rimwe ukaba uvuze irindi jambo utashakaga kuvuga cyangwa ukaba uvuze ijambo ritabaho.

Mu Kinyarwanda amagambo ashobora guhuza ishusho cyangwa imisusire, ariko ntahuze ibisobanuro biturutse ku kudahuza ubutinde n'imiterere y'amasaku.

Amoko y'amasaku

Igihe umuntu avuze ijambo iri n'iri, ubutinde bw'inyajwi n'amasaku birigize byumvikanira icyarimwe. Bitewe n'imiterere y'imivugirwe itandukanye, habaho ubwoko bubiri bw'amasaku ari bwo: **isaku nyesi n'isaku nyejuru**. Inyajwi ibangutse ishobora kugira isaku nyesi cyangwa se isaku nyejuru. Naho inyajwi itinda,yandikwa n'inyajwi ebyiri zisa, ishobora kugira amasaku nyesti nyesti, nyesti nyejuru cyangwa nyejuru ngesi.

a) Isaku nyesti

Mu Kinyarwanda isaku nyesti riri ku nyanjwi ivugirwa hasi kandi nta kimenyetso kirigaragaza rigira.

Ingero: Ubutaka, umugenzi, umugabo, ifu, amashaza, umuraava,...

b) Isaku nyejuru

Isaku nyejuru riba ku nyajwi ivugirwa hejuru kandi rikagaragazwa n'akamenyetso gateye nk'akagofero (^).

Ingero:imbûto, ibihiîngwa, ibishyîimbo, umurîma...

IMPUGUKIRWA

Amoko y'amasaku ashingirwaho hagaragazwa amatsinda y'amasaku na yo agafatirwaho amagambo y'ifatizo. Ayo matsinda ni aya akurikira:

Amwe mu matsinda y'amasaku

a) Itsinda ry'isaku nyesi

Isaku nyesi ni isaku rijya ku nyajwi y'umugemo uvugirwa hasi kandi ubangutse. Nta kamenyetso kariranga kabaho.

Ingero: umugabo, igitabo, umugezi, ifu, indosho, umusaraba, imbogamizi...

b) Itsinda ry'isaku nyejuru

Isaku nyejuru ni isaku rishyirwa ku mugemo ubangutse kandi uvugirwa hejuru.

Ingero: umugorê, inkâ, umukôzi, Kayitesî, umusôre, imbogâ...

c) itsinda ry'isaku ngesi cyangwa urwunge rw'isaku nyejuru na nyesi

Isaku ngesi ni isaku nyejuru rishyirwa ku nyajwi ya mbere y'ubutinde.

Ingero: inâama, umwâana,ubwêenge, amêezi,umwîishywa, ubwôoro,...

d). Itsinda ry'isaku ngejuru cyangwa urwunge rw'isaku nyesi na nyejuru

Isaku ngejuru ni isaku nyejuru rishyirwa ku nyajwi ya kabiri y'ubutinde.

Ingero: umwaâmi, umukoôbwa, umuhuûngu, igikoôni, umusaâmbi, umwiîshywa, ibihiînge, igiheêmbe...

e) Itsinda ry'isaku Manama cyangwa urwunge rw'isaku nyejuru na nyesi bikurikiwe n'isaku nyejuru

Isaku manama ni urwunge rw'amasaku nyejuru nyesi na nyejuru.

Ingero: inêezâ, isâahâ, ikirêerê, umubâandê, umugiraêezâ, imbêehê...

f) Itsinda ry'urwunge rw'isaku nyesi itinda rikurikiwe n'isaku nyejuru

Iri tsinda rigaragazwa n' inyajwi itinda idafite ikimenyetso ikurikiwe n'isaku nyejuru.

Ingero: reerô, mweebwê, dushiimê, hoobê, ishiimwê,...

g) Itsinda ry'urwunge rw'isaku nyesi itinda rikurikiwe na nyesi ibangutse

Iri tsinda rigaragazwa n'inyajwi itinda idafite ikimeneyetso ikurikiwe n'isaku nyesti ribangutse.

Ingero:inkooko,umuryaango,umutaako,umusaambi,ikireenge,umugaati,kuvuura...

Duhereye kuri ayo matsinda y'amasaku hari amagambo yafatwa nk'ikitegererezo cyangwa ifatizo bityo agafasha buri wese kugira ubumenyi bw'ibanz mu mikoreshereze y'ubutinde n'amasaku. Ayo magambo y'ifatizo ni:

1. Umugabo
2. Umusôre
3. Umugorê
4. Umwâana
5. Umwaâmi
6. Imbêehê
7. Reerô
8. Umugaanda

Mbere yo gushyira ubutinde n'amasaku ku magambo ni byiza ko umuntu yitoza gusoma neza amagambo y'Ikinyarwanda kugira ngo amenye ahari ubutinde n'amasaku karemano.

Umuntu ugiye kwandika ubutinde n'amasaku afata ijumbo ashaka gushyiraho amasaku akarigereranya n'ariya y'ifatizo cyangwa akarigabanyamo ibice hashingiye ku migemo yaba ibiri,itatu,ine cyangwa irenzeho maze buri migemo akagenda ayigereranya n'imwe mu migemo y'amagambo y'ifatizo, icyo gihe igice bihuje **imivugirwe(ururirimbo)** biba binahuje ubutinde n'amasaku. Umuntu ahobora no kuvugiriza akurikije imivugirwe y'iryo jambo

Ingero:

a) Uburyo bwo kugreranya amagambo n'ay'ifatizo

1. Umugezi (umugabo): umugezi
2. Umutoni (umusôre): umutôni
3. Amakuru (umugorê): amakurû
4. Ishuri (umwaâmi): ishuûri
5. Isaha (imbêehê): isâahâ

b) Uburyo bwo kugreranya uhoreye ku mubare w'imigemo

1. imodoka (gorê-gorê): imô-dokâ
2. Umuco (mugorê): umucô
3. hano (sore): hâno
4. ngwino(reerô): ngwiinô

5. Kwikoresha (mwâana gaati): kwîiko-reesha

Umwitozo ku miterere y'amasaku ku magambo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Andika amagambo yatsindagiwe ari mu nteruro zikurikira, ugaragaza ubutinde n'amasaku ariko ugabanya ibimenyetso:

1. Ihene yange **itaka** ryayigiye mu jisho. Umva ukuntu **itaka**.
Igisubizo: **itaka ≠ itakâ**
2. Umuntu yanika bishyimbo ku **musambi**. Uyu **musambi** ntiwona imyaka.
Igisubizo: **musaambi ≠ musaâmbi**
3. **Umuvure** wagwiriye umwana wange acika igisebe; genda **umuvure**.
Igisubizo: **umuvure ≠ umuvuûre**
4. **Inkoko** bayanitseho ibigori, **inkoko** zirabirya.
Igisubizo: **inkooko ≠ inkokô**

Isomo rya kenda: Kwandika amasaku ku mgambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kwandika agaragaza ubutinde n'amasaku ku magambo no kuri muhundwanota.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ry'isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjiza mu isomo bagiye kwiga rijyanye no kwandika amasaku ku magambo no kuri muhundwanota.

Igikorwa:

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabazwa:

1. Iyo bavuze imiterere y'amasaku wumva iki?

Iyo bavuze imiterere y'amasaku numva urusobe rw'amajwi atinda n'atebuka ndetse n'andi ahanikwa akavugirwa hejuru cyangwa yitswa akavugirwa hasi.

2. Amasaku arimo amoko angahe ? Ni ayahe ?

Amasaku arimo amoko abiri. Isaku nyesi n'isaku nyejuru.

3. Wifashishije ubutinde n'amasaku, garagaza amagambo y'ifatizo .

Amagambo y'ifatizo twize ni aya akurikira: Umugabo, umusôre, umugorê, umwâana, umwaâmi, imbêehê, reerô, umugaanda.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura uko bandika amasaku ku magambo bashake n'ingero . Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure uko bandika amasaku ku magambo utange n'ingero .

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Kwandika amasaku ku magambo

Amasaku ashobora kwandikwa ku magambo hakoreshejwe "muhundwanota".



Muhundwanota ni uturongo tubiri tutambitse kandi duteganye, ducibwa hejuru y'ijambo.

Muri utwo turongo tubiri niho bashushanyiriza imivugirwe y'iryo jambo bitewe n'uko imigemo irigize ivugitse.

a) Iyo inyajwi ibangutse ifite isaku nyesi cyangwa se isaku nyejuru. Iyo umaze guca uturongo tubiri dutambitse hejuru y'ijambo inyajwi ibangutse ifite isaku nyesi igaragazwa n'agasharu gato gatambitse hejuru y'iyo nyajwi, gakurikiye akarongo ko hasi; inyajwi ibangutse ifite isaku nyejuru igaragazwa n'agasharu gato gatambitse hejuru y'iyo nyajwi, gakurikiye akarongo ko hejuru.

Ingero: amasaku yo hasi

amasaku yo hejuru



umugezi

umutaka

umudaho

inka

b) Inyajwi itinda ifite isaku nyesi igaragazwa n'agakato karekare hejuru y'iyo nyajwi gakurikiye umurongo wo hasi. Naho inyajwi itinda ifite isaku nyejuru nyesi, iba ifite isaku nyejuru ry'integuza riba riri ku nyajwi iri ku mugemo ubanziriza uwo iyo nyajwi itinda iba irimo. Mu gihe inyajwi itinda ifite isaku nyesi nyejuru nta saku nyejuru ry'integuza igira. Ivugika ku buryo basa n'abazamura ijwi bahereye ku ntangiriro y'iyo nyajwi kugera ku mpera yayo.

Ingero:

-Inyajwi itinda ifite isaku nyesi kuri muhundwanota igaragazwa itya:

Umugaanda

umweeyo

-Inyajwi itinda ifite isaku nyejuru nyesi kuri muhundwanota igaragazwa itya:

Urukûndo

Ikigôori

-Inyajwi itinda ifite isaku nyesi nyejuru kuri muhundwanita igaragazwa itya:

Urutoônde

Icyââtsi

c) Hari ubwo inyajwi itinda igira isaku nyejuru ku ntangiriro yayo (bityo ikagira isaku nyejuru ry'integuza) kandi igakurikirwa n'umugemo urimo inyajwi ifite isaku nyejuru. Icyo gihe rya saku nyejuru riri ku nyajwi yo mu mugemo ukurikira inyajwi itinda, rigira isaku nyejuru ry'integuza ku mpera y'iyo nyajwi itinda. Ibyo bituma imivugirwe y'iyo nyajwi itinda ikomeza guhanika kugera ku mivugirwe ya ya nyajwi iri mu mugemo ukurikiraho.

Urugero:

Umusâavê

Uruhîirâ

Impugukirwa:

a) Mu nyandiko isanzwe itagabanya ibimenyetso, amajwi ariho amasaku yandikwa ashyizweho akagofero (^). Ni ukuvuga ku majwi afite amasaku nyejuru ndetse no ku majwi y'integuza.

Ingero:

- Umugezi, umûdâho
- Umutaka, înkâ
- Umugaanda, umweeyo
- Urûkûundo, ikîgôori
- Urutoônde, icyaâtsi
- Umûsâavê, urûhîirâ

b) Mu myandikire y'amasaku ku magambo kandi hari uburyo bwo kwandika amasaku busanzwe bwo kugabanya ibimenyetso. Icyo gihe amasaku ashirwa ku majwi afite amasaku gusa naho amajwi y'integuza ntashyirweho amasaku.

Ingero:

- Umugezi, umudâho
- Umutaka, inkâ
- Umugaanda, umweeyo
- Urukûundo, ikigôori
- Urutoônde, icyaâtsi
- Umusâavê, uruhîirâ





Umwitoto ku miterere y'amasaku ku magambo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitoto uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Andika amagambo akurikira ugaragaza ubutinde n'amasaku kuri muhundwanota:

1.

- | | |
|---|--|
|  |  |
| a) Amashaza | b) Ibijuumba |
|  |  |
| c) Inkôorî | d) Ibishyîimbo |

2. Imbwijja

9.4.4 Umwandiko: Ibihingwa ngengabukungu

Isomo rya cumi: Gusoma no gusobanura umwandiko

Intego zihariye
<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Gusoma umwandiko yahawe yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.- Gusoma no gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. <p>Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.</p>

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko "**Ibihingwa ngengabukungu**" bagiye gusoma akababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?

Umuntu usarurira imyaka ku gitebo n'abandi bantu bari mu murima hirya.

b) Ku ishusho ya kabiri murabona iyi myaka uyu muntu asarura yaba ari iyihé?

Ni ikawa.

c) Naho se ku ishusho ya mbere bariya bandi bo barakora iki?

Barasoroma amababi y'ibindi bihingwa.

d) Biriya bihingwa byo ni ibihe?

Ni icyayi.

e) None se ari icyayi, ari n'ikawa barahita babiryá?

Oya; bizabanza kunyuzwa mu mashini zibitunganya.

f) Ibihingwa bagomba kunyuza mu nganda ngo bibone kuribwa byitwa ngo iki?

Ibihingwa ngengabukungu.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Uyu mwandiko uravuga ku biki?

Uravuga ku bihingwa ngengabukungu.

2. Ni ibiki ubivugaho?

Biravugwaho ko bidahita biribwa; ahubwo bigurwa amafaranga, bikabanza kuzanyuzwa mu nganda ngobihindurwemo ibyo abantu barya cyangwa bakoresha indi mirimo.

3. Iyo bamaze kubigurisha bimara iki?

Bibanza kunyuzwa mu nganda ngobihindurwemo ibyo abantu barya cyangwa bakoresha indi mirimo.

b) Gusoma baranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

c) Gusobanura amagambo

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igikorwa

Soma umwandiko "Ibihingwa ngengabukungu"" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko usubize n'ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Gusobanura amagambo

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- a) Amadovize:** amafaranga y'amahanga
- b) Kwamamara:** kumenyekana ahantu henshi
- c) Abasogongezi:** abashinzwe kumva uburyohe bw'ikawa mu gihecy'amarushanwa yazo
- d) Umusaka:** impumuro mbi iza mu bintu runaka kubera ubukonjecyangwa kubikwa nabi
- e) Intete:** imbuto z'ibihingwa bimwe na bimwe nk'ikawa.

2. Tanga impuzanyito z'aya magambo:

- a) Ububasha:** uburenganzira, ubushobozzi
- b) Gutoranya:** guhitamo
- c) Guhera:** kuzinyuza mu cyuma cyangwa kuzikubisha ibuye ku rindi murwego rwo kuzikuraho ibishishwa

Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Saba abanyeshuri bose gukora umwitozo bifashishiye amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri wese akore ku gititke. Kosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ugenda unoza ibisubizo bitanoze.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo byawo:

- a) **Imisozi** ≠ ibibaya b) **Kwanika** ≠ kwanura c) **Kubaka** ≠ gusenya
- 4. Huzaamagambo yo muri ruziga A n'ibisobanuro byayo biri mu ruziga B

A	B
----------	----------

1.Amahanga	a) Impumuro mbi y'ikintukimaze igihe gipfundikiye
2. Umusaka	b) Gukizaho ururenda
3.Uruganda	c) Ahandi hantu hatarimu gihugu cyawe.
4.Idovize	d) Ifaranga ry'amahanga.
5. kuronga ikawa	e) Ahantu hashyizweimashini zo gutunganyaumusaruro

Ibisubizo: 1 = c, 2 = a, 3 = e, 4 = d, 5 = b

Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:
Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

1. Uyu mwandiko uravuga ku biki?

Uravuga ku bihingwa ngengabukungu.

2. Ibihingwa bivugwa mu mwandiko Abanyarwanda bakunda guhinga ni ibihe?

Ibihingwa bivugwa mu mwandiko ni ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igehe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko “Ibihingwa ngengabukungu” maze usubize ibibazo byawubajijweho.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. Gereranya ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu.

Ibihingwa ngandurarugo ni ibihingwa bihingirwa guhita bitekwa bigatanga amafunguro naho ibihingwa ngengabukungu bihingirwa kugurishwa bikazakoreshwa ari uko bibanje guca mu ruganda.

2. Ni ibihe bihingwa ngengabukungu bikunze kuboneka mu Rwanda, akamaro kabyo ni akahe?

Ikawa, icyayi n'ibireti. Ku bijyanye n'akamaro, byose bigurwa amafaranga, ubundi byamara gutunganyirizwa mu nganda ikawa n'icyayi bikanyobwa naho ibireti bikavamo umuti wica udukoko.

3. Ikawa zihingwa mu Rwanda zirimo amoko angahe?

Zirimo amoko abiri: robosita na arabika.

4. Ni ikihe gihingwa kera mu Rwanda ubona gishobora gusimbura ikawa mu kwinjiriza u Rwanda amadovize? Sobanura impamvu.

Icyo gihingwa ni icyayi. Impamvu ni uko iyo urebye usanga icyayi cy'u Rwanda abantu bagikunda cyane yaba mu Rwanda ndetse no mu mahanga.

5. Ni iyihe mpamvu nyamukuru yavuzwe mu mwandiko ituma u Rwanda ruza mu bihugu bishobora kweza ikawa nyinshi?

Ni uko u Rwanda ari Ighugugifite imisozi myinshi kandi kikaba kibona imvura.

Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:

1. Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?

Ibihingwa ngengabukungu

2. Muri rusange uvuga ku biki?

Uvuga ku kamaro k'ibihingwa ngengabukungu

3. Iyo abantu bajyanye ibihingwa ngengabukungu mu nganda bigenda bite?

Havamo ibyo bashobora guhita bakoresha

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma no gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

Igikorwa

Soma umwandiko “Ibihingwa ngengabukungu” maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi:

- Amoko y'ikawa ahingwa mu Rwanda
- Ikawa iri mu bihingwa ngengabukungu
- Uburyo ikawa itunganwa
- Akamaro k'ikawa

Ingingo z'ingereka: ibijyanye n'abamisiyoneri

2. Uretse imirimo y'ubuhinzi, ni iyihe mirimo yindi yateza abanyarwanda imbere?

Hari indi mirimo yabateza imbere nk'ubworozi.

3. Ukurikije ibihingwa byavuzwe mu mwandiko n'umutwe w'umwandiko urumva bihuye?

Birahuye kuko umutwe uvuga ibihingwa ngengabukungu kandi no mu mwandiko ni byo bibanzeho.

Isomo rya cumi na gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo.

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.

- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?

Ni "ibihigwa ngengabukungu"

2. Igihingwa kibanzweho ni ikihe?

Ni ikawa

3. Ibihingwa ngengabukungu byaba bimariye iki igihugu?

Ibihingwa ngengabukungu bituma igihugu gitera imbere

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa cyo kungurana ibitekerezo kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo abayobore mu gutanga ibitekerezo.

Igikorwa

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda.

Insanganyamatsiko:

"Mwungurane ibitekerezo kuruhare rw'ibihingwa ngengabukungu mu iterambere ry'igihugu".

Mu gihe bungurana ibitekerezo, gendagenda mu ishuri ugenzura ko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira ubibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

Umukoro

Umwarimu aratanga umukoro wo guhangi umwandiko ku ruhare rw'ibihingwa ngengabukungu mu iterambere ry'Ighugu, umunyeshuri umwumwe akore umukoro wo guhangi umwandiko ku ngingo yahawe.

"Hanga umwandiko ugaragaza akamaro k'ibihingwa ngengabukungu"

9.4.5 Ibaruwa y'ubuyobozi

Isomo rya cumin a kane: Inshoza, imbatan'ibice by'ibaruwa y'ubuyobozi

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gutahura inshoza, imbata n'ibice by'ibaruwa y'ubuyobozi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibinyamakuru bitandukanye.

I. Intangiriro

Umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari "ibaruwa y'ubuyobozi" abasabe kuyisoma bucece nyuma ababaze ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

1. Iyi baruwa irasaba ibiki?

Irasaba guhindurirwa ikigo

2. Ni ibaruwa yandikiwe nde?

Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza.

3. Bene iyi baruwa yitwa ngo iki?

Ibaruwa y'ubuyobozi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, basabe gukora igikorwa gikurikira: "Muhereye ku bumenyi musanzwe mufite, nimukore ubushakashatsi *mugaragaze inshoza, imbata n'ibice by'ibaruwa y'ubuyobozi*".

Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri bari gukora ibyo wabasabye, ufashe abafite ibibazo byihariye. Igihe cyo gukora igikorwa kirangiye, saba amwe mu matsinda gusangiza abandi ibyo yakoze. Fasha abanyeshuri kunoza ibisubizo byatanzwe hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe

1. Inshoza y'ibarurwa y'ubuyobozi

Ibaruwa y'ubuyobozi ni ibaruwa yandikirwa uri mu rwego rw'ubuyobozi cyangwa mu nzego z'imirimo kandi ikagira amabwiriza n'amategekoagomba kubahirizwa.

Amabaruwa agira amoko atandukanye bitewe n'uburyo yanditse, uwayanditse cyangwa se uwo yandikiwe. Mu Kinyarwanda habaho ibaruwa ya gicuti ndetse n'ibaruwa y'ubuyobozi. Ibaruwa ya gicuti, uyandika nta mabwiriza runaka aba agomba kubahiriza, mu gihe ibaruwa y'ubuyobozi yo igira amabwiriza n'amategeko agomba kubahirizwa.

2. Ibaruwa y'ubuyobozi

Ibaruwa y'ubuyobozi

UMUTONIWASE Nadine
Ishuri rya Byimana
Umurenge wa Byimana
Akarere ka Ruhango

Ruhango, ku wa 22 Gashyantare 2015

Bwana Umuyobozi w'Akarere ka
Nyanza.

Binyujijwe:
Bwana Umuyobozi w'Urwunge rw'
Amashuri rwa Nyanza

Impamvu: Gusaba guhindurirwa ikigo

Bwana Muyobozi w'Akarere,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo
mbasabe guhindurirwa ikigo, nkava ku Rwunge rw'Amashuri rwa Byimana nkajya
ku Rwunge rw' Amashuri rwa Nyanza.

Mu by'ukuri, Bwana Muyobozi, muri
ino minsi iwacu bimukiye i Nyanza, nkaba ngumye mu Byimana ntabona aho
niga ntaha. Nigaga mu mwaka wa Kabiri w'amashuri yisumbuye kandi ibizami
by'ighembwe cya mbere nabikoze neza. Ku mugerekwa w'iyi baruwa murahasanga
fotokopi y'urupapuro rw'amanota hamwe n'ikemezo cy'ubuyobozi bw'ishuri
nigagaho.

Mu gihe ntegereje igisubizo cyanyu,
Bwana Muyobozi, mbye mbashimiye uburyo mwakiriye igitekerezo cyange.

UMUTONIWASE Nadine

Bimenyeshejwe:

- Madamu Umuyobozi Ushinzwe Uburezi mu Karere ka Nyanza
- Bwana Umuyobozi Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa Busasamana
- Bwana Umuyobozi w'Urwunge rw'Amashuri rwa Byimana

Imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi

1

2

3

4

5

6

7. (a)

7. (b)

7. (c)

8

9

Ibice by'ibaruwa y'ubuyobozi

Aderesi y'uwandika: Aderesi y'uwandika yandikwa hejuru mu ruhanderw'imoso y'urupapuro. Uwandika agaragaza aderesi y'aho yanditse ari kugira ngo nasubizwa igisubizo kizabone aho cyoherezwa.

Ahantu n'itariki: Ahantu n'itariki byandikwa hejuru mu ruhande rw'iburyo. Uwandika agaragaza aho yandikiye, agashyiraho akitso hanyuma agakurikizaho itariki yandikiyeho. Ahantu n'itariki byandikwa biringaniye na aderesi y'uwandika.

Izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe: Begera hepfo gato ya aderesiy'uwandika, bakambukiranya urupapuro bagana iburyo, bagapimanya munsi y'aho ahantu n'itariki byatangiriye, akaba ariho bandika izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe.

Binyujijwe: Begera hepho gato y'izina ry'inshingano by'uwandikiwe.

Impamvu: Begera hepfo gato y'aho banditse izina ry'icyubahiro n'inshinganoby'uwandikiwe, bakagaruka ibumoso, bagapimanya munsi y'aho aderesi y'uwandika yatangiriye, akaba ariho handikwa ijambo impamvu. Ijambo impamvu rigomba buri gihe kuba rikurikiwe n'utudomo tubiri kandi riciweho akarongo. Mu kwandika impamvu nyiri izina, uwandika agomba kwirinda gukoresha interuro ndende ishobora kwambukiranya ikagera munsi y'izina ry'uwandikiwe n'inshingano ze. Ni byiza ko akoresha interuro ngufi ndetse byaruta yanditse mu mirongo ibiri ariko itambukiranyije urupapuro.

Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe: Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwerwandikwa hepfo gato y'impamvu ariko bambukiranyije urupapuro, bagapimanya aho ahantu n'itariki, izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe byatangiriye, akaba ariho bandika urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe kandi buri gihe hashyirwaho akitso.

Ibaruwa nyirizina: Igizwe n'ibice bitatu ari byo:

Intangiriro y'ibaruwa: Aho Ibaruwa itangirira n'ubundi ni ugupimanyamunsi y'ahatangiriye ahantu n'itariki, izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe ndetse n'urwego rw'ubuyobozi, akaba ariho

ibaruwa itangirira. Mu ntangiriro uwandika akomoza gato ku mpamvu imuteye kwandika.

Igihimba k'ibaruwa: Igihimba na cyo gitangirira aho ibindi bice bibabyatangiriye munsi gato y'intangiriro. Mu gihimba uwandika yandika mu buryo burambuye ibitekerezo bye, akirinda kurondogora no gukoresha amagamboagaragazaamarangamutima, ahubwoakandikaagushakuntego.

Umusozo w'ibaruwa: Umusozo w'ibaruwa y'ubuyobozi na woutangirira munsi gato y'aho ibindi bice biba byatangiriye, kandi ukandikwa hakoreshejwe amagambo make.

Amazina n'umukono by'uwandika: Munsi y'umusozo uwandika, yongerakugaragaza amazina ye ndetse agashyira umukono ku ibaruwa yanditse.

Bimenyeshejwe: Begera hasi gato y'amazina y'uwanditse ariko aharinganiye n'aho impamvu yatangiriye.

Ikitonderwa: Binyujijwe na bimenyeshejwe bikoreshwa rimwe na rimwe igihebibaye ngombwa.

Inama zigirwa uwandika ibaruwa y'ubuyobozi

Ibaruwa y'ubuyobozi ni ibaruwa yandikanwa ubwitonzi kuko uburyo yanditse bihesha agaciro nyiri ukuyandika bityo n'ibyifuzo bye bikaba byakoroha kubahirizwa cyangwa bikagorana kubifataho ikemezo kubera uko iyo baruwa iteye.

Dore ibigomba kwitonderwa:

Uwandika agomba kubahiriza imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi. Ibice byose ni ngombwa ko bibonekamo. Iyo uwandika agiye kwandika ibaruwa y'ubuyobozi agomba kumenya uwo yandikira, bitewe n'impamvu agiye kwandika.

Uwandika agomba kugira ikinyabupfura, akubaha uwo yandikira. Uwandika agomba koroshyamagambo, agasobanura ibyo yandika mu kinyabupfura.

Uwandika agomba kwirinda kurondogora, akandika ibiri ngombwa gusa, arasa ku ntego.

wandika agomba kwirinda gusiribanga, akandika ibaruwa ifite isuku.

Mu ntangiriro y'ibaruwa, shyiramo ikiguteye kwandika. Tangira ugira uti : « Nejewe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo ... ». Mu gihimba k'ibaruwa, sobanura neza impamvu wanditse, n'igituma wumva ibyemezo byafatwa byahuza n'ibyifuzo byawe. Niba hari impapuro zarushaho kumvikanisha igitekerezo cyawe uzivuge, kandi buri rupapuro wavuze mu ibaruwa uze kurushyira ku mugerekwa w'ibaruwa. Mu musozo w'ibaruwa, shimira uwo wandikiye.

Iyo ibaruwa ishyizwe mu ibahaha, inyuma ushyiraho izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwo wandikinye. Ntabwo ushyiraho izina rye bwite.

Isomo rya cumi na gatanu: Kwandika ibaruwa y'ubuyobozi

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kwandika ibaruwa y'ubuyobozi yubahiriza imiterere n'amabwiriza
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'imfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kuvuga ibyo uwandika ibaruwa y'ubuyobozi agomba kwitaho.

II. Uko isomo ryigishwa

Ibutsa abanyeshuri ibice bigize ibaruwa y'ubuyobozi.

Igikorwa

Saba buri munyeshuri kwandika ibaruwa y'ubuyobozi:

Andikira umuyobozi w'ishuri ryawe ibaruwa umusaba uruhushya rwo kujya iwanyu kubera impamvu runaka.

Abanyeshuri barandika amabaruwa atandukanye, umwarimu agende akosora umwumwe akurikije amabwiriza agenga imyandikire y'ibaruwa y'ubuyobozi.

9. 5. Isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda

Ibigenderwahomuisuzuma:

- *Ubushobozibwogusesenguraumwandiko;*
- *Ubushobozibwoguhangaumwandikoyubahirizaimbatakandiakoreshaimvugoinoze;*
- *Ubushobozibwokwandikaibaruway'ubuyoboziyubahirizauturangotwayo;*
- *Ubushobozibwogusomanokwandikaubutinden'amasakukumagambo.*

Umwandiko: Twongere umusaruro

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Umwanditsi afite izihe mpungenge agaragariza mu gika cya mbere?

Afite impungenge ko mu Gihugu cyacu ndetse no bindibihugu muri rusange, usanga ababituye biyongera nyamara ubutaka bwo guturaho ndetse n'ubwo gukoreraho imirimo itandukanye ntibwiyongere kandi bugenda busaza ku buryo umusaruro ugabanuka umunsi ku wundi.

2. Ese ni iki umuntu yakoresha kugira ngo ubutaka bwisubire maze umusaruro w'ibihingwa wiyyongere?

Iyo umuntu ashaka ko ubutaka bwisubira, ashaka ifumbire agashyiramo,yaba iy'imborera se cyangwa iy'imvaruganda.

3. Ni ubuhe buryo bwo kubona inyongeramusaruro buvugwa mu mwandiko? Hari ubundi buryo uzi wavuga?

Uburyo bwo kubona inyongeramusaruro ni ukorora itungo umwanda rita ukivanga n'icyarire hanyuma urwo ruvange rugashyirwa mu ngarani. Iyo rumaze kubora rutanga ifumbire y'imborera.

Ushobora kandi kugura ifumbire y'imvaruganda ukaba ari yo ukoresha. Ubundi buryo butavuzwe bushobora kubonekamo ifumbire ni ukurunda ibyatsi bikazabora na byo bikavamo ifumbire.

4. Uretse gukoresha ifumbire, ni iki abahinzi bagomba gukora kugira ngo umusaruro uboneke?

Bagomba gukoresha imbuto z'indobanure kandi ziyanye n'agace zihingwamo, bakanitabira kurwanya isuri kugira ngo idatwara imyaka n'ubutaka ikabyijyanira ahandi.

5. Kuba abantu biyongera, ubutaka ntibwiyongere wumva bizagira iyihé ngaruka ku butaka buhingwa?

Bizatuma buba buke cyane ugereranyije n'ababukeneye, kandi bugende bwangirika cyane kubera gukoreshwa kenshi butaruhuka.

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira yakoresha mu mwandiko:

- a) Ifumbire:** Umwanda uturuka ku matungo ukoresha mu buhinzikugira ngo umusaruro wiyyongere
- b) Icyarire:** ni ibyatsi basasira amatungo
- c) Kurumbuka:** kwiyongera
- d) Imvaruganda:** ni ifumbire itari imborera ikorerwa mu nganda
- e) Impuguke:** inzobere

2. Tanga impuzanyito y'aya magambo:

- a) Kongera (umusaruro):** gutubura umusaruro
- b) Inyongeramusaruro:** ifumbire

3.Tanga imbusane z'aya magambo akurikira:

- a) Gusanga ≠ guhunga**
- b) Kugura ≠ kugurisha**

III. Ikibonezamvugo

Andika aya magambo ugaragaza ubutinde n'amasaku kuri
muhundwanota unayandike mu nyandiko igabanya ibimenyetso.

umuyobozi

umuyobozi

ingarani

ingaraani

Ifumbire

Ifuûmbire

guhinga

guhîinga

Imvaruganda

Imvâarugaânda

IV. Ihangamwandiko

Andikira ibaruwa y'ubuyobozi Umuyobozi w'ishuri ryawe umusaba kwiga utaha kubera ikibazo cy'amafaranga utabona

Ihangamwandiko

Andikira ibaruwa y'ubuyobozi Umuyobozi w'ishuri ryawe umusaba kwiga utaha kubera ikibazo cy'amafaranga utabona.

Ibaruwa irakosorwa hubahirizwa amabwiriza yo kwandika ibaruwa
y'ubuyobozi

9.6. Ibikorwa by'inyongera

9.7. Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umwarimu